REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

**IKINYARWANDA, UBUMENYI N'UBUVANGANZO**

# UMURAGE

RWANDA CULTURAL HERITAGE JOURNAL

IGAZETI Y'UBUSHAKASHATSI KU KINYARWANDA, UMUCO N'UMURAGE BY'U RWANDA

NOMERO YA MBERE

MUTARAMA-KAMENA 2021

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

# IKINYARWANDA, UBUMENYI N'UBUVANGANZO

# UMURAGE

## RWANDA CULTURAL HERITAGE JOURNAL

IGAZETI Y'UBUSHAKASHATSI KU KINYARWANDA, UMUCO N'UMURAGE BY'U RWANDA

NOMERO YA MBERE

MUTARAMA-KAMENA 2021

# UMURAGE

**IGAZETI Y'UBUSHAKASHATSI KU KINYARWANDA, UMUCO N'UMURAGE BY'U RWANDA**

**ISOHOKA KABIRI MU MWAKA, MUTARAMA - KAMENA 2021, Nº 1**

**© Inteko y'Umuco, 2021**

**ISSN:2789-1313**

**UBUYOBOZI BW'IGAZETI:** INTEKO Y'UMUCO

**UBWANDITSI BW'IYI NOMERO:**

UWIRINGIYIMANA Jean-Claude
*Intebe y'Inteko Yungirije ushinzwe Ururimi, Kubungabunga no Guteza imbere Umuco/ Inteko y'Umuco*

NSANZABAGANWA Modeste
*Umukozi ushinzwe Kubungabunga Ikinyarwanda n'Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda/ Inteko y'Umuco*

UWERA Marcelline
*Umukozi w'Agateganyo ushinzwe Ubushakashatsi ku Buvanganzo n'Iyigandimi Nyamuryango/ Inteko y'Umuco*

KABAGEMA Égide
*Umukozi w'Agateganyo ushinzwe Imiterere y'Ururimi n'Ikoranyamagambo/ Inteko y'Umuco*

MUNYAZIKWIYE Théogène
*Umukozi w'Agateganyo Ushinzwe Iterambere ry'Isomero/Inteko y'Umuco*

MUSABEYEZU Théogène
*Umukozi w'Agateganyo ushinzwe Iterambere ry'Ubuhanzi Nserukarubuga/ Inteko y'Umuco*

**ICYITONDERWA:**

Nubwo inyandiko zitangazwa muri iyi gazeti y'ubushakashatsi zibanza gusuzumwa n'Inteko y'Umuco, ibizikubiyemo ni ibitekerezo bwite by'abanditsi bazo.

## IBIRIMO

**AMB. MASOZERA Robert**
*Ijambo ry'ibanze*.....4

**Ubwanditsi**
*Iriburiro*.....5

**PROF NIYOMUGABO Cyprien**
*Imiterere y'indimi mu Rwanda*.....7

**PROF NTAKIRUTIMANA Évariste**
*Igenandimi no gukungahaza Ikinyarwanda*.....24

**NIKUZE Emmanuel**
*Ikoranyamagambo mu gukungahaza Ikinyarwanda*.....36

**KABAGEMA** Égide
*Ihinduramuga mu Kinyarwanda. Urugero rw'Amuga y'Ubuhinzi n'Ubworozi*.....52

**PROF MBONIMANA Gamaliel**
*Ubukungahare bw'Ikinyarwanda*.....76

**PROF NKEJABAHIZI Jean-Chrysostome**
*Uruhare rw'ubusizi mu gukungahaza Ikinyarwanda*.....81

**KAMALI Alphonse**
*Uruhare rwa muzika mu gukungahaza Ikinyarwanda*.....112

**NGARAMBE Sylvestre**
*Uruhare rw'ibyivugo muri iki gihe mu gukungahaza Ikinyarwanda*.....140

**SEKAMANA Abdul-Khaliq**
*Uruhare rw'ubwanditsi mu rubyiruko no gukungahaza Ikinyarwanda*.....161

## IJAMBO RY'IBANZE

Inteko y'Umuco inejejwe no kugeza ku Banyarwanda igazeti yayo y'ubushakashatsi, *Umurage,* ku rurimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'umurage by'u Rwanda. Iyi gazeti ikaba ari irembo rigari rimenyekanisha iby'ubushakashatsi bwagezeho muri izi nzego. Ibi bijyanye n'inshingano z'Inteko y'Umuco zo kurinda no guteza imbere ururimi kavukire rw'Ikinyarwanda, umuco n'umurage by'u Rwanda. Kugira ngo izo nshingano zigerweho, Inteko y'Umuco yiyemeje kujya itangariza Abanyarwanda ibyakozweho ubushakashatsi, ikabikora ishyira hamwe inyandiko za gihanga, ibyabuvuyemo bigatangazwa muri iyi gazeti. Ibyo bifasha kumenyesha abantu ko hari ibikorwa by'ubushakashatsi ku Kinyarwanda, umuco n'umurage. Bifasha kandi abafite inyota y'ubumenyi kubonera izo nyandiko hamwe, bikanafasha kandi kubika igihe kirekire ibyavuye mu bushakashatsi ku Kinyarwanda.

Ku ikubitiro, iyi gazeti isohotsemo ubushakashatsi ku Kinyarwanda mu Kinyarwanda, bwakozwe mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire 2021, ikaba ari n'inshingano Inteko y'Umuco ifite mu rwego rwo gusigasira ururimi no kurukungahaza. Intego ikomeye ikaba ari ukugaragaza imiterere nyakuri y'ururimi, ubukungu ruhatse ndetse n'ubushobozi bwarwo mu kuranga no kuvuga isi dutuyemo n'ibiyirimo. Bushimangira kandi ubushobozi rufite bwo kujyana n'ibihe n'amajyambere muri rusange. Muri iki gihe u Rwanda rwiyemeje guteza imbere ibikorwa ndangamuco n'ibikorerwa mu Gihugu, ururimi rw'Ikinyarwanda ni inzira ikomeye y'ubukangurambaga, rukaba kandi n'umuranga mwiza w'ibyo rugeraho. Ubushakashatsi ni umusingi ukomeye wo kumenya no gukoresha neza ururimi kavukire mu Rwanda no kurukoresha neza uko bikwiye.

Inteko y'Umuco irarikiye abasomyi gusoma inomero y'iyi gazeti kuko bazavomamo ubumenyi bw'ngirakamaro. Iboneyeho kandi umwanya wo gusaba impuguke n'abahanga muri izi nzego z'ururimi, umuco n'umurage by'u Rwanda kuzikoraho ubushakashatsi no gufatanya n'Inteko y'Umuco kubugeza ku Banyarwanda n'abaturarwanda bose. Nguko uko ururimi rwacu ruzakomeza kuduhuza, umuco dusangiye ukarushaho kuturanga.

**Amb. MASOZERA Robert**
**Intebe y'Inteko**

## IRIBURIRO

Muri iyi nomero ya mbere y'igazeti, Inteko y'Umuco ibagezaho ibikubiye mu nyandiko z'ubushakashatsi bwakozwe ku rurimi rw'Ikinyarwanda. Ubu bushakashatsi buri mu mujyo wo kurukangahaza kugira ngo rubashe kugera ku nshingano zarwo z'*ururimi rw'Igihugu* rwihariye n'iz*'ururimi rw'ubutegetsi* rusangiye n'Igiswayire, Igifaransa n'Icyongereza. Izi nyandiko zamuritswe mu nama y'abashakashatsi ku gukungahaza Ikinyarwanda Inteko y'Umuco yateguye ku wa 19 Gashyantare 2021**.**

Ni kenshi abantu bibajije niba ubushakashatsi bushobora gukorwa mu Kinyarwanda mu ngeri zinyuranye, bukagera ku musaruro ushimishije. Nubwo hari abashakashatsi babigaragaje na mbere, ubu Inteko y'Umuco yiyemeje kubigaragaza itumira impuguke mu Kinyarwanda zigakora kandi zikamurika ubushakashatsi ku Kinyarwanda mu Kinyarwanda. Iyi ikaba ari intambwe ikomeye mu rugamba rwo gusigasira no gutea imbere ubushakashatsi ku Kinyarwanda by'umwihariko.

Ubushakashatsi bwamuritswe muri iyo nama buri mu mujyo wo gukungahaza Ikinyarwanda, bukaba mu byiciro by'ururimi bikurikira: igenandimi n'itunganyandimi, ikoranyamagambo, amuga n'ihinduramuga, muzika, ubusizi, ibyivugo, ubwanditsi mu rubyiruko, ikibonezamvugo, uburezi mu kubungabunga Ikinyarwanda n'ikoranabuhanga. Inyandiko zikubiyemo ubu bushakashatsi zose hamwe zigera kuri cumi n'umunani (18), zikaba zitangajwe mu nomero ebyiri z'iyi gazeti *Umurage* kugira ngo zigezwe ku Banyarwanda. Muri iyi nomero ya mbere hakubiyemo inyandiko z'ubushakashatsi icyenda (9).

Muri rusange, inyandiko z'ubushakashatsi ziri muri iyi nomero zigaragaza imibanire y'indimi mu Rwanda n'uko zitaweho, n'umwanya w'ururimi rw'Igihugu. Ikubiyemo kandi amakuru y'uko Ikinyarwanda gikeneye ibikorwa byinshi mu rwego rwo kurushakira amuga atuma kijyana n'umuvuduko w'iterambere mu ngeri zose, nk'uko Leta yabyitayeho mu nzego zishinzwe kurengera ururimi. Ubushakashatsi bukubiye muri iyi nomero busesengura neza uko Ikinyarwanda gikungahaye ku magambo gakondo dusanga mu ngeri z'ubuvanganzo nk'imbyino, ibyivugo, ubusizi na muzika. Zikubiyemo amagambo menshi aranga amateka y'uko ururimi rwacu rwagiye rukura kandi rwiyungura. Igishimishije mu byagaragajwe n'ubu bushakashatsi ni uko izi ngeri z'ubuvanganzo zigenda zuzuzanya, zinatirana amuga n'amagambo cyangwa uburyo bwo kuboneza ururimi no kururyoshya. Nguko uko rurushaho kuramba mu bihe, abazavuka bakarusanga na bo bakazarusigira ababakomokaho.

Ese aho benshi bari bazi ko mu Kinyarwanda muzika n'ururimi bisabana bigatuma ubutumwa bwumvikana neza? Muzika ikungahaza Ikinyarwanda. Amagambo ya muzika aba ayunguruye ku rwego rw'iyiganyito n'iyiganteruro, ikazana n'amagambo mashya gikeneye avuye mu muziki mvamamahanga.

Inganzo y'ibyivugo na yo ni imwe mu zikungahaza ururimi ku muga n'ibonezarurimi. Muri iyi nomero umusomyi arasangamo uko ari imwe mu ngeri zifatwa nk'ikigega cy'ururimi rw'Ikinyarwanda

n'indangagaciro z'umuco nyarwanda nko gukunda igihugu, ubutwari, ubuvandimwe, ubufatanye n'izindi nyinshi.

Muri make, inyandiko z'ubushakashatsi ziri muri iyi nomero ya mbere zerekana ko Ikinyarwanda gishobora gukungahazwa mu rwego rw'ubuhanzi n'ubuvanganzo, mu iyigandimi n'ikoranyamagambo; zigaragaza ko hari ubukungu ntagereranywa bukubiye mu rurimi kavukire rw'Ikinyarwanda bushobora kuba umusingi wo kurukungahaza no kuruteza imbere.

Inteko y'Umuco irashimira abashakashatsi berekanye ko ururimi rw'Igihugu rushobora gutezwa imbere binyuze mu bushakashatsi. Inyandiko zabo ni intango nziza yo gusesengura no gucengera ingeri zarwo. Inteko y'Umuco itumiye abakoresha Ikinyarwanda bose gusoma iyi gazeti, izafasha benshi bafite inyota yo kwita ku rurimi rw'Igihugu. Inyota bafite izashira uko barushaho gusoma n'ibikubiye mu zindi nomero zizaza. Ubwenge burarahurwa.

**Ubwanditsi**

# IMITERERE Y'INDIMI MU RWANDA

**Prof. NIYOMUGABO Cyprien**
*Umushakashatsi ku Iyigandimi*

**Incamake**
Iyi nyandiko nise "Imiterere y'Indimi mu Rwanda" iri mu cyerekezo k'iyigandimi nyamuryango. Birumvikana ko ishingiro rya byose ari ururimi n'umuryango. Ururimi rero ni igikoresho nyamuryango cy'ubwumvane gishingiye ku gukoresha ubushobozi kamere abantu bifitemo bwo kumvikana bakoresheje amajwi yatuye, abantu bagize umuryango nyarurimi umwe baba baremeranyijeho. Ku rwego rw'abantu hagati yabo, ururimi rubafasha gushyikirana, guhana amakuru, kuranga ibibakikije, kugaragaza imbamutima n'ibindi. Ku rwego rw'umuryango nyarurimi cyangwa rw'igihugu, ururimi rugira uruhare runini mu mibereho y'abantu n'inzego nyamuryango, mu kubumbatira, gukuza no gusakaza umuco, ndetse no mu guhanga no guhererekanya ubumenyi n'ibindi bitekerezo bifasha umuryango kwiyubaka no kwiteza imbere.

Umuryango w'u Rwanda ufite amahirwe ataboneka henshi yo kugira ururimi rumwe ruhuza abenegihugu bose, ari rwo Ikinyarwanda. Uru rurimi rufite indimi shami nk'ikigoyi, ikirera, ... n'izindi ndimi mpuzamipaka z'Abanyarwanda nk'amashi, igihavu, igikiga, ururashi, urunyambo bibana mu muryango nyarurimi w'Abanyarwanda. Byongeye kandi mu muryango nyarurimi w'u Rwanda harimo n'indimi mvamahanga zimwe twahawe n'amateka y'ubukoroni (Igiswayire, Igifaransa) n'urundi ruturuka ku mahitamo y'Abanyarwanda (Icyongereza). Izi ndimi uko ari eshatu zikaba zisangiye n'Ikinyarwanda icyubahiro cyo kuba indimi z'ubutegetsi mu Rwanda. Ntitwakwirengagiza n'izindi ndimi zigaragara mu Rwanda nk'Igishinwa, Icyarabu n'izindi.

Mu muryango nyandimi nyinshi, hagomba kubaho igenandimi n'ibonezandimi, ni ukuvuga ko buri rurimi rugenerwa umwanya warwo ndetse n'imirimo rugomba gukora. Ni muri urwo rwego Ikinyarwanda cyagizwe ururimi rw'Igihugu maze Ikinyarwanda, Icyongereza, Igifaransa n'Igiswayire zigirwa indimi z'Ubutegetsi za Repubulika y'u Rwanda (Ingingo ya 8 y'Itegeko Nshinga ryo mu wa 2015). Kugira ngo hatabaho ihangana ry'indimi cyangwa iryanandimi hagomba kubaho poritiki y'indimi igaragaza umwanya wa buri rurimi ni ukuvuga inyobozi yerekana imikoreshereze y'indimi mu muryango w'u Rwanda. Ikinyarwanda by'umwihariko nk'ururimi rufite inshingano yo kuba ururimi rw'Igihugu n'urw'ubutegetsi rwashyiriweho urwego rugishinzwe ari rwo Inteko y'Umuco (Iteka rya Perezida n° 082/01 ryo ku wa 28/08/2020 rishyiraho Inteko y'Umuco). Iyi Nteko y'Umuco ifatanyije n'inzego zibishinzwe cyane cyane iz'uburezi zifite inshingano zo kugenera Ikinyarwanda ibikoresho ari byo ikibonezamvugo, inkoranya, inkoranyamuga, kurushyira mu ikoranabuhanga, kuruteza imbere mu burezi n'uburere, kurugira igikoresho cy'ubumenyi, ikusanyabukungu n'ibindi; kurinda indimi shami zacyo no kubaka ubusabane hagati y'indimi zose z'u Rwanda buzira ivangandimi, iryanandimi n'itakazamuco.

Ibi kugira ngo bigerweho iyi nyandiko igaragaza icyakorwa kugira ngo Ikinyarwanda nk'Umuco n'Ururimi kigumane ireme ryacyo kandi n'ubusabane n'ubwuzuzanye bw'indimi zose z'u Rwanda busugire mu nyungu z'iterambere ry'Abanyarwanda mu cyerekezo cyabo cya 2050 n'ibizakurikiraho.

**Amagambo fatizo**: *indimi shami, ururimi kavukire, ururimi rw'igihugu, ururimi rw'ubutegetsi, ivangandimi, ibonezandimi.*

**Abstract**

This article entitled "The Sociolinguistic Situation of Rwanda" is in the area of glottopolitics. It is obvious that the basis of it is language and community. A language is a human and social tool of communication based on the natural capability to communicate using articulated sounds that community members agreed on. Among people, a language is tool of socialization, exchanging information, indicating the environment, expressing personal feelings etc. At the language community or country levels, a language plays a vital role in maintaining, promoting and disseminating the culture, innovating as well as exchanging knowledge and other ideas which contribute to the development of the community.

The Rwandan community has the exceptional chance to have a unique national language that is used by all citizens which is Ikinyarwanda. This national language has dialects like Ikigoyi, Ikirera, and other cross boarder languages like Amashi, Igihavu, Igikiga, Ururashi, Urunyambo that Rwandans share with neighboring countries. Moreover, in the Rwandan language community there are foreign languages; some of them are from the colonial history (Kiswahili and French) and English got from the choices of Banyarwanda. All those three languages are honored to share with Ikinyarwanda the status of being official languages of Rwanda. Let us mention also the other languages present in Rwanda like Chinese, Arabic and others.

In a multilingual community, there must be a language policy and a language management where each language is given its place and functions to play. It is in this context that Ikinyarwanda has been chosen as a national language and Ikinyarwanda, English, French and Kiswahili were given the status of official languages of the Republic of Rwanda (Article 8 of the Constitution of 2015). To avoid the language war or the glottophagy there must be a language policy which shows the place and functions of each concerned language; it means directives showing the use of languages in the Rwandan Community. It is in this context that a specific Academy (Presidential order° 082/01 of 28/08/2020) was established to promote Ikinyarwanda which has privileges of being a national language and an official language. In collaboration with this academy, institutions in charge of education have duties to equip Ikinyarwanda with materials like grammars, dictionaries, lexicons, to put Ikinyarwanda in softwares, to promote it in formal and informal education as well as to make it a vehicle of Rwandan cultural values "Indangagaciro", to make it a tool of promoting science, a tool of globalization and others; to preserve its dialects and to promote harmony among all languages of Rwanda; avoiding code mixing, glottophagy and acculturation.

In order to achieve this objective, this article will show what is needed to be done so that Ikinyarwanda as a language and culture remain with its quality and coexist peacefully and complementarily with all other languages of Rwanda for the benefit of rapid development of Banyarwanda in their vision 2050 and in other visions to come.

**Key words**: *dialects, mother tongue, national language, official language, code mixing, language management*

**Intangiriro**

U Rwanda ni Igihugu gifite amahirwe adasanzwe yo kugira ururimi rumwe kavukire ari rwo Ikinyarwanda. Ku mpamvu z'amateka, poritiki, amadini, ubucuruzi no guhahirana, ikoranabuhanga n'izindi, umuryango w'Abanyarwanda ugaragaramo indimi nyinshi. Mu Rwanda indimi zemewe mu butegetsi ni Ikinyarwanda, Icyongereza, Igifaransa n'Igiswayire. Ikinyarwanda ni ururimi kavukire rw'Abanyarwanda bityo rukaba umuyoboro w'ibanze w'indangagaciro z'umuco w'Abanyarwanda. Ikinyarwanda kivugwa mu Rwanda no mu Karere k'Ibiyaga Bigari (Munyankesha, 2004). Mu Rwanda, Igifaransa cyaje mu gihe cy'ubukoroni bw'Ababirigi; gikomeza gukoreshwa mu butegetsi no mu burezi. Igiswayire cyo cyaje mu gihe cy'ubukoroni bw'Abadage ari ururimi rw'ubutegetsi, ubu kikaba gikoreshwa mu burezi, mu ivugabutumwa, mu bucuruzi no mu itangazamakuru (Niyomugabo, 1992). Icyongereza, Igifaransa n'Igiswayire ni indimi zihuza Abanyarwanda n'amahanga, zikaba irembo ribinjiza mu ruhando mpuzamahanga rw'ubuhahirane, ubucuruzi n'ubutwererane.

Ikoreshwa ry'indimi enye zemewe mu butegetsi mu Rwanda rishobora kubonekamo ibibazo mu gihe bidahawe umurongo nyobozi. Muri iki gihe byaragaragaye ko hari bamwe bagenda bakoresha izi ndimi mu buryo butanoze, bakazivanga igihe bavuga cyangwa bandika. Hari n'abakoresha ururimi rw'Ikinyarwanda nabi mu buryo bushyoma bikangiza imiterere n'umwimerere byarwo, ku buryo bikomeje bityo byazagira ingaruka zikomeye ku rurimi kavukire rw'Abanyarwanda. Birumvikana ko mu kwisanzura ku Kinyarwanda, abagikoresha bagira inzego zitandukanye zo kukimenya ari zo zitwa inzego z'ihanikarurimi mu mikoreshereze y'Ikinyarwanda. Ni yo mpamvu muri iyi nyandiko havugwamo imiterere nyarusobe na nyamumaro y'Ikinyarwanda aherekanwa ko Ikinyarwanda ari ururimi kuko kigizwe n'amajwi yatuye bamwe bakanemeza ko ari ururimi rufite urusobe rudasanzwe ndetse bamwe bagereranya n'ururirimbo rushingiye ku masaku atuma abaruvuga basa n'abaririmba nubwo abarufite nk'ururimi kavukire bo badashobora kubimenya. Harerekanwa ko iyo urebye imiterere nyarusobe yihariye y'Ikinyarwanda, usanga ari ururimi rufite ubuzima bwiza. Ibyo bigaragazwa n'uko Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire ari umuyoboro w'indangagaciro z'Abanyarwanda kandi rwahawe imimaro nko kuba ururimi rwigishwa kandi rwigishwamo ndetse no gukoreshwa mu nzego z'imirimo ya Leta n'abikorera.

Muri iyi nyandiko turamenyeramo ko Ikinyarwanda ari ururimi nyafurika na ndengamipaka kuko rwabaye ururimi mpuzamahanga. Turamenyeramo kandi ibyerekeranye n'imiterere y'indimi mu Rwanda mu kerekezo cy'amateka aho Ikinyarwanda kigaragazwa hamwe n'indimi z'uturere gakondo mbere y'ubukoroni ni ukuvuga mbere y'uko gisangira umuryango nyarurimi n'indimi mvamahanga ari zo Igiswayire, Ikilatini, Icyarabu, Igifaransa n'Icyongereza. Harerekanwa uburyo uru ruhurirane rw'indimi nyinshi mu muryango w'Abanyarwanda harimo inyungu nyinshi ku muturage no ku Gihugu nko ku bijyanye n'imenyandimi n'isakazamuco havamo inyungu zituruka ku mubano w'indimi n'ikungahazandimi. Na none birumvikana ko inyandiko inagaragaza n'ibibazo by'imyumvire y'abatazi agaciro k'ururimi kavukire, ibibazo byo kuvanga indimi mu Kinyarwanda, ibibazo by'izimira

ry'ururimi rituruka ku gusangira umuryango nyarurimi n'iyinjiranandimi mu myigishirize y'indimi. Turanzura inyandiko yacu twerekana ko igisigaye ari itunganyandimi, ibonezandimi, igenandimi bizashyirwa muri Poritiki y'indimi izerekana umwanya w'imikoreshereze ya buri rurimi.

1. **Imiterere nyarusobe na nyamumaro y'Ikinyarwanda**

Muri iki gice tuributsa ko Ikinyarwanda ari ururimi kuko kigizwe n'amajwi yatuye ndetse bamwe bakanemeza ko ari ururimi rufite urusobe rudasanzwe ndetse bamwe bagereranya n'ururimbo rushingiye ku masaku atuma abaruvuga basa n'abaririmba. Harerekanwa kandi ko Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire ruriho kandi ari indangamuntu ndende n'indangabanyagihugu ari bo Banyarwanda. Byongeye kandi Ikinyarwanda ni ururimi rwigishwa kandi rukigishwamo, bityo rugakenera abaruminujemo ndetse n'ibikoresho byo kurwigisha. Ibi byose bikorwa kuko Ikinyarwanda ari ururimi rw'Igihugu ndetse rw'ubutegetsi. Reka tunavuge ko Ikinyarwanda ari ururimi ndengamipaka.

Turagaragaza ko abatabikurikiranira hafi bibwira ko ururimi rw'Ikinyarwanda ruri aho nta kibazo rufite, dore ko rurengerwa n'amategeko rugafatwa nk'ururimi rw'Igihugu ndetse n'ururimi rw'ubutegetsi mu Rwanda. Siniriwe mvuga ba byaracitse bamwe bagira bati: « Ikinyarwanda kiragana he? », abandi ngo: « Mbese uwakireka tukivugira inzungu.», abandi ngo: « Kivugwa ukuntu. » Reka mbabwire nisekera nti: « Ikinyarwanda cyabayeho, kiriho kandi kizabaho neza niba twebwe Abanyarwanda twifuza kubaho neza mu kerekezo cya 2050 n'ibizagikurikira ». (Niyomugabo, 2016).

1.1. **Ururimi nk'umutungo w'isi ufite ubuzima buzima**

Dutangiye twibutsa ihame rivuga ko ururimi rwose ruba ari umutungo w'isi kandi rugira ubuzima buzima ni ukuvuga bwiza iyo rwitaweho neza ariko nanone iyo rutitaweho neza rukagira ubuzima buzima ni ukuvuga bupfa bukaba bwanazimira. Ni ukuvuga ko abatuye isi bose baba bafite uburenganzira bwo kwisanzura kuri uwo mutungo nubwo uba ufite abawushinzwe b'ibanze ari bo abanenerurimi bafite urwo rurimi nk'ururimi kavukire.

Twakwibutsa nanone ko ururimi ari igikoresho cy'ubwumvane cyangwa ihanamakuru mu muryango w'abantu. Abantu rero ni bo bonyine bafite ururimi. Yego mu buryo bw'ishushanya ushobora kuvuga uti: «Ururimi rw'indabyo». Iki gikoresho kigizwe n'amajwi yatuye ari yo twita inyuguti (inyajwi, ingombajwi n'inyerera). Ni igikoresho gifasha umuntu kugaragaza imbamutima ze, ibyiyumviro bye, gusabana n'abandi, kugaragaza ibyishimo cyangwa umubabaro.

Ururimi urwo ari rwo rwose ruba ari umutungo w'isi, umuntu uwo ari we wese akaba afite uburenganzira bwo kuwisanzuraho. Ni ngombwa rero ko uwo mutungo w'ururimi ugira abo ushingwa by'umwihariko cyane cyane abafite urwo rurimi nk'ururimi kavukire. Abo umuntu yakwita abenerurimi b'ibanze. Abenerurimi b'ibanze b'Ikinyarwanda rero ni Abanyarwanda. Ururimi rugira ubuzima ndetse

bumeze nk'ubw'umuntu: ruravuka, rugakura neza cyangwa nabi, rukabyara ndetse rukaba rwanapfa. Ibiryo by'ururimi ni amuga ni ukuvuga amagambo yabugenewe akoreshwa mu mwuga uyu n'uyu, mu bumenyi ubu n'ubu. Ururimi rupfa iyo rutabasha kuvuga ibijyanye n'amajyambere umuryango ugamije mu bumenyi, isanzuramuco, ikoranabuhanga, ...

### 1.2. Imiterere nyarusobe y'Ikinyarwanda mu mivugirwe yacyo

Umushakashatsi Kupe (Coupez, 1980) aragira ati: "*Ikinyarwanda ni rumwe mu ndimi z'urusobe ku isi. Abenerurimi b'Ikinyarwanda bo ntibashobora kubyumva kuko kuri bo ari ururimi kavukire bakaba nta mbaraga bakoresha mu kurumenya kuko byizana. (...) Aho rubera ururimi rusobetse ni uturemajambo twinshi usanga dusobekeranye mu ijambo kandi ugasanga duhindagura intego mu ijambo"*. Juwane (Jouannet, 1983) we ati: *"Ikinyarwanda ni ururimi rwuzuye imitego"*. Aba ba Kupe (Coupez) na Juwane (Jouannet) babivuze ni intarumikwa z'abahanga mu iyigandimi nyarwanda. Abatari kavukire b'Ikinyarwanda bo bemeza ko ari ururimi rurangwa n'urururimbo. Ikinyarwanda kandi ni ururimi rufite amasaku akaba ari kimwe mu bituma amagambo atandukana. Mu Kinyarwanda, hatabayeho ibimenyetso bigaragaza amasaku hari amagambo amwe yazajya yitiranywa bitewe n'uko ateye kimwe mu myandikire uretse igihe hagaragajwe imvugiro yakoreshejwemo.

**Ingero**: amahoro (amah**ô**ro/amah**oo**ro); umusambi (umus**aâ**mbi/umus**aa**mbi)
Icyo gihe kugira ngo ubashe kuyasoma hakenerwa amasaku cyangwa ibisobanuro by'ikivugwa. Mu Kinyarwanda hari isaku nyesi n'isaku nyejuru. Isaku nyejuru ribanzirizwa n'irindi saku nyejuru bakunze kwita "integuza". Mu myandikire, isaku nyesi ndetse n'integuza ntabwo bijya byandikwa. Isaku nyejuru mu myandikire rirangwa n'agatemeri bashyira ku nyuguti (â). Ni yo mpamvu abantu benshi bakunda kuvuga ko Ikinyarwanda ari ururimi rugoye, bitewe n'uko rufite utuntu twinshi tugiye dusobetse, ari ayo masaku, ari amategeko y'ikibonezamvugo n'ibindi. Abahanga mu iyigandimi basanga ahubwo iyi miterere nyarusobe na nyamvugo by'Ikinyarwanda ari umwimerere n'ubwemarare byarwo.

### 1.3. Ikinyarwanda ni ururimi kavukire n'umuyoboro w'indangagaciro z'Abanyarwanda

Ururimi kavukire ni ururimi umwana amenyera bwa mbere iruhande rwa nyina cyangwa ururimi rwa mbere mu zo umuntu amenya ni ukuvuga urwo yavuze bwa mbere. Rushobora no kuba ururimi azi neza ugereranyije n'izindi yaba azi cyangwa ururimi rw'igihugu. Koko rero ku rwego rw'umuntu, ururimi kavukire ruzaba ururimi umwana yisanzuyemo bwa mbere mu muryango we. Ku rwego rw'umuryango mugari, ururimi kavukire rwitiranywa n'ururimi rw'igihugu. Ururimi kavukire ruriho kandi ni indangamuntu, ni indangagihugu ni indangabanyagihugu. Mu buzima n'uburyo busanzwe rukaba rero rugereranywa n'ururimi rwa nyina w'umuntu kuko ari rwo rumugira icyo ari cyo, rumuha agashyuhe n'urukundo nk'ibyo ahabwa na nyina wamwibarutse, ni yo mpamvu mu zindi ndimi barwita "urumaamâ".

Ikinyarwanda gifite umwanya ukomeye mu mibereho y'Abanyarwanda. Ni rwo rurimi ruha Abanyarwanda ubushobozi bwo kuranga isi, kugaragaza imbamutima, gushyikirana baganira, bungurana ibitekerezo no kugezanyaho ubutumwa. Kwigisha Ikinyarwanda bihamye rero ni ugushimangira Ubunyarwanda. Ni ugushyikiriza umwana w'u Rwanda ibyo abakurambere bahanze bakabisigira Umunyarwanda wese ho umurage. Bityo, kwiga Ikinyarwanda bikaba guhura n'ibyo kibumbatiye: uko giteye, ubugeni gihetse, umuco n'imyumvire y'Abanyarwanda. Ikinyarwanda ni indangarwanda (u Rwanda nk'igihugu) n'indangabanyarwanda (aho baba bari hose).

Nk'ururimi rw'Igihugu, Ikinyarwanda ni indangabanyarwanda ni ukuvuga ko ari rwo Abanyarwanda bagomba kwigaragarizamo nk'Abanyarwanda n'ubunyarwanda bwabo, bagaragarizamo indangagaciro zabo ni ukuvuga ko rugomba kubabera inzira y'ibyerekezo byose by'iterambere barimo: iterambere mu by'ubwenge n'ubumenyi bunyuranye nyabwo ni ukuvuga rishingiye ku muco, kuko muzi ko ubumenyi butagira umutima ari umuyonga, umutima nta handi uboneka atari mu « ubuwowe » buturuka mu ndangagaciro bibumbatirwa n'ururimi rwawe kavukire. Abanyarwanda bagaragagaje indangagagaciro zabo remezo enye ari zo "gukunda Igihugu, ubumwe, ubupfura n'umurimo". Buri ndangagaciro remezo igira iziyishamikiyeho ndetse na kirazira bijyana. Twibutse ko Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho muri 2010 urwego rushinzwe kwita ku busugire bw'Ikinyarwanda ari rwo Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco (RALC) yaje guhinduka Inteko y'Umuco muri 2020. Byongeye kandi hagiyeho Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu ishinzwe kwimakaza no gutoza Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda.

### 1.4. Ikinyarwanda ni ururimi rwigishwa kandi rwigishwamo

Ururimi rw'Ikinyarwanda rwigishirizwa mbere na mbere mu muryango muto ni ukuvuga iwabo mu rugo aho umwana avuka. Nk'uko bizwi ariko umwana ni uw'umuryango mugari muri rusange. Ibi bivuga ko uko umwana akura yigira Ikinyarwanda mu bimukikije n'abamukikije harimo abavandimwe, inshuti z'iwabo n'abaturanyi. Umwarimu w'umwana wa mbere w'Ikinyarwanda ni ababyeyi be bombi ari nyina kuko atangira kumwigisha akimutwite ni ukuvugwa kwa kundi amuganiriza ari mu nda. Umwana akomeza kwigira Ikinyarwanda mu Itorero (Ishuri gakondo) abarizwamo haba mu Mudugudu atuyemo cyangwa mu Itorero ryo ku ishuri yigamo.

Ikinyarwanda nk'ubumenyi ngiro bushya ku wiga n'uburyo (imyigishirize) abuhabwamo butangirwa mu mashuri asanzwe. Bityo rero Ikinyarwanda ni ururimi rwigishwa kandi rwigishwamo nk'umuyoboro w'ubumenyi n'ubuhanga bicishwamo kugira ngo bugere ku barwiga. Ururimi rwitwa « ururimi rwigishwamo » iyo ari rwo rukoreshwa mu kurwiga ubwarwo cyangwa kwigisha andi masomo atandukanye nk'imibare, ibidukikije, amateka n'andi masomo harimo n'urwo rurimi ubwarwo. Twagira ngo twibutse ko Ikinyarwanda kigishwa kuva mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye no muri Kaminuza ku mpamyabumenyi Ihanitse (BA/BEd), iy'Ubuzobere (MA/MED) n'iy'Ikirenga (PhD). Kaminuza zo mu Bufaransa, Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Ubudage, Uburusiya,… bigisha Ikinyarwanda. Igihugu cy'Ubushinwa na cyo kigiye gutangiza amasomo y'Ikinyarwanda

### 1.5. Ikinyarwanda ni ururimi rukoreshwa mu nzego z'imirimo ya Leta n'abikorera

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 ryavuguruwe mu wa 2015, ingingo ya 8 igira iti: *"Ururimi rw'Igihugu ni Ikinyarwanda. Indimi zemewe mu butegetsi ni Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa"*. Iyi ngingo yongeraho ko *"Itegeko ngenga rishobora kongera cyangwa kugabanya indimi zemewe mu butegetsi. Inyandiko z'ubutegetsi zishobora kuba mu rurimi rumwe cyangwa ebyiri cyangwa zose mu zemewe mu butegetsi"*. Mu wa 2017 ururimi rw'Igiswayire ni rwo rwabaye ururimi rwa kane rwemewe n'amategeko mu Rwanda nk'uko bigaragara mu Itegeko Ngenga N° 02/2017/OL ryo ku wa 20/04/2017 rishyiraho Igiswayire nk'ururimi rwemewe mu butegetsi mu Rwanda. Nk'ururimi rw'ubutegetsi**,** Ikinyarwanda ni ururimi rwemewe gukoreshwa mu mirimo yose ya Leta n'iy'abikorera ni ukuvuga mu buyobozi, muri poritiki, mu burezi, mu itangazamakuru, mu bucuruzi n'ubushabitsi... Ibi rero rukaba rubisangiye n'Igifaransa n'Icyongereza n'Igiswayire. Ariko ibyo kuba indangabanyarwanda byo ni umwihariko gusa w'Ikinyarwanda.

### 1.6. Ikinyarwanda ni ururimi nyafurika na ndengamipaka

Ururimi rw'Ikinyarwanda ni rumwe mu ndimi zo mu Karere k'Ibiyaga Bigari ruvugwa mu Rwanda no mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) rusa cyane n'Ikirundi (Burundi), Igiha (Tanzaniya) ndetse n'Urufumbira (Uganda). Indimi zo mu biyaga bigari ni izivugwa mu karere k'Ibiyaga Bigari kabarirwamo u Rwanda, u Burundi, DRC, Tanzaniya n'Ubugande.

Nk'uko bigaragara Ikinyarwanda ni ururimi ndengamipaka mu karere k'Ibiyaga Bigari bityo rukaba ururimi mpuzamahanga**.** Aha umuntu yanakongeraho ko Ikinyarwanda ari ururimi rukoreshwa mu itangazamakuru ryo mu Rwanda no mu mahanga. Nk'ururimi mpuzamahanga, Ikinyarwanda cyatoranyijwe kuba rumwe mu ndimi ndengamipaka zitabwaho n'Inteko Nyafurika y'Indimi (ACALAN) y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe.

Twanakwibutsa ko UNESCO yagennye itariki ya 21 Gashyantare buri mwaka nk'Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire bityo u Rwanda na rwo rukaba rwizihiza kuri uwo munsi ururimi rw'Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire rw'Abanyarwanda.

1. **Inzego z'ihanikarurimi mu mikoreshereze y'Ikinyarwanda**

Kuvuga ni ukugaragaza ibitekerezo biri ku mutima w'umuntu cyane ko "Akuzuye umutima gasesekara ku munwa". Kuvuga ni ikintu kigomba kwitonderwa cyane kugira ngo hato umuntu atavuga amangambure (kuvuga ibitajyanye) cyangwa se agahomvomva (kuvuga amatakaragasi), aha bikaba bisaba ko umuntu akoresha ikeshamvugo ryabugenewe kugira ngo atagira abo yabangamira mu mvugo ye, cyangwa se akavuga amagambo mu gihe kitari icyayo. Muri iki gihe "kuvuga" bijyana no "kwandika" ari byo gushushanya amajwi yatuye hifashishijwe ibimenyetso byumvikanyweho ari byo ABCDEFGH…Z. Ikeshamvugo rigizwe ahanini n'itakamvugo ryiyongeraho injyana y'ikivugwa, rikaba rifasha umuntu kudapfa kuvuga ijambo iryo ari ryo ryose aho abonye hose. Mu mvugo no mu nyandiko ni ho dusanga inzego z'ihanikarurimi mu mikoreshereze y'ururimi.

Abahanga bemeza ko muri rusange abavuga indimi bashyirwa mu byiciro bitatu by'ingenzi (Holm 1988: p. 54). Hari abari mu kiciro gikoresha *uruhusha(noza)* ni ukuvuga ururimi/imvugo yo ku rwego rwo hasi rurangwa n'uruvangitirane rw'uturango nyandimi mbese ruhusha imvugo inoze. Hakurikiraho ikiciro cy'abavuga *urwagat*i ni ukuvuga ururimi ruri hagati y'uruhusha n'*uruhagera* ari rwo rurimi gikwira na mbonera (Niyomugabo, 2014).

Reka dutangire tuvuga ko bitoroshye gutandukanya imvugo n'ururimi**.** Ijambo *imvugo* ryumvikana mu buryo bwinshi bitewe n'icyo ushaka kuvuga. Imvugo ni ubushobozi bw'umwihariko abantu bagira bwo kumvikana, gushyikirana bakoresheje ibimenyetso nyakanwa cyangwa nyandiko. Mu buryo bw'amajwi, imvugo ni umumaro utuma ibitekerezo n'amiyumviro bishobora kuvugwa cyangwa kumvwa hakoreshejwe ibimenyetso mvugo cyangwa nyandiko. Imvugo itangirira ku ikubitiro mu bimenyetso umuntu akora, mu marenga, mu njyana n'ururirimbo rw'amajwi. Ibi rero ni ibiba byerekana ko umuntu ashaka kuvuga bitewe n'impamvu kamere nyamuntu. Kuvuga rero ni ukugaragaza ibitekerezo mu mvugo. Imvugo ikoreshwa haba mu nyandiko cyangwa mu mvugo iterwa n'imvugiro y'ihanamakuru ni ukuvuga urwego nyamuryango (n'imibereho ye) rw'uvuga n'uwo bavugana. Iyo mvugo kandi inaterwa n'izindi mpamvu nyinshi nk'ubwoko bw'ubutumwa ushaka gutanga ndetse n'ingeri y'abo ubwira. N'uwabyirengagiza ntiyabura kumenya ko abantu batavuga kimwe baba basoma umwandiko, baba batanga ikiganiro mbwirwaruhame cyangwa abantu bungurana ibitekerezo mu buryo busanzwe. Byo birazwi ko abantu batandika kimwe. Muri rusange, mu Kinyarwanda kimwe no mu zindi ndimi, habaho inzego z'imvugo eshatu z'ingenzi abantu bahinduranya bitewe n'imvugiro ni ukuvuga aho umuntu ari, agihe arimo ndetse n'abo bavugana.

### 2.1. Imvugo ikocamye

Iyi ni imvugo yo mu kiciro gikoresha ihushanoza. Aha dushyiramo imvugo nyandagazi, iya gishumba n'imvugo nyobyamvugo. Ni imvugo igoreka amagambo ndetse rimwe na rimwe amagambo amwe akaburizwamo igihe abantu baganira hagati yabo. Ni imvugo y'ikata, imvugo igerura ndetse inagabanya. Urugero: *Wange: inshuti yange, muntu wange.* Iyi mvugo ikunda gukoreshwa mu biganiro hagati y'uducuti. Hari n'igihe bakoresha urufefeko ngo hatagira ubumvira amabanga. Twibutse ko urufefeko ari imvugo nyamuryango y'uturango twonona, ihindura igisobanuro k'ijambo ikaba ikoreshwa n'itsinda runaka rishaka kwitandukanya n'abandi. Ni imvugo yabanje gukoreshwa bashaka kuvuga imvugo y'amabandi, abasabirizi n'abandi bantu bahawe akato. Iyo mvugo bayikoresha bashaka kugira ibyo bahisha by'umwihariko hagati yabo cyangwa no kugira ngo birinde abashaka kubavogera cyangwa kubarwanya. Hari abahanga mu iyigandimi nyamuryango nka Garmadi (1980) bemeza ko imvugo y'urufefeko ni ukuvuga ivugwa n'itsinda nk'abanyeshuri, abashumba, abashoferi, abogoshi n'abandi na yo ishobora gushyirwa mu mvugo ikocamye.

### 2.2. Imvugo isanzwe

Ni imvugo inoze kandi mbonezamvugo. Ni imvugo rusange ikoreshwa mu mvugo nyine no mu nyandiko. Ni amagambo asanzwe akoreshwa mu buryo butaziguye: kurya, kugenda, ibiti... Imyubakire y'interuro nta mananiza igira kuko iba yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo. Muri uru rwego rw'imvugo ni ho dusangamo imvugo y'ubutegetsi habonekamo imvugo yabugenewe, itari iya giseseka kandi yubahisha urwego rw'ubutegetsi/ubuyobozi. Urugero ni nko gukoresha amagambo nka "Ba Nyakubahwa" n'andi yo mu mujyo umwe nk'iri. Ibyo bikagendana no gufata ngenga yo mu bwinshi kandi ushaka kuvuga umuntu umwe gusa. Aha rero hakoreshwa imvugo isukuye ni ukuvuga ikoresha amagambo yiyubashye, igamije gusukura igitekerezo cy'uwagikoresheje. Iyi mvugo ijya gukoresha amagambo nk'ayo mu mvugo ihanitse usibye ko yo itazimiza cyane cyangwa se ngo ice ikantarange, ahubwo ikoresha amagambo buri wese abasha gusobanukirwa bitamugoye

### 2.3 Imvugo ihanitse

Ni imvugo ya gihanga itahurwa gusa n'uwakenetse ururimi. Mu mvugo, akantu kose bakavuga batsindagira, mu magambo hakoreshwa amagambo ya gihanga nyine ahanitse, anoze, ndetse rimwe na rimwe atumvikana mbese ni imvugo idapfa kumvwa n'ubonetse wese. Iyo mvugo imenywa n'abamenyereye ururimi mbese basa n'abarukenetse. Mu myubakire y'interuro hakunda gukoreshwa interuro ndende kandi zisobetse. Hakoreshwamo imvugo ijimije irangwa cyane n'ikoresha ry'imizimizo inyuranye n'imvugo z'inshoberane n'imizimizo nk' ihwanisha, iyitirira n'indi. Imvugo ihanitse ni imvugo ikunda gukoreshwa cyane mu buhanzi bw'ubusizi, ikarangwamo akenshi imvugo yo kuzimiza, guca imigani, amarenga, amagambo yuje inshoberamahanga n'ibindi. Amagambo avugwamo akenshi ni amagambo ataziguye, uyavuga akabanza guca ikantarange kugira ngo agere ku cyo ashaka kuvuga. Muri make ni imvugo y'ikiyoberabaswa kuko kenshi ivuga itahuranyije ngo irase ku ntego. Imvugo ihanitse, benshi bakunda no kuyita imvugo ya gihanga.

## 2. Imiterere y'Indimi mu Rwanda mu cyerekezo cy'amateka

Kugaragaza amateka y'imikoreshereze y'indimi mu Rwanda ni ukwerekana uburyo ururimi rw'Ikinyarwanda rwabayeho rukoreshwa rwonyine kugeza ubwo indimi mvamahanga zitangiye kwinjira mu Rwanda zizanywe n'abanyamahanga. Ibi bifitanye isano rero n'ibihe bikurikira byaranze amateka y'u Rwanda.

### 2.1. Ikinyarwanda n'indimi z'uturere gakondo mbere y'ubukoroni

Mbere y'umwaka wa 1898, u Rwanda rwari Igihugu kivuga ururimi rumwe rw'Ikinyarwanda kandi mu turere gakondo tw'u Rwanda nk'Ubugoyi ukahasanga Ikigoyi, mu Murera ukahasanga

Ikirera, mu Ndorwa n'Urukiga ukahasanga Urukiga, mu Busozo ukahasanga Igisozo… Kugeza ku mwaduko w'Abadage, Ikinyarwanda cyari kihagije, ari ururimi rw'Igihugu n'urw'ubutegetsi. Rwari ururimi rwakoreshwaga mu miyoborere y'Igihugu, mu burere n'uburezi, mu mibereho myiza by'Abanyarwanda, byose bishingiye ku muco w'u Rwanda. Ikinyarwanda kigirwaga mu muryango kikanononsorerwa mu Itorero aho abantu bigiraga kuvuga neza no kuvugira mu ruhame. Uwabaga azi kugikoresha ku buryo buhanitse (abiru, abasizi, abisi, abavuzi b'amacumu, …) yarabyubahirwaga mu muryango w'Abanyarwanda no mu butegetsi.

Kuba u Rwanda rwari rufite Ikinyarwanda n'indimi z'Uturere ari zo nyuma y'ibonezarimi cyangwa igenandimi zabatijwe indimi shami zigishamikiyeho ni ubukungu bw'u Rwanda bukomeye; bityo rero ni ngombwa kuzisigasira ngo zitazazimira. Ni ngombwa kandi gushishikariza abantu bakazandikamo inyandiko zo mu buvanganzo bunyuranye, inkoranyamagambo, ikibonezamvugo, gukoramo ibitaramo... Uretse ziriya ndimi shami z'Ikinyarwanda umuntu yavuga ko hari n'izindi ntoya ndetse zigenda zizimira, nk'Urunyagisaka (ururimi ruvugwa mu Gisaka), Igishobyo cyangwa Urushobyo (Ururimi ruvugwa ku Nyundo), Igisozo (cyavugwaga mu Busozo) n'izindi.

Indimi kavukire nk'Igihavu n'Amashi zivugwa ku Nkombo, Urukiga ruvugwa mu majyaruguru, Ikigoyi kivugwa mu Bugoyi, Igishobyo kenda kuzimira kivugwa ku Nyundo, Ikirashi n'Ikinyambo kivugwa mu burasirazuba bw'Igihugu nko mu Karere ka Kirehe n'Ikirera kivugwa mu Turere twa Musanze na Burera. Ni ngombwa kubungabunga indimi shami mu rwego rwo kurengera umurage no gucunga umutungo by'u Rwanda. Ni byiza gushishikariza Abanyarwanda bose bazi indimi shami nk'Ikigoyi n'Ikirera kuzivuga bashize amanga ariko batibagiwe Ikinyarwanda mbonera duhuriyeho twese. Ibi bijyana no gukangurira abazi izi ndimi shami kuzandikamo inyandiko zitandukanye, kuzihangamo n'ibindi mu rwego rwo gukomeza kuzibungabunga.

Ni ngombwa kwibutsa ko bamwe mu bashakashatsi bashyira Igikiga, Amashi, Igihavu, Urunyambo... mu ndimi shami z'Ikinyarwanda abandi tukazishyira mu ndimi nyambukiranyamipaka dusangiye n'abaturanyi: Urukiga/Oluciga dusangiye na Uganda, Amashi, Igihavu dusangiye na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) n'Urunyambo/Ururashi dusangiye na Tanzaniya.

### 3.2. U Rwanda, umuryango nyandimi nyinshi mu gihe cy'ubukoroni: 1898 na 1962

Mu myaka cumi n'umunani (18) ubukoroni bw'Abadage bwamaze (1898-1916), indimi zakoreshwaga zari Ikinyarwanda n'Igiswayire. Muri icyo gihe, Igiswayire cyakoreshwaga mu bihugu byitwaga "Deutsch Ostafrika" (Afurika Ndage y'Iburasirazuba: Tanganyika, u Burundi n'u Rwanda) nk'ururimi rw'ubutegetsi, ubucuruzi, rukanakoreshwa n'amadini.

Ubutegetsi bw'Ababirigi (1916-1962) bwasimbuye ubw'Abadage bwaje bukoresha Igifaransa nk'ururimi rw'ubutegetsi n'uburezi hamwe ndetse n'ururimi rw'Ikilatini rwigishwaga ariko

rukanakoreshwa na Kiriziya Gaturika. Bityo baca ururimi rw'Igiswayire. Kuva mu mwaka wa 1925, ubutegetsi bwa gikoroni bw'Ababirigi bwatesheje agaciro ibintu byinshi by'ingenzi byarangaga Abanyarwanda. Ikinyarwanda nk'Ururimi n'Umuco cyaciwe intege maze imiyoborere y'Igihugu irahinduka, umuganura Abanyarwanda basabanagamo mu rurimi rwabo uvanwaho burundu, ubwiru bwari ingeri y'imena y'imihango n'ubuvanganzo nyarwanda buvanwaho, amashuri ya kizungu asimbura Itorero ryari risanzwe ari irerero n'ishuri ry'umuco n'ururimi. Muri iryo shuri, ingeri z'ururimi zo kwivuga, guhiga no kumenya kuvuga Ikinyarwanda mu ruhame kandi neza, na zo zaciwe intege. Kuvuga Igifaransa byitaweho, bituma ababyiruka bose bashaka kuvuga urwo rurimi rugezweho.

### 3.3. U Rwanda, umuryango nyandimi ebyiri nyabutegetsi kuva mu wa 1962 kugera mu wa 1994

U Rwanda rukibona ubwigenge mu mwaka wa 1962, Igifaransa cyakomeje guhabwa intebe cyane cyane mu butegetsi no mu burezi. Itegeko Nshinga ry'icyo gihe (ingingo ya 5 y'iryo muri 1962) ryemezaga ko Ururimi rw'Igihugu ari Ikinyarwanda, indimi z'ubutegetsi zikaba Igifaransa n'Ikinyarwanda. Mu wa 1978, habaye ivugururwa mu rwego rw'uburezi ryemeza ko inyigisho zose mu mashuri abanza zitangwa mu Kinyarwanda. Ibyo byatumye hashyirwaho Komisiyo y'Igihugu y'Urutonde yari igamije gukungahaza Ikinyarwanda, yakoze imirimo yayo kugeza mu wa 1987. Mu wa 1991, habaye irindi vugururwa ry'amashuri ryongera guha Igifaransa umwanya ukomeye mu burezi. Nyuma y'ubwigenge bw'u Rwanda, Icyongereza cyakomeje kwigishwa ariko gihabwa umwanya muto. Kuva mu wa 1977-1978, Igiswayire na cyo cyaje kugarurwa mu nyigisho ariko kidafite uburemere (Niyomugabo, 1992)

### 3.4. U Rwanda, nyuma ya 1994 kugeza ubu: Umuryango nyandimi eshatu na nyandimi enye nyabutegetsi

Itegeko Shingiro ryo ku wa 26 Gicurasi 1995 ryemejwe n'Inteko Ishingamategeko y'Inzibacyuho ryinjije Icyongereza mu ndimi z'ubutegetsi hamwe n'Ikinyarwanda n'Igifaransa: Ikinyarwanda gikomeza umwanya wacyo w'ururimi rw'Igihugu. Mu ivugururwa ry'Itegeko Shingiro ryabaye ku wa 18 Mutarama 1996, ingingo ya 7 yahinduye ingingo ya 4 y'Itegeko Nshinga ryo ku wa 10 Kamena 1991, igira iti: « *Ururimi rw'Igihugu ni Ikinyarwanda. Indimi z'ubutegetsi ni Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza* ». Ibi byanagarutsweho mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 mu ngingo ya 5 rigena umwanya w'indimi zemewe mu butegetsi mu Rwanda: "*Ururimi rw'Igihugu ni Ikinyarwanda. Indimi zikoreshwa mu butegetsi ni Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza*".

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 ryavuguruwe mu wa 2015, ingingo ya 8 igira iti: *"Ururimi rw'Igihugu ni Ikinyarwanda. Indimi zemewe mu butegetsi ni Ikinyarwanda,*

*Icyongereza n'Igifaransa"*. Yongeraho ko *"Itegeko ngenga rishobora kongera cyangwa kugabanya indimi zemewe mu butegetsi*. *Inyandiko z'ubutegetsi zishobora kuba mu rurimi rumwe cyangwa ebyiri cyangwa zose mu zemewe mu butegetsi"*. Mu wa 2017 ururimi rw'Igiswayire ni rwo rwabaye ururimi rwa kane rwemewe n'amategeko mu Rwanda nk'uko bigaragara mu Itegeko Ngenga N° 02/2017/OL ryo ku wa 20/04/2017 rishyiraho Igiswayire nk'ururimi rwemewe mu butegetsi mu Rwanda... Bityo kuva mu wa 2017 umuryango w'u Rwanda wari nyandimi eshatu wahise uba nyadimi enye nyabutegetsi.

### 3. Uruhurirane rw'indimi nyinshi mu muryango w'Abanyarwanda: inyungu n'ibibazo

Mu buryo busanzwe kugira cyangwa kumenya indimi nyinshi ni amahirwe cyane haba ku rwego rw'igihugu haba no ku rwego rw'abaturage. Gusa ni ngombwa nanone kumenya ko bimwe mu bishobora kubaho harimo amahirwe yo kubona akazi, kugira inshuti no gutsura umubano n'ubutwererane mu buryo bugari... kuvanga indimi, kuryana ku indimi n'ibindi. Kuba mbivugaho si uko mu ndimi zacu bihari ahubwo ni ukugira ngo abantu bamenye ko bibaho maze bage biga indimi no kuzikoresha mu buryo bwo gushaka inyungu bazi neza ko kutazimenya neza hari ingorane bizana.

### 4.1. Inyungu z'imenyandimi n'iyaguramuco ku Gihugu no ku muturage

U Rwanda nk'igihugu kugira indimi nyinshi harimo ururimi rw'Igihugu n'indimi mpuzamahanga birufitiye inyungu nyinshi. Twagira ngo twibutse ko ururimi ari igikoresho cy'ubusabane n'ubwumvane mu muryango w'abantu. Ikinyarwanda kigahabwa inshingano yo kuba umuyoboro w'indangagaciro na kirazira z'Abanyarwanda maze indimi mpuzamahanga zikifashishwa mu gutsura umubano mu buryo bugari ni ukuvuga mu bubanyi n'amahanga, mu bukungu, mu burezi, mu buvuzi n'ibindi kuko iyo indimi zihuye habaho ubusabane bw'imico. Birumvikana ko mu busabane bw'imico Abanyarwanda bakura mu mico y'ahandi ibibafitiye akamaro. Si ugukoyora rero ahubwo ni ugushishoza bagahitamo neza. Uko umuntu amenya indimi nyinshi ni ko agira amahirwe yo gusabana n'abandi bantu bafite iyo mico iba ibumbatiwe n'izo ndimi ziba ziyibereye imiyoboro. Uko umenya indimi nyinshi ni ko umenya imico inyuranye bikaguha amahirwe yo kugira inshuti, kubona amahirwe y'akazi, kwiga… Twibutse ko hari abantu benshi batunzwe no guhindura no gusemura indimi, kwandika inkoranyamagambo ndimi ebyiri cyangwa ndimi nyinshi z'ibyiciro binyuranye zigacuruzwa, guhindura ibitabo mu ndimi zinyuranye, gukora amafirimi na sinema no kuyasemura…. mbese indimi n'imico inyuranye ikwinjiza neza mu nganda ndangandamuco ugakirigita ifaranga.

### 4.2. Inyungu zituruka ku mubano w'indimi n'ikungahazandimi

Indimi z'amahanga zaje mu Rwanda zagiye zikungahaza Ikinyarwanda biciye mu itaranshoza (nka: mondialisation, globalization byabaye ikusanyabukungu) n'itizanyamagambo**.** Nta rurimi na rumwe ku isi rudatira. Wenda ntizitira ku rwego n'ikigero kimwe ariko hose bibaho. Ubwo rero umuntu muri kuganira akavuga ijambo "Minisitiri" nta kibazo kuko biramenyerewe mu Kinyarwanda kuva kera.

Igiswayire cyaduhaye “inyweri” (nywele); Ikidage “schule”, “kartoffel” aba “ishuri”, “intopfanyi”; Igifaransa “sacoche”, “L’Etat” aba “isakoshi”, “Leta”; Ikilatini “misa” riba “misa”; Icyongereza ”motorcar”, “blanket” aba “imodoka”, “uburingiti”… Indimi zishobora no gutizanya amagambo mu buryo bwo kuyasubizanya: Igifaransa cyatije Ikinyarwanda ijambo “technique” riba “tekinike”, hanyuma hanavuka “gutekinika” nyuma yaho Ikinyarwanda gikorera Igifaransa inshinga kitagiraga ” techniquer” ryasohotse mu nkoranya muri 2021 (Cerquiglini, 2021).

Koko rero amagambo nka terefone, ishati, ipantaro, ishuri, isahani, imodoka, moteri, iradiyo, umureti, Perezida, ikayi, akabati, karoti, inanasi, ipapayi, n’andi ... ayo magambo yose ni ay’Ikinyarwanda ariko yaturutse ku zindi ndimi. Ni ngombwa gutsindagira ko itira rihutiweho ritemewe kuko ibyo byitwa ukuvangavanga indimi.

### 4.3. Ibibazo by’imyumvire y’abatazi agaciro k’ururimi kavukire

Imyumvire yo kudaha agaciro Ikinyarwanda mu Rwanda ntiyagombye ubundi kubaho urebye ibyo Leta y’u Rwanda yakoze mu guteza imbere Ikinyarwanda. Ururimi umuntu amenya mbere y’izindi ni ururimi kavukire, iyo arukuriyemo arukomeraho kuko ari rwo rumubangukira mu mitekerereze, mu myumvire, no mu buryo yigaragariza abandi. Ni yo mpamvu abantu bakomera ku rurimi bazi akenshi ntibahe agaciro izindi ndimi; niyo bakora amakosa muri urwo rurimi batinda cyane gushaka kwikosora kubera akamenyero. Hari bamwe bavuga Ikinyarwanda nk’ururimi kavukire bakanga kugikoresha no kukigisha abana babo kuko bumva ko izindi ndimi ari zo zifite agaciro kurusha Ikinyarwanda. Hari n’indi miryango y’Abanyarwanda idakoresha Ikinyarwanda kuko batakizi cyane kubera amateka yabo, bagakoresha indimi z’amahanga bakuriyemo bakabona ko nta cyo bitwaye kudakoresha Ikinyarwanda. Ibi bigira ingaruka ku bana mu mikoreshereze y’ururimi kavukire, ari rwo shingiro ry’umuco, uburere n’uburezi.

Ururimi ni igikoresho cy’ubwumvane n’ihanamakuru. Nyamara iyo indimi zikoreshwa ari nyinshi bishobora kuba intandaro yo kubura serivisi iyo imikoreshereze yazo itubahirije poritiki izigenga. Iki kibazo kiri mu biboneka mu mirimo itandukanye ikorerwa mu Gihugu. Hari ibigo abantu bagana ntibababashe kubona serivisi bakeneye kubera ko abo basanze badakoresha ururimi bisanzuyemo. Hari benshi mu bagana bimwe mu bigo bya Leta, iby’ubucuruzi, amabanki n’imiryango itari iya Leta usanga bagira ingorane zo guhabwa serivisi kubera ko bakoresha ururimi rudakoreshwa n’abo bagannye kandi rwemewe mu butegetsi mu Rwanda. Urugero rw’abantu bajya muri banki bagasanga impapuro zikoreshwayo zanditse mu ndimi z’amahanga bakabura uko bazuzuza rimwe na rimwe ugasangayo abantu umuntu yakwita “Abakomisiyoneri” bashinzwe kwaka amafaranga bakuzuriza abaje muri banki batazi indimi z’amahanga kubera ko impapuro zose ntaho usanga handitse mu Kinyarwanda. Ni byiza ko abatanga serivisi batekereza ku muntu uzaza muri banki akoresha Ikinyarwanda cyonyine kandi ari n’uburenganzira bwe gukoresha ururimi rwe kavukire.

**4.4. Ibibazo byo kuvanga indimi mu Kinyarwanda**

Muri aka gace haragaragazwa zimwe mu mpamvu zitera ivangandimi n'uburyo bwo kurirwanya (Niyomugabo,2012). Muri iyi minsi mu rurimi rw'Ikinyarwanda hakunze kugaragaramo ivangandimi, aho usanga abarukoresha baruvanga n'Icyongereza, Igifaransa ndetse n'izindi ndimi zitandukanye z'amahanga. Hari ababona ko nta kibazo, ariko abahanga mu ndimi bavuga ko ari ikibazo gikomeye ku rurimi kuko rushobora no kuzima kubera kumirwa n'urundi. Iri vangandimi ubu riri imbere mu bitera ururimi rw'Ikinyarwanda guta umwimerere warwo, kandi ururimi ari imwe mu nkingi za mwamba ziranga umuco w'igihugu.

Hari zimwe mu mpamvu z'ingenzi zitera ivangandimi mu Kinyarwanda harimo ko abantu bakunze gukoresha Ikinyarwanda bakavangamo izindi ndimi, ari uko nta rurimi na rumwe baba bazi neza, bikabatera kuvangavanga indimi kugira ngo babashe gutanga ubutumwa bwabo. Indi mpamvu yagaragajwe, ni uko hakiri abafata kuvangavanga indimi mvamahanga n'Ikinyarwanda nk'ikimenyetso cy'ubusirimu, aho bakoresha izo ndimi mu Kinyarwanda kugira ngo bagaragarize abo bazibwira ko ari abasirimu bize bakaminuza, batari inkandagirabitabo cyangwa se "abaturage" nk'uko bikunze gukoreshwa mu mvugo yo kujijwa. Indi mpamvu ni ubunebwe bwo gushaka amagambo yabugenewe akoreshwa mu Kinyarwanda kugira ngo akoreshwe mu mvugo, hitwazwa ko Ikinyarwanda gikennye kandi atari byo, bigatuma abantu bakoresha amanyamahanga mu Kinyarwanda, atari uko ay'Ikinyarwanda yabuze, ahubwo ari ubunebwe bwo kuyashaka ngo bayakoreshe. Inama itangwa ni uko abantu bagomba kwiga Ikinyarwanda kuko ururimi rwigwa rutizana.

Aha twagira ngo twibutse ko hari n'abakoresha ihinduranyandimi ni ukuvuga umuntu akaba yavugaga ururimi runaka aganira na mugenzi we maze babona haje undi muntu badashaka ko abumvira amabanga yabo bagahindura bagakoresha urundi rurimi. Utabihugukiwe yagira ngo bavanze indimi kandi ahubwo bahinduranyije indimi ku mpamvu zabo no ku bushake bwabo. Iri rero ni ihinduranyandimi si ivangandimi.

**4.5. Ibibazo byo kuzimira cyangwa gupfa k'ururimi bituruka ku gusangira umuryango nyarurimi**

Ibi bibaho iyo abenerurumi batangiye gutakaza ubushobozi bwo kumenya neza ururimi rwabo kavukire. Kuzimira cyangwa kuzima k'ururimi ni urugendo ruganisha ku rwego imvugo y'abantu cyangwa ubushobozi bwo kuvuga ururimi bigenda biyoyoka kuzageza n'aho rushobora gusigara nta muntu n'umwe ukiruvuga cyangwa nta wugishobora kuruvuga neza. Ibi biba ku ndimi ariko cyanecyane ku ndimi shami. Mu iyigandimi, kuzima k'ururimi bibaho igihe ururimi runaka rutakaje abaruvuga nk'ururimi kavukire. Mu buryo bugari, izimira ry'ururimi riba igihe ururimi rutakimenyekana na gatoya. Ururimi rushobora gupfa mu buryo busanzwe cyangwa bitewe n'impamvu zo kumirwa n'urundi cyangwa gusimburwa k'ururumi rutoya n'ururimi ruvugwa n'abantu benshi iyo zisangiye aho zivugirwa ari wo twita umuryango nyarurimi.
Ibi rero biganisha ku gupfa k'ururimi bigaragazwa no kugabanuka ndetse bikazagera aho rutanakigira

uruvuga nk'ururimi rwe kavukire. Ipfa ry'ururimi bishobora no kuba kwica ururimi shami. Gupfa k'ururimi bitangirwa n'ihondobera nyarurimi cyangwa gutakaza ururimi bivuga gutakaza ubushobozi bwo kumenya neza ururimi kavukire ku muntu. Urugero: nk'ururimi shami rw'Igishobyo rwatangiye guhondobera kubera gusangira n'Ikigoyi n'Ikinyarwanda. Akenshi guhondobera kw'indimi guturuka ku gukandamizanya kw'indimi ni ukuvuga igihe ururimi rufite imbaraga z'umuco, ubukungu n'isanzuramuco rutwara umwanya wose wo kwisanzuriraho cyane cyane mu mikoreshereze yarwo haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Hari abahanga banemeza ko ibonezandimi cyangwa igenandimi riganisha ku rurimi gikwira na ryo iyo ritatunganyijwe neza rishatse ryafatwa nk'ikandamizandimi rishobora kuganisha ku kuzimira kw'indimi z'intege nkeya ni ukuvuga zitagifite abazikoresha.

**Umwanzuro rusange**

Iyi nyandiko nise "Imiterere y'Indimi mu Rwanda" yateguwe mu kerekezo k'iyigandimi nyamuryango. Birumvikana ko ishingiro ry'ingingo zatekerejweho ryadomaga ku rurimi n'umuryango w'Abanyarwanda ufite amahirwe ataboneka henshi yo kugira ururimi rumwe ruhuza abenegihugu bose, ari rwo Ikinyarwanda. Uru rurimi rufite indimi shami n'izindi ndimi mpuzamipaka z'Abanyarwanda bibana mu muryango nyarurimi w'Abanyarwanda. Byongeye kandi mu muryango nyarurimi w'u Rwanda harimo n'indimi mvamahanga zimwe twazaniwe n'amateka y'ubukoroni ariko nyuma Abanyarwanda bakazibonamo inyungu (Igiswayire, Igifaransa) n'urundi ruturuka ku mahitamo y'Abanyarwanda (Icyongereza). Izi ndimi uko ari eshatu zikaba zisangiye n'Ikinyarwanda icyubahiro cyo kuba indimi z'ubutegetsi mu Rwanda.
Mu muryango nyandimi nyinshi, hagomba kubaho ibonezandimi ni ukuvuga buri rurimi rukagenerwa umwanya warwo ndetse n'imimaro rugomba kugira. Ni muri urwo rwego Ikinyarwanda cyagizwe ururimi rw'Igihugu maze Ikinyarwanda, Icyongereza, Igifaransa n'Igiswayire zigirwa indimi z'Ubutegetsi za Repubulika y'u Rwanda (Ingingo ya 8 y'Itegeko Nshinga ryo mu wa 2015). Twerekanye ko kugira ngo indimi zibane mu busabane busesuye buzira intambara y'indimi cyangwa iryanandimi hagomba kubaho igenandimi ni ukuvuga poritiki y'indimi igaragaza umwanya w'imikoreshereze y'indimi mu muryango. Iyi nyobozi y'imikoreshereze y'indimi mu Rwanda iyo itabayeho haba ibibazo mu muryango kandi icyo gihe ururimi rubihomberamo rukaba ururimi rudafite ingufu nyinshi nk'uko twabigaragaje. Ibi kugira ngo bigerweho iyi nyandiko yagaragaje icyakorwa kugira ngo Ikinyarwanda nk'Umuco n'Ururimi kigumane ireme ryacyo kandi n'ubusabane n'ubwuzuzanye bw'indimi zose z'u Rwanda busugire mu nyungu z'iterambere ry'Abanyarwanda mu Cyerekezo 2050 n'ibizakurikiraho.

Twerekanye ko kuba Ikinyarwanda kivugwa kandi kikumvwa n'Abanyarwanda hafi ya bose ari gihamya y'uko ari rwo rurimi rwaborohereza kugera ku iterambere. Mu nkubiri y'ikusanyabukungu abahanga bagaragaza ko hari indimi nyinshi zizagenda zizimira zikarengwaho n'imvamahanga zigendana na yo ziramutse zititaweho ngo zikungahazwe zinarindwe. Ibyo bituma Ikinyarwanda na cyo kijya mu ndimi zo kurindwa no gukungahazwa. Ibyo byagerwaho abantu bakomeza guhanga mu Kinyarwanda, bandika ibitabo ku kibonezamvugo, ku buvanganzo nyarwanda, ku bumenyi bw'ingeri zose, inkoranyamagambo n'inkoranyamuga n'ibindi. Byagerwaho kandi binyuze mu bikorwa byo

kurwigisha, kururinda ivangandimi, kurusakaza mu itangazamakuru no kurukoresha neza. Icyo gihe ni bwo ururimi kavukire ruzagira ubushobozi bwo kujyana n'umuvuduko w'iterambere.

Iyi nyandiko yadomye ku ruhare ndasimburwa rw'ababyeyi bagomba kurushaho gukundisha abana kwiga indimi no kuzikoresha neza kuko ari irembo ribinjiza mu isi y'iki gihe yihuta cyane. Ni ngombwa kandi kumenyereza abana kumenya no guha agaciro buri rurimi mu zikoreshwa mu Gihugu. Ababyeyi bagomba kumva ko abana bakeneye kumenya neza ururimi rwabo kavukire kuko rubafasha no kwiga neza kandi ku buryo bworoshye izindi ndimi n'ubundi bumenyi. Indimi zigirwa mu muryango ariko iz'amahanga zigirwa cyane cyane mu ishuri. Ni byiza ko ababyeyi bagira uruhare mu kwigisha abana indimi. Ibi birashoboka binyuze mu kubafasha guhugukira gusoma ibyanditswe. Ababyeyi bagomba kwiyumvisha ko umwana akenera ibyo asoma kandi bakamutoza kubisoma amenyera neza ururimi kavukire, rwo muyoboro w'indangagaciro z'umuco w'u Rwanda, bakamushishikariza kuruvuga no kurwandikamo. Bagomba kandi kumufasha kurwiga neza hamwe n'izindi ndimi mvamahanga.

Turangije iyi nyandiko twifuriza Inteko y'Umuco kuzagera ku nshingano yahawe zo guteza imbere no gusigasira Ikinyarwanda nk'ururimi rw'Igihugu n'urw'ubutegetsi nk'uko bigaragara mu Iteka rya Perezida n$^{o}$ 082/01 ryo ku wa 28/08/2020 ryayishyizeho.

**INDANGASOKO**

1. AKIMANA, M. (2005). *Umwanya n'imikoreshereze y'ikinyarwanda mu Ishuri Rikuru Nderabarezi ry'i Kigali,* Mémoire de licence, Kigali: KIE
2. CALVET, L-J. (1999). *La guerre des langues et les politiques linguistiques*, Paris : Hachette Littératures.
3. CERQUIGLINI, B. (2021). *Dictionnaire des Francophones* www.dictionnairedesfrancophones.org
4. COUPEZ, A. (1980). *Abrégé de Grammaire* Rwanda, Butare : INRS
5. GARMADI, J. (1981). *La Soiciolinguistique*, Paris : PUF
6. HOLM, J. (1988). *Pidgins and Creoles.*Vol. I Theory and Structure, CUP
7. JOUANNET, F. (1983). *Le Kinyarwanda: langue bantu du Rwanda, études linguistiques*, Paris, SELAF
8. MINISPOC, (2018). *Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda igitabo nyobozi*, ISBN : 978-99977-787-03, Kigali
9. MUNYANKESHA, P. (2004). *Les défis du plurilinguisme officiel au Rwanda. Analyse sociolinguistique.* Thèse de doctorat, The University of Western Ontario (Canada).

10. MUTWARASIBO, F. (2003). *Dual - medium language of instruction policy and practice in Rwandan Higher education: A case study of NUR*. MA Thesis, Johannesburg.

11. NGULINZIRA, B. (1986). *Bilan de l'aménagement linguistique au Rwanda,* Kigali : Mineprisec/Cirelfa, 1986

12. NIYIBIZI, E. (2010). *An evaluation of the Rwandan trilingual policy in some nursery and primary schools in Kigali City*. M.A Dissertation, UNISA

13. NIYOMUGABO, C. (1992). *Nafasi ya Kiswahili Nchini Rwanda: Mkabala wa* Kiisimujamii, Tasnifu ya Shahada ya Pili, Ruhengeri : UNR

14. NIYOMUGABO, C., (2012). Kinyafranglais as a newly created « language » in Rwanda: Will it hamper the promotion of the language of instruction at KIE. In *Rwanda Journal of Education*, Volume 1-Issue 1, Kigali, ISSN 2227-9148 pp.19-28

15. NIYOMUGABO, C., (2014). La langue maternelle au Rwanda: un concept ambigu. In *GERFLINT, Synergies Afrique des Grands Lacs*. Numéro 3, ISSN: 2258-4307. Publication on-line: 2260-4278, pp.145-*153*

16. NIYOMUGABO, C. et al. (2013). Micro declared language policy or not?: language- policy-like statements in the rules of procedure of the Rwandan Parliament. In *Language Policy*, Springer, UK, ISSN 1568-4555 (on line)

17. NIYOMUGABO, C. (2015). Kinyarwanda Language in Education across times: myth or reality? In *Journal of Educational Research and Review*, Vol.3(6), pp.86-95, ISSN :2384-7301

18. NIYOMUGABO, C. (2016). Dynamique des langues au sein du Collège de l'Education de l'Université du Rwanda (Dynamics of Languages at College of Education of the University of Rwanda). In *Synergies, Gerflint*, ISSN 2258-4307, No 5, pp 47-58

19. NIYOMUGABO, C. (2016). *Ikinyarwanda: Ikibonezamvugo k'ibanze.* Kigali: Fountain Publishers Rwanda LTD, ISBN 978-9970-25-380-6

20. NIYOMUGABO, C. (2014). *La glottopolitique du Rwanda. Contribution à une sociolinguistique Educative*, E. U. E., Saarbrucken, ISBN 978-3-8417-3195-1

PHILLIPSON, R. (1992). *Linguistic Imperialism.* New York : Oxford University Press
*Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 ryavuguruwe mu wa 2015.*
ROSENDAL, T. (2009). Linguistic markets in Rwanda: language use in advertisements and on signs. In *Journal of Multilingual and Multicultural Development,* 30 (1), 19-39.
RURANGIRWA, S. (2012). The Absence of Kinyarwanda in the Current Language Policy of Rwanda. In *The Journal of Pan African Studies*, Vol 5, no 8, pp 169-177.

# IGENANDIMI NO GUKUNGAHAZA URURIMI RW'IKINYARWANDA

**Prof. NTAKIRUTIMANA Evariste**
*Umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda*

**Incamake**

Indimi ni nk'abantu; kubana kwazo bigomba kugengwa n'amategeko. Muri rusange, 3/4 by'ibihugu byose ku isi bigena ururimi (indimi) rw'igihugu n'ururimi (indimi) rw'ubutegetsi mu Itegeko Nshinga. Ingingo ya 8 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe mu wamu wa015, ibigarukaho. Imiryango mpuzamahanga na yo ni kimwe; igena indimi zemewe mu mikorere yayo. Muri iyi nyandiko turibanda ku nshingano Leta iba yihaye iyo ishyize ururimi uru n'uru ku rwego rw'ururimi rw'igihugu cyangwa urw'ubutegetsi. Izo nshingano zirimo kurinda ururimi rw'Igihugu, kuruteza imbere no kurukungahaza; hakaba kandi gukoresha buri gihe indimi zose zemewe mu butegetsi kugira ngo buri wese ashyikirane na Leta mu rurimi yisanzuramo.

**Amagambo fatizo:** *igenandimi; ururimi rw'igihugu; ururimi rw'ubutegetsi; gukungahaza ururimi, ingamba ngenandimi, igenamikoreshereze, inozamyandikire*.

**Abstract :**

Languages are like human beings, their cohabitation must be governed by law. In their Constitutions, ¾ of all countries in world determine the national and the official languages. Article 8 in the Rwandan constitution of 2003 as updated in 2015, came back to this point. International organisations do the same, they define their working languages.

This paper spotlights the Government commitment when in declares a given language national or official. In so doing, the Gogernment commits itself to protect, to promote and to develop the national languages. It also commits to use the official languages in all communications activities in order to allow each people to use the language he/she masters.

**Key words:** *language planning; national/official language; language development strategies; language policy, spelling standardization*.

## Intangiriro

*Indimi zigomba kugengwa n'amategeko ahamye*

Indimi zivugwa ku isi zibarirwa mu 6000. Umubare w'ibihugu byemewe n'Umuryango w'Abibumbye ni 197. Bishatse kuvuga ko ibihugu hafi ya byose bifite indimi nyinshi. Indimi rero ni nk'abantu, kubana kwazo, iyo bitagenzwe n'amategeko, ziteza ibibazo mu bantu, tutibagiwe ko n'izirusha izindi imbaraga (umumaro, umubare w'abaruvuga, ingeri rukoreshwamo, nb.) zizimira. Ni yo mpamvu iyo usesenguye neza usanga 3/4 by'ibihugu byose bigena ururimi (indimi) rw'igihugu n'ururimi (indimi) rw'ubutegetsi mu itegeko nshinga ryabyo. Imiryango mpuzamahanga na yo ni uko; iteganya indimi izakoresha mu kuzuza inshingano zayo.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe mu wa 2015, mu ngingo yaryo ya 8 rigena Ikinyarwanda nk'ururimi rw'Igihugu. Iyo ngingo kandi ishyira Ikinyarwanda, Icyongereza n'Igifaransa ku rwego rw'indimi zemewe mu butegetsi. Nyuma haje kwiyongeraho n'Igiswayire kuko iyo ngingo iteganya ko « *Itegeko Ngenga rishobora kongera cyangwa kugabanya indimi zemewe mu butegetsi* » (Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, 2015 : ing. 8).

Iyo Leta ishyize ururimi uru n'uru ku rwego rw'ururimi rw'igihugu cyangwa urwemewe mu butegetsi hari inshingano iba yihaye. Izo nshingano zirimo kurinda ururimi rw'igihugu, kuruteza imbere no kurukungahaza, gukoresha buri gihe indimi zose zemewe mu butegetsi kugira ngo buri wese ashyikirane na Leta mu rurimi yisanzuramo. Gusa byaba ibihugu, yaba imiryango mpuzamahanga, usanga bigorwa no gukoresha indimi uko bikwiye.

Muri iyi nyandiko twifashishije ibyanditswe n'abashakashatsi banyuranye ku byerekeye igenandimi. Twasomye ibyanditswe ku miterere, imikoreshereze n'imyigishirize y'Ikinyarwanda (Bizimana, 2002; Mineduc, 2016). Twanifashishije imbuga z'ibigo binyuranye, iz'ibinyamakuru, imiryango mpuzamahanga, ibihugu, Kaminuza, nb. Nyuma twongeraho ibyo twiyiziye ubwacu, ibyo twibonera ndetse n'ibivugwa hirya no hino biganisha ku hazaza y'Ikinyarwanda.

1. **Inshoza y'ururimi rw'igihugu n'ururimi rw'ubutegetsi**

*Iyo Leta ishyize ururimi ku rwego runaka, iba yihaye inshingano*

## 1.1 Ururumi rw'igihugu

Ururimi rw'igihugu ruba akenshi ari uruvugwa na ba kavukire cyangwa se abatuye igice kinini cy'igihugu (Ntakirutimana, 2009, p. 17). Kubera ko mu bihugu bitari bike hari indimi nyinshi, guhitamo urujya kuri urwo rwego bikunze kugorana. Iyo utoranyije ururimi ukarushyira kuri uru rwego, uba ururutishije izindi zivugwa. Ibi rero bishobora gutuma abantu bacikamo ibice. Ni yo mpamvu ibihugu bifite indimi nyinshi usanga bihitamo kwicecekera kuri iyo ngingo (Kameruni[1], u Bugande[2], nb.). Hari n'ibishyira ku rwego rumwe indimi zose zivugwa muri icyo gihugu kugira ngo bishimishe abaturage. Muri Nijeri[3] (Niger), indimi 10 z'amoko 10 y'ingenzi atuye icyo gihugu zose zashyizwe ku rwego rw'indimi z'igihugu. Ntitubitindeho rero kuko ni ibintu byumvikana, ahubwo turebe inshingano zijyana n'icyo cyemezo.

1 https://www.axl.cefan.ulaval.ca/afrique/cameroun.htm
2 https://www.axl.cefan.ulaval.ca/afrique/ouganda.htm
3 Arabe, buduma, fulfulde, guimancema, haussa, kanuri, sonay-zarma, tamajaq, tassawaq, tubu. https://www.axl.cefan.ulaval.ca/afrique/niger.htm

Iyo igihugu cyemeje ururimi uru n'uru nk'ururimi rw'igihugu kigomba gukora ibishoboka byose kikarurinda, kikaruteza imbere ndetse kigafata ingamba kugira ngo abaturage babikeneye bashobore kurukoresha nta mbogamizi (Ntakirutimana, 2009, p. 16). Ese kuba Leta y'u Rwanda yaragize Ikinyarwanda ururimi rw'Igihugu yubahiriza inshingano zijyanye n'icyo cyemezo? Turaza kubisuzuma.

### 1.2 Ururimi rw'ubutegetsi

Ururimi rw'ubutegetsi ni uruhuza ubutegetsi n'abaturage ndetse n'abandi bantu bose bakeneye gushyikirana na bwo (Mugesera, 1987, p. 94). Rey-Debove na Rey (1995, p. 1525) basobanura ururimi rw'ubutegetsi nk' « *ururimi rwemewe na Leta cyangwa umuryango mpuzamahanga kugira ngo rukoreshwe mu nyandiko zose z'ubutegetsi* ». Ni yo mpamvu ibihugu n'imiryango mpuzamahanga usanga bifite indimi z'ubutegetsi nyinshi. Iyo usesenguye neza usanga ari icyemezo gikakaye kuko Leta cyangwa umuryango mpuzamahanga biba byiyemeje gukoresha indimi z'ubutegetsi zose kugira ngo bishyikirane n'ababigana bose. Ntibivuze ko buri muturage agomba kuzimenya zose, ahubwo aba yemerewe gushyikirana na Leta mu rurimi azi neza.

Birumvikana ko kugira indimi nyinshi z'ubutegetsi ari ikintu kiremerera Leta kuko igomba kuzikoresha zose mu nyungu za buri muturage. Mu Rwanda izi ngorane bazibonye kare maze mu Itegeko Nshinga bavuga ko « *Inyandiko z'ubutegetsi zishobora kuba mu rurimi rumwe cyangwa ebyiri cyangwa zose mu zemewe mu butegetsi* » (Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, 2015, ing. 8).

Mu miryango mpuzamahanga na ho ikibazo cy'indimi ni ingorabahizi. Umuryango w'Abibumbye wemera indimi z'ubutegetsi esheshatu[4]: Icyarabu, Igishinwa, Icyongereza, Igifaransa, Ikirusiya n'Icyesipanyore. Ariko iyo usesenguye usanga Icyongereza n'Igifaransa biryamira izindi.

Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ugizwe n'ibihugu 27. Indimi zemewe mu butegetsi ni makumyabiri n'enye[5]. Nk'uko twabibonye, bashatse ko buri munyamuryango awibonamo. Na ho ariko ni kimwe no mu Umuryango w'Abibumbye, Igifaransa n'Icyongereza bikoreshwa kurusha izisigaye.

Umuryango w'Afrika Yunze Ubumwe wemera indimi esheshatu[6]: Icyarabu, Icyongereza, Igifaransa, Igiporutige, Icyesipanyore n'Igiswayire. Mu bikorwa, na ho ni kimwe n'ahandi tumaze kubona.

4 https://ask.un.org/fr/faq/225001

5 Bulgare, Croate, Tchèque, Danois, Néerlandais, Anglais, Estonien, Finnois, Français, Allemand, Grec, Hongrois, Irlandais, Italien, Letton, Lituanien, Maltais, Polonais, Portugais, Roumain, Slovaque, Slovène, Espagnol, Suédois https://ec.europa.eu/stages/faq/which-are-official-languages-european-union_fr

6 https://au.int/fr/apropos/langues#:~:text=L'article%2011%20du%20Protocole,le%20fran%C3%A7ais

Mu Umuryango w'Afurika y'i Burasirazuba, indimi zemewe ni ebyiri[7]: Igiswayire n'Icyongereza. Na ho Icyongereza ni cyo gikoreshwa cyane. Nk'uko twabikomojeho, guhitamo izo ndimi 2 gusa byateje impaka. U Burundi bwifuje ko Igifaransa gishyirwa ku rutonde rw'indimi zemewe muri uwo Muryango kuko ari cyo bukoresha cyane. Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Burundi yavuze ko « *Kwemera Igifaransa ari ingenzi ku gihugu cye kuko kuba abagihagarariye muri uwo muryango bakoresha ururimi batisanzuramo, bituma badaharanira neza inyungu z'icyo gihugu »*[8]. Gusa kuva muri 2013 kugeza muri 2020, nta cyemezo cyafashwe. Igifaransa cyemewe nk'ururimi rw'uyu Muryango mu nama yahuje abakuru b'ibihugu biwugize, ku wa 27 Gashyantare 2021.

Ubusanzwe, igenandimi ntirishingira ku rurimi ubwarwo kuko indimi zose zingana[9] imbere y'amategeko (DUDL, 1996, ing. 10), nk'uko bimeze ku bantu. Indimi zose ziravugwa zikandikwa, zigira ikibonezamvugo n'amagambo aranga umuco hamwe n'amateka by'abazivuga. Igenandimi ahubwo rishingira ku nyungu cyane cyane iz'ubukungu n'iza poritiki cyangwa byombi. Rishingira kandi ku mibanire y'abantu rigamije kwimakaza ubumwe (kuvuga rumwe) cyangwa kuvangura. Igenandimi ni igikorwa umuntu yikorera atumbiriye inyungu runaka. Bikorwa bite rero?

## 2. **Ingamba ngenandimi**

*Indimi zigomba guhabwa umurongo ngenderwaho*

Ingamba ngenandimi ziri ukubiri. Hari uguha umurongo imikoreshereze y'indimi, hari no kutagira ikigenwa. Guha umurongo imikoreshereze y'indimi, ni ugufata indimi zivugwa mu gihugu, ukagena uko zikoreshwa. Kutagira icyo ugena, ni ukureka abantu bakirwariza. Byose biba bifite impamvu ariko. Mu mikorere, Leta cyangwa umuryango mpuzamahanga ni byo bifata ingamba. Biba byiza iyo inzobere mu by'indimi zigishijwe inama mbere yo gufata icyemezo.

### 2.1. Igenamikoreshereze

Kugena imikoreshereze y'indimi bireba inzego cyangwa ibigo bigengwa na Leta. Ntawutegeka umuntu ku giti cye uko akoresha ururimi (indimi). Aho byageragejwe, umusaruro wabaye muke cyane.

7 https://fr.wikipedia.org/wiki/Communaut%C3%A9_d%27Afrique_de_l%27Est

8 Epiphanie Kabushemeye, directeur général des relations multilatérales au ministère des Affaires étrangères, fait savoir que l'officialisation de cette langue sera fondamentale pour le Burundi. « Si les délégués du Burundi à l'EAC ne s'expriment pas dans une langue qu'ils maitrisent, cela peut constituer un défi à la défense de ses intérêts » https://www.iwacu-burundi.org/le-francais-une-langue-de-travail-de-leac-bientot/

9 https://www.elwatan.com/edition/contributions/la-langue-officielle-la-langue-nationale-et-le-cadeau-empoisonne-de-la-issaba-17-01-2021

Mbere yo kugena imikoreshereze, bisaba kubanza gukora inyigo, ukareba niba hari ikibazo koko cyangwa niba hari igishobora kuvuka, ukerekana ibikenewe ngo gikemuke, birimo n'ingengo y'imari. Nyuma ukerekana igihe bizafata n'uko bizagenda bikurikirana kuko byose bidashobora gukorerwa rimwe.

Umunyakanada Leclerc (1992, pp. 237-496), akurikije imiterere inyuranye y'ibihugu n'ibihabera, yakoze urutonde rw'ingamba nyinshi. Turagaruka ku zikunze gukoreshwa cyane[10]. Kuzishyira mu Kinyarwanda ntibyatworoheye, ariko byari ngombwa.

**2.1.1 Nsanisha**: gushishikariza cyangwa gutegeka abantu gukoresha ururimi rumwe (indimi nke muri nyinshi), bityo bakagenda bareka urwo (izo) bakoreshaga.

**2.1.2 Ngenerangeri** : kugenera buri ngeri y'ubuzima igengwa na Leta (itangazamakuru, ubutabera, ubuvuzi, amashuri, Inteko Ishinga Amategeko, ubuhinzi, nb.) ururimi rumwe (indimi nke) muri nyinshi zikoreshwa mu gihugu.

**2.1.3 Mbungabunzi**: kugenera indimi nyamuke aho zikoreshwa kugira ngo zitazazimira burundu.

**2.1.4 Zombi:** kwiyemeza gukoresha indimi ebyiri cyane cyane mu butegetsi. Tubisanga muri Kanada (Canada) no muri Kameruni (Cameroun). Mu bihugu 46 bigize Uburayi, 10[11] bikoresha iyi gahunda. Muri Afrika ibihugu 24[12] bifite iyi gahunda, dushyizemo n'ibyemera indimi zirenze ebyiri.

**2.1.5 Mbonerakarere:** kwemerera buri karere k'igihugu gukoresha ururimi rwako. Icyo gihe, umubare w'indimi zemewe mu butegetsi ugomba kungana n'umubare w'uturere.

**2.1.6 Mpeshagaciro:** gukangurira abantu guha agaciro ururimi rwabo kurushaho, bitabira kurukoresha cyane mu ngeri zose. Ivugurura ry'amashuri ryo muri 1979 ni cyo ryari ryimirije.

**2.1.7 Ntawamenya:** kwemera indimi nyinshi mu rwego rwo kwiteganyiriza kuko ntawamenya iyo bigana.

**2.1.8 Sagamba:** gushaka ko ururimi rukoreshwa ahantu henshi hashoboka ku isi.

**2.1.9 Nkomatanyi:** gukoresha gahunda nyinshi mu zavuzwe, kubera impamvu zitandukanye

10 Politiques linguistiques 1. assimilation; 2. sectorielle; 3. statut juridique différencié; 4. bilinguisme institutionel, 5. autonomie régionale; 6.récupération linguistique; 7. multilinguisme stratégique; 8. Internationalisation linguistique; 9. linguistiques mixtes

11 Belgique, Biélorussie, Bosnie-Herzégovine, Finlande, Irlande, Kosovo, Luxembourg, île de Malte, Norvège et Suisse https://www.axl.cefan.ulaval.ca/Langues/3cohabitation_Etats_souverains.htm#:~:text=1.4%20L'Europe%20bilingue,de%20Malte%2C%20Norv%C3%A8ge%20et%20Suisse.

12 Afrique du Sud, Algérie, Burundi, Cameroun, Cap-Vert, Centrafrique, Comores, Djibouti, Érythrée, Guinée équatoriale, Kenya, Lesotho, Madagascar, Maroc, Maurice, Mauritanie, Namibie, Ouganda, Rwanda, Seychelles, Swaziland, Tanzanie, Tchad, Zimbabwe https://www.axl.cefan.ulaval.ca/Langues/3cohabitation_Etats_souverains.htm#:~:text=1.4%20L'Europe%20bilingue,de%20Malte%2C%20Norv%C3%A8ge%20et%20Suisse.

1.2 **Kureka abantu bakirwariza**

Nubwo umuntu yagira ngo ni uburangare cyangwa kutita ku bintu, iyi ngamba irakoreshwa cyane mu bihugu byateye imbere. Ku byerekeye igenandimi, ariko bigamije guha agaciro ururimi rumwe byifuza ko buri wese akoresha. Tubibona muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika no mu bihugu byinshi by'i Burayi. Utazi Icyongereza ku ruhande rumwe n'Igifaransa ku rundi ruhande, arimenya. Reka ibi tubicumbikire aha maze tugaruke ku gukungahaza ururimi.

3. **Gukungahaza ururimi**

*Ururimi ni umutungo kamere, rugomba kubungwabungwa*

Iyo uvuze gukungahaza ururimi, kenshi abantu bumva kuruha amuga asobanura inshoza zo mu bumenyi bunyuranye. Nyamara, iyi ni intambwe ya nyuma, urebye. Iya mbere ni ukunoza imyandikire. Abantu bakumvikana uko bandika amajwi anyuranye y'ururimi rwabo ari na byo imyandikire y'amagambo n'interuro bishingiraho.

**3.1 Kunoza imyandikire**

Ku byerekeye imyandikire y'Ikinyarwanda, urugendo rwatangijwe na Padiri Hurel, mu wa 1911. Kugeza ubu, amabwiriza 10 anyuranye yaratanzwe (Hurel, 1911; Schumacher, 1921-1931; Classe, 1939; Nkongori, 1946; Kagame, 1960; Coupez, 1952-1980; Bagaragaza, 1974; Nsekalije, 1985; Mujawamariya, 2004; RALC, 2014). Hari n'andi ari mu nzira. Biragaragara ko Leta yinjiye mu kibazo cy'imyandikire y'Ikinyarwanda guhera mu wa 1974.

Gusimburana kw'amabwiriza gushingiye cyane ku iterambere mu iyigandimi. Nubwo akenshi imyandikire ishingira ku mahame rusange azwi, imiterere y'Ikinyarwanda (Bizimana, 2002) na yo izana ibyayo. Abashakashatsi rero bagomba kugira ibyo bumvikanaho, hakaba no kutihutira cyane guhindura ibyo abantu bamenyereye iyo bidakabije kunyuranya n'amahame. Kwirengagiza amahame rusange cyane cyane irivuga ko *"Ibivugwa kimwe bigomba kwandikwa kimwe"*, bitera urujijo no guhuzagurika mu mabwiriza no mu myandikire ubwayo. Ikindi kibazo umuntu ataca ku ruhande ni uko Ikinyarwanda kamere yacyo ari nyemvugo. Ingorane zo gukura ibintu mu mvugo ubishyira mu nyandiko zirazwi kandi zirasanzwe.

**3.2 Kwigisha ururimi mu mashuri**

Nta bundi buryo wateza ururimi imbere, utarwigishije mu byiciro byose by'amashuri. Na byo bireba Leta kuko ari yo igena ibyiciro by'amashuri n'ibiyigishwamo.

Iyo urebye, usanga kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri byaratangiranye na yo, ariko byahawe agaciro karushijeho mu wa 1979. Nibwo hafashwe icyemezo cyo kwigisha amasomo yose mu Kinyarwanda mu mashuri abanza ndetse Ikinyarwanda kigakomeza kwigishwa nk'isomo mu mashuri abanza n'ayisumbuye mu mashami yose.

Iyi gahunda yaje gukomwa mu nkokora n'abatiyumvishaga akamaro ko kwiga mu Kinyarwanda. Bumvaga ko utize mu Gifaransa atamenya ubwenge. Hajemo kandi no kuba iyo gahunda yarahutiweho, bityo ibikoresho biba bike, bitewe n'ubushobozi bw'igihugu. Abarimu na bo ntibari barateguriwe kuzuza inshingano zabo muri urwo rugendo rushya.

Muri iyo nkundura ariko hacujwe amuga menshi mu rwego rwo kuboneza inyigisho. Urutonde (Mineprisec, 1987) rwakungahaje Ikinyarwanda ku buryo bugaragara. Hakusanyijwe amuga hakurikijwe ingeri z'ubumenyi bwigishwaga. Hari kandi abanyeshuri bize mu Kinyarwanda, nyuma bakomeza kucyiga muri Kaminuza. Nibwo Agashami k'Indimi n'Ubuvanganzo Nyafurika kagize imbaraga. Abakigaga bacengeye Ikinyarwanda, batangira kugikoraho ubushakashatsi, bacyandikamo banacyandikaho. Ni na bo bagiye kucyigisha mu mashuri yisumbuye. Aha na ho biragaragara ko Leta yakoze uko ishoboye ngo iteze imbere Ikinyarwanda. Bimeze bite muri iki gihe?

Raporo y'itsinda ry'impuguke ryashyizweho na Minisiteri y'Uburezi muri 2016 ngo rigaragaze "*Ingamba zo guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda mu mashuri*" (Mineduc, 2016, p. 7) yerekana ko:

- Mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, Ikinyarwanda n'indangagaciro byahawe umwanya wa mbere mu masomo yose yigishwa muri icyo kiciro aho uburemere bwacyo ari 27 % mbere y'Icyongereza gifite 23 %.

- Mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, bitewe n'uko ururimi rwigishwamo ari Icyongereza, Ikinyarwanda n'indangagaciro byahawe umwanya wa gatatu mu masomo yose yigishwa muri icyo kiciro aho uburemere bwacyo ari 13 % kikabanzirizwa n'Icyongereza n'imibare bifite 23 % buri somo.

- Mu mashuri yisumbuye, mu kiciro rusange, Ikinyarwanda n'indangagaciro byahawe umwanya wa kane (nyuma y'imibare, ubumenyi n'Icyongereza) mu masomo yose yigishwa muri icyo kiciro kikagira umwanya wa kabiri mu ndimi zigishwa muri icyo kiciro; gifite uburemere bwa 7% igihe Icyongereza gifite 11 %.

- Mu mashuri yisumbuye mu mashami yigisha indimi Ikinyarwanda n' indangagaciro byahawe umwanya ungana n'uw'izindi ndimi aho gifite amasaha 7 mu cyumweru.

- Mu mashami y'ubumenyi n'ubumenyamuntu, Ikinyarwanda gihabwa amasaha 4 mu cyumweru, ni ukuvuga umwanya wa kabiri ugereranyije n'amasomo y'ingenzi y'iryo shami.

Imbonerahamwe[13] zikurikira zirerekana neza umwanya Ikinyarwanda gihabwa mu mashuri.

B. 1: Inshuro[14] indimi zigishwa mu cyumweru mu mashuri abanza

| Umwaka / Ururimi | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Igifaransa | 0 | 0 | 0 | 1 | 1 | 1 |
| Icyongereza | 7 | 7 | 7 | 7 | 7 | 7 |
| **Ikinyarwanda** | **8** | **8** | **8** | **4** | **4** | **4** |
| www.reb.rw | | | | | | |

B. 2 : Inshuro indimi zigishwa mu cyumweru mu mashuri yisumbuye dukurikije ururimi umuyeshuri azakeneka[15] cyangwa azamenya biciriritse[16]

| Umwaka / Ururimi | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Igifaransa | 1 | 1 | 1 | 7- 4 | 7- 4 | 7- 4 |
| Icyongereza | 7 | 7 | 7 | 7- 4 | 7- 4 | 7- 4 |
| **Ikinyarwanda** | **4** | **4** | **4** | **7- 4** | **7- 4** | **7- 4** |
| Igiswayire | 2 | 2 | 2 | 7- 4 | 7- 4 | 7- 4 |
| www.reb.rw | | | | | | |

Mu mashami yigisha Ubumenyi n'Ikoranabuhanga, hari aho Ikinyarwanda kitigishwa na busa. Twabajije Umuyobozi w'ikigo gifite amwe muri ayo mashami twabajije, yadusubije ko « *Muri sections za sciences bavuga ko indimi zigishwa mu gihe cy'amasaha 4 mu cyumweru, tugahitamo ururimi rumwe hagati y'Ikinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza n'Igiswayire. Buri kigo rero gihitamo kigendeye ku barimu gifite*».

Mu mashuri y'Imyuga n'Ubumenyingiro, raporo ya Mineduc (2016, p. 8) igira iti: "*Bitewe n'uko ikigo cya Leta gishinzwe guteza imbere Imyuga n'Ubumenyingiro (WDA) kikiri mu bikorwa byo kwiyubaka, isomo ry'Ikinyarwanda ntirirakorerwa integanyanyigisho mu mashuri y'imyuga y'igihe gito (VTC: Vocational Training Centers) n'ay'imyuga ku rwego rw'amashuri makuru (Diploma na Advanced Diploma: Integrated Polytechnic Regional Centers)"*. Aha na ho birakwiye ko hagira igikorwa, niba ntacyahindutse hagati aho.

13 Izi mbonerahamwe twazikoze twifashishije gahunda z'inyigisho zo mu wa 2015 (www.reb.rw)
14 Inshuro imwe ni iminota 40
15 Gukeneka : majeur
16 Kumenya biciriritse : mineur

Mu mashuri makuru na Kaminuza ntibishamaje. Raporo (Mineduc, 2016, p. 9) ivuga ko *"Ikinyarwanda kigishwa gusa mu mashuri 7 kuri 44 aba mu Rwanda. Mu mashuri ya Leta, Ikinyarwanda kigishwa muri Koreji 2 za Kaminuza y'u Rwanda, kikanigishwa no mu mashuri 5 yigenga. Ikinyarwanda gisanzwe kigishwa muri ayo mashuri ku buryo umunyeshuri urangije mu kiciro runaka ahabwa impamyabumenyi mu ishami rifitemo n'Ikinyarwanda".*

Raporo (Mineduc, 2016, p. 9) yanzura igira iti: "*Ikigaragara ni uko Ikinyarwanda kigishwa mu mashuri makuru ari Ikinyarwanda kitita cyane ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda n'ubumenyi bwo kuvuga ururimi ahubwo ari Ikinyarwanda gikoreshwa mu buryo bwa gihanga*". Aha twakwibaza niba amwe muri ariya mashuri 5 yigenga atarafunzwe mu minsi ishize, bityo ibintu bikaba byararushijeho guhumira ku mirari.

Biragaragara rero ko muri iki gihe, Ikinyarwanda gikeneye kwigishwa mu mashuri yose kandi neza. Ndashaka kuvuga umubare w'amasaha uhagije (reba CECRL)[17], abarimu bashoboye, imfashanyigisho zihwitse. Ikibazo cy'abarimu b'Ikinyarwanda basobanukiwe ni ingorabahizi. Agashami kigishaga indimi n'ubuvanganzo nyafurika muri Kaminuza, kagatanga abarimu n'abashakashatsi ntikakibaho. Ni icyuho Leta ikwiye kuziba hakiri uruhengekerezo kuko hari abize ako gashami bagihanyanyaza. Ikibazo gikomereye Ikinyarwanda ubu, ni uko iyo ukeneye ukizi, udashakira mu baminuje ahubwo ushakisha umuntu wo mu cyaro kure.

### 3.3. Gushyiraho inteko y'Ikinyarwanda

Mu bihugu byita ku rurimi uru n'uru, kubera impamvu zinyuranye twabonye, usanga bishyiraho inteko y'urwo rurimi cyangwa se agashami kihariye gashinzwe urwo rurimi. Dutange ingero 3.

- Muri Tanzaniya, ikigo kitwaga TUKI[18] cyaje guhinduka TATAKI[19] muri 2009, gishinzwe guteza imbere ururimi rw'Igiswayire kuva muri 1925. Ikizwi cyane mu byo cyanditse ni Inkoranyamagambo y'Igiswayire (Kamusi ya Kiswahili Sanifu).
- Muri KEBEKE (Québec), ibigo OLF[20] na TLFQ [21] bishinzwe kurinda no guteza imbere Igifaransa muri iyo ntara kuko ari nyamuke. Abakivuga babarirwa muri 20% muri Kanada.
- Mu Bufaransa, uretse Inteko y'Igifaransa izwi cyane, Minisiteri y'Umuco ifite Ubuyobozi bushinzwe ururimi rw'Igifaransa n'indimi z'Abafaransa (DGLFLF)[22]. Mu nshingano 7 ubwo buyobozi bufite, harimo *"Gushyigikira iyogera ry'Igifaransa, kugikungahaza no gufasha abantu kugikeneka"*[23].
- 

17 Cadre Européen Commun de Référence pour les LangueS
18 Taasisi ya Uchunguzi wa Kiswahili
19 Taasisi ya Taaluma za Kiswahili
20 Office de la Langue Française
21 Trésor de la Langue Française au Québec
22 Délégation générale à la langue française et aux langues de France
23 https://www.culture.gouv.fr/Nous-connaitre/Organisation/La-delegation-generale-a-la-langue-francaise-et-aux-langues-de-France

Izi ngero twazifashisha mu Rwanda. Mu nteko y'Ikinyarwanda, hababaho agashami kihariye gashinzwe amuga y'Ikinyarwanda. Ako gashami kakunganirwa nanone na Kaminuza, dore ko ari ho hagombye kubarizwa abashakashatsi mbere y'ahandi.

Twibutse kandi ko Abanyarwanda bifitemo impano yo gucura amagambo, bahereye cyane cyane ku miterere cyangwa umumaro w'ikintu (gumamurugo, kandagirukarabe, umuturirwa, mubazi, nb.). Ingero zindi twazishakira mu mazina y'imiti ya kinyarwanda, mu mazina y'inka, mu bitongero, mu bisigo, mu byivugo no mu mazina y'amagenurano. Uburyo bukoreshwa burazwi: ikomorajambo, iyungamagambo no gutira.

Mbere yo kwihutira gucura iryuga ariko, twagombye kubanza gusuzuma niba mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nta ryo twasangamo cyangwa twarisanisha. Aha biradukangurira nanone gusigasira ingeri zose z'ubuvanganzo nyarwanda kugira ngo dukungahaze Ikinyarwanda.

Ikindi twakwibutsa ni amazina Abanyarwanda baha ibyo bageraho. Iyo urebye amazina y'amahoteri, inyubako zinyuranye, utubari, farumasi, ibitaro, ibigo by'amashuri, ibigo bya Leta, wibaza byinshi ku hazaza h'Ikinyarwanda.

1.4 **Gukungahaza Abanyarwanda**

Indimi zose twirukira (Igifaransa, Icyongereza, nz.) si uko ziruta Ikinyarwanda, ni inyungu zidufitiye. Abazivuga bafite ibyo baturusha kandi dukeneye. Aha rero ni ho Leta isabwa guteza imbere Abanyarwanda kugira ngo izo nyungu ziboneke imbere mu gihugu, bityo n'abandi baze kuzishaka iwacu. Igihe Abanyarwanda bazaba bateye imbere, Ikinyarwanda kizaboneraho.

1.5 **Ibindi byakorwa**

Ibyakorwa mu rwego rwo gukungahaza Ikinyarwanda no kugiteza imbere ni byinshi, ntiwabirondora ngo ubirangize. Ndavuga iby'ingenzi ntitaye ku buremere bwabyo n'uwabikora. Ariko uko byagenda kose, Leta nta ho yabihungira.

1. Gushyiraho igenandimi rihamye mu Rwanda (Rurangirwa, 2012).
2. Kwigisha mu ma koleji ya Kaminuza amuga y'Ikinyarwanda ajyanye n'ibyo umunyeshuri yiga. Byatuma mu kazi ashobora kugikoresha adategwa kandi atavangavanze.
3. Gushyiraho umukozi ushinzwe ibyerekeye indimi mu nzego n'ibigo bya Leta ndetse no bigo byigenga. Byafasha abantu kudakomeza kwiyandikira uko babonye nta kinegu.
4. Gushyiraho amabwiriza agenga imyandikire y'ibyamamaza (ibyapa, amatangazo, nb.).
5. Gutera inkunga abahanzi/abanditsi bashishikajwe n'umuco nyarwanda.
6. Gucapisha bushya no gushyira mu ikoranabuhanga, ibitabo bya kera bitakiboneka henshi.
7. Kuzahura ubuvanganzo bw'abana.
8. Gushishikariza abato umuco wo gusoma ubuvanganzo nyarwanda.
9. Kwandika ibitabo bifasha abifuza kwiga Ikinyarwanda.

10. Gutegura amarushanwa cyangwa amaserukiramuco ku ngeri zinyuranye z'ubuvanganzo nyarwanda. Ni uburyo bukoreshwa henshi mu guteza ururimi imbere no kurukundisha abantu.
11. Gushyiraho inama nyunguranabitekerezo igamije gusuzuma uko Ikinyarwanda gihagaze mu ngeri zose, nibura buri myaka 5.
12. Gushyira ibigo ndangamurage, ndangamateka na nyaburanga aho bishoboka hose.

**Umwanzuro**

Mu Rwanda, amategeko aha Ikinyarwanda umwanya ukwiye. Ikinyarwanda ni ururimi rw'Igihugu kikaba n'ururimi rwemewe mu butegetsi. Nta kindi Leta yarenzaho rero. Ikibura ni ugushyira mu bikorwa ibyo amategeko ateganyiriza Ikinyarwanda.

Guteza imbere Ikinyarwanda ariko ntibigomba guharirwa Leta gusa, nubwo ari yo igomba kujya ku ruhembe rw'imbere. Abantu ku giti cyabo kimwe n'amatsinda y'abantu na bo bakwiye kwambarira urwo rugamba. Aha nashima Inteko Izirikana, nkaboneraho gukangura abanditsi, abanyamakuru, abahanzi mu ngeri zose, abarimu n'abandi bose bafite inkomanga ku mutima iterwa n'ahazaza h'Ikinyarwanda. Minisiteri y'Uburezi, Minisiteri ishinzwe umuco hamwe na za Kaminuza bakwiye kugira icyo bakora gifatika.

**Indangasoko**


Bagaragaza, T. (1974). *Instruction ministérielle No 05/03/492 du 6 février 1974 relative à l'uniformisation de l'écriture du kinyarwanda.* Kigali: MINEDUC

Bizimana, S. (2001). Imyandikire y'Ikinyarwanda. In *Inama nyunguranabitekerezo ku guhesha agaciro Ikinyarwanda*, 10-12 Mata 2001, p. 23-45. Butare: IRST

Bizimana, S. (2002). *Imiteêrere y'îkinyarwaanda, II.* Butare: IRST

Classe, L. (1939). Orthographe du runyarwanda. *Instructions pastorales (extraits des lettres circulaires 1922-1939)*, n° 36. Kabgayi: Vicariat Apostolique

--------- (1996) *Déclaration universelle des droits linguistiques* (DUDL*).* Barcelone

Hurel, E. (1911). *Manuel de grammaire du Kinyarwanda.* Berlin

Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, (2012). *Raporo y'inama y'itsinda ry'impuguke ku ivugurura ry'amabwiriza agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda*, Kigali

Jacob, I. (1983, 1985, 1987). *Dictionnaire Rwandaise-Français, I, II & III*, Butare: INRS

Leclerc, J. (1992). *Langue et société*. Laval: Mondia

MINEDUC. (2016). *Ingamba zo guteze imbere ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda mu mashuri.* Kigali

MINEDUC. (2004). *Amabwiriza y'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.* Kigali

Mineprisec. (1987). *Lexique terminologique Urutonde*. Kigali

MINEPRISEC. (1985). *Amabwiriza ya Minisitiri N° 13.02/03.2/003 yo ku wa 2 Nyakanga 1985 yerekeye inyandiko yemewe y'Ikinyarwanda.* Kigali

Mugesera, L. (1987). *Principes et méthodes de la recherche terminologique au Rwanda. Essai d'établissement d'un modèle de création terminologique en langue nationale (Ikinyarwanda)*. Québec: Université Laval (thèse de doctorat).

Nkongoli, L. (1946). *Ikibonezamvugo cy'amashuri yo mu Rwanda.* Kabgayi

Nkusi, L. (1981). *Le kinyarwanda peut-il devenir un instrument de communication scientifique moderne?*. In *Éducation et Culture*, n[os] 7-8, p. 131-135.

Ntakirutimana, E. (2009). *Questions d'aménagement linguistique, notes de cours à l'usage des étudiants*. Butare: UNR.

Ntakirutimana, E. (2002). *La langue swahili comme base d'unification dans la région des Grands Lacs africains*. Québec: Université Laval (thèse de doctorat)

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu wa 2003 ryavuguruwe mu 2015 in *Official Gazette n° Special of 24/12/2015*

Rey-Débove, J. et Rey, A. (dir.). (1995). *Le nouveau Petit Robert.* Paris

Rurangirwa, S. (2012). The Absence of Kinyarwanda in the Current Language Policy of Rwanda. In *The Journal of Pan African Studies*, vol.5, no .8, p. 169

Schumacher, P. (1921-1922, 1923-1924, 1929, 1931) «La phonétique du Kinyarwanda». *Anthropos*, n° 16-17 p. 326-342, 18-19 pp. 688-699, 24 pp. 77-86, 26 pp. 413-433

**Imbuga twifashishije (Mutarama 2021)**

https://www.axl.cefan.ulaval.ca/afrique/cameroun.htm
https://www.axl.cefan.ulaval.ca/afrique/ouganda.htm
https://www.axl.cefan.ulaval.ca/afrique/niger.htm
https://www.iwacu-burundi.org
https://www.elwatan.com
https://www.culture.gouv.fr
http://www.reb.rw
https://ec.europa.eu
https://fr.wikipedia.org/wiki/Langues_officielles_de_l%27Union_europ%C3%A9enne
https://ask.un.org/fr/faq/225001
https://fr.wikipedia.org/wiki/Communaut%C3%A9_d%27Afrique_de_l%27Est
https://www.axl.cefan.ulaval.ca/Langues/3cohabitation_Etats_souverains.htm#:~:text=1.4%20 L'Europe%20bilingue,de%20Mal te%2C%20Norv%C3%A8ge%20et%20Suisse.
https://www.culture.gouv.fr/Nous-connaitre/Organisation/La-delegation-generale-a-la-langue-francaise-et-aux-langues-de-France

# IKORANYAMAGAMBO NO GUKUNGAHAZA IKINYARWANDA

**NIKUZE Emmanuel**
*Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko (RLRC)*
**Imeri: nikuzeemmanuel@gmail.com**

**Incamake**

Umuvuduko w'iterambere ujyana n'amuga mashya akoreshwa mu kuvuga ibintu n'inshoza bishya bigenda bivumburwa mu nzego zose z'ubumenyi n'imibereho y'abantu. Ntagishobora gukorwa mu ngeri iyo ari yo yose y'ubumenyi n'ikoranabuhanga hatifashishijwe ayo muga. Ikinyarwanda, nk'ururimi rwumvwa na bose mu Gihugu, ni umuyoboro ntagereranywa wafasha abenegihugu bose kujijuka, guhanga no guhererekanya ubumenyi n'ikoranabuhanga mu buryo bwihuse, ari byo musemburo w'iterambere. Icyakora, kugira ngo Ikinyarwanda kibe umuyoboro uhamye w'ubumenyi n'ikoranabuhanga, ni ngombwa ko gikungahazwa mu muga akenewe mu ngeri zose z'ubumenyi n'ikoranabuhanga. Iyi nyandiko iribanda ku kugaragaza uruhare rw'ikoranyamagambo mu gukungahaza Ikinyarwanda binyuze mu guhanga amuga no mu gusakaza amuga yagezweho.

**Amagambo y'ingenzi:** *amuga, igenamuga, ikoranyamagambo, ikoranyamuga*

**Abstract**

Rapid economic and social development entails the need for specialised terms to name new concepts and things in different areas of knowledge and life. Nothing can be done in any field of science and technology without the use of such terms. Kinyarwanda, as the communication medium par excellence for all Rwandans, is very crucial to ensuring citizen education and effective creation and transfer of knowledge and technology, which are catalysts for development. However, in order to play its full role of accelerating development and transfer of knowledge and technology, Kinyarwanda has to be enriched with much-needed specialised terms in all the relevant fields of science and technology. This paper will discuss two ways in which lexicography can contribute to terminological enrichment of Kinyarwanda in terms of creation and dissemination of terminologies.

**Keywords:** *terms, terminology, lexicography, terminography*

## Intangiriro

Uko ikoranabuhanga n'ubumenyi birushaho gutera imbere ni na ko havuka ibintu bishya bigomba gushakirwa amagambo abivuga ku buryo budahusha, buri nshoza cyangwa ikintu kikabonerwa ijambo rikivuga ku buryo nyabwo. Ayo magambo ni yo yitwa amuga, ni ukuvuga "amagambo y'umwuga", naho ubuhanga bwo gushyiraho amuga mu rurimi uru n'uru bukitwa igenamuga (Bizimana 1982, p. 96). Mu bihugu byateye imbere, amuga aremwa n'abahanga cyangwa impuguke muri buri ngeri y'ubumenyi, kuko ari bo baba basobanukiwe neza inshoza cyangwa imiterere y'ibyo bashaka kwita. Iyo ururimi rukoreshwa mu ngeri y'ubumenyi iyi n'iyi, guhanga amuga bijyana n'ibikorwa muri iyo ngeri, bigasa nk'ibyikora. Umurimo w'abahanga mu by'amuga rero usigara ari uwo kurobanura, gukusanya, gusesengura no kumurika amuga mu nkoranyamagambo icapye cyangwa ikoze mu buryo

bw'ikoranabuhanga. Ubwo buhanga bwo kumurika amuga ni bwo bwitwa ikoranyamuga. Akenshi ubwo bushakashatsi bwitabaza uburyo bw'indundo zigizwe n'imyandiko ya gihanga myinshi iba yarakusanyijwe mu ngeri y'ubuhanga igenderewe na porogaramu za mudasobwa zifashishwa mu gushakisha no gusesengura amuga mu ndundo (L'Homme 2004). Nanone inzego zibifitiye ububasha ziba zigomba kwemeza iryuga mbonera, kuko akenshi impuguke mu kazi kazo ka buri munsi zihanga amuga intatane ugasanga ikintu kimwe cyariswe amuga menshi. Muri macye twavuga ko mu ndimi zatejwe imbere mu bijyanye n'ubumenyi n'ikoranabuhanga, guhanga amuga ari umurimo w'impuguke mu ngeri zinyuranye z'ubumenyi, mu gihe gukusanya amuga, kuyasesengura no kuyamurika ari umurimo w'abahanga mu igenamuga n'ikoranyamagambo. Icyakora, ku ndimi zidakoreshwa mu buryo bugaragara mu bumenyi n'ikoranabuhanga, si uko byifashe.

Mu ndimi nk'izo, umurimo wo gushyiraho amuga ntiwihuta uko bikenewe, kandi uko ni na ko bimeze ku Kinyarwanda. Ibyo biterwa n'uko abakora mu ngeri z'ubumenyi zinyuranye bakoresha amuga aba yarahanzwe mu ndimi z'amahanga baba barizemo ubwo bumenyi. Ku bijyanye n'ururimi rw'Ikinyarwanda by'umwihariko, kuba kidakoreshwa mu ngeri nyinshi z'ubumenyi bituma abahanga mu iyigandimi n'igenamuga ari bo bahangwa amaso mu bijyanye no gushakira Ikinyarwanda amuga mashya, uruhare ubusanzwe rwakabaye ari urw'impuguke zo muri izo ngeri z'ubumenyi. Usanga ahubwo abahanga mu ndimi no mu igenamuga bitabaza izo mpuguke kugira ngo zibafashe kumva neza inshoza cyangwa imiterere y'ibintu bashakira amuga, kuko bo badashobora kubicengera neza nk'impuguke zibikoramo. Nanone bitabaza impuguke mu mirimo yo kwemeza amuga yamaze guhangwa.

Gukusanya amuga mu Kinyarwanda bikorwa ahanini hadashingiwe ku ndundo zifatika, kuko bitoroha kubona imyandiko ya gihanga iri mu Kinyarwanda ikungahaye ku muga. Ahubwo hakoreshwa inzira y'ihinduramuga, aho bafata amuga yo mu Cyongereza cyangwa Igifaransa, bakarema ay'Ikinyarwanda bihuye cyangwa bakayatira mu rutonde rusange rw'Ikinyarwanda, bakayongerera inshoza nshya. Iyo amuga mashya abonetse, aba agomba gusakazwa mu buryo butandukanye kugira ngo acengere mu mikoreshereze y'ururimi, cyane cyane mu nzego ziyakenera. Ibi bituma ikoranyamagambo ribonwa nk'uburyo bwiza bwo gukungahaza ururimi. Iyi nyandiko igamije kurushaho kumva uko ikoranyamagambo ry'Ikinyarwanda ryagira uruhare mu kugikungahaza ku muga. Urwo ruhare turarureba mu buryo bubiri bw'ingenzi: mu kurema amuga no mu kuyasakaza. Icyakora, ntitwavuga uruhare rw'ikoranyamagambo mu gukungahaza Ikinyarwanda tudasobanuye icyo ikoranyamagambo ari cyo.

1. **Ikoranyamagambo ni iki?**

Bergenholtz na Gouws (2012, p. 39) bavuga ko ikoranyamagambo ari ubumenyi bwo gusesengura no kujora inkoranyamagambo zaba izanditswe vuba n'iza kera, bukita ku gusesengura imiterere y'inkoranyamagambo, icyo zigamije, uko zandikwa, abakenera inkoranyamagambo n'ibyo baba bazitezeho, ibyo zikoreshwa n'uko zikoreshwa, hagamijwe kureba uko inkoranyamagambo

zisanzweho zanonosorwa cyangwa uko inkoranyamagambo nshya zandikwa zarushaho kunogera abazikoresha. Ubwo bumenyi umuntu yanabwita ubumenyankoranya mu yandi magambo. Abo bahanga mu by'inkoranya bakomeza batanga ikindi gisobanuro cy'ikoranyamagambo ari na cyo twibandaho muri iyi nyandiko. Bavuga ko ikoranyamagambo ryumvikana nanone nk'ubumenyi ngiro cyangwa ubugeni bwo gutegura, kwandika, kunoza no gutunganya inkoranyamagambo nshya cyangwa kunonosora izisanzweho. Bemeza inkoranyamagambo nziza ari iyanditswe hashingiye ku mirongo ngenderwaho cyangwa amahange y'ubumenyankoranya. Ku bw'ibyo, hari amahame uwandika inkoranya aba agomba kwitaho mbere yo gutangira uwo murimo.

Abashakashatsi nka Tarp (2000, p. 195; 2004, p. 225) na Nkomo (2008, p. 53-54) bemeza ko ihame rya mbere utegura inkoranyamagambo aba agomba kwitaho ari ukumenya neza abo inkoranya itegurwa igenewe abo ari bo. Ibyo bikubiyemo kumenya urugero rw'ubumenyi bafite mu rurimi inkoranyamagambo irimo no mu ngeri y'ubumenyi ivugaho niba ari inkoranya y'amuga. Ibyo bifasha kumenya ingano y'amakuru ashyirwa mu nkoranyamagambo. Bakomeza bavuga ko ihame rya kabiri ari ukumenya ibibazo bituma abantu bakoresha inkoranyamagambo, ni ukuvuga imimerere yo mu buzima busanzwe ituma umuntu akenera kureba mu nkoranyamagambo. Abo bashakashatsi mu bumenyankoranya bemeza ko hariho ibibazo bibiri by'ingenzi bituma abantu bakoresha inkoranyamagambo: gukenera kongera ubumenyi n'ikibazo cy'ubwumvane.

Ikibazo cyo kunguka ubumenyi kibaho nk'igihe umuntu ashaka amakuru ku ngingo runaka mu ngeri y'ubumenyi yihariye, cyangwa se akaba ashaka kwiga ururimi rw'amahanga. Muri icyo gihe, ashobora kureba mu nkoranya z'amuga y'ubuhanga cyangwa mu nkoranya nzimburabumenyi, cyangwa se agakoresha inkoranyamagambo zagenewe gufasha abiga ururimi.

Ku rundi ruhande, ikibazo cy'ubwumvane cyo gishobora kugaragara mu buryo bubiri. Umuntu ashobora kureba mu nkoranya ashaka ubufasha mu gusiganura cyangwa gusobanura umwandiko. Ibyo biba nk'igihe umuntu ashakisha igisobanuro cy'ijambo atazi ahuye na ryo mu mwandiko. Nanone umuntu ashobora kwifashisha inkoranyamagambo ashaka amakuru yamufasha kumenya uko yakoresha neza ururimi mu guhanga umwandiko cyangwa mu mivugire. Ibyo bibaho nk'igihe umuntu ashakisha ijambo yakoresha haba mu rurimi rumwe cyangwa mu rurimi ahinduramo umwandiko, cyangwa igihe ashaka kumenya niba iryakoreshejwe rikwiye.

Ihame rya gatatu rivuga ko inkoranyamagambo nziza yose yagombye kuba isubiza ku buryo bunoze ikibazo runaka cyateye umuntu kuyirebamo, akagera ku byo akaneye nta kurindagira (Tarp 2000, p. 195). Tarp (2007, p. 172) avuga nanone ko ibyo bikenerwa n'ukoresha inkoranyamagambo, ari na byo inkoranya iba igomba kumugezaho, ari amakuru. Ukoresha inkoranya ayirebamo ashaka amakuru yamufasha gukemura ibibazo bitandukanye by'ubumenyi cyangwa by'ubwumvane.

Irindi hame ry'ingenzi utegura inkoranyamagambo aba agomba kwibandaho ni ukuzirikana icyo inkoranya igamije. Mu gusobanura iyo ngingo, Gouws (2004, p. 265) avuga ko inkoranyamagambo igomba kwandikwa ku buryo umuntu uzayikoresha mu mimerere runaka azabasha kuyirebamo nta nkomyi akagera ku ntego yatume ayirebamo. Inkoranyamagambo iba igomba kurebwamo mu buryo bugera ku ntego kandi uyikoresha akabona amakuru akeneye. Ibyo byerekeza ku rindi hame ry'ingenzi ry'ikoranyamagambo ari ryo kumenya imimaro y'inkoranyamagambo.

Imimaro y'inkoranyamagambo ni kimwe mu bintu by'ingenzi umwanditsi wayo agomba kwitaho. Tarp (2000, p. 196) asobanura ko umumaro w'inkoranyamagambo ari ubushobozi bwayo bwo gutuma uyikoresha abona ibyo yashakaga mu mimerere runaka. Imimaro y'inkoranyamagambo ijyana iteka n'imimerere abantu bazikeneramo. Ku bw'ibyo habaho imimaro y'inkoranyamagambo y'uburyo bubiri bijyanye n'imimerere ibiri yavuzwe haruguru: imimaro nyabumenyi n'imimaro nyabwumvane (Tarp 2000, p. 197).

Nk'uko Bergenholtz na Tarp (2003, p. 176) babisobanura, imimaro nyabumenyi ikubiyemo gutanga amakuru yo mu rwego rw'umuco n'ubumenyi, gutanga amakuru yerekeranye n'ingeri y'ubumenyi iyi n'iyi cyangwa gutanga amakuru ku bumenyi bw'ururimi, urugero nko kongerera ubumenyi uwiga urundi rurimi. Ku rundi ruhande, imimaro nyabwumvane ikubiyemo gufasha ukoresha inkoranya kumva umwandiko mu rurimi kavukire cyangwa mu rundi rurimi, guhanga umwandiko cyangwa kuvuga mu rurimi kavukire cyangwa mu rundi rurimi, guhindura umwandiko uva mu rurimi rumwe ujya mu rundi, no gukosora umwandiko mu rurimi kavukire cyangwa mu rundi rurimi.

Iyo umwanditsi w'inkoranyamagambo amaze kugena abazakoresha inkoranyamagambo, ibyo bakeneye, ibibazo igamije gukemura n'imimaro yayo bimufasha kumenya uko inkoranyamagambo ye igomba kuba iteye n'ibyiciro by'amakuru izagaragaza. Aha turavuga imiterere y'inkoranya mu buryo bw'igitabo, icyakora amahame arimo anareba inkoranya zikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga n'izikoze mu buryo bw'imbuga za murandasi. Imiterere y'inkoranyamagambo ni uburyo amakuru ashyirwa mu bice bitandukanye bigize inkoranyamagambo ku buryo butuma agerwaho mu buryo bworoshye kandi ntatakare. Iyo miterere ishingira ku myubakire y'inkoranya ubwayo, ni ukuvuga ibice biyigize, ndetse no ku buryo bw'ishakisha bukoreshwa mu nkoranya.

Gouws (2003, p. 34) asobanura ko imiterere nyamyubakire (*frame structure*) y'inkoranyamagambo igirwa n'ibice bitatu by'ingenzi ari byo iriburiro, indundo, n'umugereka iyo bibaye ngombwa, buri cyose muri ibyo bice by'ingenzi na cyo kikagira imiterere yacyo. Indundo (*macrostructure*) ni cyo gice cy'ingenzi kidashobora kubura mu nkoranyamagambo. Indundo ni yo iba ikubiyemo amagambo yinjijwemo n'imvugajambo (*microstructure*) ziyasobanura. Uko amagambo yinjizwa, imiterere y'imvugajambo n'ibizigize, ibyo byose umwanditsi w'inkoranyamagambo abigena bitewe n'icyo igamije n'abo igenewe. Nanone ni byo bimufasha kugena amakuru ashyirwa mu nkoranyamagambo.

Bityo, mu gihe inkoranyamagambo zigenewe gufasha umuntu kumva umwandiko zibanda ku gutanga ibisobanuro birambuye by'ijambo, izigenewe gufasha guhanga umwandiko zo zibanda ku mikoreshereze y'ijambo mu nteruro, ku ngero zigaragaza uko rikoreshwa, ku magambo ajyana n'iryo jambo mu kurema injyano, n'ibindi. Ku rundi ruhande, inkoranya yahariwe gufasha mu mirimo y'ubuhinduzi izibanda ku kwerekana ijambo mu rurimi nunaka n'iryo bihuje mu rundi rurimi no gutanga amakuru afasha kutitiranya imico n'imiterere y'indimi. Inkoranya igamije kungura abantu ubumenyi yo izibanda ku gusobanura inshoza z'ubumenyi cyangwa ibintu uko biri mu isi, aho gusobanura inyito z'amagambo.

Uretse imiterere nyamyubakire y'inkoranyamagambo, inkoranyamagambo igira n'icyo twakwita imiterere y'ishakisha (access structure), ni ukuvuga inzira ukoresha inkoranyamagambo anyuramo kugira ngo agere ku ijambo ashaka no ku makuru akeneye ari mu bisobanuro byatanzwe kuri iryo jambo bitamutwaye igihe kinini n'imbaraga nyinshi (Gouws 2001, p.101, 102; Gouws & Prinsloo 2005, p. 64). Nko muri uru rwego, kimwe mu bintu abandika inkoranyamagambo z'amuga bakwiye kwitondera ni ukudakurikiza buhumyi imyumvire ishingiye ku iyigandimi yashinze imizi mu banditsi b'inkoranyamagambo z'indimi bantu, yo kwinjiriza ijambo ku nyuguti itangira igicumbi, ibintu bitagira icyo byungura ukoresha inkoranyamagambo uretse kumurindagiza (Nikuze 2014, p.104).

Muri make, ku rwego rw'umuntu ku giti cye, inkoranyamagambo ni igikoresho cy'ururimi gifite intego y'ingenzi yo gutanga amakuru. Amakuru ayishyirwamo aterwa n'abo igenewe, aho izakoreshwa, ibyo bazayishakamo, icyo igamije n'imimaro yayo, kandi ayo makuru agomba gushyirwa mu nkora mu buryo butuma kuyageraho byoroha. Ku rundi ruhande ariko, imimaro y'inkoranyamagambo ntigarukira gusa ku gutanga ibisubizo ku bibazo umuntu ku giti cye ahura na byo mu bijyanye n'ururimi cyangwa ubumenyi. Inkoranyamagambo zigira n'uruhare rw'ingenzi mu guteza imbere urubumbambaga nk'uko ingingo ikurikira ibisobanura.

2. **Uruhare rw'ikoranyamagambo mu guteza imbere urubumbambaga**

Ku rwego rw'imbaga cyangwa umuryango mugari w'abenerurimi, inkoranyamagambo zigira umumaro urenze uwo guha umuntu amakuru. Birazwi ko ururimi rujyanya n'umuco w'abaruvuga. Ikoranyamagambo nk'ubuhanga bwo kwandika no gutunganya inkoranyamagambo, rifite uruhare rw'ingenzi mu gusigasira no guteza imbere ururimi n'umuco, no kujijura abenerurimi. Kuri iyo ngingo, Hartmann (1987, p. 124) avuga ko inkoranyamagambo ifatwa nk'isoko y'amakuru yizewe, imfashanyigisho n'intwaro yo gusigasira no guteza imbere indangagaciro n'intekerezo by'urubumbambaga. Yong na Peng (2007, p. 3) na bo bitsa kuri uwo mumaro nyamuryango w'inkoranyamagambo aho bavuga ko ku rwego rw'umuryango mugari, inkoranyamagambo ari "ikigega cy'amagambo y'ururimi".

Bityo rero, nubwo gukungahaza ururimi atari yo ntego rukumbi y'ikoranyamagambo, amateka y'ikoranyamagambo agaragaza neza ko inkoranyamagambo zagiye zigira uruhare rw'ingenzi mu

guteza imbere ururimi, umuco ndetse n'ubumenyi. Ababyumvise kera babonye ko gushyira umuco n'ururimi byabo mu nkoranyamagambo ari imwe mu ngamba zo guteza imbere urubumbambaga, gusigasira, gusakaza no guhererekanya ubumenyi. Urugero, ni nk'inkoranyamagambo yanditswe biyobowe n'abahanga bo mu Bufaransa ari bo Denis Diderot na Jean le Rond d'Alembert mu gihe cy'abacurabwenge b'urumuri mu kinyejana cya 18, yiswe *Encyclopédie ou Dictionnaire raisonné des sciences, des arts et métiers.* Mu gusobanura intego y'uwo murimo mu iriburiro ryayo, bavuze ko intego y'iyo nkoranya yari iyo " *kwegeranya ubumenyi bwose buri ku isi iyo buva bukagera, kubugeza ku bariho no ku bisekuru bizaza, kugira ngo abo mu bisekuru bizaza bazungukirwe n'ibyo abababanjirije bagezeho, ntibibe imfabusa; kugira ngo abuzukuru na bishywa bacu, batazabura kuturusha ubumenyi, bazabe abantu bagira ubupfura n'ihirwe, tutazabura icyo twibukirwaho nk'abantu."*[24]

Byongeye kandi, uretse imimaro y'inkoranyamagambo yasobanuwe haruguru kandi yibanda ku muntu ku giti cye ukoresha inkoranya, Tarp na Gouws (2008) bakomoza ku wundi mumaro inkoranya zigira wo gushyigikira cyangwa gushimangira poritiki y'indimi. Ku bw'aba bashakashatsi, abanditsi b'inkoranyamagambo baba bagomba kuzirikana poritiki z'indimi zinyuranye zirebana n'ibikubiye mu nkoranyamagambo barimo bandika kandi bagafata imyanzuro runaka ku bijyanye no gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'inzego zifata ibyemezo mu bijyanye n'ururimi (Tarp & Gouws 2008, p. 233). Muri ubwo buryo, inkoranyamagambo zigira uruhare mu kwerekana ibyemewe, mu gushishikariza abantu imikoreshereze yemewe no kureka cyangwa kwirinda imikoreshereze ibujijwe. Icyakora baba bagomba gushyira ku munzani bagakurikiza poritiki y'ururimi batirengagije ibikenewe n'abo inkoranya igenewe mu by'ukuri. Hamwe mu hantu poritiki y'indimi ishobora kugira ingaruka ku ikoranyamagambo ni mu bijyanye na poritiki y'amuga. Poritiki y'amuga iba ikubiyemo kugena amuga yemewe mu ngeri z'ubumenyi ubu n'ubu n'ibisobanuro byayo. Bityo, abandika inkoranya zibanda ku ngeri z'ubumenyi zitandukanye baba bagomba kuzihuza na poritiki bijyanye yo mu rwego rw'amuga. Iyo abanditsi b'inkoranyamagambo bashyize mu bikorwa ibitegetswe n'inzego zishinzwe igenandimi, inkoranyamagambo ihinduka igikoresho ububasha bw'izo nzego bwigaragarizamo ku benerurimi.

Ndetse akenshi usanga umuntu ukoresha inkoranyamagambo yubaha ibitegekwa n'inkoranyamagambo nubwo yaba atazi ibyo izo nzego zabigennye zishinzwe. Mu ndimi zandikwa, usanga inkoranyamagambo ari igikoresho cy'ibanze abenerurimi bashakiramo amakuru ajyanye n'imikoreshereze inoze y'ururimi ndetse bakazikoresha biyungura ubumenyi haba mu rurimi ubwarwo ndetse no mu zindi ngeri z'ubumenyi. Abakoresha ururimi, abashakashatsi banyuranye ndetse n'abakora imirimo y'ubuhinduzi bazifashisha nk'isoko yemewe, yiringirwa y'amakuru. Akenshi berekeza ku cyo inkoranya iyi n'iyi ivuga nk'aho ari umuntu nyakuri cyangwa urwego rwemewe. Kuba amakuru yo mu nkoranyamagambo afatwa nk'ukuri cyangwa nk'itegeko bigaragaza ko inkoranyamagambo ari igikoresho ntagereranywa mu gukungahaza no guteza imbere ururimi. Ibyo ni ingenzi cyane kurushaho ku ndimi nk'Ikinyarwanda aho usanga inyandiko za gihanga ari ingume.

24 L'Encyclopédie de Diderot et D'Alembert : Résumé, consulté le 14/02/2021 en ligne sur http://salon-litteraire.linternaute.com/fr/resume-d-oeuvre/content/1861904-l-encyclopedie-de-diderot-et-d-alembert-resume

Nubwo ikoranabuhanga mu itumanaho n'itangazabumenyi byahinduye uburyo abantu bashakamo amakuru n'uburyo bayakoresha, inkoranyamagambo nk'isoko iruta izindi y'amakuru ku rurimi, iracyafite umwanya ukomeye mu muryango mugari muri rusange. Biragaragara rero ko ikoranyamagambo ari imwe mu nzira zo gushyira mu bikorwa poritiki y'indimi, by'umwihariko mu bijyanye no gukungahaza ururimi ku muga.

3. **Uko Ikoranyamagambo ryafasha mu gukungahaza Ikinyarwanda**

Mbere na mbere, ni ngombwa kubanza kwibutsa ko abanditsi b'inkoranyamagambo batarema amagambo mashya. Umurimo wabo ni ukwegeranya no kugaragaza amagambo yacengeye mu rurimi n'amuga yahanzwe n'abo bireba no kuyatangaho ibisobanuro n'andi makuru ya ngombwa. Bihatira kwerekana amagambo y'ururimi uko ari; rimwe na rimwe berekana amagambo aboneye cyangwa bakanenga amagambo babona ko akocamye. Guhanga amagambo mashya byo ni igikorwa cy'abenerurimi muri rusange iyo ari amagambo akoreshwa mu mvugo isanzwe. Guhanga amuga, ku rundi ruhande, ni igikorwa cy'impuguke mu ngeri ishakirwa amuga cyangwa abahanga mu igenamuga bisunze impuguke. Nubwo umuntu ashobora guhanga amuga akanayashyira mu nkoranyamagambo, biragaragara ko ari imirimo ibiri itandukanye, umurimo wo kwandika inkoranyamagambo ntukubiyemo kurema amuga nubwo ari magirirane. None se ni mu buhe buryo ikoranyamagambo rigira uruhare mu gukungahaza ururimi? Kugira ngo dusubize icyo kibazo, ni ngombwa kwibutsa ko ikoranyamagambo rigira impu ebyiri bitewe n'uko yibanda ku mvugo rusange cyangwa ku mvugo ya gihanga, ari zo ikoranyamagambo rusange n'ikoranyamuga.

3.1. **Ikoranyamagambo rusange n'uburyo rikungahaza Ikinyarwanda**

Ikoranyamagambo rusange ryibanda ku kugaragaza no gusesengura urusange rw'amagambo gikwira yose y'ururimi cyangwa amagambo menshi uko bishoboka kose. Icyakora, nubwo inkoranyamagambo rusange zitibanda ku muga akoreshwa mu ngeri zihariye z'ubumenyi, zigira uruhare ruziguye mu gukungahaza ururimi. Urwo ruhare rugaragara nibura mu buryo bubiri.

Mu buryo bwa mbere, inkoranyamagambo rusange ni zo zikwira cyane muri rubanda, zikabagezaho amakuru ajyanye n'ubumenyi bw'ururimi, hakubiyemo n'amagambo mashya rugenda rwunguka. Nubwo inkoranyamagambo z'ururimi rusanzwe zidashobora gushyirwamo amuga yose aboneka muri urwo rurimi, buhoro buhoro amwe muri ayo muga agenda ashyirwa muri izo nkoranya. Ibyo biterwa n'uko abanditsi bazo baba babona ko ayo muga amaze kumenyerwa bihagije ku buryo arenga imbibi zisanzwe zitandukanya imvugo ya gihanga akoreshwamo n'imvugo gikwira, akinjira mu muco no mu magambo asanzwe y'ururimi. Biragaragara rero ko imipaka itandukanya ikoranyamagambo rusange n'ikoranyamuga ifite aho igarukira. Urugero, muri iki gihe ijambo « mudasobwa » ntirikoreshwa mu bumenyi bw'ikoranabuhanga, ahubwo rimaze gucengera mu mvugo isanzwe y'Ikinyarwanda. Ni iyo mpamvu hari amuga dusanga ubu mu nkoranyamagambo zimwe na zimwe z'Ikinyarwanda rusange. Urugero: mu isuzuma twakoze ku *Nkoranya y'Îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda* yatangajwe na IRST (2011) twasanze yarinjije nibura amuga 255 yahanzwe n'Akanama k'Urutonde. Muri iyo nkoranya,

n'andi muga atandukanye yahanzwe n'ibigo cyangwa abahanga banyuranye. Uretse ayo muga, harimo kandi amagambo asanzwe yahawe ibisobanuro bishya birangwa n'ikimenyetso *SHY*, usanga ibyinshi muri ibyo bisobanuro ari ibyo mu rwego rw'amuga. Birumvikana ko ayo muga ari make ugereranyije n'amuga y'ubumenyi bugezweho mu Kinyarwanda ; icyakora ni urugero rugaragaza ko inkoranya z'imvugo rusange na zo zigira uruhare mu gukwirakwiza amuga. Ibyo bishatse kuvuga ko amaherezo amwe mu muga yo mu rurimi agera aho agahabwa intebe mu nkoranyamagambo rusange.

Nanone, inkoranyamagambo rusange ni zo abenerurimi bifashisha bashakira ibisubizo ibibazo bahura na byo mu mikoreshereze y'ururimi, kuko baba bazizeyeho kubaha amakuru mu mfuruka nyinshi z'ubumenyi, kandi kubona inkoranyamagambo muri buri ngeri z'ubumenyi bikaba bitoroshye. Ni iyihe nkoranya ubanza kurebamo iyo uhuye n'ijambo rishya mu mwandiko, wenda rikoreshwa mu bumenyi runaka? Nubwo, ubumenyi bw'abantu mu by'inkoranya butandukanye, abenshi babanza gushakira mu nkoranyamagambo rusange zizwi, bariburamo bakabona gushakira ahandi. Ibi bigaragaza ko abenerurimi batari impuguke mu by'ubumenyi baba biteze ko inkoranyamagambo rusange zibaha amakuru no ku magambo ubusanzwe y'amuga. Inkoranyamagambo z'imvugo rusange zigira kandi uruhare rw'ingenzi mu iyigishandimi. Ku bw'ibyo, kwinjiza amuga yatoranyijwe neza mu nkoranyamagambo rusange ni uburyo bwizewe bwo gufasha abiga ururimi kuyamenya no kuyasakaza muri rubanda. Ibyo ni byo abashakashatsi b'ikigo cyitwaga IRST banditse *Inkoranya y'Ikinyarwanda iciriritse* (2010), bahereyeho binjizamo amwe mu muga yakoreshwaga mu kwigisha ubumenyi butandukanye mu mashuri, kubera ko iyo nkoranya yateguriwe by'umwihariko abanyeshuri n'abandi bantu biga Ikinyarwanda.

Uburyo bwa kabiri inkoranyamagambo z'ururimi rusange zibonwamo nk'inzira yo gukungahaza ururimi, ni uko zifatwa nk'ububiko cyangwa ikigega cy'amagambo y'ururimi. By'umwihariko, ntawakwibagirwa uruhare rw'ikoranyamagambo mu gusigasira amuga gakondo y'Ikinyarwanda yakoreshwaga mu ngeri zitandukanye z'ubumenyi gakondo abakurambere bacu bari baragezeho. Twavuga nk'amuga, ubucuzi, ubworozi, ubuhinzi, ubwubatsi, imibanire, ubuvanganzo, imitegekere, n'ibindi. Amwe muri ayo magambo agenda yibagirana kubera ko imico n'ibintu yerekezagaho bigenda bikendera, ashobora kuducika hatagize igikorwa ngo asigasirwe. Gusigasira ayo magambo mu nkoranyamagambo bizafasha mu gukungahaza Ikinyarwanda mu buryo bubiri. Uburyo bumwe ni ukuyatira agakoreshwa mu kuvuga inshoza nshya. Ubundi buryo ni ukuyigiraho uko Abanyarwanda baremaga amuga gakondo.

Guhanga amuga bisaba ubumenyi bwagutse bw'amagambo asanzwe y'ururimi rushakirwa amuga. Ku bw'ibyo, inkoranyamagambo rusange zafasha abarema amuga kumenya neza amagambo asanzwe mu rurimi bashobora gutira bakayaha inshoza nshya mu rwego rw'ikungahazanyito, mbere yo kurema amuga buhange no gutira. Birazwi ko amuga yakirwa kandi agakwira vuba iyo afite igisasiro mu muco w'abayakoresha. Ni muri urwo rwego, mu mahame ngenderwaho y'ihangamuga mu ndimi nyafurika yemejwe n'Inteko Nyafurika y'Indimi (ACALAN), harimo ko uhanga amuga agomba kubanza

kureba imbere mu rurimi ashakira iryuga cyangwa mu ndimi byegeranye niba nta jambo risanzwemo ryavuga inshoza cyangwa ikintu ashakira kwita, cyangwa ijambo rishobora kongererwa insobanuro nshya rikavuga iyo nshoza cyangwa icyo kintu (ACALAN 2015, p. 6). Ni ngombwa rero kureba mu magambo y'ururimi rusange, akaba yakoreshwa mu ngeri zihariye z'ubumenyi. Ubwo buryo bwo kubanza gushakisha mu kigega cy'Ikinyarwanda mbere yo gutira imuhana mu gihe dushaka kwita ibintu bishya, ni byo Nkusi (1980, p. 142-144) yise uburyo bwo kwirwanaho bw'Ikinyarwanda cyangwa kubanza gukubita inzu yacu ibipfunsi. Bumwe mu buryo bushobora gukoreshwa harimo igwizanyito, iyitirira, isanisha, ikomora, kunga amagambo no kurema injyano (Nkusi 2019, p. 182). Ubwo buryo ni bwo bukoreshwa no mu zindi ndimi nk'Igifaransa n'Icyongereza mu kurema amagambo y'ubuhanga. Kugira ngo bukoreshwe mu guhanga amuga y'Ikinyarwanda, abarema amuga bagomba kuba bafite ubumenyi buhagije bw'amagambo y'Ikinyarwanda. Ibyo rero byoroha iyo hari inkoranyamagambo rusange bashobora kubonamo amagambo gakondo y'Ikinyarwanda n'ibisobanuro byayo.

Uretse amagambo yo mu mvugo gikwira y'Ikinyarwanda, ni ngombwa no gutekereza ku magambo yo mu ndimi shami z'Ikinyarwanda. Zimwe muri zo zirimo zirakendera ku buryo buteye inkeke, kandi zifite amagambo n'inshoza byihariye bitaba mu mvugo gikwira y'Ikinyarwanda. Bumwe mu buryo bwo kuzisigasira ni ukwandika inkoranyamagambo z'inshami z'Ikinyarwanda kuko amagambo yazo na yo ari ubukungu bw'Ikinyarwanda.

Urebye muri rusange, umusaruro w'ikoranyamagambo uracyari mucye mu Rwanda. Inkoranyamagambo zanditswe si nke cyane yego, ariko n'izanditswe ntizasakajwe ku rugero rushimishije. Kuri ubu Abanyarwanda mbarwa ni bo bazi uko inkoranyamagambo y'Ikinyarwanda isa. Uko ikoranabuhanga n'amajyambere bigenda byiyongera, ni ko ababyiruka bazagenda batandukana n'isoko y'Ikinyarwanda, ha handi twigira Ikinyarwanda mu muryango ababyeyi baducira imigani, dusakuza n'ibindi. Ubu abana barabyiruka bareba tereviziyo, murandasi, ibikoresho mvamahanga gusa, ku buryo bimwe mu bigize umuco gakondo w'u Rwanda bizajya bisaba kubyigira ahandi hatari mu muryango gusa. Muri iyo nzira rero, inkoranyamagambo z'Ikinyarwanda zizaba ari ingenzi cyane mu kwigisha urubyiruko Ikinyarwanda, cyo nkingi ya mwamba y'umuco w'u Rwanda.

Ku bw'ibyo, kugira ngo ikoranyamagambo ribe igikabuzo cyo gukungahaza ururimi, ni ngonbwa ko uwo murimo witabwaho kandi ugashyigikirwa ku buryo bugaragara. Abanyarwanda bazashishikarira gutunga no gukoresha inkoranyamagambo z'Ikinyarwanda ari uko gusa bashobora kuzibona ku buryo buboroheye. Hari byinshi byo guheraho, urugero nk'inkoranyamagambo zanditswe n'icyitwaga Ikigo cy'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga n'Ikoranabuhanga (IRST). Izo nkoranya ni umutungo ukwiye kwitabwaho ukagirira abana b'u Rwanda akamaro. Urugero twavuga ni *Inkoranya y'íkinyaarwanda mu kinyaarwanda nó mu gifaraansá* yatangajwe mu wa 2005 na IRST ifatanyije n'Inzu Ndangamurage ya Afurika yo Hagati (MRAC). Nyuma yo gusesengura iyo nkoranyamagambo, umucengerandimi David Lee Schoenbrun yavuze ko ari yo nkoranyamagambo ya mbere ikungahaye mu zanditswe zose mu ndimi nyafurika (Schoenbrun 2008, p. 199).

Nta nkoranyamagambo imwe yaba byose; ahubwo hakenewe kwandikwa inkoranyamagambo z'ubwoko butandukanye: iz'Ikinyarwanda mbonera, iz'amagambo agenda atakara, iz'indimi shami, izigenewe abafite ubumenyi buringaniye, izigenewe abakiri bato, n'izindi. Izo nkoranyamagambo zibonetse, byafasha abiga kurushaho kumenya amagambo menshi y'Ikinyarwanda. Ikoranabuhanga ntirizibagirane mu kugeza inkoranyamagambo kuri benshi. Inkoranyamagambo zikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga zifite akarusho k'uko zishobora kwinjizwamo amagambo menshi kandi zigahora zivugururwa uko bibaye ngombwa. Kugeza aha twagaragaje ko ikoranyamagambo rusange ari ryo fatizo ryo guhanga amuga; twanerekanye kandi ko mu rugero runaka, rigira uruhare mu kuyakwirakwiza. Reka noneho dusuzume uruhare ntagereranywa rw'ikoranyamuga mu gukungahaza Ikinyarwanda.

### 3.2. Ikoranyamuga n'uruhare rwaryo mu gukungahaza ururimi

Ihangamuga ni bwo buryo bw'ingenzi bwo gukungahaza ururimi nk'Ikinyarwanda kugira ngo gishobore gukoreshwa mu ngeri zinyuranye z'ubumenyi. Iyo amuga amaze guhangwa, aba agomba kumurikwa no gusakazwa kugira ngo akoreshwe n'abayakeneye, uwo ukaba ari umurimo w'ikoranyamuga.

Umushakashatsi L'Homme (2004, p. 21) asobanura ko ikoranyamuga ribumbye imirimo inyuranye igamije gusobanura amuga mu nkoranyamagambo z'ubumenyi cyangwa kuyamurika mu bubiko bw'amuga. Inkoranya y'amuga icapye cyangwa ikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga, ihuriza hamwe amuga akoreshwa mu ngeri runaka y'ubumenyi, urugero nk'iyigandimi, amategeko, ubuhinzi, ubumenyi bwa mudasobwa, n'ibindi. Ishobora no guhurizwamo ingeri ebyiri zifitanye isano, urugero nk'amuga y'ubuvuzi n'ibinyabuzima cyangwa ay'itumanaho na eregitoronike. Ububiko bw'amuga bwo, ku rundi ruhande, buba bukoze mu buryo bw'ikoranabuhanga, bugahurizwamo amuga mu ngeri nyinshi z'ubumenyi, buri ryuga rikagaragarizwa ingeri rikoreshwamo. Haba mu nkoramagambo y'imvugo ya gihanga cyangwa mu bubiko koranabuhanga bw'amuga, amuga ashobora gusobanurwa mu rurimi rumwe, ariko akenshi asobanurwa mu ndimi ebyiri cyangwa nyinshi hagaragazwa iryuga mu rurimi runaka n'ayo bihuje mu zindi ndimi.

Umumaro w'ingenzi w'ikoranyamuga ni ugufasha abenerurimi kubona amakuru ku muga y'ururimi mu ngeri y'ubumenyi iyi n'iyi n'inshoza zayo. Inkoranyamuga zifasha cyane cyane abahinduzi, abanditsi b'umwuga n'abandika inyandiko za gihanga, abahanga mu ngeri zinyuranye, abanyeshuri ndetse n'abarezi. Muri uko kungura abenerurimi no korohereza ikoreshwa ry'amuga, ikoranyamuga rigira uruhare mu gukungahaza ururimi.

Mu Rwanda kimwe no mu bindi bihugu bigitera imbere, umurimo w'ikoranyamuga nturatera imbere ku rugero rushimishije, nyamara bigaragara ko ari ikintu cy'ingenzi cyakwihutisha iterambere. Icyakora nanone, ugereranyije Ikinyarwanda na nyinshi mu ndimi nyafurika, usanga harakozwe byinshi mu guhanga amuga y'ubumenyi mu Kinyarwanda. Urugero, umushinga w'Urutonde wunguye

Ikinyarwanda amuga 15766 (Munyakazi 200, p. 58). Hari indi mishinga itandukanye yagiye ikorwa kandi isigira Ikinyarwanda amuga atari make. Nanone hari amuga gakondo yakusanyijwe mu ngeri zinyuranye. Nubwo ayo muga yose akiri make ugereranyije, ikibazo gikomeye kurushaho ni uko amenshi muri yo yaheze mu mpapuro n'ibitabo bitasakajwe mu buryo buhagije.

Byongeye kandi, usanga uburyo bwakoreshejwe mu kuyasesengura no kuyamurika butaboneye. Urugero, nk'amuga y'Urutonde wasangaga ari intonde zerekana gusa iryuga ry'Igifaransa n'iry'Ikinyarwanda bihuye, nta gisobanuro. Hari ingingo zirengagijwe zijyanye no kumurika amuga, cyane cyane amakuru aba agomba kugaragazwa ku ifishi nyamuga.

Amuga atandukanye n'amagambo asanzwe y'ururimi; amuga twayafata nk'ibintu bifite ubuzima bwite. Ku bw'iryo buri ryuga riba rigomba guherekezwa n'amakuru ariranga. Iryuga n'amakuru aritangwaho ni byo bita ifishi nyamuga. Ifishi nyamuga ni nk'umwirondoro w'iryuga cyangwa indangaryuga. Utegura inkoranyamuga agomba kugaragaza amakuru y'ingenzi agize umwirondoro wa buri ryuga kugira ngo abenerurimi bazamenye neza uko barikoresha mu rurimi. Nk'uko L'Homme (2004, p. 38-45) abigaragaza, amakuru agomba kwerekanwa ku ifishi nyamuga umuntu yayakubira mu ngingo z'ingenzi zikurikira:

- Iryuga ry'indatwa: ni ukuvuga iryuga mbonera risobanurwa, rimwe na rimwe n'ayo bivuga kimwe;
- Ubwoko bwaryo (niba ari izina, inshinga, …);
- Imikoreshereze yaryo;
- Ingeri ngari rikoreshwamo n'ingeri nto niba zihari;
- Igisobanuro kigufi cy'iryuga mu ngeri y'ubumenyi;
- Impugukirwa;
- Ingero ryakoreshejwemo;
- Amagambo bikunze gukorana urujyano;
- Amafoto, niba ari ngombwa.

Izi ngingo uko ari 9 ni zo zikunze kugaragazwa mu ifishi nyamuga. Kubera ko inshoza nyinshi dukenera kubonera amuga mu Kinyarwanda zituruka mu ndimi z'amahanga, cyane cyane Igifaransa n'Icyongereza, inkoranyamuga z'Ikinyarwanda zikwiye kugaragaza amuga y'Ikinyarwanda aherekejwe cyangwa abanjirijwe n'ayo bihuye muri izo ndimi, byaba akarusho ndetse tukongeraho n'ay'Igiswahili. Uru rurimi rwa nyuma rugeze ku rwego rushimishije mu bijyanye n'amuga y'ubuhanga bitewe n'imirimo yakozwe n'ibigo nka *Institute for Kiswahili Studies* (IKS, yahoze yitwa TUKI) na BAKITA, kandi hari ibyo dushobora kwigira ku buryo amuga yarwo yahanzwe. Mu gihe inkoranyamuga ikoresha indimi nyinshi, ifishi nyamuga yagombye kugaragaza muri izo ndimi zose

amakuru yose yavuzwe hejuru. Icyakora mu nkoranyamuga y'igitabo, hari igihe bahitamo kugaragaza ayo makuru yose cyangwa amwe muri yo ku rurimi rw'ingenzi gusa kubera ikibazo cy'umwanya.

Nko mu nkoranya y'*Amuga y'Ubucamanza* yanditswe na Kabagema igatangazwa na IRST mu 2011, buri ryuga ryo mu Kinyarwanda rivugirwa ingeri y'amategeko rikoreshwamo, ayo bihuye mu Gifaransa no mu Cyongereza, hamwe n'igisobanuro. Mu *Nkoranya y'Amuga y'Amategeko* (2021) yateguwe na Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko (RLRC) ho, buri ryuga ry'Ikinyarwanda ribangikanye n'ayo bihuye mu Cyongereza n'Igifaransa mu nkingi zibangikanye, kandi muri buri rurimi iryuga rifite ibisobanuro, n'impuzamyinjizo aho bikenewe. Nanone iyo nkoranya ifite imigereka ibiri ifasha umuntu kugera aho iryuga ashaka ryasobanuwe mu rurimi urwo ari rwo rwose muri izo eshatu bitamugoye. Muri ubwo buryo, ikomatanyije uburyo bwo gutondeka amuga bushingiye ku itonde ry'inyuguti n'ubushingiye ku nshoza, kubera ko uzayikoresha ashobora guhera ku ryuga azi mu rurimi urwo ari rwo rwose, ikamuyobora ku ryuga atari azi mu zindi ndimi zisigaye.

Urugero, nk'iryuga "ibiciro ku isoko ry'ivunjisha", ushobora kurigeraho urebeye mu nkingi ibanza ukurikije itonde ry'inyuguti. Ariko niba umuntu azi "cours de change" mu Gifaransa akaba ashaka kumenya uko byitwa mu Kinyarwanda cyangwa mu Cyongereza, azareba mu mugereka wa 2 w'iyo nkoranya, aho ihita imurangira ayo bivuye muri izo ndimi n'umubare werekana aho aherereye mu gitabo; kandi uko ni na ko bimeze ku ushakisha ahereye ku nshoza azi mu Cyongereza.

Muri iki gihe, ibihugu byateye imbere mu ihangamuga n'ikoranyamuga byayobotse inzira y'ikoranabuhanga nk'uburyo buboneye bwo gusakaza amuga. Icyiza cy'ubu buryo, ni uko byoroshya kumurika amuga hakurikijwe iyiganshoza. Mu by'ukuri, uburyo bwo kumurika amuga hakurikijwe icyerekezo cy'iyiganshoza ni bwo bwagira akamaro kanini kuko buba bwegeranye n'uburyo amagambo n'ibitekerezo bisanzwe bibikwamo mu bwonko bw'umuntu, bityo inkoranyamuga ikaba nk'umugereka w'ubwonko. Urugero nk'ububiko bw'amuga bwa Guverinoma ya Kanada bwitwa TERMIUM Plus®[25], bubonekamo amuga abarirwa mu mamiriyoni mu ndimi enye (Icyongereza, Igifaransa, Icyesipanyori n'Igiporutugari) mu ngeri z'ingenzi 24 na zo zigabanyije buri yose mu zindi ngeri nto 15. Urundi rugero ni ububiko bwitwa *Le grand dictionnaire terminologique* (GDT) bw'Urwego rushinzwe Ururimi rw'Igifaransa muri Québec (Office Québéquois de la langue française), na bwo butanga amuga y'Igifaransa n'ayo bihuje mu Cyongereza, ndetse rimwe na rimwe n'ayo mu zindi ndimi[26]. Mu Bufaransa ho twavuga ububiko bwitwa *FranceTerme* bucungwa na minisiteri yaho ishinzwe umuco. Ubwo bubiko bubonekamo amuga y'Igifaransa aba yaramaze kwemezwa n'inzego zibishinzwe no gutangazwa mu igazeti ya leta[27]. Icyiza cy'ubu buryo bwo gusakaza amuga, ni uko amuga ashyirwa ahagaragara uko agenda aboneka, bitarindiriye gukusanya amuga yose y'ingeri runaka, kandi bugaha abayakoranya uburyo bwo kwerekana amakuru yose uzakoresha ayo muga

25 https://www.btb.termiumplus.gc.ca/tpv2alpha/alpha-eng.html?lang=eng
26 http://gdt.oqlf.gouv.qc.ca/
27 http://www.culture.fr/franceterme

ashobora gukenera, ni ukuvuga amakuru yose aba ari kuri ya fishi y'amuga. Ubu buryo bubereye imiterere y'Ikoranyamuga mu bihugu nk'u Rwanda aho amuga agenda akusanywa bahereye ku ndimi z'amahanga, kandi bunajyanye n'icyerekezo cy'u Rwanda mu bijyanye no gukoresha ikoranabuhanga.

Hari izindi nyungu twabonera mu gusakaza amuga binyuze mu bubiko koranabuhanga bw'amuga. Akenshi imirimo ikenera amuga y'Ikinyarwanda iba ifite aho ihuriye n'izindi ndimi zikoreshwa mu butegetsi mu Rwanda. Kubika amuga muri ubu buryo byakororohereza abayakenera kuko umuntu ashobora gushaka iryuga ry'Ikinyarwanda atazi ahereye ku ryo azi mu rundi rurimi. Nanone byafasha kubonera amuga yose mu ngeri zose ahantu hamwe, kuko mu nyandiko imwe umuntu arimo yandika, ashobora gukenera amuga yo mu ngeri nyinshi, kuyageraho mu nkoranyamuga zicapye bikaba byamusaba kugira bene ibi bitabo byinshi, ikintu kitapfa gushoboka. Tutibagiwe ko n'ikiguzi cyo gucapa igitabo kiri mu bikoma mu nkokora isakazwa ry'inkoranyamagambo zicapye mu Rwanda. Byongeye kandi, iyo abantu bashakira amuga mu bubiko nk'ubu, bifasha ababwitaho kumenya ibyo abantu bakeneye kuko bubika amakuru yose y'uburyo abantu bashakisha. Bityo, iyo hari inshoza bashakiye iryuga ntibaribone, bishobora kwereka abashinzwe gukungahaza ububiko ko byihutirwa kurishaka.

Kubera inyungu ububiko koranabuhanga bw'amuga bufite, birakenewe ko inzego bireba zihutisha ishyirwaho ry'ububiko nk'ubwo bw'amuga y'Ikinyarwanda. Habanza kwemezwa ingeri zose zikenewemo amuga mu Kinyarwanda, kuko zose zigomba kugira umwanya muri ubwo bubiko. Ku ikubitiro, ubwo bubiko bwashyirwamo amuga yose yamaze kuboneka mu Kinyarwanda mu ngeri abonekamo. Ibyo bisaba ko ayo muga abanza gukusanywa, akarobanurwa cyangwa agacenshurwa, agasesengurwa, agashakirwa amakuru abura hakurikijwe ifishi nyamuga hanyuma akemezwa. Amuga yajya yongerwa mu bubiko ari uko amaze kwemezwa n'inzego zibifitiye ububasha. Ububiko bwagira agasanduku ababukoresha batangiramo ibitekerezo cyangwa bakakanyuzamo ibibazo.

Muri make, urubuga rw'ubwo bubiko rwaba nk'irembo rikemurirwaho ibibazo byose by'ururimi, ku buryo rwakwakira n'izindi ngingo zikungahaza cyangwa zijijura abantu ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda.

**Umwanzuro**

Igenamuga rigamije gushakira ururimi amuga atuma abaruvuga bashobora kugenga ku buryo bufatika iterambere mu by'ikoranabuhanga, mu bumenyi no mu by'imyuga. Nta gushidikanya ko Ikinyarwanda gifite ubushobozi bwo guhangwamo amuga yo gusobanura inshoza izo ari zo zose zikenewe mu ngeri z'ubumenyi zinyuranye; icyangombwa gusa ni uko gihabwa urubuga kigakoreshwa mu ngeri zose z'ubumenyi. Ibyo bigaragazwa n'uko Ikinyarwanda cyafashije abakurambere bacu kuvuga ibintu byose bakeneraga mu mibereho yabo. No muri iki gihe, mu ngeri z'ubumenyi n'imyuga Ikinyarwanda cyemewe gukoreshwamo, nko mu mategeko n'ubucamanza, byaragaragaye ko gishobora guhangwamo amuga yose akenewe muri izo nzego. Niba ibyo bishoboka mu nzego ziganjemo amuga yerekeza

ku bintu mburafato cyangwa mboneshwabwenge, birashoboka kurushaho mu ngeri zikenera amuga avuga ibintu mboneshwamaso cyangwa bifatika. Ibi byigizayo imyumvire itari yo ipfobya indimi nyafurika, ivuga ko zikennye ku buryo hari ibintu zidashobora kumvikanisha. Urugero, hafi mu bihugu byose bya Afurika, inzego z'ubutabera n'imiyoborere zikora mu ndimi basigiwe n'ibihugu byabakoronije, zitumvwa neza n'abenegihugu. Kumva ko umucamanza ashobora guca urubanza mu rurimi nyafurika usanga ari inzozi. Nyamara kuba ibyo bishoboka mu Kinyarwanda, ni gihamya y'uko n'ahandi bishoboka. Ururimi ni nk'umukaya cyangwa ikintu gifite ubuzima. Kugira ngo rukure kandi rukomere, mbese rubeho, ni ngombwa kuruha ibirubeshaho no kurukoresha. Nk'uko Bizimana yigeze kubyandika, amagambo y'ururimi atagiye yiyongera ku buryo buhuye n'imiterere yarwo n'ibintu bishya abaruvuga bagenda bunguka, rwagwingira indimi z'amahanga ndetse amaherezo rukazakendera (Bizimana 1982, p. 101).

Iyi nyandiko yibanze ku ruhare rw'ikoranyamagambo mu gukungahaza Ikinyarwanda. Kwandika inkoranyamagambo ni bumwe mu buryo bw'ibanze bwo kugaburira Ikinyarwanda. Nk'uko byagaragajwe, kubera ko inkoranyamagambo ari zo soko y'ibanze abenerurimi bashakiramo amakuru yerekeye ururimi, zishobora kubafasha kumenya amwe mu muga atangiye kumenyerwa iyo yinjijwemo. Nanone, inkoranyamagambo rusange zigira uruhare mu gusigasira umuco n'ururimi, zikaba ikigega abahanga mu by'amuga bavomamo amagambo, bakayongerera insobanuro nshya. Ibyo kandi bikababafasha kutitarura ubugeni cyangwa intego y'Ikinyarwanda mu ihangwa ry'amuga.

Uretse guha Ikinyarwanda ibikoresho gikeneye cyane cyane inkoranyamagambo zinyuranye, ni ngombwa ko Ikinyarwanda kinakoreshwa mu ngeri twifuza kugikungahazamo. Hari abumva ko Ikinyarwanda kigomba kubanza gushakirwa amuga mu ngeri zose, maze umunsi umwe bakazatangira kugikoresha muri izo ngeri. Aha havuka ikibazo cyo kumenya ikigomba kuza mbere y'ikindi, nka bimwe byo kwibaza icyatanze ikindi hagati y'igi n'inkoko. Icyakora, iyo myumvire y'uko Ikinyarwanda kizakoreshwa mu ngeri zose z'ubumenyi ari uko inshoza zose zo muri izo ngeri zimaze kubonerwa amuga ntigihwitse. Mbere na mbere, ayo muga ntiyaboneka Ikinyarwanda kidakoreshejwe muri izo ngeri, kandi niyo yaboneka yaba ameze nk'ururimi rw'urukorano, kuko rwaba ruvuga ibitarinjira mu muco w'u Rwanda. Iyo abantu bagiye kwita ikintu gishya baritegereza, bagatekereza, bagakorakora, mbese bagakoresha ibyumviro byose n'ubwonko. Ibyo bituma amuga aremwa ari uko akenewe kandi akavukira mu mimerere izatuma yakirwa mu buryo bworoshye. Bityo, biroroha kubonera ururimi amuga mashya iyo urwo rurimi rukoreshwa cyane mu ngeri nyinshi z'ubumenyi. Iyo bimeze bityo, ntibigora impuguke muri ubwo bumenyi kwihangira amuga. Mu yandi magambo, guhanga no gusakaza amuga byihuta iyo ururimi rukoreshwa cyane mu nzego z'ubumenyi zikeneye amuga. Ku bw'ibyo rero, dukwiye gutinyuka gukoresha Ikinyarwanda no mu zindi ngeri z'ubumenyi kidasanzwe gikoreshwamo, urugero nko mu nyandiko z'ubushakashatsi. Ibyo bizatuma guhanga amuga birushaho kwihuta no gukorwa neza. Ku byerekeye kugeza amuga ku bayakenera, ni ngombwa gushyiraho ububiko koranabuhanga bw'amuga kugira ngo bufashe mu gusakaza amuga asanzweho mu Kinyarwanda ndetse n'azakomeza guhangwa mu gihe kiri imbere.

**Indangasoko**


ACALAN. (2005). *Principes et méthodologies de la création et de l'utilisation de la terminologie en langues africaines*. Bamako-Mali.

Bergenholtz, H. & Gouws, R.H. (2012). What is Lexicography? In *Lexikos 22*. p. 31-42.

Bergenholtz, H. & Tarp, S. (2003). Two opposing theories: On H.E. Wiegand's recent discovery of lexicographic functions. In *Hermes -Journal of Language and Communication Studies* 3: p. 171-196.

Bizimana, S. (1982). Igenamuga ly'ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda. In *Uburezi, Ubuhanga n'Umuco/Education, Science & Culture.* Janvier-Mars 1982, No 1: p. 95-104.

Bizimana, S. & Kayumba, C. n'abandi. (2010). *Inkoranya iciriritse y'ikinyarwaanda*. Butare: IRST.

Bizimana, S. & Kayumba, C. n'abandi. (2011). *Inkoranya y'îkinyarwaanda mu kinyarwaanda*. Butare: IRST.

Gouws, R. H. (2001). *The Use of an Improved Access Structure in Dictionaries.* Lexikos 11: p. 101-111.

Gouws, R. H. (2003). *Types of articles, their structure and different types of lemmata*. In Van Sterkenburg, P. (Ed.) *A Practical Guide to Lexicography*. P. 34-43. Amsterdam/Philadelphia: John Benjamins.

Gouws, R. H. (2004). *Monolingual and Bilingual Learners' Dictionaries.* Lexikos 14: p. 264-274.

Gouws, R.H.& Prinsloo, D.J. (2005). *Principles and practice of South African lexicography.* Stellenbosch: SUN Press.

Hartmann, R.R.K. (1987). *Dictionaries of English: The User's Perspective.* in Bailey (ed.) *Dictionaries of English*. University of Michigan Press, p. 121-135.

Kabagema, E. (2011). *Amuga y'ubucamanza Ikinyarwanda-Igifaransa-Icyongereza. Inkoranya y'amuga iciriritse*. Butare: IRST.

L'Homme, M.-C. (2004). *La terminologie: principes et techniques*. Montréal : les presses de l'Université de Montréal.

Munyakazi, L. (2010). *Amuga y'ubuhanga mu Kinyarwanda*. *Inama nyunguranabitekerezo ku guhesha agaciro Ikinyarwanda.* Butare : IRST. urup. 50-65.

Nikuze, E. (2014). *Towards a Theoretically Motivated Model for the Lexicographic Representation of Kinyarwanda Phrasemes* in *General Kinyarwanda Dictionaries*. M.Phil. thesis. Stellenbosch:Stellenbosch University.

Nkomo, D. (2008). *Towards a Theoretical Model for LSP Lexicography in Ndebele with Special Reference to a Ndebele Dictionary of Linguistic and Literary Terms*. M.Phil. thesis. Stellenbosch:Stellenbosch University.

Nkusi, L. (1980). Mbese Ikinyarwanda cyashobora kudushyikiriza ubumenyi n'ubuhanga bw'ibihe tugezemo? *Education et Culture/Uburezi n'Uburere*, N° 7-8, Juillet-Décembre, 1980.

Nkusi, L. (2019). *Langue, culture et développement endogène : le cas du Rwanda et du kinyarwanda en 2017.* In Gatwa, T. & Mbonyinkebe, D., (Eds). *Home Grown Solutions. Legacy to Generations in Africa: Memory and Reconciliation. Language, Culture and Development,* Vol. 2. Geneva: Globethics.net, p. 165-187.

Schoenbrun, D. (2008). Geography of Meaning, Topography of Struggle in a Kinyarwanda Dictionary. *African Studies Review*, Volume 51, 1: p. 119-125.

Tarp, S. (2000). Theoretical Challenges to Practical Specialised Lexicography. *Lexikos* 10: p. 189-208

Tarp, S. (2004). Basic Problems of Learner's Lexicography. *Lexikos* 14: p. 222-252.

Tarp, S. (2007). Lexicography in the Information Age. *Lexikos* 17: p. 170-179.

Tarp, S. & Gouws, R.H. (2008). A Lexicographic Approach to Language Policy and Recommendations for Future Dictionaries. *Lexikos* 18: 232-255.

Yong, H. & Peng. J. (2007). *Bilingual lexicography from a communicative perspective*. Amsterdam: John Benjamins.

# IHINDURAMUGA MU KINYARWANDA. URUGERO RW’AMUGA Y’UBUHINZI N’UBWOROZI

**Kabagema Egide**
*Umukozi w’Inteko y’Umuco*

## Incamake

Ubuhangamuga ni umurimo wo gushakira amagambo ahwitse abantu bakwita ubumenyi cyangwa ibintu bishya byadutse. Ni akazi ibihugu byateye imbere biha agaciro cyane kuko ari uburyo bwo kwihutisha isakazabumenyi. Ku isi hari amuga menshi cyane yagiye yiyongera uko iterambere ryagiye ryiyongera. Mu bihugu biri mu nzira y’amajyambere, hari amuga aboneka mu ndimi z’amahanga atarabonerwa ayo bihwanye mu rurimi kavukire, bikaba bigaragara ko hakenewe gukorwa akazi gakomeye ko guhindura ayo muga yose mu rurimi kavukire kugira ngo abaturage, cyane cyane abanyamwuga babone uburyo bubabangukiye mu gutanga ubutumwa mu rurimi kavukire. Bumwe muri ubu bushakashatsi bwakozwe ni uguhindura mu Kinyarwanda amuga y’Ubuhinzi n’Ubworozi.
*Inkoranyamuga y’Ubuhinzi n’Ubworozi* (2020) yanditswe igira ngo yunganire ubushakashatsi bwakozwe n’umushinga w’Urutonde ndetse n’ikigo cya INADES ku muga y’ubuhinzi n’ubworozi. Izi nzego zombi zakoze intonde ngufi zo kwifashisha (amuga y’Ikinyarwanda aherekejwe n’amuga y’Igifaransa), bikaba byaragaragaye ko hari amakuru menshi (amuga ndetse n’ibisobanuro) abura yafasha abantu kurushaho kuvuga ibijyanye n’ubuhinzi n’ubworozi. *Inkoranyamuga y’Ubuhinzi n’Ubworozi* ikoze ku buryo bucukumbuye kuko igaragaza amuga menshi ataboneka mu ntonde zavuzwe, hongereweho amuga y’Icyongereza n’ibitsibo by’ubumenyi aya muga agaragaramo. Aya muga aherekejwe n’ibisobanuro bifasha kugira ubumenyi bwimbitse ku buhinzi n’ubworozi.
Iyi nkoranyamuga izafasha mu isakaza ry’ubumenyi ku Buhinzi n’Ubworozi, ku bavuga Ikinyarwanda gusa ariko izanorohereza akazi abahanga bakora mu bijyanye n’iyo ngeri bayifashisha mu gushobora kuvugana n’abaturage mu rurimi kavukire. Ikindi gihita kigaragara ni uko ari urugendo rw’ikungahazarurimi Abanyarwanda tugomba gushyiramo imbaraga kugira ngo duteze imbere Ururimi rwacu kandi tunongere ubujijuke mu baturage.
Inkoranyamuga y’Ubuhinzi n’Ubworozi ni urugero rwerekana ko inzego za Leta n’iz’abikorera bashobora gutanga umusanzu mu kugaragaza amuga yose mu ngeri zose, agakusanyirizwa hamwe agakora ikusanyirizo ry’imbonwa z’amuga y’Ikinyarwanda, iyo ndundo ikaba yakwifashishwa n’uwo ari we wese mu bikorwa bitandukanye bijyanye n’isakazabumenyi mu Kinyarwanda.

**Amagambo y’ingenzi**: *Ubuhangamuga, ikoranyamuga, ihinduramuga, ingeri, igitsibo ikusanyirizo ry’imbonwa*.

## Abstract

Terminology is the activity of searching the right terminologies that people would use in acquiring the new knowledge or the new information. It is a work that developed countries had valued and still value very much because it is a way to accelerate the spreading of knowledge. So many terminologies had already been created as the development had been increasing. In developing countries, there are terminologies that are available in foreign languages and they need to be translated in the native languages so that the public, especially professionals, can find a way to benefit from it when using the native language is needed. It is in the intention of meeting tha goal that has been a work of translating the agricultural and animal husbandry terminologies from English and French into Kinyarwanda.

The book *Inkoranyamuga y'Ubuhinzi n'Ubworozi* (Agricultural and animal husbandry terminologies dictionary) is a terminology dictionary written in 2020 with the intention of enhancing the research already done by URUTONDE commission and INADES (agricultural NGO) in creating Kinyarwanda agricultural and animal husbandry terminologies.
These two institutions had done short Kinyarwanda term glossaries with French equivalences for quick use and providing few and non-deep information. It was clear that there was so much lacking in glossaries (terminologies and definitions) that could be useful for people to reach the full information on agriculture and animal husbandry domains. The Agricultural and animal husbandry terminologies dictionary gives deep information because it adds many terminologies not found in those two glossaries already mentioned. Furthermore, every entry has an English equivalent term and sub-domain that help in more qualifying it. It has also a definition that gives more information in agriculture and animal husbandry domains.
This terminology dictionary will not only help in spreading knowledge on agriculture and animal husbandry domains among Kinyarwanda language speakers but it will also facilitate the work of experts of this field by facilitating comprehension through the communication with people in their native language.
To write terminology dictionaries is a long journey Rwandan people must make in order to enrich Kinyarwanda language and increase education of people. This terminology dictionary is an example of how public and private sectors can contribute in collection of terminologies of all knowledge domains so that they can be gathered in national database that can be helpful for everyone in various activities related to knowledge dissemination through Kinyarwanda language.

**Key words:** *terminology, collection of terminologies, terminology dictionary, dissemination*.

**Intangiriro**

Gukungahaza Ikinyarwanda ku muga ni bwo buryo bw'ingenzi bwo gukemura ikibazo Abanyarwanda bahura na cyo mu mikoreshereze y'Ikinyarwanda iyo bavuga ibijyanye n'ubumenyi bugezweho, ikoranabuhanga n'imyuga. Ijambo amuga risobanura amagambo yihariwe n'umwuga uyu n'uyu cyangwa ingeri y'ubumenyi iyi n'iyi.
Muri iki gihe usanga Abanyarwanda benshi babura amagambo yabugenewe yo gukoresha mu nzego zinyuranye, n'ariho ntibayamenye. Ibyo byimakaza umuco wo gutira amagambo ya gihanga mu ndimi z'amahanga.

Ikindi gikomeye kurushaho, Ikinyarwanda ni rwo rurimi rwumvwa na bose mu Rwanda. Bityo ni rwo rurimi rukwiye kwifashishwa mu kwegereza Abanyarwanda ubumenyi, bwo soko y'amajyambere. Kutagira amuga ahagije no kutamenya ariho bituma Ikinyarwanda kitabonwa nk'umuyoboro wacishwamo ubumenyi bw'ingeri zose.

Nta terambere ryagerwaho hatabayeho uburyo bworoshye, bunoze kandi bwihuse bwo gusakaza ubumenyi n'ikoranabuhanga ku Banyarwanda benshi mu rurimi batekerezamo, bavuga kandi bakoramo imirimo yabo ya buri munsi, ari rwo Ikinyarwanda. Amuga rero ni intwaro ikomeye muri urwo rugamba rw'iterambere kuko ari yo adufasha gusakaza mu rurimi rwacu ubumenyi tuvoma ahandi badutanze ikoranabuhanga.

1. **Amuga y'Ikinyarwanda mu rugendo rwo gukungahaza Ikinyarwanda**

Ururimi urwo ari rwo rwose rugizwe n'amagambo akoreshwa kugira ngo abantu bashobore kuvugana bakumvikana. Muri rusange amagambo akoreshwa abarirwa mu byiciro bibiri: hari amagambo asanzwe bita gikwira, ni amagambo atagombera ubushishozi buhanitse. Hari n'amagambo aba yihariwe n'ingeri y'ubumenyi, ubuhanga, ikoranabuhanga cyangwa ubugeni. Ni amagambo aba akeneye ubuhanga bwihariye kugira ngo yumvikane.

Umugambi wo guhanga amuga mu Kinyarwanda umaze igihe kirekire kuko watangiranye no kumenya kwandika kw'Abanyarwanda (aho abazungu badukiye mu Rwanda muri 1900). Ibi ntibivuze ko amuga atabagaho mu Kinyarwanda kuko twari dusanganywe imyuga gakondo tutibagiwe n'imihango n'imiziririzo byari bifite amuga yihariye ya Kinyarwanda. Ariko kwita ku muga y'ubumenyi nk'inzira yo gusakaza ubumenyi byatangiranye no kwandika ibitabo mu Kinyarwanda.

Kugira ngo ibihugu biri mu nzira y'amajyambere na byo byihutishe iterambere, bigomba kugira ubumenyi, ubuhanga n'ikoranabuhanga. Kuvana ubumenyi mu rurimi rumwe bugasakazwa mu bantu batari babufite binyura mu ihindurandimi kandi kimwe mu bigize ihindurandimi ni ihinduramagambo ari na ho havukira inkoranya ndimebyiri. Muri iri hindura rero hanakorwa inkoranyamuga ziba zubakiye ku guhindura amuga yo mu zindi ndimi tukayazana mu Kinyarwanda.

Amagambo menshi dukoresha ni amuga ariko yose si amuga kuko kugira ngo ijambo ribe ari iryuga ni uko rigomba kuba ribarizwa mu ngeri runaka y'ubumenyi, ubuhanga, ikoranabuhanga, imyemerere, imitekerereze, ubugeni,…Kugira ngo umuntu yumve iryuga icyo ari cyo twajya mu mibereho yo hambere mu buzima gakondo. Hari imyuga itandukanye kubaza, guhinga, korora. Nk'ijambo **gukuka** ni iryuga ryo mu bworozi, **kugesa** ni iryuga ryo mu buhinzi, ariko **igicuma** na ryo ni iryuga ry'ibikoresho byo mu rugo. Bityo rero ni amagambo menshi tumenyereye ariko ajyanye n'icyiriro runaka cy'ubumenyi. Muri iki gihe cy'iterambere ryihuse iri goragoza abantu bahura na ryo mu buzima bwabo bwa buri munsi. Uburyo bwa mbere bwo kugoragoza ni ukugenekereza uko ikintu kivugwa mu rundi rurimi, bityo **hôpital** yatanze **ibitaro**, hari no kuba ikintu cyahabwa inyito yahozeho, ni muri urwo rwego havutse amuga nk'**urugi**, **isibo**, **itorero**, **ubudehe**, **gacaca**,… Hari amagambo yagiye avuka hashingiwe ku buryo ikintu kigaragara, twavuga nka **kajugujugu**, **ikizibaho**,.. Hari amuga yavutse bishingiye ku kuranga ikivugwa **imbwirwaruhame**, **inyandiko mvugo**.

Hari n'amagambo usanga agenewe gukoreshwa ku buryo bw'umwihariko nko mu myuga n'ubuhanga butandukanye, akaba afite izina ry'umwihariko ry'amuga. Ubuhanga bwo guhanga amuga bwitwa Ubuhangamuga cyangwa iremamuga.

Ijambo risobanurwa mu nkoranyamagambo kugira ngo rifashe abantu kuryumva, bamenye ayo bifitanye isano y'inshoza (synonyme, antonyme, hyperonyme), ayo bihuje isura nyamara bivuga

ibitandukanye, n'ibindi. Iryuga ryo riraduka, nta bwo riba risanzwe mu rurimi. Rizanwa n'ubumenyi bushya, ikintu gishyashya abantu bakagoragoza (conceptualization) uko bakita. Bivuga ko abantu bahanga izina ry'icyo kintu cy'inzaduka.

Habaho kwegeranya amagambo y'ururimi kugira ngo abantu bashobore kumenya uko avugwa, yandikwa n'igisobanuro cyuzuye cyayo, bigakorwa mu gitabo cyitwa inkoranyamagambo.. Ku rundi ruhande amagambo akoreshwa mu buhanga na yo akorerwa inkoranya ya gihanga ku buryo yitwa inkoranyamuga. Aho inkoranyamuga itaniye n'inkoranyamagambo isanzwe ni ku kigenderewe. Inkoranyamagambo igira cyane cyane umumaro mu gutanga igisobanuro cy'ijambo. Inkoranyamuga ibumbatira amagambo y'ubumenyi, ubuhanga cyangwa umwuga runaka, akenshi bigaragara ko azwi n'abantu bake bafite ubuhanga mu ngeri zijyanye n'ayo magambo. Buri munsi ku maradiyo abantu birirwa bahanga amuga mu biganiro bagira ariko ikibabaje nta bushobozi buboneka kugira ngo abantu birirwe bafata ayo muga (detection). Ariko hariho n'igihe Leta ibona ko ari ngombwa guhanga amuga ku buryo bwihuse kugira ngo aboneke bwangu mu ngeri zose. Ni uko igitekerezo cyo guhindura amuga mu Kinyarwanda byakozwe n'Umushinga w'URUTONDE cyangwa se uwo murimo ugakorwa mu kigo cyahoze cyitwa IRST, uza gukomereza mu cyari RALC kandi ndumva mu Nteko y'Umuco uyu murimo uzahabwa indi ntera. Amuga avuka buri munsi mu mibereho y'abaturage, ariko hari n'amuga Leta ihanga kubera ko bigaragara ko akenewe mu rwego rwo kwihutisha iterambere. Ubu bwoko bw'amuga ni bwo tugiye kwibandaho. Ikizwi kugeza ubu mu ndimi z'amahanga nk'Icyongereza n'Igifaransa, hagaragaramo amuga menshi cyane kuko ni indimi z'ibihugu byateye imbere, bifite ubumenyi bwinshi, ubuhanga n'ikoranabuhanga bihanitse. Turatanga amateka y'ihangamuga mu Kinyarwanda, twerekane uruhare rw'abikorera, n'uruhare rwa Leta cyane cyane mu bigo by'ubushakashatsi cyane cyane **Inteko y'Umuco**.

Hari ibintu by'ibanze byitabwaho mu bucuramuga kugira ngo ho kuba kwibeshya. Icya mbere ni ukubanza gutandukanya ingeri z'amuga, zikamenyekana, abantu ntibazitiranye. Icya kabiri ni uko iryuga rigomba kuba rifite inshoza irisobanura neza. Rimwe na rimwe biba ngombwa kuryunganira n'ibisobanuro bya gihanga kugira ngo rirusheho kumvikana. Ni byiza kugaragaza ahashobora kuba hari imivugirwe yihariye, niba hakeneye isaku, by'umwihariko rikahashyirwa.

Iryuga rigomba kuba rifite imikoreshereze yoroshye mu nteruro. Impamvu ni uko, aho usanga ijambo risanzwe riba rigizwe n'ikintu kimwe, iryuga ryo rikunda kuba ari urwunge rw'amagambo kuko ikivugwa akenshi kiba gisaba kwifashisha amagambo atandukanye kugira ngo umuntu agere ku mvugo igaragaza neza ikigambiriwe. Ubusanzwe amuga ni amagambo ya gihanga yuje ubuziranenge, ahwitse. Azirana rero no gupfobya cyangwa se indi mvugo igayitse, isebya cyangwa itubahiriza ikinyabupfura cya Kinyarwanda.

Muri rusange, icyo amuga azatumarira nk'Abanyarwanda ni ibi bikurikira:

- Tuzashobora kwita ku buryo buboneye inshoza zerekeranye n'ubumenyi, ubuhanga, imyuga n'ubugeni.
- Tuzagira amagambo y'ubuhanga twese twemeranywaho, bigatuma tugirana ubwumvane busesuye.
- Bizatuma amuga yose y'ubuhanga n'ikoranabuhanga azaba ari mu Kinyarwanda kandi afite ayo bivuga kimwe mu Cyongereza no mu Gifaransa.
- Kugira amuga y'ingeri zose mu Kinyarwanda bizatuma impuguke zoroherwa kuganiriza abaturage, buri wese ku byerekeranye n'ingeri azobereyemo.
- Kugira amuga aboneye mu Kinyarwanda kandi avuga neza iby'ubumenyi ni intandaro yo kuzamura ireme ry'ubumenyi ku baturage bose.

2. **Ihinduramuga mu Kinyarwanda**

Muri iyi isi ifite umuvuduko ukomeye mu iterambere amuga y'ubumenyi, ubuhanga n'ubugeni ni menshi. Igikenewe mu Rwanda ni ukuyahindura mu Kinyarwanda kugira ngo natwe mu Rwanda tuyagire ayacu tuyitabaze mu gusakaza ubumenyi.

Ikibazo cyo gucura amuga y'ingeri zitandukanye si icya none. Kuva kera Abanyarwanda bagiye bita inshoza zinyuranye, haba izo mu bumenyi, imyuga, iyobokamana n'ibindi. N'ibyaturutse mu mahanga, byababagezeho baragenekereza bakabyita bakurikije uko babibona. Imirimo y'ubucuramuga yatangiye mu by'ukuri aho abazungu badutse, bakazana ibintu bishya, bakazana imitekerereze mishya ariko cyane cyane bakazana amashuri. Guhera icyo gihe hatangiye kwandikwa ibitabo hakurikije ubumenyi, ubuhanga, imyuga n'ubugeni butandukanye. Ubucuzi bw'amuga bwabanje mu mashuri aho bageragezaga kwandika ibitabo by'ikiboneza-mvugo ndetse n'inkoranyamagambo (HUREL, OVERDULVE, SCHUMACHER, ..). Amadini na yo yatanze umusanzu wayo ku mpamvu yo gushaka kwamamaza ubutumwa mu rurimi kavukire. Ibigo by'ubushakashatsi byatanze umusanzu ufatika. Twavuga nk'ikigo cya IRSAC, cyaje guhinduka INRS, nyuma kigahinduka IRST none kikaba cyarahindutse NIRDA, cyanditse ibitabo bitandukanye dusangamo amuga y'ikinyarwanda ndetse hari n'inkoranya y'*amuga y'ubucamanza* iherutse gutangazwa. Ariko guhera mu wa 1978, ikibazo cyo gucura amuga cyabaye ikibazo cya Leta. Leta yashyizeho komisiyo yiswe *Urutonde,* yari ifite inshingano yo gucura amuga. Yari igizwe n'inzobere z'ingeri zitandukanye ariko bagaterana ku buryo budahoraho. Habaye inama 12 mu gihe cy'imyaka 10. Uwo mushinga wahagaze muri 1988 hacuzwe amuga 15766 akubiye mu ngeri zitandukanye. Inzego zigenga na zo zabonye kare ko amuga mu Kinyarwanda ari ikintu gikenewe cyane. Abagerageje kugira icyo bakora ni aba bakurikira: Ikigo cya INADES cyatangaje inshuro ebyiri *Amuga y'ubuhinzi* (1974 na 2002), ikigo IWACU Kabusunzu cyasohoye *Urutonde rw'ibaruramari n'icungamutungo,* Banki z'Abaturage zanditse *Urutonde rw'amagambo. Lexique Français-Kinyarwanda.*

Mbere ya 1979, amuga yabonekaga mu bitabo bimwe na bimwe by'ubushakashatsi (Troupin, Desouter) cyangwa byo kwigisha (Gafuku), akaza ari inyunguramagambo, ntabwo bwababaga ari ubushakashatsi bwihariye. Mu wa 1979, Leta yashyizeho umushinga URUTONDE wari ufite inshingano zo guhindura amuga mu Kinyarwanda kugira ngo ashobore gukoreshwa muri gahunda yo kwigisha mu Kinyarwanda. Uwo mushinga waje guhagarara mu wa 1989 umaze guhindura mu Kinyarwanda amuga agera kuri 16,000. Ayo muga yari mu ntonde z'Ikinyarwanda n'Igifaransa cyangwa se Igifarana n'Ikinyarwanda. Hari n'izindi nzego uretse iz'ubushakashatsi zageragеje gukemura ibibazo by'amuga. Akenshi ni ibigo by'iyamamazamwuga cyangwa se gihugura, twavuga nka INADES yanditse 1979 *urutonde rw'amuga y'ubuhinzi* , iruvugurura muri 1982 no muri 1992; hari IWACU KABUSUNZU yanditse *Urutonde rw'amuga y'ibaruramari*, na ba Banki y'Abaturage yanditse *Urutonde rw'amagambo* ikoresha mu kazi kayo.

Amuga yo muri izi ntonde, nubwo yari meza ariko hari ibintu byagombaga kugenzurwa kugira ngo abe yakwizerwa ijana ku ijana. Icya mbere ni ukujorwa hagamijwe kureba niba ijambo ari iryuga koko, kureba niba ari mbonera cyangwa indatwa (kureba niba atari imvugo y'akarere), kureba niba nta ahari ihuzanyito, kureba isano iri hagati y'amuga cyane cyane uko asumbana, kureba ibijyanye n'ingeri (domain), ibitsibo (sub domain n'indundo (sub sub domain). Ikindi ni uko igisobanuro cyayo cyari ngombwa. Ikindi ni uko muri iki gihe amuga bihwanye y'Icyongereza akenewe.

Guhera muri 1997, ikigo cyahozeho cya IRST cyari cyaratangije ubushakashatsi ku muga bwaje gutanga muri 2011 *Inkoranyamuga iciriritse y'amuga y'ubucamanza*. Muri 2014, Ikigo cyahoze cyitwa Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco cyakoresheje inama nyunguranabitekezo ku muga hagaragazwa ibitabo byose by'Ikinyarwanda bikubiyemo amuga. Iyegeranya ry'ayo muga ryaje kugaragaza ko agera kuri 26,000. Icyagaragaye ni uko hari ingeri nyinshi z'ubumenyi zitahinduriwe amuga mu Kinyarwanda, bigaragara ko hagombye gushyirwaho imbaraga kugira ngo bikorwe. Ni yo mpamvu Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco yatangije igikorwa cyo kwandika inkoranyamuga zinyuranye mu rwego rwo gukungahaza Ikinyarwanda no kugiteza imbere.

3. **Ikigega cy'amuga**

Muri iki gihe cy'iterambere mu ikoranabuhanga, igihugu kigomba kugira ahantu habitse amuga yose y'igihugu. Kugira ngo bigerweho inzego zose zirasananirana, ku buryo ubonye iryuga aryohereza mu kigega. Kiba cyubatse ku buryo bworoshye, ubikenewe wese akaba yabaza amakuru ashaka ku ryuga iryo ari ryo ryose. Ikigega cyubakirwa ku nkingi eshatu z'ubumenyi ari zo **ibiriho**, **imibereho y'abantu** n'**ibonezabitekerezo**. Mu biriho harimo ingeri nyinshi. Twavuga ibinyabuzima, ubutabire, ubugenge, ibijyanye n'isi. Mu mibereho y'abantu harimo ingeri nyinshi, twavuga nk'ubumenyamuntu, ubuhanga n'ubuhanzi (conception), ubukungu, imiturire n'imyiyongere y'abaturage, amateka, iyigandimi n'umuco, imitekerereze no kwigisha, isakazamakuru (information and communication). Mu ibonezabitekerezo habamo na ho ingeri zitandukanye ari zo izi: imibare, itondekabitekerezo (logic

& philosophy) n'ikoranabuhanga rya mudasobwa. Buri ngeri igiye ifite ibitsibo byinshi n'ibitsibo bikagira indundo ari ko gace ka nyuma buri ryuga rigomba kubarizwamo. Ku rwego rw'indundo herekanwa ibyerekeye ikibonezamvugo kiranga iryuga (izina, inshinga,... Uretse ko akenshi ni izina) n'inshoza ngufi iriranga. Kubera ko dukenera no kumenya ayo bihwanyije igisobanuro mu zindi ndimi, muri iki gihe indimi zose zemewe mu Rwanda (Icyongereza, Igifaransa, Igiswayire) zagera muri iki kigega. Ariko kugeza ubu iki kigega ntikirajyaho. Inkoranyamuga twandika zigaragaza n'amuga yo Cyongereza no mu Gifaransa bihwanyije igisobanuro n'iryuga risobanurwa.

4. **Inkoranyamuga z'Ikinyarwanda**

Mu biganiro byerekeye Ikinyarwanda hagiye humvikana abantu bibaza niba Ikinyarwanda cyihagije, gishobora kubonera inshoza zose cyane cyane iza gihanga amagambo azivuga. Abanyarwanda benshi, cyane cyane inzobere n'abahanga mu byerekeye iyigandimi, ubuvanganzo by'Ikinyarwanda bemeza ko Ikinyarwanda cyihagije, ko gishobora kuvuga ikintu icyo ari cyo cyose nta mbogamizi. Ni muri uru rwego hakozwe iyi nyandiko igamije kugaragaza ko hariho gahunda irambye yo guhanga amuga y'Ikinyarwanda mu ngeri zose z'ubumenyi.

*Inkoranyamuga y'Ubuhinzi n'Ubworozi* ni igitabo cyanditswe n'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco muri 2020, ihabwa ISBN 978-99977-787-3-4 ariko nta capwa rirasohoka. Kije gikurikira ibindi byarangiye mbere kuko kwandika inkoranyamuga byatangiriye mu kigo cy'ubushakashatsi cyahoze cyitwa IRST aho inkoranyamuga ya mbere yasohotse muri 2011 yitwa *Inkoranyamuga iciriritse y'amuga y'ubucamanza*. Nyuma y'aho IRST ihinduriwe inshingano igahinduka NIRDA, inshingano yo gukora ubushakashatsi ku muga yimuriwe mu Nteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco. Inkoranyamuga ya mbere Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco yanditse yitwa *Inkoranyamuga y'Ibinyabuzima: Umuntu n'Ibimera*, yasohotse muri 2019 ifite ISBN 978-99977-700-0-7. Izi nkoranya uko ari eshatu zasohotse ni ikimenyetso cyerekana ko Ikinyarwanda gishobora kwihaza mu muga y'ubumenyi mu ngeri zose kandi ko u Rwanda rufite umuhatse n'umurava wo kuzusa iki kivi rwatandiye rwo gukungahaza Ikinyarwanda mu muga y'ingeri zose no kugiha agaciro mu ruhando rw'amahanga.

5. **Inkoranyamuga y'Ubuhinzi n'Ubworozi**

1.1. **Uko inkoranyamuga y'ubuhinzi n'ubworozi yanditswe**

Mu wa 2017-2018, ni bwo Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, (ubu yakuweho, ibyo yakoraga byimurirwa mu Nteko y'Umuco), yatangije ububushakashatsi ku muga y'ubuhinzi n'ubworozi. Mu gukora inyandiko y'umushinga hagaragajwe impamvu ubushakashatsi ku muga y'ubuhinzi n'ubworozi ari ngombwa. Impamvu ya mbere ni uko hari amuga menshi mu Kinyarwanda yerekeye ubuhinzi n'ubworozi ariko akaba atari aboneje: hari ayitwaga amuga atari amuga, hari ayo bibeshyaga

ko abarizwa mu buhinzi n'ubworozi atari byo, ariko cyane cyane hari ikibazo cy'ibisobanuro kuko abantu batari abanyamwuga bakeneraga kuyasobanukirwa cyane ko amenshi yari afite iryuga ry'Ikinyarwanda bisobanuye kimwe yari yari yaraturutse mu Gifaransa, bivuga ko yari akeneye iryo bivuga kimwe mu Cyongereza. Ikindi gikomeye ni uko hari ikibazo cy'uko abantu batamenya neza ibitsibo buri ryuga ribarizwamo kuko ni cyo kinaboneza neza igisobanuro cy'iryuga. Icya nyuma ni uko hari amuga menshi yaburaga mu ntonde zakozwe, ari urwakozwe na Komisiyo y'URUTONDE cyangwa n'ayakozwe n'ikigo cya INADES. Hari n'akabazo k'uko amuga y'ubuhinzi zavangwaga n'ajyanye n'amashyamba kandi ari ingeri ebyiri zitandukanye.

Nyuma yo kugaragaza impamvu ubwo bushakashatsi bwari ngombwa, hagombaga kugaragazwa uko buzakorwa. Amuga y'ubumenyi akora urugendo rurimo ibyiciro bitandukanye kugira ngo amenyerwe mu rurimi. Ibyo byiciro ni ibi: icyiciro cya mbere ni ubushakashatsi (research) ariko ahandi kubera ko ari akazi gahoraho bahora ahubwo bagenzura ko hari iryuga rivutse (detection), usanga hano mu Rwanda twibanda ku ihinduramuga kuko tuba dushaka no kubanza gutunga amuga abandi badutanze iterambere bagezeho (translation), icyiciro cya kabiri ni kwemeza amuga bikozwe n'urwego rubufitiye ububasha (normalization), icyiciro cya gatatu ni ugusakaza amuga yemejwe (diffusion), icyiciro cya kane ni ukugenzura ko amuga yahamye, yinjiye mu mikoreshereze y'akazi k'abayakeneye (implantation), icya nyuma ni ugukora ukugenzura amuga yagaragajwe ko ashobora kuba ataranogeye abayakoresha ndetse no kuboneza amuga mashyashya yabonetse nyuma y'ikorwa ry'icyiciro cya mbere.

Kwandika inkoranyamuga y'ubuhinzi n'ubworozi yaciye mu byiciro bya mbere bibiri ari byo ubushakashatsi (Kugenzura amuga yari asanzwe ariho, gukusanya amuga yose y'ubuhinzi n'ubworozi, kwandika inkoranyamuga) n'icya kabiri ari cyo kuyijora no kuyemeza no kuyijyana mu icapiro. Urugendo rero iyi nkoranyamuga y'ubuhinzi n'ubworozi yaciyemo ni uru:

1.1.1. **Gukusanya amuga y'ubuhinzi n'ubworozi**

Mu rwego rwo gushaka amakuru ku byanditswe ku muga y'ubuhinzi n'ubworozi, twabanjirije ku ntonde zagiye zikorwa, ari amuga yanditswe n'umushinga URUTONDE (MINEPRISEC, 1983, *Lexique spécialiasé français-kinyarwanda*, BPEPERAI, Kigali), ari n'urutonde rwanditswe n'ikigo cya INADES (INADES-formation RWANDA, 1979 (1982, 2000), *Lexique d'agriculture Français-Kinyarwanda, Kinyarwanda-Français*). Hari n'ibindi bitabo twifashishije byatanze amuga. Muri rusange habonetse amuga y'Ikinyarwanda 3537**.** Icyiza cy'aya muga ni uko amwe agiye afite ayo bihwanye mu Gifaransa. Amuga yo muri izi ntonde zombi twari twarayakusanyije mu kazi k'ikusanya ry'amuga yahanzwe mbere ya 2013 ryakozwe na RALC. Andi muga yakusanyijwe mu masomero ya MINAGRI na RAB Rubona. Hari n'amuga yakusanyijwe avuye kuri murandasi (https://agclass.nal.usda.gov/ glossary_az.shtm l[Glossary of Agricultural Terms - Alphabetical List)]. Amuga yose adacenshuye yabaye 11373, ni ukuvuga ko ku y'URUTONDE na INADES hiyongereyeho amuga 7836.

### 1.1.2. **Gucenshura amuga y'ubuhinzi n'ubworozi**

Nyuma yo kwegeranya amuga yose yasaruwe mu bitabo binyuranye ndetse no kuri murandasi, yashyizwe mu bitsibo bitandukanye ari byo ubuhinzi bw'imyaka, ubuhinzi bw'imbuto, ubuhinzi bw'imboga, ubuhinzi bw'indabo n'imibavu, indwara z'ibihingwa, ubutaka, ikirere, ibyonnyi, ifumbire, imiti y'ibihingwa, ibikoresho byo mu buhinzi, ubworozi bw'amatungo maremare, ubworozi bw'amatungo magufi, ubworozi bw'ibiguruka, ubuvumvu, ubworozi bw'amafi n'uburobyi, ubuvuzi bw'amatungo.

Aya muga 11373 yakusanyijwe yarayunguruwe hasigara amuga 2632. Kugira ngo isesengura ry'amuga y'ubuhinzi n'ubworozi rigere ku gipimo cy'aya muga hari akayunguruzo ayegeranyijwe yose yacishijwemo hasaguka 2632. Ako kayunguruzo gateye ku buryo bukurikira:

a. Kubaka igikanka cy'imbonerahamwe gifite impushya enye ari zo: iryuga ry'Ikinyarwanda, iry'Icyongereza, iryuga ry'Igifaransa, ishoza cyangwa igisobanuro mu Kinyarwanda. Buri gitsibo kikagira imbonerahamwe yacyo.
b. Kurobanura amuga afite amuga y'Ikinyarwanda, n'ay'Igifaransa agakora itsinda. Agashakirwa inshoza ikanahindurwa mu Kinyarwanda, hakagenzurwa igitsibo abarizwamo.
c. Kurobanura amuga y'Icyongereza, akagenzurwa igitsibo, agashakirwa ayo bihwanye mu Gifaransa, agashakirwa igisobanuro kigashyira mu Kinyarwanda, hakarebwa niba mu byegeranyijwe muri a. ritarimo. Iyo ririmo ryegerezwa iryo muri a., hakagereranywa inshoza zombi ku buryo imwe yuzuza indi, isigaye ikaba mbonera, indi igasibwa. Iyo itarimo ishakirwa iryuga ry'Ikinyarwanda. Iyo iryuga ry'Ikinyarwanda ribonetse ryinjizwa mu mbonerahamwe y'igitsibo cyaryo.
d. Kureba amuga asigaye atarajya mu mbonerahamwe. Ni amuga y'Igifaransa, habanza kugenzurwa igitsibo abarizwamo, agashakirwa ay'Icyongereza bivuga kimwe, hagashakwa igisobanuro cyayo kigashyirwa mu Kinyarwanda, hakagenekerezwa iryuga ryajyana n'iry'Icyongereza n'iry'Igifaransa. Aya muga ashyirwa mu mbonerahamwe hakurikije ibitsibo byayo.

### 1.1.3. **Kugenekereza iryuga mu Kinyarwanda**

Iyo hamaze gukorwa imirimo itegura gukora itonde ry'inkoranyamuga, akazi kanini kaba gasigaye ni uguhindura mu Kinyarwanda amuga yashatswe yo mu zindi ndimi. Hakoreshwa uburyo busanzwe bw'ihangamagambo (gushaka ijambo ryaherwaho rigahabwa inyito nshya yavuga iryo ryuga, kureba inshinga yaba yavuga inshoza y'iryo ryuga, igaherwaho hahangwa ijambo ku buryo bw'ikomora…), gutira iryo ryuga rikinjizwa mu Kinyarwanda biba ari amaburakindi.

### 1.1.4. **Gukora itonde ry'inkoranyamuga**

Hambere mu bihe byashize mudasobwa zitarakwira, inkoranyamagambo zandikwaga zatondekwaga hagendewe ku gicumbi cy'ijambo ryinjijwe. Muri iki gihe byaragaye ko inoranyamagambo zubatse kuri ubwo buryo zidafasha cyane abantu, ahubwo ko inkoranyamagambo zubatswe hakurikije itonde ry'inyuguti ari ryo ribangukira abantu. Ikindi ntabwo byafasha abantu inkoranya itondetswe hakurikije ibitsibo by'ingeri ishakirwa amuga. Bityo rero inkoranyamuga y'ubuhinzi n'ubworozi yubakiye ku itonde risanzwe ry'inyuguti.

### 1.1.5. **Ijorwa n'iyemezwa ry'inkoranyamuga**

Iyo itonde ry'inkoranyamuga ribonetse, uruhare rw'ibanze rw'umushakashatsi ruba rurangiye kuko ibyo yegeranyije, akaboneza akananoza bitanga umusingi w'inkoranyamuga ariko ntaho umuntu yahera avuga ngo biranoze kuko hashobora kuba hari amuga atabonye, amenshi ashobora kuba yarayahinduye ku buryo butari bwo, ibisobanuro yatanze bishobora kuba bituzuye cyangwa bitaboneye. Iyo inkoranyamuga yandikwa n'ikigo ubuyobozi bw'ikigo bubanza kwakira umurimo w'umushakashatsi, hanyuma hagakurikiraho umurimo wo gukosora iyo nkoranyamuga. Hatumizwa abahanga bo muri iyo ngeri ishakirwa inkoranyamuga bakagenzura ireme ry'amuga yashatswe, haba ari ishyirwa ryayo mu Kinyarwanda, haba ari ukugenzura niba hatarabaye guhusha igitsibo cyangwa gutanga igisobanuro kituzuye, kikocamye cyangwa kitavuga ukuri. Nyuma y'ikosora umwanditsi w'inkoranyamuga yongera kuyiboneza bwa nyuma, ubuyobozi bukayakira bukayemeza ikajyanwa mu icapiro, igatangazwa.

### 1.1.6. **Isakazwa ry'inkoranyamuga**

Nyuma yo gusohoka kw'inkoranyamuga, haba igikorwa cyo kuyitangaza, ikamenyekana, abayikeneye bakamenya aho bayikura. Ishobora gusakazwa ku buryo bw'ibitabo mu mpapuro cyangwa igasakazwa ku buryo bwa murandasi. Kuri uru ruhare rw'isakaza hakoreshejwe murandasi, abahanga mu ikoranabuhanga babigiramo uruhare runini cyane.

Habaho n'uburyo bwo kwamamaza iyo nkoranyamuga, igakorwaho ibiganiro ku maradiyo no mu mashuri, hakaba no gushishikariza abantu kuranga iryuga ryaba ritarabonetse muri iryo capwa rya mbere kuko iyo hagwiriye amuga menshi abura ubuyobozi bw'ikigo butegeka ko haba icapwa rya kabiri rishyiramo abura n'andi yavutse hagati aho.

## 1.2. **Uko Inkoranyamuga y'Ubuhinzi n'Ubworozi iteye**

Muri rusange ubwanditsi bw'inkoranyamuga buca mu byiciro bine: ikusanyamuga, ubwanditsi bw'inkoranyamagambo, ijora ry'inkoranyamagambo n'iyemezwa ry'inkoranyamagambo. Inkoranya

yo muri RALC yandikwa mu myaka ibiri: umwaka wa mbere ni uwo gukusanya amuga mu Cyongereza no mu Gifaransa, agashakirwa inshoza muri izo ndimi. Hakorwa indundo izaherwaho handikwa neza inkoranyamuga. Umwaka wa kabiri amuga n'ibisobanuro byayo bihindurwa mu Kinyarwanda, amuga agatondekwa, agahabwa itsinda ry'abahanga bayajora. Inkoranyamuga ivuyemo ishyikirizwa urwego rubifitiye ububasha rukayemeza ikabona igatangazwa.

Inkoranyamuga ebyiri kuri eshatu zanditswe ari zo *Inkoranyamuga iciriritse y'amuga y'ubucamanza* n'*Inkoranyamuga y'ibinyabuzima: Umuntu n'Ibimera*, zarangije guca mu byiciro bya mbere bibiri by'uru rugendo rugamije gukwirakwiza amuga mu Rwanda, ari byo gukorerwa ubushakashatsi no kwemezwa hasigaye ibindi bitatu byahuye n'inzitizi, ikomeye ikaba ari uko nta bitabo bihagije byagejejwe ku baturage. *Inkoranyamuga iciriritse y'amuga y'ubucamanza* yacapiwe ibitabo igihumbi ariko byaheze mu bubiko bw'Ikigo cyasimbuye IRST ari cyo NIRDA n'*Inkoranyamuga y'ibinyabuzima: Umuntu n'Ibimera* yacapiwe ibitabo bitarenze 50. Ni igitonyanga mu nyanja kuko amashuri yose yiga ibijyanye n'ibinyabuzima aragikeneye. Hakenewe gucapwa byibura ibitabo 1000.

Inkoranyamuga ya gatatu ari yo *Inkoranyamuga y'Ubuhinzi n'Ubworozi* yanditswe hashingiwe ko ubuhinzi n'ubworozi ingeri y'imyuga y'ibanze kuko ni yo iramira abantu. Gutanga ubumenyi buhagije mu Kinyarwanda muri iyi ngeri byarushaho korohera Abanyarwanda gukora uyu mwuga ku buryo bwa gihanga.

Iyi nkoranyamuga yararangiye kwandikwa mu wa 2020, ijyanwa mu icapiro ariko ntiyasohotse kubera ibibazo by'ingengo y'imari. Iyi nkoranyamuga ni yo tugihe gufataho urugero rwo gukora icyiciro cya mbere cy'urugendo mu isakazamuga ari cyo ubushakashatsi ku muga, hano akaba ari ubwanditsi bw'inkoranyamuga. Turayisesengura ku bijyanye no gukorerwa indundo, guhindurwa mu Kinyarwanda, kwandikwa, kujorwa no kwemezwa.

Mbere yo gusesengura uko iyi nkoranyamuga yanditswe, reka turebe imiterere yayo. Iyi nkoranyamuga yanditse ku buryo bw'itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda. Buri mwinjizo ugizwe n'ibi bikurikira: Iryuga ry'indatwa; inyandiko nyamvugo yaryo; impuzanyito; izina rya gihanga iyo havugwa inyamaswa, agakoko cyangwa ikimera; iryuga ry'Icyongereza bihwanye; iryuga ry'Igifaransa bihwanye; igitsibo cy'ubumenyi niba rivuga itungo, inyamaswa, agakoko, cyangwa ikimera; igitsibo cy'umwuga; igisobanuro cyangwa inshoza y'iryuga rimwe na rimwe iherekejejwe n'ifoto iranga ikivugwa. Uretse iryuga ry'indatwa buri gace kavuzwe kabanzirizwa n'impine ikaranga. Impine zakoreshejwe ni izi:

- Eng: Icyongereza;
- Fra: Igifaransa;
- HI: Ihuzanyito;
- NM: Igitsibo cy'ibinyabuzima;

- NZ: Igitsibo cy'ubuhinzi/ubworozi;
- SH: Inshoza, igisobanuro cy'iryuga;
- ZG: Izina rya gihanga.

Mu bisobanuro bigeye gutangwa ku mwinjizo, urugero rw'igisobanuwe rutwikirizwa ibara ry'ikijuju. Iryuga ryinjizwa mu nkoranyamuga uko risanzwe ryandikwa mu Kinyarwanda. Riba ari iryuga ry'indatwa kuko hashobora kuboneka n'andi magambo y'impuzanyito bisobanura kimwe mu turere tunyuranye tw'Igihugu. Iryuga ryinjijwe ryandikwa mu nyuguti zigaragara kandi zitsindagiye cyane kugira ngo ritandukane n'andi magambo. Urugero: **Inyambo.**

Iryuga rikurikirwa no kwerekana uburyo risomwa bigakorwa kahurikijwe imivugire rusange y'Ikinyarwanda. Ibyo bikorwa hifashishijwe inyandiko irimo ubutinde n'amasaku, bikazafasha umusomyi kumenya uko rivugwa nyakuri atajijinganyije cyangwa ngo ahimbe. Iyi myandikire ishyirwa mu dukubo ikaza ikurikiye iryuga, ntishyirwa hagati y'udukoni tuberamye kuko ishobora gutandukana n'imyandikire y'inyemvugo. Ntishyirwa mu nyuguti zitsindagiye. Urugero: **Inyambo** (inyaambo).

Iyo hamaze kugaragazwa uko iryuga rivugwa cyangwa risomwa, hakurikiraho gutanga andi mazina asobanura kimwe ry'iryo ryuga ry'indatwa iyo ahari. Iyo hari ayandi muga arenze rimwe yose arerekanwa kandi akajyanirana no kugaragaza imivugire yayo mu dukubo. Aya mazina yandi na yo yandikwa mu nyuguti zitsindagiye ariko zitagaragara cyane. Iyo ikintu kivugwa n'iryuga rirenze rimwe hinjizwa irimenyerewe cyane kurusha ayandi rikaba indatwa. Bikunze kugaragara ku muga y'ibinyabuzima, aho amazina agenda ahindagurika bitewe n'akarere runaka. Ibyo umwanditsi yasanze ari byiza kugaragaza amazina yose asobanura kimwe n'iryuga ry'indatwa. Urugero: **Umushumba** (umushuumba). HI: **Umwungeri** (umwuûngeri); **umurenzamase** (umurêenzamâse).

Mu kwandika amuga y'ibimera cyangwa udukoko twangiza imyaka hongerwaho izina rya gihanga. Riza rikurikiye iryuga ry'Ikinyarwanda cyangwa impuzanyito yaryo kuko n'izindi ndimi z'amahanga ziba zararihereyeho mu gusobanura icyo kimera cyangwa ako gakoko. Guhera kuri iri zina bifite inyungu nyinshi kuko bikuraho urujijo urwo ari rwo rwose rwaturuka mu kwitiranya ibyenda gusa byaba ibimera cyangwa udukoko kuko akenshi bihuza izina rusange bigatandukanywa n'ingaragira. Ayo mazina kandi agira imyandikire yihariye akaba ari yo mpamvu yandikwa mu rurimi rw'Ikilatini kandi agizwe n'amagambo abiri yanditswe mu nyuguti ziberamye. Iribanza ritangizwa inyuguti nkuru naho irikurikiyeho rigatangizwa inyuguti nto. Urugero: **Ibobere** (iboôbeere). ZG: ***Morus nigra***.

Mu rwego rwo kurushaho gusobanurira iryuga ry'Ikinyarwanda abazi Icyongereza, ni byiza kubereka iryuga bivuga kimwe muri urwo rurimi bigatuma barushaho gucengerwa n'inshoza y'iryuga ry'Ikinyarwanda. Urugero: **Kubyarura** (kubyâaruura). Eng: **Layering**.

Mu rwego rwo kurushaho gusobanurira iryuga ry'Ikinyarwanda abazi Igifaransa, ni byiza kubereka iryuga bivuga kimwe muri urwo rurimi bigatuma barushaho gucengerwa n'inshoza y'iryuga ry'Ikinyarwanda. Iryuga ry'Igifaransa riza rikurikiye iryuga ry'Icyongereza. Urugero: **Kubyarura** (kubyâaruura). Fra: **Marcottage.**

Ingeri ni ikiciro cy'ubumenyi iryuga ribarizwamo. Mu misesengurire yimbitse y'ubumenyi usanga ubuhinzi bubarizwa mu bumenyi bw'ibinyabuzima. Ubuhinzi ntabwo ari ingeri y'ubumenyi ahubwo ni umwuga. Bityo mu rwego rw'ibinyabuzima tuzerekana gusa ingeri ibimera, ibyonnyi, udukoko cyangwa indwara byangiza amatungo n'ibihingwa bibarizwamo. Urugero: **Aburiko** (aburiko). ZG**:** ***Prunus armeniaca.*** Eng: **Apricot tree.** Fra: **Abricotier**. NM**: Ibisaroza** (Rosaceae).

Ubuhinzi ni igitsibo k'ingeri y'ibinyabuzima, ariko nk'umwuga, ubuhinzi bubarwa nk'ingeri ikubiyemo ibitsibo byinshi, twavuga nk'**ubuhinzi bw'imyaka**, **ubuhinzi bw'imbuto**, **ubuhinzi bw'imboga**, **ubuhinzi bw'indabyo n'ibiti by'imitako**, **ubuhinzi bw'ibitanga imibavu n'indyoshyandyo**, **ubuhinzi bw'ibimera bivura** hakiyongeraho **ibyonnyi**, **indwara z'ibimera**, **imiti y'ibimera**, **ibikoresho by'ubuhinzi**, **ubukungu bujyanye n'ubuhinzi**, **ibidukikije bijyanye n'ubuhinzi**, **ubutaka**, **amazi** n'**ubu-menyi bw'ikirere.** ari zo **ubuhinzi** nyirizina n'**ubworozi**. Urugero rugaragaza igitsibo: Agahaza ka saradi (agahaza ka sâraâdi). HI: Konkombure (koonkoômbure). ZG: **Cucumis sativus**. Eng: **Cucumber**; gherkin. Fra: **Concombre**; cornichon. NM: **Ibisamyungu** (Cucurbitaceae). NZ: Ubuhinzi bw'imboga.

Ubworozi ni igitsibo cy'ubuhinzi. Ariko na bwo bufite ibindi bitsibo bito nk'**ubworozi bw'amatungo maremare**, **ubworozi bw'amatungo magufi**, **ubworozi bw'ibiguruka**, **ubworozi n'uburobyi bw'amafi**, **ubuvumvu**, **indwara z'amatungo**, **imiti y'amatungo**. Urugero: Dendo (deendo). ZG**:** ***Meleagris gallopavo***. Eng: **Turky goose**. Fra: **Dindon**. NM: **Ibisadendo** (Phasianidae). NZ**: Ubworozi bw'ibiguruka.**

Igisobanuro kigufi gikurikira cyerekana ingeri y'ubuhinzi. Kibanda ku miterere y'igihingwa cyangwa itungo, hagakurikiraho kugaragaza imyororere ku itungo cyangwa imihingire ku gihingwa cyangwa yaba indwara hakagaragazwa uburyo ifata n'uko yarwanywa. Hiyongeraho n'andi makuru yose ashobora kuba yaba ingirakamaro. Urugero: **Kufira** (kuufira). HI: **Gutorera** (gutôoreera). Eng: **Weeding**. Fra: **Désherbage**. NZ: **Ubuhinzi.** SH: Kuranduza intoki ibyatsi byameze mu myaka.



Ifoto ni uburyo bwo kunganira inshoza harushaho gutangwa ibisobanuro byerekana ikivugwa. Buri ryuga ry'igihingwa, itungo, icyonnyi biherekezwa n'amafoto. Urugero: **Inyambo** (inyaambo). ZH: ***Bos promigenius taurus.*** Eng: **Ankole long-horn cow**. Fra: **Vache à longues cornes**; vache noble. NM: **Ibisanka** (Bovidae). NZ: **Ubworozi bw'amatungo maremare**. SH: Ubwoko bw'inka nini kandi ndende y'amahembe ateze kandi maremare. Yororwaga n'Umwami.

*Inkoranyamuga y'Ubuhinzi n'Ubworozi* igizwe n'amapaji 491, agabanyije ku buryo bukurikira: igice kiranga inkoranyamuga kigizwe n'amapaji 8, igice kigize inkoranyamuga nyakuri ni amapaji 330 arimo amuga 2632. Hakurikiraho imigereka ibiri igizwe n'amapaji 149, uw'amuga y'Icyongereza n'Ikinyarwanda n'uw'ay'Igifaransa n'Ikinyarwanda. Hahera urutonde rw'ibitabo (indangabitabo, indangasôoko) twifashishije mu kwandika iyi nkoranyamuga harimo n'ibyo kuri murandasi.

## 5. Ingero z'inkoranyamuga y'ubuhinzi n'ubworozi n'isesengura ry'ihinduramuga ryakoreshejwe

Muri iki cyiciro turabonamo ingero z'amuga yabonetse muri iyi nkoranyamuga y'ubuhinzi n'ubworozi hagendewe ku bitsibo birimo. Mu bumenyi, habaho ingeri y'ubuhinzi n'ubworozi. Ariko mu by'ukuri ni ingeri ebyiri ahubwo zibarirwa mu ngeri nkuru y'ubuhinzi, nayo ikaba mu ngeri y'ikirenga y'ibinyabuzima. Ingeri y'ibinyabuzima ibarizwa mu cyerekezo cy'ibibaho.

Ingeri nto y'ubuhinzi igira ibitsibo bikurikira: ubuhinzi bw'imyaka, ubuhinzi bw'imbuto, ubuhinzi bw'imboga, ubuhinzi bw'indabyo n'ibiti by'imitako, ubuhinzi bw'imibavu n'indyoshyandyo, ubuhinzi bw'ibimera bivura hakiyongeraho ibyonnyi, indwara z'ibihingwa, imiti y'ibihingwa, ibikoresho by'ubuhinzi, ubukungu bujyanye n'ubuhinzi, ibidukikije bijyanye n'ubuhinzi, ubutaka, amazi n'ubumenyi bw'ikirere.

Ingeri nto y'ubworozi igira ibitsibo bikurikira: ubworozi bw'amatungo maremare, ubworozi bw'amatungo magufi, ubworozi bw'ibiguruka, ubworozi n'uburobyi bw'amafi, ubuvumvu, indwara z'amatungo, imiti y'amatungo.

Turibanda ku muga yabonetse hagombye gukorwa ihindurwa naho ayari asanzwe mu rurimi ntituyakomozaho. Kuri buri gitsibo turatanga urugero rumwe. Turarwerekana uko rumeze mu nkoranya, hanyuma dusobanure uburyo bw'ihindura bwakoreshejwe kugira ngo iryuga riboneke.

### 5.1. Ubuhinzi

#### 5.1.1. Ubuhinzi bw'imyaka

<u>Urugero</u>:

Ishaka buro (ishakâ burô). HI: **Ubuwere** (ubuwerê). ZG: ***Pennisetum glaucum***. Eng: **Pearl millet**; bulrush millet. Fra: **Mil perlé**; millet perle. NM: **Ibinyankengeri** (Poaceae). NZ: **Ubuhinzi bw'imyaka**. SH: Ubwoko bw'amasaka afite ibibabi by'isine rishyira idoma. Arakura akagira uburebure bwa m 1.5. Inkengeri na yo ni isine rishyira idoma. Ni amasaka yonwa cyane n'inyoni.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Ihindura rihera ku Gifaransa kuko ni ho ubushakashatsi bwahereye. *Mil* ni ishaka, rikaba ari ijambo rikoreshwa cyane muri Afurika y'iburengerazuba. Ariko muri Tanzaniya baryita *uwele* bivuga uburo. Ikindi ni amasaka magufi kuko iyo umuntu ayahagazemo araboneka (m 1,5 ) ariko nanone ari asumba uburo (m 1). Bityo ayo mazina yombi ishaka n'uburo biregeranywa bikarema ijambo rishya hashingiwe ku mazina y'inyunge ari ryo **ishaka buro**.

### 5.1.2. Ubuhinzi bw'imbuto

Urugero:

**Icunga ritaryohera** (icuûnga ritaryoohêera**).** ZG: ***Citrus aurantium***. Eng: **Bitter orange tree.** Fra: **Oranger de Seville.** NM: **Ibisandimu** (Rutaceae). NZ: **Ubuhinzi bw'imbuto.** SH: Igiti cyo mu bwoko bw'icunga, kikaba ari ikimanyi k'igicunga ndimu na mandarini, gihora gitoshye, kirakura kikaba cyageza kuri m 9. Uburyohe bw'imbuto zacyo bwegereye ubw'igipumbuzi ku buryo babyitiranya. Gikura neza iyo kiri ku butumburuke bwa m 300-800. Gikunda ahari ubuheheri buri mu kigero. Gishobora gusukirwa mu gihe habaye izuba ry'igihe kirekire.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Ihindura ry'iryuga *Oranger de Seville* ryahereye ku ijambo *oranger* bivuga igiti cy'icunga hano tuvuga ko ari icunga gusa. Kuvuga aho ryakomotse nta cyo byakungura abasoma kuko benshi Seville yo muri Espagne ntibayizi. Icyatuma turibonera izina ni ukurebera mu gisobanuro cyatanzwe. *Uburyohe bw'imbuto zacyo bwegereye ubw'igipumbuzi.* Igipumbuzi (ZG: ***Citrus maxima.*** Eng: **Grapefruit tree.** Fra: **Pamplemoussier.)** gifitanye isano n'icunga n'indimu kandi ntikiryohera. Kuba rero *Orange de Seville* imeze nka *pamplemousse*, bigahurira ko bitaryohera nk'icunga, kwita mu Kinyarwanda *Orange de Seville* **icunga ritaryohera** byaba ari byo. Haba hakoreshejwe uburyo bw'ihindura rihwanisha.

### 5.1.3. Ubuhinzi bw'indabyo

Urugero:

Ubuhinzi ndekabutaka (ubuhîinzi ndekabutaka). Eng: **Soilless culture**. Fra: **Culture sans sol** (hors sol). NZ: **Ubuhinzi bw'indabyo**. SH: Ubuhinzi bukoresha amazi n'intungabihingwa hati-fashishijwe ubutaka. Akenshi mu mwanya w'ubutaka hakoreshwa amabuye, injyo, n'ibindi kugira ngo imizi ibone akuka. Buri gihingwa kigenerwa ibigitunga bijyanye na cyo.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Ubuhinzi mu Gifaransa bita *culture sans sol* bukoreshwa mu guhinga mu nzu cyane cyane indabyo. Kubyita ubuhinzi nta butaka ntabwo ikivugwa cyakumvikana. Kubyita ubuhinzi ndekabutaka byabaye kugenekereza uko andi muga yahimbwe nka mikorobi ndekamwuka cyangwa **udukoko ndekamwuka** (Eng: **Anaerobic organism**. Fra: **Organisme anaérobic**.), bityo *culture sans sol* ihabwa inyito y'**ubuhinzi ndekabutaka** kuko butabukoresha. Mu ihindura hakoreshejwe uburyo bw'ikomora n'izina ry'inyunge kuko mu ihinduramuga akenshi uburyo bw'iremamagambo buhurirana.

5.1.4. **Ibiti by'imitako**

Urugero:

**Umushishi wa kizungu** (umushîishi wa kîzuûngu). HI: **Firawo** (firaâwo); **agaswaringa** (agaswaariinga). ZG: ***Casuarina equisetifolia.*** Eng: **Whistling Pine tree.** Fra: **Filao.** NM: **Ibisafirawo** (Casuarinaceae). NZ: **Ubuhinzi bw'ibiti by'imitako**. SH. Igiti cya kizungu gifite utubabi tumeze nk'ishinge kandi kinoga. Gikura amashami yacyo yibumbabumbye.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Igiti cya Filao bacyita umushishi. Ariko hari n'igiti cya gakondo na cyo kitwa **umushishi** (ZG: ***Syphonia globulifera***. NM: **Ibisashishi** (Clusiaceae). Kimwe bakita umushishi wa kizungu, ikindi kikitwa umushishi gusa. Ariko ntirirafata neza kuko hari aho bakoresha iritirano firawo, hari n'uturere baryitamo agaswaringa riturutse ku Giswayire Kaswaringa ndetse hari n'aho bacyita kavugiriza. Kwita umushishi wa kizungu byashingiye cyane ku igenekereza harangwa inkomoko ariko harimo no guha inyito nshya ijambo umushishi nk'igiti, bityo kiswe **umushishi wa kizungu**. Ni ikomora rishingiye ku kivugwa.

5.1.5. **Ubuhinzi bw'ibimera bivura**

Urugero:

Ripiya (ripiyâ). ZG: ***Aloysia citriodora***. Eng: **Lemon verbena**. Fra: **Verveine citronnelle.** NM: **Ibisagorora** (Verbenaceae). NZ: **Ubuhinzi bw'ibimera bivura**. SH: Agati kagira amababi batekamo icyayi, karakura kakageza kuri m 0.3-1.5 z'uburebure. Amababi yako arahunguka mu gihe cy'ubukonje, amashami agira utwoya, amababi ateye bucumu. Indabyo ni umweru rimwe na rimwe zigira agahondo mo hagati mu ndiba. Gakunda ahantu hari ku butumburuke bwa m 60-1,340. Ripiya ihingwa ahantu hatari ifumbire kandi haboneka akazuba. Mu ihingwa haterwa ingeri zitandukanyijwe na cm 40.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Agati kavura kazwi nka *Verveine citronnelle* mu Gifaransa gafite izina rya gihanga nka *Aloysia citriodora***.** Ariko kagira n'andi mazina y'impuzanyito nka *Lippia citriodora*, *Aloysia triphylla*. Abahinzi b'imiti mu Rwanda bazi cyane izina rya *Lippia citriodora* nyamara mu mazina ya gihanga barifata nk'impuzanyito ntabwo ari iryuga ry'indatwa. Iry'indatwa ni *Aloysia citriodora.* Kubera ko Lippia ari ryo rizwi mu Kinyarwanda, akaba ari igiti gikomoka hanze y'u Rwanda ku buryo nta kindi kizwi bisangiye igitsibo, byagaragaye ko gutira irizwi cyane n'abahinzi b'imiti ari ryo Lippia tukarigenekereza mu Kinyarwanda nka **ripiya** ari byo byazafasha abarikoresha. Uburyo bwakoreshejwe n'itira.

### 5.1.6. **Ibyonnyi**

Urugero:

Akavumvuri k'amagwe (akavûumvuûri k'âmagwe). ZG: ***Astylus atromaculatus***. Eng: **Spotted maize beetle**; pollen beetle; astylus beetle. **Fra: Dendroctone du pollen**; dendroctone du maïs; coléoptère tacheté. NM: **Ibisabivumvuri bito** (Melyridae). NZ: **Ibyonnyi by'imyaka.**
SH: Akavumvuri kagira ubwoya n'amababa y'amakoti apfumaguye azengurutswe n'akabara k'umuhondo cyangwa umuhondo w'icunga, gaharazemo ibara ry'umukara. Kuri buri baba hari utudomo dutatu tw'umukara tunini ahagana mu mbavu. Kagungu yako igira ubwoya burebure bwa suwa bufite ibara ry'ikigina gishyira umutuku. Aka kavumvuri gakunda cyane indabyo kuko gatunzwe n'insinda. Gafasha kubangurira ibihwagari, ibigori, amasaka n'ibindi binyampeke. Bityo nta cyo kangiza, icyangiza ni akanyabwoya kako.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Akavumvuri ko mu myaka kitwa mu Gifaransa *Dendroctone du pollen*, impindura nyito ikaba *coléoptère tacheté,* ni akavumvuri kaboneka cyane mu mirima y'ibigori. Kubera ko hari utuvumvuri twinshi kandi dutandukanye, kagombaga kubona izina ryihariye. Twagenekereje uko gasa dusanga ari ubugondo bw'umukara n'umuhondo. Ubundi bizwi ko ubugondo ari amabara y'umweru n'umukara bigiye bikora ibidomagure, kuba ari umuhondo n'umukara byatumye gashakirwa izina ryihariye. Ibara ry'ubugondo ni ryo bara ry'inyamaswa y'ingwe. Mu Kinyarwanda guhunda amagwe ni ukugira ibara ry'ubugondo cyane cyane ryijimyemo irindi bara nk'isine, umuhondo,… Bityo ni akavumvuri k'amabara. Ariko amabara ari ukwinshi , kukita **akavumvuri k'amagwe** ni byo byagashushanya kurushaho. Uburyo bw'ihinduramuga bushingiye ku ikomora.

### 5.1.7. **Indwara z'ibihingwa**

Urugero:

Agahumyo k'ikijuju (agahumyo k'îkijûujû). ZG**:** ***Botrytis cinerea***. Eng: **Grey mould**; gray mold. Fra: **Pourriture grise**. NM: **Ibisaduhumyo biteye bugofero** (*Sclerotiniaceae*). NZ: **Indwara**

**z'ibihingwa.** SH: Agahumyo gafata ibihingwa bikabora amababi, gakunda gufata imizabibu, i-bihwagari, inyanya n'inkeri. Hari ibihe bibaho bigatuma aho kwangiza kaba agahumyo ngirakamaro.

Isesengura ry'ihinduraryuga :

Iryuga ry'Igifaransa *Pourriture grise* ryari kwitwa mu Kinyarwanda **ububore bw'ikijuju** cyangwa uruhumbu rw'ikijuju. Ariko iyo inkomoko y'ubwo bubore cyangwa y'urwo ruhumbu izwi, ni byiza kwitirira iyo ndwara izina ry'agakoko kayitera kugira ngo imenyekane kurushaho. Igisobanuro cyerekana ko ari agahumyo. Bityo ni byiza gushyira imbere ako gakoko kakaba ari ko kagaragara, bityo bakajya bavuga ngo indwara y'agahumyo k'ikijuju biyitandukanya n'ubundi bubore kuko hashobora kuba hari ubundi bubore bw'ikijuju ariko budaterwa na kariya gahumyo. Uburyo bw'ihinduraryuga bwakoreshejwe ni ihwanisha.

5.1.8. **Imiti y'ibihingwa**

Urugero:

Gukumira ibyonnyi hakoreshejwe ibinyabuzima (gukûmiira ibyôonnyi hâkoreeshejwe ibinyabuzima). Eng: **Biological pest control**. Fra: **Lutte biologique contre les ravageurs**. NZ: **Imiti y'ibihingwa.** SH: Kurwanya udukoko twona imyaka hadakoreshejwe imiti cyangwa ikore-shejwe gake cyane. Harwanywa udukoko, uturondwe, ibyatsi byona n'indwara z'ibihingwa hakoreshejwe ibindi binyabuzima. Hakoreshwa udukoko turya utundi, utuduteramo amagi cyangwa ubundi buryo ariko ibyo byose biba biturutse ku bikorwa by'umuntu.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Lutte biologique contre les ravageurs* ryari guhindurwa ku buryo busanzwe bworoshye hakoreshwa interuro irwanya ry'ibyonnyi hakoreshejwe ibinyabuzima. Icyari gikomeye mu ryuga ni ukumenya uko twahindura *lutte biologique*. Ijambo irwanya ry'ibyonnyi ni ryo ariko humvikana ko habuze akantu ko kurinda imyaka, bityo iryuga ryari kuba ikumira ry'ibyonnyi hakoreshejwe ibinyabuzima. Twahisemo gukoresha inshinga kugira ngo iryuga rigire ingufu kuko inshinga ni yo yumvikanisha cyane igikorwa. Uburyo bwakoreshejwe mu ihinduraryuga ni ihindura risanzwe hamwe n'ihwanisha.

5.1.9. **Ibikoresho by'ubuhinzi**

Urugero:

Igisuka (igisûka). Eng: **Plow**. Fra: **Charrue**; rasette. NZ: **Ibikoresho by'ubuhinzi.** SH: Igikoresho cyo mu buhinzi gikururwa n'inyamaswa cyangwa imashini, gishwanyaguza ubutaka kikagenda cyubika ibiguja bikurikiranye kandi byegeranye by'ubutaka. Igisuka gishobora kuba gifite igishishimuzi bita

ikigembe kibirindura ubutaka, ubwoko bwa kabiri ni igisuka k'ikigasire kuko gifite ingasire isya amanonko. Igisuka cyoroshya ubutaka kikabutegura kwakira imbuto. Ikindi kandi gituma byoroha gutabika ibisigazwa by'ibihingwa byo mu ihinga rishize.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Charrue* ntabwo byoroshye kurivuga mu Kinyarwanda kuko atari igikoresho kimenyerewe mu Rwanda. Ariko umurimo gikora urazwi kuko ni umurimo gakondo w'Abanyarwanda. Bityo iryuga isuka rivuga igikoresho gakondo cyo guhinga ryahinduriwe inteko rihabwa iritubura kugira ngo rivuge igikoresho kinini gikururwa n'imashni cyangwa itungo rifite ingufu kugira ngo gikore uwo murimo wo guhinga. Ni uko icyo gikoresho kiswe igisuka. Uburyo bwakoreshejwe bw'ihindura ni ikomora rishingiye ku misusire y'iryuga, riratuburwa.

5.1.10. **Ubukungu bujyanye n'ubuhinzi**

Urugero:

Igihe gisigaye k'isarura (igihe gisigâye k'îsaaruura). Eng: **Remaining economic life.** Fra: **Vie Economique restante**. NZ: **Ubukungu bushingiye ku buhinzi.** SH: Iyo igiti k'imbuto gishobora kwera imyaka 25 kikaba kimaze 10, ubwo mu by'ubukungu babara ko ibyo biti by'imbuto bisigaranye igihe k'isarura k'imyaka 15.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Vie Economique restante* ni iryuga umuntu yahindura ku buryo bubangutse aryita ubuzima nyabukungu busigaye. Ariko inyito ntiyakumvikana kuko ubuzima bw'ubukungu ni ikintu abantu batashobora kubona mu bwenge bwabo. Ahubwo hakurikije igisobanuro cyatanzwe, bigaragara ko ari uburambe bw'igiti cy'imbuto mu gutanga umusaruro. Bityo ikivugwa ni igihe igiti kimara gitanga umusaruro. Aho gukoresha ijambo ubuzima hakoreshwa ijambo igihe cyo kwera ariko kwera bigasa n'ibyirengagijwe. Iri jambo ubukungu ntirisobanura neza ikiba gitegerejwe ku giti cy'imbuto risimbujwe isarura birushaho kumvikana neza, bityo iryuga rikaba **igihe gisigaye cy'isarura**. Uburyo bw'ihindura bwakoreshejwe ni ihwanisha.

5.1.11. **Ubutaka**

Urugero:

Kwiteka kwa aside (kwîiteeka kwa asiîde). Eng: **Acid deposition**. Fra: **Accumulation d'acide**. NM: **Ubutabire**. NZ: **Ubutaka**. SH: Kwikeneka kwa aside mu butaka. Iyo hari $H^+$ nyinshi ubutaka

burasharira. Ukwitekera kwa aside ari byo gusharira biterwa n'ubwoko bw'ubutaka (umucanga, uruyuyu n'inombe), naho ikigwagwa kigakaruruka.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Accumulation d'acide* ryumvikanisha ko aside igenda yiyongera mu butaka. Uburyo bwiza bwo kwerekana uko kuba aside igenda yiyongera buhoro buhoro mu butaka umuntu yabigereranya n'ukuntu amatende agenda acayuka, akikeneka mu ndiba y'ikirimo inzoga cyangwa ikindi kinyobwa cyifitemo amatende. Ukwikeneka kw'amatende akagenda yiyongera babyita kwiteka. Bityo iryuga kwiteka kwa aside byumvikanisha neza iyo mimerere. Uburyo bw'ihinduraryuga bwakoreshejwe ni ihwanisha.

5.1.12. **Amazi**

Urugero:

Icyogogo (icyôogoôgo). Eng: **Drainage basin.** Fra: **Bassin versant.** NZ**: Amazi.** SH: Ahantu hose haturuka amazi yisuka mu mugezi umwe, mu ruzi rumwe cyangwa mu kiyaga kimwe. Ni ukuvuga ko n'ahakikije utugezi duto twisuka mu mugezi munini habarirwa mu harebwa n'umugezi munini tubyara. Aho harangirira buri gihe haba hari imisozi miremire ibuza amazi kwambukanya uruhande.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Bassin versant* rivuga ahakikije umugezi hose, ariko mu guhindura mu Kinyarwanda twitaye cyane ku aho umugezi unyura n'uko uhanyura kuko kogoga ni ugucengera kugera kure umuntu aciye aho ataboneka. Aho umugezi waciye ni ho hitwa icyogogo, guturuka ku isoko kugera aho wisuka mu wundi cyangwa wisuka mu kiyaga, inyanja se. Bicyo aho waciye kuhita icyogogo ni ukugenekereza aho wagiye uca wishakira inzira ari byo kogoga. Uburyo bw'ihinduraryuga bwakoreshejwe ni ikomora ndetse n'ihwanisha.

5.1.13. **Ubumenyi bw'ikirere**

Urugero:

Igipimamvura (igipîmamvûra). Eng: **Pluviometer**. Fra: **Pluviomètre**. NZ: **Ubumenyi bw'ikirere.** SH: Igikoresho cyo mu iteganyagihe gifasha gupima ingano y'imvura yaguye ahantu ku minsi iyi n'iyi.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa Pluviomètre riranga icyo rikora. Bityo kurihindura mu Kinyarwanda ntibigoye kuko amagambo abiri arigize ntagoye kuvuga mu Kinyarwanda *Pluvio* risobanura imvura na *métrie* rivuga igipimo. Bityo ni igikoresho gipima imvura, wabihinamo ijambo bikaba **igipimamvura**. Uburyo bw'ihindura bwakoreshejwe ni ihindura risanzwe.

## 5.2. Ubworozi

### 5.2.1. Ubworozi bw'amatungo

Urugero:

Ingerurwa (ingerûurwa). Eng: **Cow after liquidation**. Fra: **Vache d'après liquidation**. NZ: **Ubworozi.** SH: Inka ísigara mu biseswa iyo bamaze kurobanura.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Ijambo ry'Igifaransa *Vache d'après liquidation* rivuga inka isigara habaye kugabana umutungo, buri wese amaze gufata uruhare rungana n'urw'undi. Mu Kinyarwanda, iyo nka bayise ingerurwa kuko kugerura bapima ni ugukuraho igice gito ku gipimwa kugira ngo ibiro bishakwa bigabanukeho icyarengaga. Bityo niyo bagabana inka batoranya hagasigara imwe, bimera nk'aho bayikuye mu gipimo, bityo barayigerura. Uburyo bw'ihinduraryuga bwakoreshejwe ni ihwanisha.

### 5.2.2. Ubworozi bw'ibiguruka

Urugero:

Kugusha ivutu (kuguusha ivutû). Eng: **Cramming**. Fra: **Gavage**. NZ: **Ubworozi bw'ibiguruka.** SH: Kugaburira ku ngufu ibiguruka kugira ngo bibyibuhe vuba babigurishe. Akenshi bagaburira batyo inkoko, imbata n'ibishuhe. Mu bihugu bimwe na bimwe iyo migaburire y'amatungo irabujijwe.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Gavage* rivuga kugaburira itungo umuntu akarenza igipimo hagamjwe gutuma ribyibuha kugira ngo barigurishe bunguke. Uburyo ryahinduwe mu Kinyarwanda hakoresheje ijambo kugusha ivutu ni ihindura risanzwe.

5.2.3. **Uburobyi bw'amafi**

Urugero:

Uruhuri rw'amafi (uruhûuri rw'âmafi). Eng: **Shoal**. Fra: **Banc de poissons**. NZ: **Ubworozi bw'amafi.** SH: Amafi menshi cyane agenda yegeranye. Amafi akunda kugenda atsitse. Ari ubwoko bwinshi ariko cyane cyane harengi. Hari amafi buri gihe atagenda atsitse, akabikora igihe kimwe cy'umwaka nk'igihe cyo gutera amagi ku mafi ya somo.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Banc de poisons* rivuga amafi agenda ari menshi kandi akoze itsinda. Amagambo avuga itsinda ku nyamaswa ni menshi, twavuga nk'umukumbi, umugana, ishyo, … Ku biguruka ho hakoreshwa ijambo uruhuri iyo ari inyoni nto. Amafi agenda mu kivunge na yo aba ari mato, twavuga nka saradini, indagara cyangwa isambaza. Kuvuga ko aya mafi akora uruhuri iyo agenda atsitse ukaba wagira ngo ni ikintu kimwe ni ukuyagereranya n'inyoni nyinshi zigurukiye icyarimwe mu kirere, hano ikirere kigasimburwa n'amazi. Uburyo bw'ihinduramuga bwakoreshejwe ni ihwanisha ariko n'ihindura risanzwe ririmo.

6.2.4. **Ubworozi bw'amafi**

Urugero:

Karerembа (karerêemba). Eng: **Fish net for aquaculture**. Fra: **Filet pour l'aquaculture**. NZ: **Ubworozi bw'amafi**. SH: Umuraga ufite utwiso duto twa kaningina dutuma utwana tw'amafi tudatoroka, bityo tugakurira muri uwo muraga aho batugaburirira. Bituma abantu batavunika bajya kuroba amafi kandi umusaruro mwiza uba wizewe.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Filet pour l'aquaculture* rivuga umuraga ukoreshwa mu bworozi bw'amafi hagamijwe umusaruro. Iyo hakorwa ubwo bworozi, amafi akubirwa mu muraga akororerwamo kugira ngo akure vuba agurishwe. Ubundi izina ry'Ikinyarwanda ryari rikwiye ni umuraga wo kororeramo. Ariko bitewe n'uburyo uba useruka hejuru y'amazi abarobyi bawise Karerembа kuko uba umeze nk'ureremba hejuru y'amazi nyamara uba ugera kure mu mazi ugakora ikintu kimeze nk'igifuka kinini amafi yisanzuriramo. Uburyo bw'ihinguraryuga bwakoreshejwe ni ikomora kuko izina ryakomotse ku kureremba.

5.2.4. **Ubuvumvu**

Urugero:

Urubimbuzi (urubiimbuzi)**. Eng**: **Scout bee**. Fra: **Abeille éclaireuse**. NZ: **Ubuvumvu.** SH: Uruyuki rutara ubuki rugenda mu za mbere. Ni rwo rushakisha ahari ubuki kurusha ahandi rukagaruka rukabwira intazi zo zikagenda zizi aho zerekera.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Abeille éclaireuse* rivuga uruyuki rujya kuneka cyangwa gushakisha ahari ubuki. Ntabwo twarwita uruyuki runeka kuko kuneka bikoreshwa ku bantu. Ahubwo ijambo kubimbura bivuga gutangirira abandi ukabereka urugero cyangwa ukagenda imbere kugira ngo ukure ibizitira mu nzira. Uruyuki rugenda imbere gushakisha ubuki rwakwitwa ubumbuzi kuko ni rwo rujya gushaka ubuki ariko si byo byonyine rukora kuko niyo inzuki zigiye guca ni rwo rujya gushaka aho irumbo rizimukira. Uburyo bw'ihinduraryuga bwakoreshejwe n'ikomora ariko harimo n'ihwanisha.

5.2.5. **Indwara z'amatungo**

Urugero:

Intandara (intaândara). HI: **Nyarutandara** (nyarutaandara). Eng: **Animal three day fever**. Fra: **Fièvre de 3 jours**. NZ: **Ubworozi.** SH: Ubwoko bw'indwara y'inka iyitumbisha inda, noneho ukuguru kumwe kugafatwa gucika intege kwakira hagafatwa ukuboko cyangwa se akaba ari ko kubanza. Ivurwa n'icyatsi kitwa itake.

Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa *Fièvre de 3 jours* rivuga indwara y'umuriro y'iminsi itatu. Ariko hagendewe ku buryo iyi ndwara ifata inka ikagenda itagataga cyangwa no gutambuka bikanga ikaguma itandaraje, ni ho havutse kwita iyi ndwara intandara cyangwa nyarutandara. Iryuga ryahimbwe hagendewe ku ikomora ndetse n'ihwanisha.

5.2.6. **Imiti y'amatungo.**

Urugero:

Umuti w'uburondwe (umutî w'ûburoondwe). Eng: **Acaricide**. Fra: **Acaricide**. NZ: **Ubuvuzi bw'amatora.** SH: Umuti waba uw'umukorano cya-ngwa uvuye mu bimera ukaba ushobora kwica uburondwe. Uyu muti ubuza uburondwe guhumeka, gukura ndetse n'imikorere y'imyakura.
Isesengura ry'ihinduraryuga:

Iryuga ry'Igifaransa **Acaricide** rivuga umuti wica ibisarondwe. Mu bisarondwe habarirwamo n'ibitagangurirwa n'utundi dukoko two mu muryango w'ibisarondwe. Kuwita umuti w'uburondwe

bituruka ko ukoreshwa cyane n'aborozi iyo barwanya uburondwe, bityo ni umuti w'uburondwe. Iryuga ryahanzwe hashingiye ku itubya ry'inyito kuko wari kwitwa umuti w'ibisarondwe, ariko kuko ukenerwa cyane ku kwica uburondwe bawusiga inka hafashwe ko witwa umuti w'ubururondwe. Ni ihindura ritubya inyito.

**Umwanzuro**

Ubushakashatsi ku muga yo mu ngeri zose ni ikintu kigaragara ko gikenewe cyane mu Rwanda kuko nta kiganiro cy'ubushakashatsi kirangira abantu badasabye ko guhanga amuga y'Ikinyarwanda byakwihutishwa kugira ngo byorohereze isakazabumenyi.

Iyi nkoranyamuga n'izayibanjirije ni ikimenyetso kereka buri wese ko Abanyarwanda dufite imbaraga, ubushobozi n'ubushake bwo kwihaza mu muga, igisigaye ni uko Leta ishyira amuga mu byihutirwa uwo mushinga ugahabwa imbaraga zihagije, buri ngeri y'ubumenyi ikihaza mu muga nk'uko n'ibindi bihuga nka Tanzaniya babikoze, bikorohereza abayobozi, impuguke n'abashakashatsi kwegereza ubumenyi abaturage.

Gahunda y'amuga igiye guterwa imbaraga n'uko Ikinyarwanda cyenda gushyirwa mu buryo buhamye kandi bunoze mu ikoranabuhanga, bityo gusakaza amuga bizoroha kandi bizabanguka kuko izi nkoranya, ari iz'ururimi rusanzwe, ari n'iz'amuga zizaba ziri kuri murandasi, buri wese ashobora kuzivomamo ubumenyi uko abyifuza.

Inkoranyamuga y'ubuhinzi n'ubworozi ni ikimenyetso ko ihangamuga ari intwaro ikomeye mu ikungahaza ry'Ikinyarwanda, by'umwihariko ko ihinduramuga ari ikintu gikenewe, cyahabwa ingufu, bityo izi nkoranyamuga zahangwa zikaba ipfundo ry'isakazabumenyi n'imbarutso y'amajyambere.

**Indangasoko**

1. BEAVER, J. et alii. (2009). *Annual report of the Bean improvement cooperative,* Volume 52, BIC.
2. BOLAND, J. (2002). *Urban Agriculture*, Agrodok 24, Agromisa-CTA, Netherlands.
3. BORGET, M. (2000). *Les plantes à épices*. ACCt-CTA, ED. Paris: Maisonneuve & Larose.
4. CILF. (1979). *Vocabulaire d'agriculture*.
5. DHARANI, N. (2002). *Field guide to common trees and shrubs of East Africa*, Struik Publishers, Cape Town: South Africa.
6. HOMIDY H. I. S. et alii. (2016). *SILKWORM (Bombyx mori L.)*, MINAGRI-RAB, Kigali.
7. ISAR. (1988). *Amafishi mboneza-mirimo y'ibihingwa ngandurarugo n'ikawa*. Imprimerie de Kabgayi.

8. ISAR. (2003). *Kongerera uburambe n'agaciro ku biva mu buhinzi n'ubworozi dukoresheje ikoranabuhanga riciriritse.* Food Processing and Product Development Unit. Butare.
9. JANSEN, C. & VAN DEN BURG, K. (2004). Goat keeping in the tropics. *Agrodok-series*. No. 7, Agromisa - CTA, Netherlands.

https://www.aquaportail.com/definition-5897-agronome.html.
https://www.gastronomiac.com/fleurs-comestibles.
https://www.Le grand dictionnaire terminologique. Org.
https://culturesconnection.com/7 translation techniques to facilitate your work (culturesconnection.com)

# UBUKUNGAHARE BW'URURIMI RW'IKINYARWANDA

**Prof Gamaliel MBONIMANA**
*Impuguke n'umushakashatsi mu mateka na muzika*

## Incamake

Ikinyarwanda ni ururimi rukungahaye cyane kuva kera kugeza ubu. Ubukungu bwarwo butagira urugero bwerekanwa n'ubushake buriho kuva kera bwo kwita ku busugire bwarwo mu buvanganzo nyemvugo no mu birwandikwaho bitari bike. Abanditsi benshi baba abo mu Rwanda cyangwa abanyamahanga bahamya ubukungu bukomeye bw'Ikinyarwanda buboneka mu ngeri nyinshi z'ururhererekane nyemvugo (imigani y'imigenurano, ubusizi, ibisakuzo, ibihozo, imigani miremire, ibitongero, amahigi, indirimbo, uruhererekane nyemvugo, ibitekerezo…). Uguhindura Bibiriya n'ibindi byanditswe mu ndimi z'amahanga bigashyirwa mu Kinyarwanda mu maza y'abamisiyoneri kwerekana uburyo Ikinyarwanda gifite byinshi bituma gikungahara. Inzego z'imikoreshereze yacyo na zo zigaragaza neza iby'ubwo bukungu n'imiterere yacyo. Kwita ku nganda z'ururimi rw'Ikinyarwanda (ubusizi, imvugo z'ubuvuzi gakondo, indirimbo n'imbyino) kuva kera ni uburyo bwatumye ubukungu bw'Ikinyarwanda busigasirwa, bunatezwa imbere kugera magingo aya.

**Key words:** *Ikinyarwanda, ubukunguhare bw'ururimi, uruhererekane nyemvugo, ubuvanganzo nyandiko, ubuvanganzo nyemvugo.*

## Abstract

Kinyarwanda is an extraordinary rich language from its ancient times until now. Its concrete richness is testified by the existence of a long tradition of good will to safeguard its integrity through oral literature and through a great number of writings. Many national and foreign authors confirm this unlimited richness of Kinyarwanda from different traditional oral sources (proverbs, poetry, riddles, lullabies, tales, incantations, hunting songs, music, oral tradition, myths…). The translation of the Bible and other foreign writings in the early first years of missionaries shows at which extent Kinyarwanda is provided with all the necessary to stand firm as a rich language. Kinyarwanda levels in its use also show how far it is very equipped and structured. The support to Kinyarwanda industries (poetry, healing discourse, music…) since many years back in time is a way in which Kinyarwanda richness has been protected and promoted till now.

**Key words:** *Kinyarwanda, language richness, oral tradition, written literature, oral literature*

**INTANGIRIRO**

«*Uwambaye ikirezi ntamenya ko kera* », kandi ngo «*Ntawuta akangaya atagahambuye.*»

Ibyo Abanyarwanda bagiye bashaka kuranga babiboneye imivugo yihariye n'amagambo akwiriye: ay'ibibakikije, avuga uko abantu bari babayeho, ay'imyumvire y'ibinyuranye, agaragaza amarangamutima atandukanye, ndetse n'aranga ibiriho byinshi utabonesha amaso cyangwa ngo ube wabitunga urutoki ubyerekana (ingero: ubuntu, ubwenge, ubusabane, kwibaza, gutekereza, nb.).

Ikigambiriwe muri iyi nyandiko ni ukugaragaza ko hari gihamya y'ubukungahare bw'ururimi rw'Ikinyarwanda: hari ababizirikanye barabyemeza kandi kubihamya bifite ishingiro, hari ibihangano byinshi biteye ishema, hakaba n'inyigo zifatika kandi zihagije.

**1. ABAGARAGAJE KO IKINYARWANDA ARI URURIMI RUFITE AGACIRO**

- Justin Kalibwami, wigeze kuba umuyobozi w'ikinyamakuru *Kinyamateka* mu wa 1960, yemeje ko u Rwanda rufite ururimi rukungahaye kandi runoze cyane. Ibyo yabyanditse ari i Paris mu Bufaransa mu wa 1967. Ni ukuvuga ko yari afite ikigereranyo cy' aho ahera yemeza ibyo.
- Claire Grégoire (MRAC, Tervuren): Mu nyandiko y'Inkoranya y'Ikinyarwanda yanditswe na André Coupez n'abandi, arata ubukungahare bw'ururimi rw'Ikinyarwanda buzira iherezo, ururimi ruranga umuco unogereje**.**
- Guhindura Bibiliya nyuma y'igihe gito kuva abamisiyoneri bageze mu Rwanda. Impamvu yo kuzana iyo ngingo ni iyo kugereranya: Tanzania ikimara kubona ubwigenge, hemejwe ko Igiswayire ari rwo rurimi ruzakoreshwa mu gihugu hose. Abanyamakuru bamwe na bamwe banditseho ko nta ngorane bizatera kuko urwo rurimi rwagaragaje ubukunguhare bwarwo mu gihe barukoresheje mu guhindura Bibiliya.

Mu Rwanda, mu wa 1914, Pasitori Rahl (Bethel Mission Eglise Luthérienne), nyuma y'imyaka itanu gusa atangiye umurimo i Rubengera kuva mu wa 1909, yari amaze guhindura amavanjili ane yo mu Izezerano Rishya rya Bibiliya.

Ku byerekeye guhindura ibihangano by'abandi mu Kinyarwanda, ni byiza kugeza ku basomyi umwitozo ushimishije wakozwe mu Seminari Saint Paul (i Kigali) mu wa 1967: Guhindura mu Kinyarwanda mu mikarago uvana mu Kigereki (Homère: agace ka *Iliade* bikorwa n'ishuri ryose) no mu Kilatini (Virgile: agace ka *Enéide*). Byashyigikiwe n'abarimu bigishaga izo ndimi na njye wigishaga ubuvanganzo bwa Kinyarwanda burimo amazina y'inka. Mu byahinduwe hari ibyatangajwe mu kanyamakuru k'ikigo *La Cordée.*

## 2. ISHINGIRO RY'UBWO BUKUNGAHARE

Ubwo bukungahare si ubw'ejo hashize, ni ubw'imyaka amagana cyangwa ibihumbi: abaturage baturutse hirya no hino hanze y'u Rwanda rw'ubu, abagiye basangwa mu Rwanda rw'ubu, abagiye basangwa mu Rwanda barurimo kuva imyaka ibihumbi ugendeye ku basokuruza babo ba kera. Abo bose bagiye bahererekanya amagambo n'imivugo.
Kuremya kw'abaturage bagiye bashinga ibirindiro, nubwo bataretse kugenda banyuranamo ku mpamvu zitandukanye (*migrations*).

Ubwo bukungahare bw'ururimi rw'Ikinyarwanda bwari bushingiye ku mbone zikurikira:

- Politiki rusange y'Ubuyobozi (ubwami) kandi idaheza mu nzego zitandukanye.
- Ubwuzuzanye bw'imvugo yo muri rubanda n'iy'ibwami binyuze mu nzego z'ubutegetsi, umuco, umubano n'ubukungu.
- Ubushake budashidikanywaho bw'Abanyarwanda bwo kunoza imivugo ifutuye kandi inoze, ahanini bigahera mu miryango imuhira.
- Gushyigikirwa k'ubuhanzi bw'ubuvanganzo mu buryo bubiri: kugororera abahanzi ku giti cyabo umwe umwe no gukoresha amarushanwa.
- Gutanga ingororano nta marushanwa byababagaho cyane ibwami. Bene iyo ngororano abasizi babyibutsaga mu gice gisoza igisigo, igice kitwaga "umusayuko". Nguko uko Nyakayonga yagororewe na Mutara Rwogera inka cumi n'eshanu (hari abavuga ko zari icumi) azikesha igisigo cyo kuyoboka cyamamaye kitwa *Ukwibyara gutera ababyeyi ineza*. Cyakunzwe kwigishwa mu mashuri yisumbuye.
- Habayeho no gushyigikira ubuvanganzo hakoreshejwe amarushanwa yerekeye Amazina y'Inka. Urugero ni irushanwa ry'abasizi Bikungero na Bukombe. Urubanza rwaraciwe, hemezwa ko Bikungero ari we urushije, bituma abona uburenganzira bwo kwita *Inka ya Nyarwaya* (imikarago 726). Irindi rushanwa ni irya Bikungero na Bwarike. Ryakoreshejwe n'umugore wiyubashye kandi wubashywe, ari we Nyakazana Uwantege, akaba nyina wa Rwabika rwa Yuhi Gahindiro.

## 3. IBIHANGANO BYINSHI KANDI BITEYE ISHEMA

Hari inzobera mu bugeni bwa muzika, M-P Philippot, yemeje ko agaciro k'ururimi kagaragarira mu bihangano byarukoresheje cyangwa rwibarutse.

Mu Rwanda, ibyo bihangano bijyanye n'ururimi ni byinshi cyane, bifite ireme kandi biteye ishema. Umunyamateka n'umushakashatsi ku ndondore zo mu Rwanda, Jan Vansina yashimangiye ko amasôoko menshi cyane kandi anyuranye yo muri icyo gihugu ari akadasanzwe, akataraboneka, akatagereranywa mu Karere k'Ibigaya Bigari. Byinshi muri ibyo bihangano mu rurimi rw'Ikinyarwanda uko binyuranye ni na ko byuzuzanya (*intertextualité*). Dore bimwe na bimwe.

1.*Imigani migufi* (imigenurano) irenze 4454 hamwe n'*inshoberamahanga* byatangajwe. Iyo migani ibarirwa mu bigize amagambo y'ubwenge, y'ubushishozi n'ubunararibonye bw'imyaka ibihumbi.

2.*Imigani miremire* ( iririmbwa n'itaririmbwa).
Iririmbwa iri mu nzira yo gutakaza uwo mwimerere n'indirimbo zibarirwa mu ziranga muzika gakondo. Ishobora kwigishwa. Nonese muri Kaminuza ntibigisha iya La Fontaine wanditse mu Gifaransa bimwe na bimwe yigana gacamigani w'Umuromani Phèdre? Uyu na we hari imigani *Fabulai Phedri* yahimbye yigana Esape, Umugereki w'umwirabura (byemejwe na Englebert Mveng, Umuyezuwiti wo muri Kameruni (Cameroun), muri thèse de doctorat d'Etat). Imigani miremire yajonjorwa, maze itoranyijwe igasigasirwa.

3.*Amahigi*: Hari ayitwa amagoyi, amanyamuheto n'amayogera. Amenshi yatangajwe na Nkurikiyinka Jean Baptiste.

4.*Ibitongero* bijyanye no kuragura, ubugombozi, kugangahura, nb.

5.*Byendagusetsa* (Urwenya) na *Rukinamubikomeye* (Wellérismes).

6.*Indirimbo zisanzwe*: Iziri iza kera muri zo ni izo ku ngoma ya Yuhi Mazimpaka. Indirimbo zigizwe n'ibihozo, ibisingizo, iz'imyuga (nk'amasare), izo kwidaga n'inanga zinyuranye.

7.*Indirimbo z'inka:* Ziri kwinshi: amahamba, amabanga, inzira nziza, ibisigo,
imyoma, ibihamagaro, amararo n'indama. Ubu bwoko bw'indama wabusanga muri Radiyo Rwanda/ Igitaramo: Itorero ryo mu Bugesera. Kera "Indama" yaririmbwaga no ku Mayaga ya Kamonyi y'ubu.

8. *Indondore* zigizwe n'ibitekerezo n'imigani iyinga ibitekerezo (mythes; legends), nb. Izakusanjijwe ni nyinshi cyane (Vansina, P. Smith).

9. *Ibyivugo:* Hari ibyatangajwe (INRS: Charles Kayumba yarabisesenguye) n'ibitaratangazwa biri mu ishyinguranyandiko rya Alexis Kagame.

10. *Ibisakuzo:* Bimwe na bimwe byaratangajwe.

11. *Indahiro:* Zimwe na zimwe zakozweho ubushakashatsi muri UNR, Ishami ry'Indimi.

12. *Ibisigo:* Alexis Kagame yashyikiriye ibigeze ku 176. Jan Vansina yakiriye amazina y'ibisigo bya kera agera kuri 400: kuva kuri Ruganzu Ndori kugera kuri Mutara Rudahigwa mu gihe cy'ubukoroni. Umusizi uherutse ni uwatuye igisigo Mutara Rudahigwa mu wa 1949, ari we Munyangaju Lauriani (Alias Mwugariro w'Inkiko).

13. *Amazina y'Inka*: ni isonga ry'ubuvanganzo nyarwanda. Alexis Kagame yarayakunze cyane kubera ubuhanga buhambaye burimo kandi arayigana. Ayo yakusanyije yatangajwe, amaze gutabaruka, mu mitumba 2 yise *Amazina y'Inka*. Yasigiye u Rwanda umurage ufite ireme kandi uteye ishema.

14. *Inzira z'ubwiru*: ni imvugo ibwiriza iyobera imitunganyirize y'imihango y'ubwami.

**UMWANZURO**

Ururimi rw'Ikinyarwanda ni indahinyuka mu mihigo y'umuco w'abakurambere. Ni ururimi ruvugitse, rurimo muzika (ijwi n'injyana).

Byari bikwiye kumenyekana kandi bigahabwa agaciro, ntabwo ari ugukabya kuvuga ko Ikinyarwanda ari "ururimi rwa Ndangamira" kimwe n'uko bavuga "ururimi rwa Molière (Igifaransa)", "ururimi rwa Shakespeare (Icyongereza)", "ururimi rwa Goethe (Ikidage)", nb.

Ndangamira ya Muyoboke, umwisi w'imena, Alexis Kagame yifuje ko Igihugu cyazamushyiraho urwibutso. Nanjye ndishyutse ubwo menyekanishije icyo cyifuzo.

**Aho bibarizwa**

1. J. Kalibwami, 1967: 300. Yanditse muri aya magambo:
   *Le Rwanda possédait une langue riche, aux nuances très fines… Ce dictionnaire apporte au moins le témoignage de l'infinie richesse de la langue rwandaise et du raffinement de la culture que cette langue exprime.*
2. M.-P. Philippot, 1980: 459: *Une langue acquiert ses lettres de noblesse des œuvres littéraires qu'elle a suscitées.*
3. J. Vansina, 2001: 11: *La quantité et la diversité de sources pour le royaume [Rwanda ancien] sont extraordinaires même comparées à la situation du Bunyoro ou du Buganda.*
4. Ku byerekeye isomo rya muzika n'ubuvanganzo, reba N. Ruwet, *Langage, musique, poésie*, Paris, Editions du Seuil, 1972.

**INDANGASOKO**

KAGAME, A. (1988). *Amazina y'inka*. Kigali, Imprimerie Scolaire, 2t.
Kalibwami, J. (1967). *Le Rwanda en question. Remarques Africaines.* Bruxelles : No 291, p 300.
Philippot, M. P. (1980). *Gamme Encyclopedia*. Universalis. France , Vol.7, pp. 458-461.
VANSINA , J. (2001). *Le Rwanda ancien. Le royaume nyiginya*. Paris, Karthala.

# URUHARE RW'UBUSIZI MU GUKUNGAHAZA IKINYARWANDA

Prof Jean Chrysostome Nkejabahizi
*Umushakashatsi ku buvanganzo nyarwanda*
jcnkejabahizi@gmail.com

**Incamake**

Ubusizi bwamye ari nyina w'ubuvanganzo cyanecyane nyemvugo, ahanini kubera ko byafashaga gufata mu mutwe. Mu migani y'imigenurano, ibisakuzo, uturingushyo, udukino tw'abana, indirimbo, amazina y'ahantu n'ibindi, dusangamo ibimenyetso ndangabusizi nk'injyana, isubirajwi, amagambo ahamagarana n'ibindi. Umusizi akaba yari n'umuhanzi w'imvugo n'amagambo mashya kubera kuzimiza, akaba n'igicumbi cy'amateka. Amagambo y'Urunyakirima ni ibisigara biranga amateka y'uburyo Ikinyarwanda cyagiye gikura cyangwa kivugurura. Ibi byagaragaye mu bisigo byiswe nyabami, amazina y'inka n'ibyivugo.

Mu buvanganzo bwanditse na ho, cyane cyane mu ikinamico, abanditsi benshi atari no mu Rwanda gusa, bitabaza imvugo ya gisizi ngo baryoshye ibihangano byabo. Ibi bigaragara mu ikinamico n'indirimbo. Mu Burayi bwo mu kinyejana cya 17-18, ba Shakespeare mu Bwongereza, ba J.-B. Pokelin bita Molière, V. Hugo n'abandi mu Bufaransa; tutiriwe dusubira inyuma cyane mu Bagereki n'Abaromani, usanga amakinamico ndetse n'imbwirwaruhame byabo byarabaga byanditse mu buryo bwa gisizi, kuko babaga bandikira abami cyangwa abatware, bikaba ngombwa ko bakoresha "imvugo y'imana." Imvugo ya gisizi mu ndirimbo zo mu Burayi na byo ni kimwe. Muzika n'iyo mvugo biruzuzanya kuko biba bigomba gukirigita ugutwi n'inkebe z'umutima kugira ngo bivubure cyangwa bikangure imbamutima mu wubyumva. Ibyo no mu Rwanda biragaragara kuva kera. Urugero rwa hafi ni indirimbo za Sipiriyani Rugamba. Aha ni na ho hakomoka wa mugani ugira uti : "Uririmba adasiga aba acurangira abahetsi."

Tuvuze indirimbo n'ikinamico ariko n'inkuru ndende cyangwa ngufi, hari bamwe mu banditsi bifashisha imvugo ya gisizi mu duce tumwe na tumwe, bitewe n'icyo bari kuvugaho. Bigatuma rimwe na rimwe habaho ibyitwa ubusizi mbarankuru cyangwa inkuru busigo. Urugero ni *Indyoheshabirayi* y'Aregisi Kagame. Muri make rero imvugo ya gisizi ni ipfundo ry'ubuvanganzo, umuyoboro w'ibiganiro (kuvuga neza) n'ishema ry'abahanzi.

**Amagambo fatizo:** *Ikinyarwanda, ubusizi, ururimi, umuco, ubukungahare bw'ururimi*.

**Abstract: The role of Poetry enriching Kinyarwanda**

Since a long time, poetry has been mother of literature, especially the oral one, due to it facilitates memorization. Inside proverbs, riddles, short poems, nursery rhymes, songs, places' name, etc., there are poetic signs like rhythm, assonance, some words "calling each other's", etc.

The poet was also a creator of expressions and new words because of using veiled terms and being a specialist of the history of the country. Some old-fashioned words called "urunyákiirima" (Kinyarwanda variety used under the reign of king Kíirima Rujúgira [1731-1769], is a vestige characterizing Kinyarwanda language's evolution. This has been attested through dynastic poems, cows' names and auto panegyrics.

Inside written literature also, especially drama, many writers not only in Rwanda, use poetic language to ensure the taste of their writings. This is very clear in drama and songs. In the Europe of the 17-18$^{th}$ centuries, Shakespeare in UK, J.-B. Pokelin so-called Molière, V. Hugo and others in France; without going far away in Greek and Romans' period, we find that their plays and speeches were written in poetic way, because they were created for kings and lords, and it was necessary to use "God's language".

It is the same for the poetic language used in songs in Europe. The music and that kind of language are complementary, because they have to tickle the ears and the heart in order to lead or revive fillings inside the receiver. This is a reality in Rwanda since a long time. A closed example are songs created by Cyprien Rugamba. It is in that way there is a proverb which says: "Somebody singing without using poetic language is singing for bearers."[28]

We talked about songs and drama, but through novels and short stories, there are some writers who use poetic language in some passages of their texts, according to the theme they are writing on. It is in that context we have narrative poetry and poetic prose. In Rwandan Literature, *Indyooheeshabiraayi* [29] by A. Kagame is a typical example. Briefly, we can say poetic language constitutes the crux of literature, a guideline of conversation (good language) and pride for writers.

**Key words:** *Kinyarwanda, Poetry, Language, Culture, Language Richness*.

**Intangiriro**

Gukoresha imvugo inogeye amatwi, ugamije gushimisha abayumva ngo baruhuke mu mutwe no ku mutima; cyangwa wifuza kubigarurira ngo bumve kandi bemere ibyo ubabwira, biri muri kamere muntu; ni karemano. Umuntu aba abikeneye nk'uko akenera amazi yo kunywa cyangwa umwuka ahumeka. Umuhanga w'Umugereki, Arisitote, ni we ugereranya akamaro k'inozamvugo kuri roho n'ako guteka bifitiye umubiri. Naho Umufaransa François-Marie Arouet bita Voltaire, akungamo ati: "*Ikemezo ndakuka ko igihugu gihiga ibindi mu bugeni nturukabwenge, ni ukuba baranogeje ibijyanye no gusiga*.", kubera ko gukoresha amabango y'inganzo bifasha gusigura amabanga y'Imana.

Ni yo mpamvu tubisanga mu mico n'impugu zose, ariko bikagaragara by'umwihariko ibwami, mu batware no mu yindi miryango ikomeye. Ibyo bigaterwa n'uko kugira ngo wumvwe uturutse muri rubanda cyangwa uhabwe icyo wifuza, wagombaga kugira ikindi witwaza kitari amavuko y'ikirenga, ubutwari ku rugamba cyangwa kugira abakuvuganira bakomeye.

Ni uko hadutse ubugeni bushingiye ku mvugo, hakabaho abahanga b'ijambo nk'uko habaho abahanga b'umuheto. Mu Bugereki (Demosthène, Homère) kimwe n'i Roma (Cicéron, Caton, Tacite), guhera mu kinyejana cya IV mbere ya Yezu, hatangiye kuboneka abahanga mu kuvuga neza, biyemeza kuburanira rubanda rwarenganaga, ruhohoterwa n'abakomeye, rwamburwa amasambu cyangwa indi mitungo. Nyuma byigishwa no mu mashuri yabugenewe, cyane cyane ku bakora umwuga wo kuburanira abandi, abanyaporitiki n'abanyabwenge. Uwo muco waje kuba gikwira.

28 Because of pain, they can't appreciate his music.
29 Given name to the pork because, according to the author, its meet raises up the taste of potatoes.

Mu mpugu nyinshi rero, abakubabihugu[30], abami n'abatware biyegerezaga abahanga mu kuryoshya imvugo ngo bage babashimisha, babataka mu bisigo n'izindi mvugo zibashimagiza. Zaburi zitirirwa umwami Dawudi zikoresha imvugo ya gisizi, yaba agamije kurata no gushimira Imana ibyiza yamukoreye, we n'umuryango wa Isiraheri cyangwa agamije gusaba no gutakamba. Akoresha igihe cyose imvugo ikora ku mutima, ituma ibyo mu nda binyeganyega.

Mu Bufaransa bw'igihe cy'abami cyangwa mu Bwongereza, imvugo ya gisizi ni yo yonyine yakoreshwaga mu bitaramo n'ubundi buvanganzo. Nk'icyo bita igihangano cya mbere mu buvanganzo bwanditse mu Bufaransa, *La Cantilène de Sainte Eulalie* (mu mwaka wa 880) kiri mu mikarago y'imigemo cumi. Guhera icyo gihe, ubuvanganzo muri icyo gihugu bwamaze igihe kirekire ari ubusizi gusa. Imigani Jean de La Fontaine akomora kuri Esope w'Umunyafurijiya (muri Turukiya y'ubu), ikinamico ya J.-B. Pokelin (Molière) nka *L'Avare*, *Les femmes savantes*, iza Pierre Corneille nka *Horace* cyangwa *Le Cid*, iza Jean Racine nka *Phèdre* cyangwa *Andromaque*, n'abandi; zose zanditse mu mikarago. Mu Bwongereza na ho abanditsi nka William Shakespeare dukesha imikino nka *Hamlet* cyangwa *Roméo et Juliette* imvugo yabo yari iya gisizi gusa.

Mu Rwanda na ho ni ko byari bimeze. Kuvuga neza, gutegana udutego mu magambo, mucyocyorana, utagamije kurisha undi itaka, ahubwo ari nko kumutoza kuzikura ahakomeye, byari umuco ndetse bikaranga umuntu warezwe kandi umaze kuba mukuru. Imvugo ya gisizi uyisanga mu biganiro bisanzwe, birimo gutebya, gukoresha imigenurano, rukinamubikomeye n'inshoberane, abandi bita inshoberamahanga — nyamara n'abene rurimi ubwabo birabagora —cyangwa utunanirabaswa. Usangamo amagambo ahamagarana, arimo isubirajwi cyangwa injyana n'ishushanyamvugo; bigashimisha ndetse bigasetsa ababyumva.

Bityo rero, mu gusesengura iyi ngingo ku buryo ubusizi bukungahaza Ikinyarwanda[31], turibanda ku ngingo zikurikira: ubusizi mu gushyikirana n'ibiganiro, ubusizi mu mihango, imigenzo, ibirori n'imanza; ubusizi mu buhanzi nyirizina, dusoreze ku buryo bukungahaza Ikinyarwanda.

### 1. Ubusizi mu gushyikirana n'ibiganiro

Iyo abantu baganira bisanzwe, bitewe n'icyo bavuga, haba ubwo "bavuga ubusa", bakajya impaka, hakavamo gusetsanya, bagacyocyorana cyangwa bagatongana ndetse bagatukana. Masabo Nyangezi abivuga neza mu ndirimbo yise "*Rubanda*" ngo: "Mu gacucu n'agacuma, uraryongora ku biryo, Ruzagayura ntiyigeze, kuko utigeze uyimenya, nyamara kandi ga burya, urwenya rwisasira umusa." Icyo twise kuvuga ubusa ni ukuba abantu bavuga ariko nta ngingo cyangwa insanganyamatsiko yihariye baganiraho. Umwe akavuga ibi, undi akamusubiza atera mu ryo mugenzi we avuze cyangwa akamuvuguruza; uwa gatatu akamurogoya, agasimbuka yivugira ibindi, bityo bityo. Bimwe bita

30 Iri jambo turikoresheje tuvuga uwo ahandi bita *emperor/empereur* mu Cyongereza/mu Gifaransa.
31 Ikinyarwanda hano birasobanura ururimi n'umuco icyarimwe. Ni indatana kuko iyo bavuze ngo : "Baca umugani mu Kinyarwanda ngo…" cyangwa se ngo : "Mu Kinyarwanda cyacu, iyo bajyaga gusaba umugeni…", si ururimi baba bavuga, ahubwo ni umuco.

kwivugira imvura n'umuyaga. Bagatangira bavuga ukuntu imvura hamwe yaguye nabi, ikangiriza ibintu, ahandi izuba ricanye; bagasimbuka bati: "Aha n'aha indwara y'uburenge iraca ibintu.", hashira akanya bakagera mu matora niba hari ayaherutse cyangwa ibyiciro by'ubudehe n'amashuri, nko muri rwa rwenya rwa Ben Nganji. Masabo nanone ati: "Tangira rero uganire uko imodoka zikomera na shampanye zirutana na hoteri z'irya n'ino, ariko yewe !"

Muri urwo "ruganda rw'amagambo", abantu ntibatana no gutarama ku bandi. Nuko "bakavuga, bakavuga, bakivuguruza, bakavugaguzwa, bavuga abandi. Uruvuga undi ntirugorama." Muri ibyo byose rero, ntihaburamo gukoresha imvugo "nziza". Nzi umukecuru, iyo yamaraga kugasoma, yakundaga kwivugira ngo: "Warya Gisubi, nta gisubizo? Warya Kamara, nta kamaro umaze?" Ukumva ibyo avuze birimo ukuri kandi bivugitse neza.

Icyo gihe cyose ntihabura ugobekamo akajambo cyangwa imvugo, umugani, urwenya biryoheye amatwi. Dutanze urugero, birasanzwe mu giturage, iyo umuntu yahishije urwagwa, inshuti, abaturanyi n'abagenzi baza kuvumba, bakaganira. Iyo igihe kigeze cyo kubasezerera, nyiri urugo ashobora kuvuga amagambo nk'aya :

- Bavandimwe, mwese muzi ibya Kirabiranya yihaye kurambagira igihugu nk'iyakigabanye. Nari mfite urutoki ruzima, nkarya inyamunyu ntayihashye, yewe n'abaza gusaka ntibatahe amara amasa. None singiye kwiririra, ngo: "Nyiri amaso yerekwa bike…" Ejobundi rero, sinzi uko nagiye munsi y'urugo, mpabona imponoke ebyiri z'intuntu. Nuko! Ni inda yariye rero! Ndabitara, bimaze gushya, mbiha umwana, abyengera mu mutwe w'ikivure. Ngo: "Akongeranywa n'amazi ntigatuba." Rumaze gushya ni ko kuvuga nti: "Ese ko ntawuyihendera, ndayinywa genyine ngo bimarire iki?" Ubwo rero ntarondogoye, ngo: "Uwenze make, ntaba yanze ababo." Murakoze.

Nuko umwe cyangwa benshi mu bari aho akaba yamusubiza agira ati:

- Urakoze, Majoro we! Ngo: "Kanga mu jisho, ntikanga mu kanwa.", umwanzi arakabura igituma ubwanwa bunyeganyega! Ntubona se ko duhembutse? Naho gitindi Kirabiranya, yo kanyagirwa n'iminsi, yihorere. Yaje ari Cyumya cyanga abana, bahohaga barya ibihira, none ubu kirifata kigahorota, kigahisha kikiri umutavu; hehe no kongera kumanika umuhoro.
- Wikwiririrwa uyituka, n'urwo yapfuye si ruto. Ntubona ko yanyanyagiye ! Bagaseka.

Birumvikana ko uyu ufashe ijambo, ashaka gusezerera abavumbyi, yashoboraga guhita ababwira ko atagifite inzoga yo kubaha, akaba abasezereye. Nyamara, mu Kinyarwanda, ijambo ryaba rito cyangwa rinini, rirubahwa, rigasasirwa kugira ngo ryakirwe.

Mu biganiro rero nubwo ibivugwa biba bisanzwe, imvugo yo si ko buri gihe iba ari basabose, kubera ko aha n'aha usangamo amagambo avuguruzanya: inda ibyara Mweru na Muhima, uwivumbuye

aba yivumbitse, gusekesha ayo uri burize, ntiribara mukuru nk'umuto waribonye, habaho ndinda dawe na ndinda mwana wange; cyangwa bagakoresha ijambo ritamenyerewe - abahanga bavuga ko amagambo abanyarurimi bakunze gukoresha, naho rwaba ari kavukire, aba atarenze 5% z'ikigega rusange kandi ahora yiyongera - ; ku buryo iyo umwe agize atya, akaricokamo, abandi bumva ari bishya, bakanogerwa, bakaboneraho no kurahura.

- Rwabugiri bamuregeye umugabo w'intwari ko yamuvuze nabi. Amutumaho. Bageze mu gitaramo, aritoratoza, umwe mu bamurega akomeza kwenyegeza. Amaherezo umwami ati: "Aho muranyumvira, bahu!" Ategeka ko bamuboha. Undi yivugira nkaho nta cyo bimubwiye ngo: "Nonese, Mwimanyi, ko nge natanze abanzi, nkaba numva utanga abagabo? Nduzi imbunzarunwa zishegeye mu Rugabano ngo zirashaka ingabirano. Nge simvuguruza iryo wavuze, ariko se abo bene amagambo agoramye ni bo bazarurasanira? Urabime amatwi, ngo "amabwire ntabyara, arabwagura."

Bivugwa ko icyo gihe Rwabugiri yarebye mu maso Rwendeye washyashyarizaga Rumanzi, undi akareba hasi. Iryo joro Rumanzi aba ararikize, bucya yitorokera. Imvugo nziza rero igukura ahaga, ikaguhesha icyagomwe abandi.

- Rudahigwa yakuruye umugabo imisatsi byo kumuhana, ababibonye baraseka. Undi ati: "Umwami amfashe mu isunzu, namwe mugaseka!"

Gufata umuntu mu isunzu ni ukumugabira. Imvugo nziza isa n'ihanagura umunya mu gahanga, ikarambura imikaya y'umutima yari yahinamiranye, igapfundura udutsi twasobanye mu bwonko, umucyo ukanamiza mu cyoko.

- Umugaragu yari kumwe na shebuja mu rugendo, shebuja aza gucikwa, arasura. Umugaragu ati: "Databuja, noneho tugeze mu kabwibwi."

Haba gukoresha igisa no kuzimiza, isubirajwi, amagambo ahamagarana ndetse n'injyana, tubisanga cyane mu migani y'imigenurano, inshoberane, abantu bakoresha mu biganiro bya buri munsi, bikaza atabanje gushakisha cyangwa ngo abitegure. Igihe abagabo cyangwa abagore baremye agakungu baganira, ushobora kumva umwe agobetse mu byo avuga ngo:

- Inzoga imara ubwoba, ntimara ubworo.
- Agatobe gatoba inzara.
- Nta bucuti bwa none, ibikenyeri ntibyatetse impengeri.
- Biguma bya Mugumirwa ati:

  "Ugumiwe n'ishaka
  Ishavu arigira impamba."

Harimo isubirajwi n'amagambo ahamagarana, injyana ipimye indinganire y'utubangutso kenda (urugero rwa 3), bikabyara imvugo ikirigita amatwi. Ibi tubisanga no mu bisakuzo bikoreshwa n'abakuru n'abato, igihe bicaye, bataramye. Bikigisha abato kwitegereza no gusobanukirwa imikorere n'imiterere y'ibintu bibakikije.

Bz : Kiranigirije, kiri n'ibyoya
Kirajya kubaza Ruganzu
Umugambi wo gutabara.
Sz : Ikinyabwoya.

Mu guha ijambo agaciro no kugaragaza ko uri umunyakuri, ko icyo wemeye ugikora, mu mico myinshi bakoresha indahiro. Bikomoka no ku Mana ubwayo: "Ndahiye Izina ryange kandi sinzisubiraho na gato." Aya magambo tuyasanga henshi muri Bibiriya, Isezerano rya Kera. N'Umunyarwanda rero ntiyakundaga kurahira "mu busa cyangwa mu binyoma". Iyo bamugishaga impaka, bigashyira kera, yagiraga atya, akarahira. Ubwo bose bakamenya ko akomeje kandi bakirinda kongera kumushyogoza; kuko ukomeje kumugisha impaka, mwaba babiri! Iyo umuntu arahiye, nta kindi aba ashigaje inyuma. Icyo gihe abantu bose ngo "Ce!" Buri gihe urahira avuga ikintu gikomeye bose batinya cyangwa kizira, kikaziririzwa. Ni bwo ujya kumva, ukumva aravuze ati:

- Ndakanyagwa (kunyagwa byabaga ari akaga gakomeye).
- Ndakakubura ~ Ndakakwanga (kubura umuntu w'inshuti cyangwa kwangana na we ni ukugusha ishyano).

Yabaga ari amagambo asanzwe. Nyuma rero abantu babona ntibihagije, habuzemo akantu. Biga kujya bakoresha imvugo iryoshye, ishingiye cyane cyane ku magambo ahamagarana, ndetse ugasigara wibaza ikigenderewe, niba ari uburemere bw'ijambo no gushimangira ukuri cyangwa niba ari ukwivugira gusa. Nyamara kuvugika neza ntibikuraho uburemere bw'ijambo.

- Ndagasekwa n'amahanga, amahari yegamye.
- Ndagapfa mu Ki, bampambe mu kibo.
- Ndakabura ijambo mu rugamba rw'abagabo.

Kimwe n'indahiro, ibitutsi na byo bigira uko bigenda. Abantu bashobora gutukana ibitutsi mu mvugo isanzwe nyamara ikakaye, bitewe n'ikibi igendereye kandi gitinywa, nk'ubukene, ibyago cyangwa urupfu. Nko kubwira undi ngo: aragashahurwa, aragapfa, aragapfusha cyangwa aragapfakara, arakavuna umuheto, arakanyagwa, arakamara inka. Ni amagambo asanzwe ariko aganisha ku kibi kiruta ibindi.

Burya kandi n'ibitutsi bigira injyana, atari gusa bimwe bikoronga by'abashumba. Umubyeyi ashobora kubwira umwana we, amukangara ariko adakomeje cyangwa arakaye, ndetse n'abana

hagati yabo cyangwa abantu bakuru; umwe akaba yatuka undi, rimwe na rimwe bikamubabaza kuko yumva amututse ibikomeye, akagira ubwoba ko byamubaho. Gutukana nubwo atari umuco muzima, bigira akamaro ko kumarira umujinya n'uburakari mu magambo, ntibishyirwe mu bikorwa ngo bibyare urugomo n'uruguma ndetse n'urupfu. Inshurango y'amagambo ishobora gutuma ubukana bw'ikivugwa bwiyongera, bikarakaza uwo bibwiwe, kuko bimukorogoshora ahantu; cyangwa akabifata nk'ibikino, ya nshurango ikamera nka ya sukari bavanga mu muti ukarishye ngo uzashobore kunyobwa. Ubibwiwe bigacubya uburakari ndetse akaba yakwisekera. Uwutukana, aho kuvuga gusa ngo: "Uragapfa", ashobora kugira ati:

- Uragapfa muri Kamena, bakumenagure.
- Uragapfa mu Ki, baguhambe mu kibo.
- Ntubona ko unsize imbyiro wo kabyira, mbyiruka we!

No mu gutukana ubuse[32], habagamo gukoresha amagambo ahamagarana. Umuntu yitsamura, umuse akamubwira ati:

- Urakire maze ukirane imbavu.
- Urakire, ukize ruseke, usekenyuze imbwa umutsima.

Abana na bo barabikora, bategana mu mvugo, uwutitonze bakamutukuza, akibarisha ati: «Aka ni kangahe? »

Gatatu: Gatate icyo imbwa ineye.
Kane: Kanere inkomo.
Gatanu: Gatane n'inshuti.

Imibare itarimo ushobora kuyihimba. Wenda rimwe rikabyara kamwazwe n'umwenda, gatandatu ikabyara gatandukane n'inshuti, karindwi ikabyara karindwe uruhimbi, umunani ukabyara kananuke nk'urushinge cyangwa kananirwe guhekenya, ikenda ikabyara gakendere nk'umunsi. Ikigamijwe si ugutyaza ibyo gushira isoni no kuba intyoza mu gutukana, uretse ko nta n'inkovu kigira.

Abanyarwanda, kurya bari ingendutsi, barambukirwaga no kumenya amazina y'ahantu; maze kugira ngo biborohere kuhafata mu mutwe, izina ry'ahantu runaka bakarihuza n'iry'ahandi byegeranye cyangwa ikintu kiharanga hihariye, ku buryo wagira ngo ni indatana. Akajyana ari abiri, atatu cyangwa ane. Bati: "Kanaka yagiye ishyanga, inyuma y'ishyamba" cyangwa se atuye;

Mu Kiboza cya Nkingo
Intobo za Muzenga
Buhoro bwa Reramacu
Mpanda na Rutarabana

32 Reba L. Munyakazi, 1986, "Ishûshansêbyo mu Rwaanda rwô haambere", in L. Nkusi (éd.), *Etude d'ethnolinguistique et de littérature orale rwandaise*, p. 63.

Ku Muremure wa Ngoma
Kangoma na Mayunzwe
Ku Muyira wa Kinyereri[33]

I Musange wa Ngiryi na Nyabitare bya Muhanga
Ku Rwanamiza rwa Murinja na Nyakibungo
Mu Ngara za Bumbogo na Batsinda
Ku Muremure wa Ngoma na Nyagisozi

Muri ayo mazina yose yo mu itsinda rya mbere harimo injyana ipimye indinganire y'utubangutso kenda. Mu mihango y'ubwiru ubusanzwe nta biranganganzo bibamo, ku buryo wumva ari imvugo isanzwe. Bagenda basobanura gusa uko ibintu bikurikirana, aho bibera n'abagenewe kubishyira mu bikorwa. Nyamara kurondora umugendo n'inzira y'amararo bikurikiza, rimwe na rimwe bibyara igisa n'injyana ntazigwa nk'iyo dusanga mu bisigo nyabami. Nko mu Nzira y'Umuganura, iyo umwami yabaga amaze kuganura, bagiraga bati :

U Bumbogo bwa Butambana isuka n'isando,
Iwacu ni i Bumbogo bwa Butamba,
I Butambabagore, i Butambabagabo,
Iwabo wa Sebwitabure.

Kujyanisha rero amagambo Abanyarwanda babikomeyeho, ngo "mukuru w'ijambo ni irindi." Bakarikubwira bagira ngo urimenye umuzi n'umuhamuro, hakaba abavuga amagambo n'amangambure. Ukwifurije umugisha, akagutuka gutunga no gutunganirwa, ati: "Uragire ishya n'ihirwe, uzagire umwaka w'amata n'ubuki."; uwamenyereye ibyo gutsirika akakumenyera insinzi ngo utsinde icyago n'icyagane. Uwo muco wo guca ijambo ryaba ikinege ngo bitazavamo ikinegu, ni na byo dusanga mu buryo bitaga amezi ya Kinyarwanda. Bati: "Uku kwezi ni "Kamena kamena amasekuru, kugaha Nyakanga kanga amabuguma na Kanama kanamiye Nzeri; nyuma hakaza Ugushyingo gushyingira Ukuboza, Ukuboza kuboza imiteja."

Biri no mu mazina y'abantu. Abanyarwanda bari bamenyereye kuvuga umuntu, izina rye rigaherekezwa n'irya se ndetse na sekuru, hakaba ubwo bibyara inshurango nziza.

— Kitatire cya Mutabazi.
— Ryangombe rya Babinga ba Nyundo.
— Kimenyi cya Bazimya ba Ruregeya, Umuzirankende.

33 Reba J. Habimana, 1981, *La toponymie rwandaise : étude linguistique et thématique*, p. 63.

Mwibuke na ya mpyisi, Bihehe, irata imikaka yayo: igira iry'umugera rimira umugeni, igira iry'umusoto rimira umusore; ikagira iryo ihengeka ijya guhuma, yarishinga ihene, rikayibuza guhebeba. Hari n'iryo yacumise agakecuru, isanze gacucuma rujoka n'iry'igisongo yasongoje agasaza, gatangiye gusodoka.

Kujyanisha tubibona kandi mu gukoresha amagambo y'imbusane ariko yahindutse nk'akagozi k'inyabubiri, ku buryo ubitandukanyije isi yakwiyubika:

— Inda ibyara Mweru na Muhima.
— Uwivumbuye, aba yivumbitse.
— Inda y'umwanzi uyiha amata, ikaruka amaraso.
— Kuvanga amasaka n'amasakaramentu.
— Gusekesha ayo uri burize.
— Ntirihanura umukuru nk'umuto waribonye[34].

Na Munyakazi (1987) atanga urugero rw'umusizi waneguraga abatware babaye abakirisitu, bagera ku ishusho ya Bikira Mariya, bagahagarara, bakahavugira isengesho. Ngo yagize ati:

Impwishi nta we uzihwitura
Ni ukubwira igiti gitoboye amaso
Ukaba utaye amagambo.
Wabwira abanyagako, hakumva abanyagakombe
Wabwira abanyagihinga, hakumva abanyagihindamuyaga
Ukaba uhoze inyuma ya Huye.

Turaza kubona ukuntu buhorobuhoro byaje kubyara inganzo yabaye inganji, abana bakabikurana basakuza cyangwa baca imigani. Ngo: "Harabaye, ntihakabe; harapfuye, ntihagapfe; hapfuye imbwa n'imbeba, hasigaye inka n'ingoma." Bajya guca umugani wa Sabizeze, bati: "Sabizeze, Sabizeze wa Sabiyogera, mwana w'inkondo n'inkongoro, mwana w'ibisage n'ibisiza…".

**2. Ubusizi mu mihango, imigenzo, ibirori n'imanza**

Mu buzima bw'Umunyarwanda, ijambo ryari rifite agaciro gakomeye[35]. Rirarema, rigakuza, rigatanga ubuzima, umugisha cyangwa umuvumo. Ngo ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana. Ni yo mpamvu imibereho yose yabaga ishingiye ku ijambo. Abantu baba bicaye, bakamara akanya ntawuvuga, bati: "Urupfu rurahise". Rutangarwamaboko ni we ukunda kuvuga ngo: "Utagira imihango, ntagira ibyo ahanga; habe no kumenya guhangamura ibyamuhangaye." Bityo mu mihango yose iherekeza ubuzima bw'umuntu, kuva akivuka, kugeza apfuye — ndetse no hakurya y'urupfu, "niba hiryo iyo baba maso", wa mugani wa Rugamba —, ijambo ni ryo nkingi ya mwamba.

34 Ku byerekeye ibimenyetso ndangabusizi mu migani migufi, reba L. Nkusi, 1979, *Proverbes du Rwanda. Approche ethnolinguistique*.
35 Reba T. Ntoyumutwa, 1967, "Importance de la parole dans la culture rwandaise", in *Inganzo*, n° 1, p. 89-100.

Gusa nanone ikiriha imbaraga si ko rivugwa gusa, ahubwo ni uburyo rivuzwemo. Yaba umupfumu witwaza ibipfunyika, abapfayongo bagashika, yaba umuvubyi ngo uvugana n'imvura, agahanura iyahanamye, iyanze gutanga imicyo, akayicyaha; yayikubuza icyumya, ibicu bikohohera mu cyoko; cyangwa umugangahuzi ugambanira iyo hejuru, akayishingira uruheza, akayihindura intama ngo ntizongere guteza intambara mu gihugu; tutibagiwe uwiyita umuvuzi ngo uvuga rimwe, iryo avuze ntirivuguruzwe, uwo asanze ari indembe, akamuhembuza ibihuru, uw'umurame akaramuka, uwo ruharaye agahuhuka, agasiga bahamba, agahambira; hari n'umurozi, ubw'intaraza akabutwara mu nzara, yacira rimwe, uwo aciriyeho iteka bukajya kwira acikanye; abo bose imbaraga zabo ziba mu ijambo rikangaranya, rigatuma uwo babwira abatinya cyangwa abagirira ikizere. Aramutse agukoreyeho imihango, akaguha ibyo unywa, ibyo wisiga, wirasaga n'ibyo wirenza ngo ukunde ubone umugabo cyagwa urubyaro, akaguha ibyo ujya gushinga mu murima ngo weze, ntawukwabuye cyangwa ngo akwibe, ibyo ushinga mu kibanza ngo kizaguhe inka n'abana, mu bikingi by'amarembo cyangwa irebe ry'umuryango ngo bikurinde abanzi n'abarozi, ariko ntibiherekezwe n'umutukiro cyangwa wajya kugenza uko yakubwiye, rya jambo rikajabagurika, biba imfabusa.

Mu gutukura umwana, imbaraga z'ijambo ziba mu njyana n'isubiramo: "Ngutuka amacinya, ntakwica; ngutuka igisebe, ntikikwica; ngutuka mugiga, ntikwica…" Mu kwambika imana zeze, ibanga ry'ijambo riri mu gukoresha amagambo ahamagarana, bikabyara isubirajwi n'inshurango iryoheye amatwi, bigashimisha ubyumva, bikamuremamo ikizere, akabyemera. Aba ameze nk'uwatwawe, ubwenge bwe bumeze nk'ubusinziriye; bigasa nezaneza na bimwe bita *hypnose*. Muzi ko na byo bishingiye ku ijambo uwugusinzirije akubwira, agasa n'ukwigaruriye, ukamwumvira utabizi, agukoresha icyo ashatse: "Akira imana zeze, zigutsindire icyago n'icyagane; zitsinde ubusame n'ubusharire, ziguhe kubyara no gutunga." Nuko akazimukoza mu gahanga, ati: "Ntuhangarwa n'umuzimu w'umurozi, ntuhangarwa n'umuzimu w'umwanzi."; yazimukoza mu gituza, ati: "Iki ni igituza, zigutuza mu Rwanda." ; akazimukoza ku rutugu, ati: "Uru ni urutugu, ni urutwaro, utwara inka n'ingabo."; hanyuma ku mabega, ati: "Aka ni akabega, ubegera abakeba." Umuhuzi na we arihorera, ati: "Bambuka Rugira rwa Mukinga, urugi rukinzwe n'abarozi, abahanga bazarukingura."

Amayeri y'uwo muhuzi yose akubiye muri ayo magambo avuguruzanya: gukinga no gukingura. Imvura irimo umuyaga wararika ibyo isanze, itsirikwa n'umugore witwaje umuhoro, agahagarara mu irebe ry'umuryango, akawerekeza mu cyoko icyo cyago cyugarije, akawukaraga avuga ati: "Tema, tema, tema, umugore ntatema, kirazira.", akarangiza kuvuga isonga yawo yayishinze mu butaka; nuko umuyaga ugahosha, ibyo wari wagoretse, bikagororoka. Naho umugangahuzi yihisha inyuma y'isubirajwi n'igisa no kuzimiza, ati: "Bambuka bugeragere, bambuka sigigi, si igiti, igiti cyumvira umupfumu, umugore yumvira umugabo… Harimo Ngangabukari bwa nyirabugwa, bugangahuzwa n'ubuzi, utabuzi bukamuganga mu nda." Muri iyo mihango yose, bitabaza ibyo bakuye mu bidukikije; cyane cyane ibimera kuko ari byo bisanzwe bivamo imiti y'amoko yose, hakaba n'ibindi nk'ibumba, udukoko cyangwa ibice by'imibiri y'inyamaswa; bikagenda bihabwa amazina ahuje n'icyo bifuza kubimaza.

Abanyarwanda batinyaga urupfu (gupfa cyangwa gupfusha umwana, itungo), ibyarukurura n'ibirwerekezaho byose, bigatuma bagira imigenzo n'imiziririzo myinshi yo kurwirinda[36], nubwo ari uguta igihe. Ibyo rero bikajyana no kwirinda uwo bitaga umwanzi wese cyangwa umurozi. Ahantu henshi wasangaga barateye umuko ku bikingi by'amarembo, ukitwa umurinzi ngo ubarinde umwanzi n'umurozi. Umugabo ugiye ku rugendo, bakamukoza ingasire mu gahanga no mu gituza, bati: "Iyi ni ikinanira, unanira abanzi, unanira abarozi, uwo utananiye ni inshuti." Bakamukoza n'umwuko bati: "Iyi ni cyokora, turakokoye."; bakabishyira mu irebe ry'umuryango, akabikandagira agenda. Umupfumu uje kwirukana abazimu na we, afata ihembe, akarikubitaho akatsi avuga ati :

Umupfumu akurwa n'undi
Umurozi akurwa n'undi
Uyu ni umuhuna, uhuname
Uyu ni umubuza, umubuza gutera
Uyu ni umurembe, ahora arembetse.[37]

Hari ingero nyinshi za bene izo nzaratsi cyangwa impigi baha amazina ajyanye n'icyo bifuza ko zibamarira. Agati kitwa umushyigura umugore ucunda agapfundika ku gisabo, ngo gashyigura amata, akavamo amavuta menshi cyangwa akazirikaho urukangagaga ngo amata atikanga, amavuta agatuba igihe cyo kwavura. Uduti twitwa imposha, umugabo aratwambara ngo zihosha amacumu ya rubanda; incyamuro umuntu ayimanika mu ruhamo rw'umuryango bayubitse, ngo icyamura amagambo y'abamuburanya, ikubika amagambo y'abamwanga. Umugabo yisigaga ifu y'umubwirwa yavanze n'amavuta ngo age abwirwa ijambo ryiza na shebuja.

Umugore na we mu byo yatinyaga cyane ni uko umugabo yamuharika, kubera ko umuco wemeraga ko umugabo ashaka abagore benshi cyangwa akaba yagira inshoreke. Umugabo kandi ugiye mu nshoreke ntatana no kwiyenza no kugwa nabi. Abagore rero bagakora uko bashoboye ngo babuze umugabo kugira amahane no kujya ahandi. Nuko bagacisha inzaratsi zo kumucurika no kumwiharira. Urebye ubwinshi bw'izo nzaratsi, bigaragaza ko ari ikintu cyari cyarabahahamuye. Byaba rero ibyo ashyira aho umugabo aza gutambuka, ibyo ashyira mu kiryamo cyangwa aho yicara, byaba ibyo avanga n'ibiryo cyangwa ibinyobwa ahereza umugabo, byose amazina agusha ku kifuzo: Nguhaye agahu kabambiye umwobo, nange ni ko mbambiye umutima wawe, ntutekereza undi mugore; aka ni agahugura, ni nge uhugukiye; aka ni agahuza, kaguhuza mukeba. Amazi yo ku iteke umugore ayavanga n'inzoga aha umugabo we, avuga ati: "Umugabo wange namubereye amazi yo ku iteke, ntagire undi atekereza."

Ibidasanzwe bifite amazina aberanye n'icyo bifuza, barayahindura ngo izina ribe ikintu. Mu gukumira abanzi n'abarozi, umukoni bawita umudahangarwa, ati: ''Simpangarwa n'umwanzi n'umurozi.''; umutarama ukitwa umunanira, ngo ananira abanzi n'abarozi; umutobotobo ukitwa umurembe ngo urembya umwanzi n'umurozi. Mu gukumira abajura cyane cyane b'inka, umwugariro witwaga

36 Reba A. Bigirumwami, 2004, *Imihango, imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*.
37 Reba A. Lestrade, 1954, *La médecine indigène au Rwanda*, p. 208-209.

ikitayega, ngo abajura ntibanyeganyega bamaze kwiba, bagafatwa vuba; umukoni ukitwa gitinywa ngo utinyisha abajura. Umugore na we, muri kwa kwirinda abakeba, akagira inzaratsi iryaguye, usanga acurikiranya amazina ngo acutse abashaka kumuca ku ndasangirwa: ‘’Uyu bawita umuhe, nge nywita umuhugura, mpuguye umugabo wange nahugijwe n’umwanzi; uyu ni umubirizi, nge nywita umuyobora, uhora unyoboka ngenyine; uyu ni umucundura, nge nywise umuturirwa, sinurirwa n’amahari; uru ni uruyange (indabo z’amashaza), nge ndwise urwabirizi, mpora nabirwa n’umugabo wange.’’

Mu kwisiga agafu k’agatoki keze ari iseri rimwe yavanze n’amavuta, aravuga ati: ‘’Iyi ni rwiharira, mpora nihariye umugabo wange.’’; akabaru k’inkomanizo z’umuryango akakagaburira umugabo we avuga ati: “Izo ni inkomanizo, zigukoma kujya kwa mukeba.’’ Amahurunguru y’ihene ayakarangana n’amabuye, akabisuka aho umugabo we akunda kunyura, ati: “Nguteze amaburane, uburane n’uwo mugore”. Yashaka kumugusha neza, agasya ifundi yapfuye, akavanga n’inzoga, agaha umugabo avuga ati: “Ifundi ni ko abandi bayita, nge nyita inshabugufi, ca bugufi, turwubake.”, cyangwa agafata agace k’inkaka y’ihene, akanika, agasya, agafu akakavanga n’inzoga aha umugabo, ati: “Iyi ni ruhebeba, kurya wabonye ihene ihebebera inyagazi, ni ko nawe uhora umpebebera aho uri hose”. Urunyabutongo akamura amazi yarwo, akavanga n’inzoga aha umugabo, avuga ati: “Barwita urunyabutongo, nge ndwise cyoroshya, umugabo wange aranyorohera.’’ Muri make twavuga ko hatavura cyangwa ngo hice umutukiro, ahubwo havura kandi hakica urusanishamvugo, ruhuza ijambo risiga n’ikisigwa [ikiísiigwa/ikiísigwa], iritukana urupfu rigahuzwa n’imfundiko yaryo; iyo bidahuye, bihinduka ibihuhwe n’ibihuha.

**3. Ubusizi n’ubuhanzi nyirizina**

Ibimenyetso ndangabusizi rero usanga biharaze imvugo y’Umunyarwanda mu mibereho ye yose, akabikora nta mbaraga zo kwitwararika ashyizemo, ku buryo bisa n’ibyikora, kuvuga ijambo ridaseretse bikamutera gusuherwa. Dusanga ari na yo mpamvu igihe yaganirizaga inganzo ngo yagure ingaru hirya, nta nganizi yagiraga. Udukino tw’abana tukikiranya n’imigani, iganiriza ingorarurimi, rukigorora n’amaringushya. Amagorane atoza umwana kuvuguta ururimi nta mivuba, agategeka adateshaguzwa interuro ziganjemo amagambo agwije ingombajwi zisubiramo, maze uko ziza zisukiranya, akabura iyo asama n’iyo asubika; yatangira kubicurika, avugishwa, bakamuvumbuza inkwenene. Atangirira ku nteruro nto, akagenda agana ibirebire kurushaho, ngo amenye kuyakeneka inshurango; bityo igihe azahabwa ikicaro mu bagabo, azahikure nta mugayo.

- Isha y’umushi y’ishashi ishotse icitse ijosi.
- Aka kago k’akagera karimo akageni, karimo akagega, karimo agakoko k’agakokokazi, ntikaraye amazi, kayaraye kayaraye.

Amaringushya yo ni uduhangano tugufi, uwudupfundika agenekereza, akagenurira ku kintu cyangwa umuntu, abanje kumama akajisho ku kamazi, n’iyo kaba ari kanzinya; akanazigura utunenge ngo adakangaza amazimwe.

- Maguru ya Rubabara, ya Rubaburabirenge, iyo ajya kuba Rubebe, yangana na rubanda (umwana w'ingayi).[38]

Ingero zizwi ni izo abantu bamenyereye kuko ari iza kera cyane, zikaba zaragiye zihererekanywa mu rugo no mu mashuri, abana bakazifata mu mutwe; kuzikura bikaba umutwaro nkaho inganzo itwikiriye. Kuba banatwita uturingushyo tw'abasizi bigatinyisha benshi, bakazeyuka gusiganwa. Ikiza cy'akaringushyo, impamvu yako ingana ururo (ihene, ikijumba, ibitotsi, itabi...)[39]. Ntukagaye indeshyo, ishyengo ryako rishyigura ibigugu. Ubwo bivugira ibisanzwe n'iriba bavomaho ntihabe n'umwe uvutswa kuvika ikivomesho, reka natwe tube nk'abasazi; dore ko abahanga b'Abagereki nka Democrite utera mu rya Aristote, bemeza ko nta musizi wabaho cyangwa ngo abe icyatwa mu by'ubwenge, nta rwanga rw'ibisazi. Turivugira ku nyoni.

INUMA
Nabonye inuma munani
Zinamanama ku muharuro
Nk'izakuriye mu mihana
Zishaka amashaza ahuye
Aho yanitse ku musambi.
Hakaba imwe y'igisake
Yahaze umuhogo cyane
Icyahana n'inkazi zayo
Yaguguza, zigahunga.
Ikomeza kubwanagira
Mpururana agasarabwayi
Nkavumereza n'urumoso
Kayivuna ibaba ry'iburyo.
Ivugutiye, biranga
Izindi zirayihana
Amoya ndanyanyagiza
Nti: "Dore mbese ayo merwe
Arashe inuma y'abandi
Akayibanza mu kico
Nta we ndi bucire
Ngo aboneho n'umucoco."
Kunda nkuvure amanyáma
Amanyama ataramvugisha.

38 Reba B. Gafuku, 1929, p. 8.
39 Reba A. Kagame, 1949, *Iyo wiliwe nta rungu*, p. 65-67.

Uwo mugendo wihutira umwana wese (umuhungu cyane cyane), ku myaka icumi, uko yicuma acutsa ingeso ngo adacumurira ubugimbi; mbere yo gutozwa imihamirizo no kwimenyereza ibyo kurwana ngo azatabarire igihugu, ni wo abanza gutozwa ngo amenye gukirana n'amagambo no kuyakiranura. Agafata mu mutwe avugitse neza, yumviye ku bakuru nko mu bitaramo byo mu muryango, baba bivuga cyangwa batorera. Agakurizaho kubigana na we yihimbira akivugo kamukwiye. Aba agiteta. Nubwo yivuga ibigwi, biba ari ibyo yiyitirira, yifuza kuzagwiza kuko aba atararamvurirwa umutambya, ngo acurirwe ikigembe cyangwa umukundi; ariko ababyeyi bakamukundira iryo shyaka kuko burya ngo izabika uyibona ari ikirwana. Babona rero ari akagabo kazamenya kwihesha ishema mu bandi, kagatuma ababyariye udufura mu mfuruka babogoza, ngo: "Ntureba umuhungu wa Naka… naho ureke…" Bikabatera ishyari ryiza rizavamo ishyaka kera. Agatangira agira ati:

- Ndi Gatobotobo ka Ndabateze, natega neza,
ndagatabaruka.
- Ndi akavuzavuza kavuza amacumu,
kakayavundereza, ndi umuhungu w'ishema.
- Nagiye ku rusenge, ibitugu ndabitigisa,
imyambi ndayisukiranya, abo twari kumwe
ndabacyaha, imineke ndayiharira, nitwa
Cyaradamaraye.

Bati: "Guma, guma, guma, ugumye amagara, ucurize amagabe, amagambo meza azakubature. Cyo ngwino tukubanze na nyoko akugaburire imfizi y'ikijumba, ujombemo izikaranze, akuzurize imbehe, uhage ibihimbaza, ushozeho n'umujago. Ntugasonze wavuze ijambo. Uwakubabaza arakajorerwa maze abembe, n'imbeba zo mwanyu zimunyarire." Bikamutera akanyamuneza, akagenda yishimye, aseka kandi ashishikariye gukuza inganzo no gucyaha abaganizi, nta ngabo yitwaje.

Icyo gihe barumuna be baba bagikoresha amagambo adakakaye, igihe bakina bakoma mu mashyi, baterera akaguru, bagarika ibiganza, baririmbana uruhoho ngo bahogoze ababyeyi. Twavuga ko injyana ari yo ibanza kwiyandika, kuva umwana akiri mu ndiri. Aba yarumvise nyina aririmba, ntarambirwe kubona izuba. Ni yo mpamvu kizira, kikaziririzwa ko umubyeyi utwite yagira ikimukanga cyangwa kikamutera agahinda. Bihindisha uwo atwite, bikabuza umwana guhindukira. Agakurana umutwaro wo kwiburamo igitwenge, injyana ntitete ngo itamuruke; yaramuka inatutuje, igatangira ari itetu. Dore zimwe mu ngero z'utwo dukino twabyinaga turi abana, zigaragaza ko injyana isa n'iyisharaga mu maraso kuva umwana agisamwa. Harimo iyipimye indinganire (utubangutso kenda ku ka mbere na turindwi ku ka kabiri).

- Yewe Nyiramakwikwi,
Ntugahinge itabi,
Itabi ryica nabi,
Ryishe Bishagaga,
Musaza wa Nyirabenda

Ugendera ku magari
Amagari magana inani
Bamujyana i Gishari
Bamugira amafaranga
Kibwacari, kibwebwe (2)

- Mukakayonde, biribiri
Yabyaye umwana, biribiri
Amutuma kuvoma, biribiri
Ifi iramutwara, biribiri
Iyo ntiyari ifi, biribiri
Yari intabaza, biribiri.

Aho ni ho haturuka inganzo y'abakuru, igenda igara kuko n'ibivugwa biba byaguka: imbyino, indirimbo (ari izo kwishimisha bakitse imirimo, ari iziyiherekeza ngo batananirwa; cyangwa izo baririmba bahanura, batekereza, bahereye ku byo babona n'ibyo bumva).

Nyuma yo kubona ko kuvuga neza bisharaze muri kamere muntu, mu Rwanda gusiga bikaba byarahindutse nk'umuco, hagiye hagaragara bamwe bakuza iyo mpano, byaba ku giti cyabo cyangwa babifashijwemo n'inzego z'ubutegetsi, bituma bitwa by'umwihariko abasizi kuko ibihangano byabo byamenyekanye, bikabitiririrwa.

Uhanga buri gihe agira ikimutiza umurindi. Mu mizo ya mbere abasizi bahayagizaga ubutegetsi kuko ari cyo kintu kigaragazaga kurusha ibindi. Ingoma ya cyami yari itinyitse, ari yo ivugwa, uyiyobotse ikamukamira, uyigomeye ikamuhagama. Ibyo byose abahanzi ntibababibonaga ngo baceceke. Mu Bwongereza, umwanditsi William Shakespeare mu mukino yise *Henry IV* ariko ugizwe n'ibice bitatu (Richard II, Henry IV na Henry V), avugamo uko igikomangoma cyo mu majyaruguru y'u Bwongereza, Bolingbroke cyahiritse umwami Richard II, kibifashijwemo n'umuryango wa ba Percy wari intyoza mu byo kurwana. Richard II yarishwe ariko urwo rupfu rubuza amahoro Bolingbroke, wimye ku izina rya Henry IV. Mu gihe yari mu migambi yo gukora urugendo rutagatifu i Yeruzaremu ngo asabe Imana imbabazi kubera amahano yakoze, wa muryango wa ba Percy utangira kumwigomekaho kandi biba mu gihe uturere twa Wales na Scotland na two dushaka kwigenga.

Mu Bufaransa, ingoma y'Abakarorenjiyani itangirwa na Pépin le Bref, wasimbuwe n'umuhungu we ari na we uzwi cyane mu mateka y'icyo gihugu mu mwaka wa 800, na we akayiraga umuhungu we Louis I, yibyayemo amahari, uwo Rudoviko amaze gutanga. Gusa bo ayo mateka ntibayashyize mu bitekerezo n'inzira ya gisizi nk'uko bigaragara ahandi; keretse ya ntambara yo mu muhora wa Roncevaux (hagati y'ibisozi bya Pyrénées, Charlemagne, umwami wa ba *Francs*, n'ingabo ze bakubutse mu gitero i Saragosse (muri Esipanye y'ubu), mubyara we witwa Roland akagwa mu gico yatezwe na ba *Vascons*, ari byo byabyaye ikiswe *La chanson de Roland* bitirira uwitwa Turoldus mu kinyejana cya XI.

Mu Rwanda na ho birazwi ko nta mwami n'umwe wimye hatabaye amakimbirane yo kumaranira ubutegetsi. Umwami uzwi cyane mu mateka ni Mibambwe III Sentabyo, wasimbuye se Kigeri III Ndabarasa, maze akarwanywa na Gatarabuhura wumvaga ari we ugomba kuba umwami. Arwanywa kandi na Rukari ndetse na mwene se Gasenyi. Abasizi, mu kuvuga ayo makimbirane, bakabijyana mu murongo ingoma ishaka.

Mu mahanga ho, amakimbirane y'ubutegetsi yivangagamo inkundo, bikabyara rimwe na rimwe inkuru z'amaboko atareshya, ngo ajya kuramukanya ibinya bikayagagaza. Nyamara kubera "urukundo rutsinda byose", bikarangira ababigize umuziro bavuye ku izima. Ni byo Victor Hugo avuga mu ikinamico yise *Ruy Blas*. Izo mbaraga z'urukundo ni na zo Umufaransa Pierre Corneille agarukaho mu mukino yise *Le Cid*, ahimbura ibyo Miguel de Cervantès w'Umwesipanyori yavuze mu nkuru yise *Don Quichotte*.

Impamvu ingana ururo: se wa Shimene (Chimène) yatonganye na se wa Rodrigue. Umusaza araritsira, asaba umuhungu we kumuhanagura icyo gisuzuguriro. Icyo gihe Shimene na Rodrigue bari inshuti magara, bakundana, bifuza no kubana. Ikinamico ikerekana intambara abo bana bombi barwanye, bibaza uwo cyangwa icyo bagomba kumvira: icyubahiro cy'umuryango cyangwa urukundo. Amaherezo Rodrigue yica Don Diègue, se wa Shimene ngo ahorere se. Shimene akarwana no gukomeza gukunda uwagombye kuba inzigo.

Abasizi kandi bavugaga intambara kubera ko muri ibyo bihe bya mbere, ku isi hose usanga buri gatsiko k'abantu, ingoma cyangwa ihanga runaka bashaka guhamya ubutegetsi bwabo, kwitinyisha ku bandi no kubigarurira, bakababahaka. Twagiye twumva mu mateka y'i Burayi ingoma z'Abawizigo n'Abositorogo, Abahuni (mu Burayi bise Ababarubare cyangwa inyeshyamba, abanyamusozi batagira ivutsabushya[40] riranga umuco runtu) bakomoka cyane cyane mu Burayi bw'amajyaruguru. Nyuma haza ubutegetsi bw'Abagereki, umukondo wabwo ukaba Atene, ariko cyanecyane habaho ingoma y'Abaromani yigaruriye impugu n'uduhugu twinshi, ibimenyetso byayo bikaba bikigaragara mu mitegekere, imico n'imibereho y'Abanyaburayi yewe n'isi yose kugeza ubu. Tuzi ingoma n'intambara z'Abamongori muri Aziya u Bushinwa buherereyemo. Afurika na yo yanyuze muri iryo hururu ry'intambara z'urudaca, buri mwami ashaka gutsimbataza ubutegetsi bwe, ngo izuba rizime ahandi naho aho atuye rihore ryaka. Ni muri ubwo buryo mu Rwanda amazina ya Ruganzu Ndori, Kigeri Rwabugiri adashobora kwibagirana kuko bitwa abami bagize uruhare rukomeye mu kwagura igihugu. Ntibitangaje rero kuba ku ngoma ya Kigeri Rwabugiri harabonetse ibisigo birenga mirongo ine. Mu Rwanda intambara zose zitirirwaga Karinga kuva kuri Ruganzu Ndori. Ni yo yateraga, igatsinda amahanga, umwami n'ingabo bakayitabarira.

40 Iri jambo rirasobanura icyo bita *civilisation*.

Turafite ingoma ndende
ifite ibakwe mu kwica
Mugina yanze urugabano.
Utsindiye ubutwari, Mutukura wa Ngabidasubira
Ruhuma yari yamamaye
umuhagarara ku ijosi.
Musabike wayisenyeye ijabiro
Rugabo ije kukwakira
uyizana mu minyago.
Uri inganji, Nyamiringa,
Murasankagwe yarimye
aguha Rusatiramihana.
[…]
Uri inzeru, ntugira inenge, Nyanzobe,
nta ho uratera, bagatindana iminyago.

Nta ngoma utaraka z'abakeba
ni ko ituye, Rwingina
izigenda hejuru
iminyago ikayisagurira abasangwa
Mugina uje kuyikeza,
ikamuvura umukeno.[41]

Uwo muco w'intambara ibihugu byose bisangiye, mu bihe byose, watumye ikitwa ubutwari ku rugamba kiba indi kamere yihariye. Twavuze igitekerezo cya Roland n'intambara yo mu kibaya cya Roncevaux, Umugereki Homère yanditse igitekerezo kivuga intambara ya Troie. Bavuga ko yatewe n'uko igikomangoma cya Troie, Pâris, mwene Priam na Hecube, yibye Helena, imanakazi Aphrodite yari yarasezeranyije Menelas, umwami wa Sparte ko izamumushyingira. Na we rero akora kuri murumuna we, Agamemnon hamwe n'Abagereki benshi, batera Troie, barayigota, bimara imyaka myinshi.

Amaherezo bakoresha amayeri, kuko bari bababujije kwinjira mu mugi, barema ifarasi nziza cyane ikoze mu biti, bayuzuzamo ingabo, bayibashyiraho impano. Imaze kwinjira, ingabo zabo zigarurira umugi. Homère, muri iyo nyandiko yise *Iliade* [biva kuri Ilion, irindi zina rya Troie] avuga iby'ayo mateka y'urugamba. Nyuma, mu yindi nyandiko yise *Odyssée* [biva kuri Odysseus], irindi zina rya Ulysse, umwami wa Ithaque, agatinda avuga ibigeragezo iyo ntwari y'indatwa yahuye na byo, nyuma yo gutsinda urugamba; ari mu nzira atahuka ngo asange umugore we, Penelope n'umuhungu wabo, Telemaque, bamutegereje imyaka makumyabiri yose. Dushobora kubihuza n'ibitekerezo by'ibitero

41 Igisigo kitwa "Ndaje nkubwire umurasano", cyasizwe na Nyirakunge ku ngoma ya K. Rwabugiri (v. 86-109).

mu mateka y'u Rwanda, uko tubibwirwa n'Aregisi Kagame. Harimo ibizwi cyane nk'igitekerezo k'Imigogo, igitekerezo cya mbere n'icya kabiri cyo ku Ijwi cyangwa igitekerezo cya Rwagetana; ariko cyane cyane igitekerezo cya Bwiza bwa Mashira cyangwa icya Yuhi Gahindiro, aho abundukiye mu Gisaka, wagombaga guhitamo hagati yo kwima Karinga no gutunga Karira yakundaga, kuko atashoboraga kubiragwa byombi. Gusa ibitekerezo byo mu Rwanda byo biri mu mvugo n'inyandiko isanzwe, mu gihe ibyo bindi twavuze biri mu mikarago ndetse ipimye indinganire, nk'ibya Homere.

Mu bihugu byose habayeho ababa ibihangange, binjira mu rugaga rw'ibikomerezwa n'ibikomangoma; batabihawe n'amavuko, ahubwo babikesheje uruhembe rw'umuheto cyangwa inkota. Abo ngabo imihigo yabo ivugwa mu bitekerezo by'ingabo no mu byivugo. Kwivuga bisa n'umwihariko ku Rwanda n'u Burundi.

Kuri ubu umuco wo kwivuga, naho buri gihugu kigira ingabo zikirwanirira, inganda zikora intwaro zigahiganwa mu guhanga izirusha izindi ubukana bwo gucura inkumbi, guhitana benshi no guteza ingaruka z'igihe kirekire; kurwana no gushoza intambara ubu byabaye igisebo, ni igitutsi, ni umuvumo (Hitireri n'Intambara ya Kabiri y'Isi). Mbere byarihanganirwaga kuko umuntu yari ataramenya, akifitiye imico y'ishyamba nk'izindi nyamaswa zose, icyo ashyize imbere ari ukwica no kunyaga. Mbese byari nko kurwanira kubaho, inyamaswa nini zikarya intoya, udafite amaboko bakamuhekesha rushorera.

Intambara zose u Rwanda rwabayemo mbere y'umwaduko w'abazungu, uretse kwagura igihugu, zabaga zinagamije kugwiza inzuri n'amatungo. Ubu ba mpatsibihugu bashoza intambara ngo bigarurire peterori na gaze, amabuye y'agaciro n'ubundi bukungu kamere, nta shema bibahesha kuko umuco warahindutse. Kera abicaga abantu benshi ku rugamba bitwaga intwari, bakambikwa umudende n'impotore, bagacana uruti; kandi na byo kwari ukugira ngo ayo maraso atazabasama.

Ubu rero uwishe benshi ahinduka ruvumwa, kuko nubwo inturuko ari imwe ari yo ndwara yo kwikunda no kwikubira, umuntu w'ubu yeretswe aho atandukaniye n'inyamaswa, ubuzima bwe, amahirwe ye si ko abandi babura ayabo, si uguhindura abandi abahanya, atindikanya abatindi nk'utinda iteme rizamwambutsa hakurya. Kurwana n'inka zabivuyeho! Mwibuke umwami Dawudi warwanye intambara nyinshi, akaba icyatwa muri Isiraheri. Igihe ashatse kubakira Imana ingoro, Uhoraho yarabyanze, kuko yamennye amaraso menshi. Iryo shema ryegurirwa umuhungu we Saromoni, izina rye rivuga umwami w'amahoro.

Umuririmbyi John Bebwa, mu ndirimbo yise *Umusanzu w'umugabo*, ni we uvuga ati: "Amatiku n'urugomo, imipanga n'imihoro, inkota n'imiriro, si yo soko y'amahoro." Ushaka rero kwihesha agaciro, ntazagashakira mu byivugo byo kurata ko yagaritse ingogo ngo aragorerwa n'ingoma, ahubwo mu kugaragaza ko ari inkunzi y'amahoro, atsinda amahano. Ni cyo cyonyine kidahorota. Mu gihe Abaromani bavugaga ngo: "Niba ushaka amahoro, tegura intambara.", umutekereza

n'umunyafirozofiya w'Umufaransa, akaba n'umuhanzi w'icyatwa, Victor Hugo, we avuga ko ushaka kurema amahoro arambye, abyukira mu bikorwa by'iterambere: "Nimwubake amashuri, muzaba mufunze gereza nyinshi."

Ikindi abasizi mu Rwanda bavuze ni inka. Impamvu ni uko yabaye ifatiro ry'ubukungu n'ikirango cy'ububasha n'ubutegetsi. Uwakurushaga inka, yabaga akurusha ijabo n'ijambo. Mu gihe mu Burayi ubuhangange bw'ubutegetsi bugaragarira mu kubaka ingoro nini cyane zitatse zahabu, imyambarire yihariye, — ibikingi byo bose babikomeraho kurya bakunda kurambagira —, mu Rwanda kwari ukurata inka. Babishyiramo ingufu nyinshi ubuzima bwose, imitekerereze irahinduka, isigara itendetse ku ntarama n'intahira n'intamati izirusha intabwe — ; haduka icyo twakwita firozofiya nyarwanda yubakiye ku nka. Iyo uzirikanye imihango, imigenzo, imiziro bigusha ku nka, usanga harabuze gato ngo inka ihinduke ikimana nka kwa kundi bimeze mu idini y'Abahinde. Cyokora imfizi mu ishyo yitwa imana kuko iba ari nk'umurinzi wazo. Ntibiri kure ya kwa kundi Abayisiraheri babonye Musa atinze kuri Sinayi, yagiye kwakira Amagambo cumi yagombaga kubayobora mu mibereho yabo, bakibumbira ikimasa cya zahabu. Habuze gato ngo Imana ibarimbuze ifuni iheze!

Ubuhanga bwose rero mu by'ubugeni, mu gihe ahandi haba muzika no gushushanya, kubumba amashusho cyangwa kubaka, Abanyarwanda bo amarangamutima yabo yose yibandaga ku nka. Isigara ari yo iranga ibihe by'umunsi (inka zahutse, mu mashoka, inyana zisubiye iswa, inka zitaha, zihumuje…), iba ikimenyetso cy'ubucuti nyabwo (inkwano, ingabirano, inyiturano…). Nta mpano isumba inka kandi uwakugabiye usigara usa n'ufite integeko muri wowe yo guhora umwirahira nk'uwaguhaye kubaho cyangwa ufite ubuzima bwawe mu biganza bye. Kukunyaga inka bikaba nko kukunyaga ubuzima.

Ubu iryo vutsabushya rishingiye ku nka mu Rwanda ryaracitse. Hasigaye gusa ibisigisigi mu muhango wo gusaba no gukwa. Hari hake bagikwa inka buka, bakazivuga amazina bafashe mu mutwe, nko gutanga abagabo ko atari bo baciye imitwe yazo; hakaba n'ahandi nubwo baba bakoye amafaranga, yitwa "inka za BNR". Izo usanga zivugwa amazina byo kujijisha, hari uwitakuma batamwumva - dore ko bahengera igihe barangariye mu kwirira no kunywa, bakaba ari bwo bamuha umwanya, ngo ntibazavuge ko bataye umuco - ; cyangwa se akaba ari zimwe zabirira mu byuma, kuko akenshi batanacanira. Cya gicaniro k'ibwami ari na ho hahaga umuriro rubanda, cyaziraga gusinzira ubu kibyayemo ikizima, kuko iza BNR zitagira izimwe; ntizubaka iteme mu batunzi, ahubwo zirabateranya. Ubu guhereza inkoni n'inkuyo byimukiye gusinya sheki cyangwa gutanga ibahasha ifunze. Ni byiza kuko bikuza ubukungu, nyamara bipfobya umuco karande, uturuka kwa Randa na Merano. Bipfobya n'imvugo kuko "yampaye inka" yo hambere itazigera isimbuzwa "yampaye inoti" cyangwa "aha Karake wampaye ikamyo, akampeta V8".

Ni na yo mpamvu inka, naho ubu duharaye korora iz'inzungu zikungahaye ku mata n'ikibaro, itakiri ikivugwa kireshya abasizi kandi nta n'icyayisimbuye. Amafaranga! Ni byo yazanye byinshi

(orukesitire Impala) na Kigari Nyarugenge, ngo "burya ntawuhisukira, ntawuhagenda, atihekeje imari. […]. Nyamara burya ifaranga ntabwo rimara byose, uwaba aritunze ntamenye aho avuka, yakuma agahwera; uwaba aritunze atazi umuco w'iwabo, yashirira mu nda nk'uruhago, wasanga ari intomvu, nta mutima na busa."[42] Ikindi, uretse kuyahuza n'inkundo mu ndirimbo, bavuga ko abakobwa b'ubu ari ba Bakundukize, nta na rimwe dusanga rifite agaciro mu marangamutima y'Umunyarwanda nk'ako bahaga inka mu Rwanda rwo hambere.

Inkesha ziyitemba ku mubiri
Ni yo murenzi amaso ataruha
Ni yo maraba ihora yambaye
Imurikwa mu mariza y'urugori
Abayiririmba barenza amanywa.[43]

Mu yandi magambo, kugeza ubu ntakirasimbura inka nk'ipfundo ry'ivutsabushya mu mateka y'u Rwanda, by'umwihariko mu bijyanye n'ubuhanzi. Kagame wabigerageje n'*Indyoheshabirayi*, iyo nka y'ubu igenda ibubuta, aririmba ikibengero cyayo; aho kwakirizwa amahamba n'ibihamagaro, bakayakiriza imishyo, umwisi akabisa mucoma. Iyaririkirwaga kubera ubwiza, igakundirwa kororoka, kugwiza umukamo n'imbiribiri; igasigara ikumburwa ibikoba nk'iyarwaye amakore.

**4. Ubusizi n'Ikinyarwanda**

Tumaze kubona ko gusiga n'umuco ari magirirane. Twavuga rero ko gusiga bikungahaza Ikinyarwanda mu buryo bubiri: hari ukuba ubusizi ari nk'uruvugiro rw'umuco kandi bukawurema, bunafasha mu kuwusigasira. Twabibonye mu ntangiriro. Uburyo bwa kabiri ni uko kubera kuzimiza ari byo bibyara imvugo isumba iyisanzwe, ikayisiga, abasizi bakuza ururimi, bakoresha amagambo atamenyerewe, ubundi bakayarema.

Ubusizi nk'uruvugiro rw'umuco turabireba twifashishije indirimbo, imbwirwaruhame ndetse n'uko byigaragaza mu zindi ngeri z'ubuvanganzo nk'ikinamico, inkuru ndende/ngufi. Nyuma turabihuza no kwiyungura amagambo, duhereye ku ngero zibigaragaza.

Dufatiye ku bihozo, ari iby'abana cyangwa iby'abageni, usanga higanjemo amagambo ahamagarana, isubirajwi cyangwa imibangikanyo.

42 C. Rugamba, "Abambari b'ifaranga", in *Turirimbane*, p.15-17.
43 Mugaragu, Inka ya Nyangezi yo mu Mpanzi, umutwe w'Inyangamutsindo, in A. Kagame, 1988, *Amazina y'inka*, II, p. 299, v. 10-149.

Umpamagarire Gacumbitsi (2)
Gacumbitsi ka Gicantore
(…)
Uti: "Zana amata y'abana (2)
Ariko ntushyiremo amarindira (2)
Amarindira y'abashumba
(…)
Nzakujyana mu gicuku (2)
Nkugarure mu gicuba
(…)
Hora, nzacugira udukoni (2)
Udukoni tw'imikore
(…)
Ihorere ncyuze intarama (2)
Na zo imbogeka zikumporeze.[44]

Harimo amagambo ahamagarana, abyara isubirajwi: Gacumbitsi/Gicantore; igicuku/igicuba; udukoni/imikore, bikabyara inshurango y'amagambo iryoheye amatwi, umwana akagubwa neza, agasinzira. Mu kindi kitwa "Ni nde undirije umwana?", bagira bati: "Ni nde undirije umwana? Yo gacaracara, yo gacana injishi, akenyegeza ibisabo!" Aha harimo imvugo ijimije. Gucana injishi bishobora kuvuga kumara inka, kubera ko injishi ari iz'ibisabo bicunda amata. Uzicanye rero, nta bisabo aba agifite byo kuzijishamo, ntaba agikama ngo acunde, nta nka aba akigira. Bishobora kandi no gusobanura gupfusha abana b'abahungu, kuko injishi ibanga umuheto. Iyo ucanye injishi ni uko uba utagifite abawurashisha. Naho kwenyegeza ibisabo ni ugupfusha abana b'abakobwa mu buryo bw'ihwanisha. Nyirabisabo, Bisabo ni amazina y'abakobwa kuko bagwiza inka mu rugo iyo bakowe, bityo n'ibisabo bikiyongera. Gucana injishi, ukenyegeza ibisabo rero bigasobanura kumara abana, hungu na kobwa.

Mu bihozo by'abageni na ho, hari aho bagaragaza ko umugabo ari umwana w'undi, mwa nyokobukwe atari mwa nyoko n'ibindi. Uko kujya iw'abandi utazi, utizeye, ni byo byatumaga abageni barira: "Ugiye uri ingwa yera, uzaza uri imbwa yiba; ugiye uri igisabo, uzaza uri igisambo; ugiye baguha impundu, uzaza baguha induru; ugiye bagushishiriye, uzaza bagushishima; ugiye unyuze umuhanda, uzaza unyuze igisambu; ugiye unyura mu cyanzu, uzaza unyura mu cyara."[45] Icyo gihozo cyubakiye ku mubangikanyo w'inshyamirane, bakoresha amagambo abusanye mu kuvuga ikiza n'ikibi ari ko anahamagarana. Bibyara isubirajwi rinimbitse kubera guhuza amasaku cyangwa ubutinde bw'inyajwi n'umubare w'imigemo: ingwá/imbwá; igisaabo/igisaambo.

44 A. Bigirumwami, 1971, *Ibitekerezo, indirimbo, imbyino, ibihozo*…, p. 213.
45 *Ibid.*, p. 222-223.

Uko gukoresha amagambo ahamagarana, bikabyara isubirajwi n'injyana, babihuza no kuzimiza gushingiye ahanini ku ihwanisha n'iyitirira ni ryo pfundo ry'ubusizi mu Kinyarwanda. Bitangirira no mu guhitamo umutwe w'igisigo: "Inkingi Nkindi ateye u Rwanda", kitirirwa Kibarake cya Bagorozi; "Nshimire Mabega amabara" cya Nyakayonga, arata imfizi y'ibwami ku ngoma ya Kigeri V Rwabugiri. Bigakomereza rero no mu gisigo nyirizina.

Nabanze Mabarabiri, Nkovimbere
Mbogoje, Nyiri imbuga mu mbone,
Uwo ni Rutsinga, Nyiri urutsike,
Rwatuviriyemo urutsiro,
Adutsindira inzimu, Kizima
Nzogoma, Rugasira
Rwarasanaga mu nka za se,
Amahindu yazihungiye, arazihumbiririza.
[…]
Uwo ni Cyungura, umwami wo ku Cyuma
Azanye Cyubahiro, yitwa Kihabugabo.
[…]
Cyubahiro amahanga yamutinyiye ubugabo
ubwo akangiye icyanya, Cyanwa agize icyaha
inkoni imwasa agahanga.
[…]
Ruzigirizandekezi, Mutazimbwa
yishe Mazuba, arimburirako inzigo
Muzigirwa ibindi bihugu abizingazingira rimwe.[46]

Ibyo twavuze ku bihozo, tubisanga no mu zindi ndirimbo, zaba iz'ubu cyangwa izo hambere. Abazi "Intiganda" ya Padiri G. Mudashimwa, "Turirimbe inturire" ya P. Muswahili, cyangwa "Umutaga utazima izuba" ya C. Rwakayiru, cyangwa "Mushumba ushagawe" ya M. Ngirumpatse, bazi ikibaro n'ikibariro cyazo.

Tahana isheja, Mushumba ushagawe
Impotore zawe ni inshoberabuvivi.
Dore Manzi wacanye uruti, nta mugayo
None dore ushoje intangamuganzanyo.

46 "Ukwibyara gutera ababyeyi ineza" cya Nyakayonga ka Musare ku ngoma ya Mutara Rwogera, v. 115-123 ; 164-166 ; 190-194 ; 211-215.

Na byo ibyishimo bishinge ishinjo kwa Jambo
Mbonerarurema ko wamamaye.
Abo waraze inkuyo yera de n'inono ni intore zawe.
Zikazava imuzingo imihigo yawe, zigasoza ibigwi.
Urarambe imitaga itazima izuba, Mushumba ushagawe
Maze impuhwe za Mwiza zikurambagire hose.
Ngiyo impakanizi tugutuye, Mushumba ushagawe.
Washengereye Iyakare bugicya,
igutaka umurava n'ubuhangange
naho umurangi ubiranga urwanaga
bitaha iyo gihera, i Bwotamasimbi
barakumenya ko uvuka Rugari, i Bwezantwari.
Bagutora mbere, barakumenya
Ko uvuka Rugari, i Bwezantwari
Bagutora mbere, bakakwita Mukeragabiro.
Utwara indekwe y'ikibatsi
Koko rero warahawe, Mushumba ushagawe.

Isango y'ibyawe yeze Butare bwa Nyanja
Na yo Itanganika yarabyambukanye
Ko wabaye Rutindangeri.

Reba Uruyange rwuje urwuri rwiza rutoshye wahawe
Mbanzabigwi, ratwa koko byimazeyo
Rwanamiza, Ntore y'Imana
Rwego mu bantu, Rebero ryacu.

Ni indirimbo yiganjemo imizimizo yubakiye ku iyitirira n'ihwanisha. Nk'iyo avuga ngo "impotore zawe ni inshoberabuvivi… Manzi wacanye uruti", icyo gihe yari yaragwije ibigwi mu kubaka amashuri, amavuriro, gushinga za paruwasi no kwibaruka abapadiri, abakirisitu n'ibindi. Yari yarakoze za yubire y'imyaka makumyabiri n'itanu (kwambikwa impotore) ndetse na mirongo itanu (gucana uruti), nk'uko byakorerwaga intwari zo hambere. Gusa we aho kwivugana ababisha, yarabakizaga, bakaba abantu; aba atyo Rutindangeri, aho kuba Rutindamirambo. Umwanzi ugomba gutsindwa uruhenu asigara ari umwe: Rusenzi, Rusifero cyangwa Shitani.

I Bwotamasimbi, ni mu Burayi kubera ko, cyane cyane hagati y'Ukuboza na Werurwe (mu bihugu byegereye agasongero ka ruguru ho biza mbere), imisozi yose iba ari urwererane, nta bushyuhe bw'izuba babona; bigasa n'aho ayo masimbi ari yo bota, aho gusuruka, bagafarara. Aho avuga ngo: "Utwara indekwe y'ikibatsi", aragenurira ku ijambo Musenyeri Bigirumwami yagize intego

rigira riti: “Induamur arma lucis” (Twambare intwaro z’urumuri). Nk’Umwepisikopi, umurimo we ni uguhamagarira abantu guhinduka; ni ukuvuga kureka ibikorwa by’umwijima (ubusambo, ubusinzi, ubusambanyi, ibiterasoni, intonganya, ishyari). Ubikiza ni Yezu Kirisitu wamutoye, ni We Rumuri rumurikira umuntu wese uje kuri iyi si. Iyo ndekwe y’ikibatsi rero igaragazwa n’inkoni y’ubushumba yahawe ariko cyane cyane Ijambo ahamagariwe kwamamaza igihe n’imburagihe, Ijambo Mutagatifu Pawuro agereranya n’inkota y’amugi abiri.

Butare bwa Nyanja ni ku Nyundo, hafi yo ku Kivu. Inyundo icurwa mu butare, naho Ikivu kikaba ikiyaga kinini agereranya n’inyanja, abikabiriza. Wabaye Rutindangeri: yabaye umuhuza w’u Rwanda n’amahanga ndetse ahuza Afurika n’u Burayi. Ni nkaho yeremye iteme hagati y’imigabane yombi cyangwa agatinda amazi magari yayitandukanyaga. Ibyo ntibibe gusa kubera ingendo zo gutsura umubano, ahubwo harimo ukuza kw’abamisiyoneri babonye ko akwiye kuba umushumba wa mbere mu karere k’Afurika yo hagati, kimwe n’imiryango myinshi y’abihaye Imana yareheje, ikaza gutura mu Rwanda, uhereye ku Nyundo. Abo yaraze inkuyo yera de ni ababaye abashumba nyuma ye cyangwa abasaseredoti basangiye umurimo w’ikenurabushyo. Bakazasoza ikivi yatangiye, igihe we azaba agiye mu kiruhuko k’izabukuru cyangwa atahutse mu ijuru. Uruyange rwuje urwuri rutoshye bavuga ni abaseminari barererwa muri seminari nto ku Nyundo, akenshi bambara amashati yera.

Umuririmbyi kandi yagwije amazina y’ibisingizo - cyane cyane mu mpera y’indirimbo nk’uko bikorwa mu izina ry’inka (umusibo) - , akamwita Mushumba ushagawe, Manzi, Mbonerarurema, Mukeragabiro, Rutindangeri, Mbanzabigwi (nk’uwatanze abandi kuragwa inkoni y’ubushumba), Rwanamiza, Rwego mu bantu (umuhuza cyangwa urwego abantu buririraho, bagana Ijuru), Rebero. Ibyo rero tubisanga mu bisigo, ibyivugo n’amazina y’inka, ari na yo mpamvu avuga ngo: “Ngiyo impakanizi tugutuye”. Ni Mushumba ushagawe kuko abo yaragijwe nta n’umwe yazimije. Ni bo bamushagaye, bakamubera ishema azahingukana kwa Jambo, na We uhabwa amazina y’ibisingizo bimuranga: Iyakare (Uwahozeho, Uriho kandi Uzahoraho), Mwiza (Imana ni Buranga Nyirizina).

Ibi bimenyetso ndangabusizi, bishingiye cyane ku kuzimiza, tunabisanga mu ndirimbo z’abandi bahanzi. Urugero ni “Nanze igitebwe n’ubugwari” ya F. Nkurunziza:

Intwari itikanga imyato, ndi Rwigema aho batinya,
Mugabo utiyeguriye aho amajyambere agumye t

R/Nanze igitebwe n’ubugwari
Rutimbo sinzaba mu bwigunge.

Ubwigunge buraryana, burya bwagashe rubanda,
Uwakabaye umuhanzi azimatana ubugeni.

Zibukira twumve imbaga, isaziye ku migambi z/mb, g
Ubukene bw'akarande butazakuza izina.

N'ihingabugabo ryinshi, duhimbaze ubudahigwa
Turatanwe indahiro tweza ku Nkezamihigo.

Amajyambere arasabye, nge ndayashakaho isano
Nkavugutira abatindi, bakagwiza ubugiri.

Dukorangize imihigo, dukindure ah'umuhezo h
Dukimbagirane ishinjo, no ku irembo ry'ijuru.

Aha F. Nkurunziza na we akoresha imizimizo y'ihwanisha n'iyitirira, dusanga mu mazina y'ubutwari nka Rutimbo, Intwari itikanga imyato (y'abandi), Inkezamihigo n'ayandi. Ariko harimo n'amagambo yihariye (igitebwe bivuga kudashabuka mu gukora ikintu, ubunebwe; kugasha bivuga gukembagura, ihingabugabo bivuga kurema no kugwiza ubugabo mu bandi ngo bave mu bukene; ubugiri bivuga uburyo bwo kugera ku kintu; ishinjo bisobanura uburatwa). Indirimbo yose kandi yubakiye ku njyana ipimye indinganire no gukoresha isubirajwi rizira kuba igisoryo: reba ingombajwi "t" mu gitero cya mbere; ingombajwi "z", "mb", "g", ziri mu mbaga isaziye ku migambi; n'ihingabugabo, duhimbaze ubudahigwa. Bigakomeza.

Uko kumenya gukeneka injyana n'isubirajwi ni umwihariko wa C. Rugamba mu bisigo bye n'indirimbo ze zose, bivuga ko ubwiza bwazo budashingiye mbere na mbere kuri muzika ihambaye y'abaheraheje mu gukiranura amanota; ahubwo ku kubuza abanyagicumbi cy'amagambo gukinga inyegamo; abazindukiye kuvoma bose akabatanga kudubika. Ntabatobera, azabatereka ariko baza kudaha ayo yashigaje. Biragoye rero kugira iyo wahitamo. Turatanga urugero ku yitwa "Umwari Muziranenge"[47]:

Singizwa Mbyeyi twizihiza dukeye, uri Nyina wa Jambo
Wambaye ikamba, ukandagiye umwanzi,
Mwari Mwimanyi yigiriye ikirenga, urakarama.
(…)
Singizwa Keza cyangana n'icyaha
Turakwambaza cyane
(…)
Singizwa Mwari mwiza wareze Mwana,
Uradutoze kumuramya
(…)

47 C. Rugamba, 1987, *Turirimbane*, p. 281-282.

Singizwa Mpinga yizihiwe n'impundu
Wanga abanyampuha
Umwanzi akubonye yahise aganya
Intege ziba inteja, abura iyo agana.
Imana ijya kuguhanga, yaguhariye kuzitwa Umwari Muziranenge.

Nk'uko bigaragara hano, isubirajwi nyaryo ni iriteganyiriza intambwe, ukarisubiriza utisubira; iyo urisubiriye, riragusarika. Ni iryo bakaraze nta mikori, bakarisiga barinogereza, badatotobeka ngo bitokoze ya mvugirano isa n'umushongi utembera mu kabindi iyo bakojejemo umutozo. Ni nka za nyuguti z'umukono zinyorotse, usanga hamwe batsindagira, bagatosa; ahandi bakamamaho ipurimi yanyoye wino yo mu kidawa. Iyo wibeshye ugatamo ibitobo, nta shiti biragutobera. Bityo rero isubirajwi ntiritana na ya magambo ahamagarana, arindana kuko aba ari inkurikirane; akazirana n'uyakiranya, ayasumbanyiriza intera kandi intero yayo ari imwe.
Mu buvanganzo bwanditse imvugo ya gisizi iragaragara, bigatuma habaho ibyitwa ubusizi mbarankuru cyangwa inkuru busigo. Urugero ni *Indyoheshabirayi* y'Aregisi Kagame. Tuyisanga no mu ikinamico, bikagaragara mu buryo bahitamo umutwe: "Isoko y'ubusabane ntigasibe" ya A. Gahigi, "Amabanga yatakaje amabango" ya I. Gakwaya, "Iyo isari yasumbye isesemi" ya P.-C. Gatera n'abandi. Hari n'aho bakoresha imvugo irambuye ya gisizi nka ba banditsi bo mu Burayi bwo hambere. Amakinamico ya F.-X. Byuma, J. Mukahigiro n'abandi, arangwa no gukirigita amatwi. Cicéron ni we uvuga ngo: "Dushobora kwemera ko umuntu yatekereza neza ariko ntashobore gukeneka imvugo inuze; nyamara kwandika ibitekerezo byawe, ntubashe kubishyira ku murongo, ngo byumvikane nta nkomyi, ubiryoshya ngo bikurure umusomyi, ni ugupfusha ubusa igihe no gutesha agaciro ubwanditsi." Mu nkuru ngufi[48] rero twavuga *Inzira ndende* (2005, p. 17) na Ngiruwonsanga (2006, p. 45) za Padiri Niyoyiremera Dominique. Hari n'abandi ariko dufashe urugero rwa *Giramata* ya J. Niyitegeka Mukarugira, aho akoresha indondore irimo injyana. Tubishyize mu mikarago ngo tugaragaze ko harimo injyana ipimye.

Urabona rwose sinakoshya,
ngo ejo uzagwe mu nzu nk'iyi
utagira uwaguha utuzi.
Ibyo ukora ubungubu uzabyicuza.
Reka iryo toto rikendere
maze urebe ngo uriyanga.
Reka uzarebe umunsi urwo ruhu rwawe
Rwatangatanzwe n'iminkanyari
rutumva amavura n'isabune
aho unyuze hose bagushimanira inzara
ngo nguwo wa mukecuru w'umukobwa.

48 Inyinshi mu nkuru dufite mu Kinyarwanda usanga bita inkuru ndende (izikwiye iryo zina zibarirwa ku ntoki), twe tuzita inkuru ngufi. Reba J.- C. Nkejabahizi, 2018, *Isesenguranyandiko n'ijoranganzo mu Kinyarwanda*, p. 65-68.

Aho ubwo uzemera bagukobe?
Yenda sindabona uwo nagenewe.
Ni nde uzakurambagiza, ugumiwe?
Oroshya bazavuge ko wavutse
muri bwa bwoko buzira imbyeyi
aho buhingutse hagahora umuze
hakavuga induru n'imiborogo
akaba ari yo mpamvu hatava umugeni.[49]

**Umusozo**

Ubusizi rero ni igicumbi cy'amateka. Ibi bigaragarira mu buryo umusizi wo hambere yabaga azi ibyabaye ku ngoma zibanziriza iyo akeza, akarata ibigwi byabo ngo ashishikarize uwuganje kuzabakurikiza, dore ko "imfura nzima isubira ku izina rya se". Nyakayonga abwira Mutara Rwogera ati: "Data Kirima Nyiri ik'inguge, Kigirira cyo mu nzeru, Mazina; yarakwigeze ngo urabe mugenzi we. Uzarasanire ingoma nka Gisanura […]. Nimugarishye, mwaraganje, mwagagaze, mukuze uruharo; umwami uhawe uruharo, arwigiza imbere."[50] Umusizi ni n'umunyabugeni, akaba n'umutekereza; atari wa wundi wafataga inkuru y'uko ibitero byababaga byagenze ngo bizabarirwe abazaza nyuma; ahubwo ni umuzirikanyi n'umuziritsi w'ubwenge.

Mu Rwanda, kimwe no mu yindi miryango y'abantu, harimo abanyafirozofiya kuva na kera. Nk'igitekerezo kigerageza gusobanura uko urupfu rwaje mu bantu ni firozofiya, kuvuga ko nyuma y'urupfu umuntu wari muzima akomeza kubaho nk'umuzimu ni firozofiya[51], n'ibindi. Umugani ugira uti: "Ukuri wabwiye umucuzi, si ko ubwira umucuzikazi.", "Aho kunigwa n'ijambo, wanigwa n'uwo uribwiye.", "Ukuri wagombye kuvuga, uraguhakishwa." ni interuro zigaruka kuri iki kibazo ngo: "Ese ni ngombwa kuvuga ukuri igihe cyose?" (ikibazo mbonezabupfura), "Ese ukuri ni iki?" (ikibazo gicukumbura inkomoko, umuzi w'ibintu).

Hari abasizi bakomeje iyo nzira yo gucukumbura no gutekereza. Urugero twatanga ni ibisigo by'ibyuma, ku ngoma ya Cyilima Rujugira. Kujya impaka ku kumenya abasumba abandi hagati y'ingabo z'abarwanyi n'abatabazi, bamwe bajya kwiyenza ngo amaraso yabo amenerwe mu gihugu cy'umwanzi, bamutere umwaku azatsindwe umunsi ingabo zateye. Abo basizi: Karimunda, Nyamugenda, Bagorozi na Mbaraga ku ruhande rumwe rushyigikiye ko abatabazi basumba ingabo; na Muhabura n'umuhungu we Ndamira, ku rundi ruhande, ni kimwe na ba banyafirozofiya usanga bajya impaka ku bintu binyuranye, kuva igihe cy'Abagereki. Uhereye kuri ba Pytagore (570-480 a.c.) wahaga cyane agaciro imibare, ukagera kuri Aristote (384-322 a.c.), unyuze kuri ba Socrate (470-399 a.c.) na Platon (427-348 a.c.) ndetse na ba Diogène (413-327a.c.), wikoma ivutsabushya

49 J. Niyitegeka Mukarugira, 1988, *Giramata*, p. 114.
50 Igisigo "Ukwibyara gutera ababyeyi ineza", v. 66-70 ; 83-85.
51 Ni byo bita *métaphysique*. Guhanika mu bitekerezo usobanura inkomoko no kumenya impamvu y'ibintu.

n'urubumbambaga. Usanga bagerageza gusobanura isi, ibiba, ibigaragara n'ibitagaragara, babanje kwigizayo Imana n'ibiyikomokaho; ahubwo bakitabaza mbere na mbere ubwenge, imitekerereze yabo. Ni aho R. Decartes (1596-1650) yakurije kuvuga ko niba ariho, si ukubera ko Imana yamuremye, ahubwo ariho kuko atekereza.

Umusizi kandi ni n'umuhanuzi. Igihe Ngurusi yabwiraga Kigeli Rwabugiri ati: "Mbwire umwami urugo ruzatwika urwe, awucirire hakiri kare.", kwari nko kumuhanurira ngo adakora amahano. Yarebaga kure kandi ibyo yamubwiye byarabaye ku Rucunshu. A. Kagame, mu *Indyoheshabirayi*, ahanurira Abanyarwanda ahereye ku bakomeye ko badakwiye kwinenaguza cyangwa gusuzugura ubundi butunzi butari ubw'inka; akabikora mu buryo bw'ubuse bwari bwemewe mu gihugu. F.-X. Gasimba amwigana, anenga ibitagenda mu mitegekere harimo kwikubira ibya rubanda; aho gukiza abaturage, bakabasonga.

Gusiga rero ni imwe mu nkingi fatizo z'Ikinyarwanda nk'umuco. Orukesitire Umuriri ni yo igira iti: "We muhinzi, isuka ibe nk'imisango; we mubumbyi, boneza inganzo; nawe mucuzi, komera mu ruganda; we mubaji, boneza ibarizo. Mbyine inanga ndetse n'imishayayo, imirishyo n'imihamirizo, ikinimba, imigani n'amahamba, sakwe, sakwe ntizibagirane." Ubusizi bubumbatiye imibereho yose y'ubuzima bw'Umunyarwanda. Ntiwabitandukanya.

Ni umuco mu bihozo, bugumbira uruyoya, bacacura bucura ngo akunde acurere; bamutware mu gihugu cy'ahandi, atangire guhunyiza; bahoza umwami cyangwa umutware ngo ntatwarwe n'ibitotsi byamuviramo igitutsi; ahubwo atabarane n'itiro, rimutwaze ingabo, natabaruka, abambutse, ubugiri bumubanze imbere; nuko igihugu agishyire iburyo, ibumoso ntibaba maso, ni ho abanzi bazimiriye.

Gusiga mu Rwanda twabigereranya na wa mugezi ubanza kuba agasoko, gatangira gasesa, gasuka; kakagera ubwo gasendera, kagatangira gutemba, kanagura indiri yako, gasomana n'utundi bisa; bikirandamo uruzi ruzinduka rwihotagura, rwihatahata impande zombi, rukabumba ibisigara, ibibaya n'ibishanga, rukazaba igisaga cyuzura ntigisese, ahubwo kigaserera; kikahuranya amashyamba, kirombereje iy'inyanja.

Uretse rero abasizi nyirizina bahanga ibisigo, bakabitangaza mu bitabo cyangwa ibinyamakuru, nta birori biburamo igisigo, ab'ubu bita umuvugo; yaba iminsi mikuru ya Leta, haba ibirori by'imiryango, amasabukuru anyuranye bihimbazwa n'imvugo inoze. Amazina y'inka yarakendereye, abayisukira ni ugusubiramo no guhimbura ibitagiharawe. Nyamara iyo nyota igahoraho. Tubisanga cyane mu misango y'ubukwe, aho mu guhitamo umukwe mukuru cyangwa umusangiza w'amagambo, bagenderera uwuzi "kuryoshya imvugo", kuko akoresha amagambo batamenyereye kumva, akamenya guhuza ayajyana, bikabyara inshurango nziza kandi bikagusha neza ku kigenderewe: niba ari ugutaka umugeni, kugusha neza uwo bashyikiriza amagambo asaba cyangwa gusasira ingingo ngo uhabwe ijambo, uremeze ikimbo. Birasa neza na bimwe byo mu ntangiriro y'inozamvugo mu Bugereki ndetse

no mu Rwanda wo hambere. Kwemeza undi bidaturutse ku ngingo zikakaye, ahubwo kubera imvugo ubwayo. “Gutsinda ubwabyo ni ubucucu, ikuzo nyaryo ni ukwemeza umuntu.” (Victor Hugo).

Umusizi kandi ni umuhanzi w’imvugo n’amagambo mashya kubera kuzimiza, akaba n’igicumbi cy’amateka. Amagambo y’Urunyacyilima ni ibisigara biranga amateka y’uburyo Ikinyarwanda cyagiye gikura cyangwa kivugurura. Ibi byagaragaye mu bisigo byiswe nyabami, amazina y’inka n’ibyivugo. Mu rugero tugiye kubona, umukwe mukuru yitwa J.-P. Musabyemungu ntakoresha Urunyacyilima ariko agerageza kwitabaza imvugo inoze, irimo kuzimiza bishingiye ku magambo abandi batamenyereye no kwerekana ko umuco n’amateka atabivumba, ahubwo yabyonse mu mashereka.[52]

*Umukwe mukuru (Musabyemungu)*: Nari ntangiye ngushimira ubwuzu, ngushimira urugwiro, ngushimira urugunda, ngushimira urugando, n’ineza iganje mwatugaragarije; kuva ku muharuro wanyu kugera mu kicaro. Izuba rivuye i Mburacyuho, imisozi igakumba, uwo bitagezeho azajya amenya iyabo n’iyaburo; hanyuma inka zijwemo na muryamo na rurenge na ruhaha, uwo bitabayeho azajya amenya igicuba cy’abana; kugira ngo badacurama umusatsi, bakabyibuha ibirenge. Muri uru Rwanda rutemba amahoro, ngo ntihakagire utekereza kugenderera undi inkokora zireba inyuma.

*Umukuru w’abasangwa (Kanamugire)*: Uraho Rugori rw’abakobwa, uraho Rwaje rutaha, ngasusuruka, uraho nyakugira Imana ! Gira amata.

*Musabyemungu*: … yagize umugisha usumba indi, ari rwo rukiryi ruzima, rwibaruka abahungu n’abakobwa; ariko agira inka z’impenda zikamirwa abo yugamisha imvura ishotse, n’abo acira akari urutega, n’abo araza ijoro riguye. Ariko agira n’urutoki rwiza rw’ingaga, n’ibibindi bya Rutumindiba n’imivure y’indoha. Ni ho yadashye, arambwira ati: “Ugende, umpere umubyeyi Rurangwa…”

Ongeramo. Burya imvura iguye, ntisubire, bayita Cyumya, hanyuma iyo utanze inka imwe, ntuyishoreze indi, yitwa Intukure, n’utanze inzoga imwe, yitwa Itubya. […]. Aha rero nyikuzaniye ari Inkangaza. Unyemerere noneho nyikure ikiremero, nyisogongere, nawe utsinsureho, nikunyura, mbone aho nkunyura, nkubwira ubutumwa. […]. Reka nkurebere igishwetse neza, uri umutware.

Tubashimiye umwanya muduhaye, mutadusigiye; ahubwo mukaduha urubanza ngo tubanze… Ngufitiye ubutumwa butari ubwa nimugoroba, ahubwo buturuka mu ihitira. Byari igihe ibinyamafufu byari bitangiye gutuga ubutaka, ibinyamisogwe duhura, duhungira, duhunika; ariko dutewe ishema n’amahundo; yaba aya Busetura, yaba aya Nyundo ya Gikore na Mwamikazi. Tubeta, tuyigogora, tuvugira, duhoza uruyama ngo dukwize igikoma ababyeyi. […]. Yari akirutse ku nkiko, acyuye ishya, nuko ijamwe riraboneka. […]. Ngewe nahereye Byumvuhore, ibikwerere by’amasunzu biteka inkingi y’iziko, Kanamugire ateka Nyiramacumu, ababyeyi barambya ikirambi k’epfo kiri umwakiki w’inkingi y’isoni, umwana ahagarara ku nkingi y’indamurano.

52 Bitabuza ko abenshi usanga basoma, bigaragara ko aba yabanje kubitazira. Ubwabyo nta kibi kirimo.

*Kanamugire*: Iryo jambo rive itatu, urihere mu nkirigisi, rwagati uce urugenya, uze gutanga imbunduzo. […].

*Musabyemungu*: Uyu muryango ko tugira amaziri… Uwo muryango turawuzi, ni umuryango utiza imfizi, inka zikabyara zidakitse… Ni umuryango ukama amata, ntacike amende… abakobwa babo ntibajya mu byuma iyo babyara… N'ureba imbuga yanyu, bigaragaza ko mufite umwari umwaza umwanda… Ibugu twabuguzanyijemo, ntawaciye umuvuno sedondi… Twese duhuje ubukene, dukeneye ko muturema amaboko, mukatwunga inkokora, nyuma mukadukenura ku mbuto muntu. Abuzukuru, abuzukuruza n'ubuvivi budukomokaho, bakazadukorera mu ngata, bityo imiryango yacu ntizime.

Arerekana ko yacengewe n'umuco, akaba azi amoko y'amasaka, dore ko ari imwe mu mbuto nkuru yakoreshwaga mu kuganura; azi amazina y'inkingi zo mu nzu ya kinyarwanda, asobanukiwe n'ubworozi, ibijyanye n'amata ntabibaririza. Azi ibyo bagenderaho bashima umugeni, yewe azi n'iby'imikino ya kinyarwanda nko kubuguza; ariko cyanecyane azi amabanga n'amabango y'ijambo (gutangiza inkirigisi, ugaca urugenya, ugatanga imbunduzo). Ibyo bigaherekezwa no kugaragaza ko "azi Ikinyarwanda" mu gukoresha amagambo meza ahamagarana (urugwiro, urugando, urugunda; igicuba cy'abana ngo badacurama umusatsi; kumenya iyabo n'iyaburo; umwari umwaza umwanda) n'ibindi. Muri make rero, imvugo ya gisizi ni ipfundo ry'ubuvanganzo, umuyoboro w'ibiganiro (kuvuga neza) n'ishema ry'abahanzi.

**INDANGASOKO**


Bigirumwami, A. (1971). *Ibitekerezo, indirimbo, imbyino, ibihozo, inanga, ibyivugo, ibigwi, imyato, amahamba n'amazina y'inka, ibiganiro*. Nyundo (polyc.)

Bigirumwami, A. (2004). *Imihango, imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*. Kigali: Pallotti-Presse.

Gafuku, B. (1929). *Igitabo tch'abany'ecoli bo mu Rwanda*. Kabgayi.

Habimana, J. (1981). *La toponymie rwandaise. Etude linguistique et thématique*, mémoire de licence (Butare : UNR).

Kagame, A. (1949). *Iyo wiriwe nta rungu*. Kabgayi: Editions Royales.

Kagame, A. (1988). *Amazina y'inka* (t. 2). Kigali: Imprisco.

Kayumba, C. (2005). *La poésie héroïque rwandaise "ibyîivugo"*. Butare: IRST.

Lestrade, A. (1954). *La médecine indigène au Ruanda*. Tervuren: ARSC.

Mbonimana, G. & Nkejabahizi, J.-C. (2011). *Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya*. Butare: Editions of National University of Rwanda.

Munyakazi, L. (1986). “*Ishûshansêbyo mu Rwaanda rwô haambere*”, in L. Nkusi (éd.), *Etude d’ethnolinguistique et de littérature orale rwandaise*, p. 57-72.

Niyitegeka Mukarugira, J. (1988). *Giramata*. Kigali: Imprisco (inkuru ngufi).

Niyoyiremera, D. (2005). *Inzira ndende*. s.l.n.e. (inkuru ngufi)

Niyoyiremera, D. (2006). *Ngiruwonsanga*. Kigali: Kinyamateka. (inkuru ngufi)

Nkejabahizi, J.-C. (2009). *Ubusizi nyarwanda*. Butare: Editions de l’Université nationale du Rwanda.

Nkejabahizi, J.-C. (2013). *Ubuvanganzo nyarwanda. Inkuru ndende n’ikinamico*. Butare: Editions de l’Université nationale du Rwanda.

Nkejabahizi, J.-C. (2018). *Isesenguranyandiko n’ijoranganzo mu Kinyarwanda*. Butare: UR.

Nkusi, L. (1979). *Les proverbes du Rwanda. Approche ethnolinguistique*, thèse de 3ème cycle.

Ntoyumutwa, T. (1967). “*Importance de la parole dans la culture rwandaise*”, in *Inganzo*, n° 1, p. 89-100.

Rugamba, C. (1987). *Turirimbane*. Butare: INRS, publication n° 38.

# URUHARE RWA MUZIKA MU GUKUNGAHAZA IKINYARWANDA

KAMALI Alphonse
*Impuguke muri muzika*


## INCAMAKE

Muzika n'ururimi ni zimwe mu mpano ndangamuco zitangaje Imana yahaye Muntu kandi usanga zisangiye byinshi mu mibereho ye.
Ubushakashatsi buhamya ko ubwonko busobanura kandi bugafata Muzika nk'ururimi yifashisha, maze ikagaragarira mu buzima bwe nk'imvugo y'umutima we, ishyushya igihe cyo kwishima, ihoza mu bihe by'akababaro, ikongera ikizere n'ubushobozi bwo kuzirikana no guhitamo ibyerekezo… Ni uko itabura nko mu mihango, mu materaniro asenga, mu itangazamakuru n'ahandi.
Ikinyarwanda, ururimi rwacu kavukire ruduhuza kimwe n'izindi ndimi zivugwa zigahuza bene zo, ni igikoresho kamara cy'ubwumvane: kidufasha kugezanyaho ibitekerezo n'ubutumwa mu mvugo no mu nyandiko. Kukivuga neza ubwabyo ni ukugisigasira no kugiteza imbere.
Muzika n'ururimi mu miterere byegeranira mu manota no mu majwi, noneho byagera ku ndimi zifitemo ubutinde n'amasaku mu magambo ari yonyine no mu nteruro, nk'Ikinyarwanda, bikaba akarusho. Bivuze ko Muzika irimo amagambo yeruye yiyongereye ku manota isabana rwose n'ururimi kandi n'ubutumwa bw'umuhimbyi bukumvikana neza.
Muzika ihurira n'ururimi rwacu by'umwihariko mu ndirimbo n'imbyino zireba insanganyamatsiko zinyuranye: amateka, ubuyobozi, imyemerere, uburere mboneramuco na mboneragihugu, imihango, imyidagaduro, imyuga (ubuhinzi, ubworozi, uburobyi, umuhigo…), iterambere n'ikoranabuhanga. Ntawakwibagirwa n'ibisigo nk'urugera, inanga, ibihozo, imigani miremire ifite ibice biririmbye…
Kubera ko Muzika igizwe n'ibihangano bigomba kwagurira urubuga abahimbyi, bigomba kuba binoze kugira ngo biryohere abo bigenewe. Amagambo yabyo agomba kuba ayunguruye ku rwego rw'iyiganyito n'iyiganteruro, agashyigikira umwimerere w'inganzo. Aha ni ho amagambo amwe n'imvugo izi n'izi byacurwaga no kwibagirana kubera ibihe bigenda bihinduka bigarurira itoto, n'ibijimije bigasigurwa. Ibi kandi binatuma kwirukira gutira mu zindi ndimi bitaba itetu kuko tuba tubungabunze ikigega mpamyanyito n'uburanga by'ururimi rwacu.
Cyakora nanone kubera iterambere ryihutana n'ikoranabuhanga mu isi irangwa n'ikomatanyabukungu, Muzika itihariwe n'incurango izanira Ikinyarwanda amagambo mashya. Amwe muri ayo muga yatangajwe n'Akanama k'Urutonde mu wa 1986-1987, andi agenda aremwa nyuma n'abanyamuzika bacu ubu ngubu bagwiriyemo urubyiruko.
Gutoranya amagambo anoze y'indirimbo n'imbyino nyarwanda asanzwe mu rurimi rwacu no kuruhangira amashya iyo bibaye ngombwa mu mihimbire y'iki gihe birushaho kugaragaza ubwiza bwarwo butarubuza kwaguka. Ni yo aryoshya injyana, agatanga impumeko iberanye n'ubuzima mbamutima, akambika ihuzamajwi maze bikaremereza inganzo y'umuhimbyi. Uyu rero ni umusanzu ukomeye urwongerera ishema, dore ko runasanzwe ari ndengamipaka.


**Amagambo fatizo:** *muzika, isano, amagambo, indirimbo, imbyino, amuga.*


## Abstract

Music and language are counted among the greatest gifts that God has given to humanity. Besides, they overlap both in the human brain and in everyday life. The considerable amount of research has demonstrated that music is a language of emotions expressing now joy, now sorrow. It boosts confidence and capacity of thinking and making choices. It is used in rituals, ceremonies, worships, the press and so on.

Kinyarwanda, our mother tongue, is our most unifying factor- like other modern languages for their respective societies - and a vital medium for communication. This means that speaking it correctly is a commitment to efficiently and effectively protect and promote it.
Music and language meet positively through notes and sounds especially in languages with distinctive tonality like Kinyarwanda. Therefore, the melody and proper lyrics go very nicely together and this makes the composer's message quite clear.
The musical contribution is mainly visible in Kinyarwanda through songs and dances related to various areas: History, Politics, Religion, Education, Rites, Hobbies, Professions - such as Agriculture, Cattle-rearing, Fishing and Hunting- ICT and so forth. A few of them are sampled in this paper.
Since Music brings artists' works to the public's attention which are supposed to increase their reputation lyrics have to be polished up lexically and syntactically. This should reinforce the originality of the artist's inspiration and revive many words, idioms and phrases falling into disuse. Moreover, the easy loanword should be minimized.
In view of the current context of technology and globalization, Music has offered to Kinyarwanda some new technical items. An official list was published by The then National Lexical Commission (Urutonde) in 1986-1987. This remains an essential pedagogical aid.
Selecting refined lyrics for Rwandan songs and dances today is a must for our composers whose majority is still young. They have indeed to broaden their outlook but also to keep the beauty and expressiveness of Kinyarwanda up and enhance its prestige as even a cross-border language.

**Key words:** *music, relationship, word, song, dance, terminologies*.

## INTANGIRIRO

Muzika n'ururimi biba ku isi yose, bigatungwa n'imbumbambaga z'amoko yose. Bivuze ko bimase byombi ku buzima bwa Muntu.

Ururimi rwubakiye kuri izi nkingi z'ingenzi: Imivugire, imyandikire, amagambo atondekwa akarema inkoranya, ikibonezamvugo kiremereyemo iyigantego n'iyiganteruro, hakiyongeraho impuza ndangamuco (ibimenyetso byihariye, imibereho, ihanga, indangagaciro...)

Muzika nk'ubuhanzi n'igikorwa ndangamuco isobekeranya neza amajwi n'incecetso mu gihe. Igizwe ahanini n'injyana, umuririmbo, ihuzamajwi n'uguceceka. Irakungahaye cyane kuko yigisha, ikaruhura, igafasha mu kuvura kandi ikanazamura umutungo.

Ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda ruduhuza ni igikoresho ntagereranywa cy'ubwumvane. Turuganiramo, tukagezanyaho ubutumwa. Ni rumwe mu ndimi bantu zivugwa mu Biyaga bigari n'ahandi n'abantu barenze miriyoni mirongo itatu. Amaradiyo mpuzamahanga amwe agitangamo ibiganiro na za Kaminuza zimwe zo muri Amerika n'u Burayi zikakitaho mu mashami yazo amwe n'amwe no mu bushakashatsi. Mu mvugo ihwanisha dukunze kurwita ingobyi y'umuco w'u Rwanda, maze umugabo Cherbuliez (1865) akungamo ati: "Kuvuga ururimi kavukire ni uguhoza ku munwa Igihugu cyakubyaye."

Ijambo ry'izingiro ry'iyi nsanganyamatsiko ni inshinga yumvikanamo kongerera ubukungu, akamaro ndetse n'agaciro ururimi rwacu, bityo rukabungwabungwa ubuziraherezo. Ubwo rero kuvuga ururimi neza wararwize, wenda waranarwigishije, ni ukurubeshaho rukaramba, kururirimbamo byo bikaba umusanzu utagira uko usa! Ku nshingano yo kurwana ku kigega cyarwo nyarutonde hiyongeraho iyo kucyagura muri iyi si yacu y'iterambere n'ikoranabuhanga n'umubano n'amahanga. Ni uko amuga ya Muzika na yo arwunganira.

Iyi nyandiko irita ku ndirimbo n'imbyino nkeya zibarirwa mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda zimwe na zimwe. Igihe cyazo ni uguhera ahagana mu wa 1950 kugera mu wa 2016.

**1. ISANO YA MUZIKA N'URURIMI**

Uretse ko Muzika n'Ururimi biri byombi mu biranga umuco bikomeye, ubushakashatsi bwagiye bugaragaza ibindi bihuriyeho n'ukuntu ari magirirane. Stockman (1987) yibutsa ko mu gihe cy'Abagereki Muzika yari ikubiyemo kuririmba, kuvuga unoza, gusiga, kunyeganyeza ingingo z'umubiri, kubyina no gucuranga. Abadage bazwi cyane nka Emmanuel Kant washaje mu wa 1804 asanga Muzika ari ururimi rw'umutima. Naho Arthur Shopenhauer witaruye mu wa 1860 akongeraho ko ari urw'isi yose. Bahamije rero ko byombi ari imiyoboro y'ubwumvane.

Urebye ukuntu kwiga ururimi no kwiga igicurangwa bisaba ubwenge n'ubushake, wasanga koko Muzika n'ururimi birwana urugamba rumwe! Amanota, amajwi n'ihuzamajwi ni inzira unyuramo ngo ushyike ku kwisomera indirimbo y'amanota. Mu kwiga ururimi na ho hazamo amajwi, amagambo, ukwatura, ihuzamajwi ryungikanya amagambo rikabyara interuro ifite icyo ivuga.

Urugero: Twebwe (1) gukunda (2) umupira (3) bikavamo: "Twebwe dukunda umupira."
Do (1) mi (2) sol (3): Iyo ayo manota ashyizwe hamwe abyara imvugirarimwe ndakemwa! Byombi bifite amategeko nyarurimi usangamo inshoza n'amahame agenda asobekeranye.

Ubushakashatsi bwagiye bwerekana ko no mu bwonko byombi bikorana mu kuzamura, ijwi no kurimanura ndetse no mu njyana, ibi bikaba byanagira icyo bihindura ku nyito y'amagambo.

Abantu benshi cyane bakoresha igice cy'ibumoso cy'ubwonko mu kuvuga no kumva inyito z'amagambo n'interuro akaba ari na cyo gikora mu gusesengura umugendo w'indirimbo no kuyitahura ubwayo (Broca,1861; Bohler, 2018).

Igereranya tubonye ry'imvugo n'amanota riratwereka ko ururimi rukoresha ubutinde n'amasaku nk'urwacu ari nyamuzika kurusha indimi zitabigira. Bivuze ko isano yarwo na Muzika yisumbuye kandi ko mu ihimba, iyo ubyubahirije, uba wongereye uburyohe mu muririmbo.

Ubushakashatsi bwanzura ko Muzika yaba n'imfashanyigisho y'agaciro mu kwigisha indimi. Ifasha abana gutandukanya ibyo bumva, ikaborohereza gusoma no guhimba, ndetse n'inshoza z'iyigamvugo, hakaziramo kunguka amagambo no kumva umwandiko, uko uwitwa Bolduc, J. abishimangira. Erega ngiyi ya nyabune y'ubumenyingiro mu iyigarurimi!

"Abize kare Muzika bavuga neza kurusha abandi"(RBA). Kumva Muzika birafasha mu iyiganteruro no mu kwiyungura amagambo kuko amagambo y'indirimbo aba agizwe n'amagambo tumenyereye nyamara tutiga buri gihe twiga ururimi. No gufata mu mutwe biroroha. Udutabo tw'indirimbo z'abana twafasha muri iyo nzira mu kwigisha Ikinyarwanda.

Muzika nk'ururimi ibamo isesekaza, akuzuye umutima. Ni nk'impumeko iba ihawe indirimbo ikanyura mu byo umuhimbyi yerekanye ubwe cyangwa mu isemura, kuko Muzika na yo ikorerwa isesengurangambo nko mu buvanganzo, ugatahura ingingo n'imbamutima by'umuhanzi: ibyishimo, agahinda, ubususuruke, ukwifata, umutuzo, urwenya n'ibindi. Ngo Muzika uyishyiramo imbamutima na yo ikiyinjirira mu mutima nta mpaka.

Mu Kinyarwanda isesekaza rirakoreshwa na ryo rikabamo ibitekerezo, imbamutima. Hakunze gukoreshwa amarangamutima, amiganajwi, ugupfobya n'ugutubura, indemo zigeruye, ugusubiramo, ihinduramasaku, iyitirira, interuro zituzuye… Ingero: Orororoo, turururuu, kacurabucece, amazi buzi, Rugaragara, kugendagenda, Bwuzu bwuzuye mu gituza, utyoo, ahubwo kubireka!

**2. UMUSANZU WA MUZIKA MU NDIRIMBO N'IMBYINO NYARWANDA**

Muzika ikungahaza Ikinyarwanda ibinyujije mu magambo yatoranyijwe neza n'umuhimbyi, akavugwa neza mu butinde n'amasaku kandi agakurikirana uko bikwiye mu matsinda no mu nteruro ngufi mbonezamvugo zikoreshwa mu mvugo isanzwe yubahirije indangagaciro y'ikinyabupfura. Birumvikana ko insanganyamatsiko igenga cyane ihitamo ry'amagambo anagaragaza ubukungu n'uburanga by'ururimi rwacu kandi aberanye n'impumeko umuhimbyi yashatse kunyuza mu gihangano cye. Ni uko usanga nk'ingeri iyi n'iyi igutegeka gukoresha amagambo yihariye, bigasa n'imvugo ijimije kandi ari amagambo yabugenewe yakoreshejwe. Urugero ni nk'indirimbo n'imbyino zijyanye n'imyuga.

Indirimbo muri rusange ntizigomba umudiho n'amashyi ngo zigaragaze injyana ipimye cyangwa idapimye. Hari indirimbo ziririmbwa mu ijwi rimwe cyangwa menshi; abaririmbyi bakaririmbira icyarimwe cyangwa se bakagenda bakuranwa, cyangwa bamwe bagatera abandi bakikiriza. Hari n'iziherekezwa n'incurango. Inganzo ziranyuranye ku buryo ubu hari indirimbo zirimo inkomatanyanjyana n'inkomatanyangenajwi biziryoshya kurushaho iyo byitondewe.

Imbyino zo zizihizwa n'amashyi n'umudiho, inyinshi zigaherekezwa n'ingoma maze injyana igahabwa rugari. Abatera barakuranwa, bagenzi babo bakabikiririza icyarimwe badasobanya, kimwe n'abajyanye mu mudiho. Imbyino gakondo ntizita cyane ku ijyana nyurabwenge n'ingingo zitandukanye. Zikundira kubyaza amagambo andi n'iyungikanya ndetse no kuyasubiramo, byose bigahuzwa nanone n'insanganyamatsiko. Zigwiriyemo rero irengayobora nyabusizi kurusha izo muri ibi bihe, ku rwego rw'iyiganteruro.

Indirimbo n'imbyino uzisanga mu ntera zinyuranye z'ubuzima, zigahabwa umwanya ukomeye mu minsi mikuru no mu mihango, mu bitaramo no mu yindi myidagaduro. Uretse gukesha ibirori zitanga ubutumwa mu magambo aboneye maze ayaremberaga akagaruka mu ruhando. Zishyigikira indangagaciro izi n'izi, zikigisha, zigakebura… Twavuga nk'inanga zimwe zirata ubutwari, indirimbo zimwe zerekeye urukundo n'imyitwarire iboneye, ibihozo bisingiza cyangwa ibihumuriza abana, abageni…

Iminozanjyana, imizimizo ikunze kugaruka mu ikeshamvugo mu magambo y'indirimbo n'imbyino ni myinshi: nk'insubirajwi, insubirajambo, iyungikanya, igereranya, ihwanisha, iyitirira, imibangikanyo, ikabya (Mbonimana, 1971; RALC, 2019).

Biragaragara rero ko umuhimbyi wa Muzika ari umuntu w'umuhanga usabwa guhora yiyungura ubumenyi, umuhate ukamwongerera ikizere, agahorana intego yo guhimba neza. Agomba kumenya abo agiriye mu nganzo -Abanyarwanda, abanyamahanga, cyangwa ibyo byiciro byombi- gukeneka insanganyamatsiko agiye guhimbaho ikubiyemo ubutumwa butanzwe mu mvugo inoze ikwiye gufatwaho urugero. Mu isuzuma bwite ry'umusaruro we agahitamo abandi bahimbyi wenda bamusumbye bakamurebera ko umuririmbo n'amagambo ari mahwi.

## 3. INGERO ZATORANYIJWE (1950-2016)

Zimwe muri izi ngero zihariwe n'amajwi n'amagambo, izindi ziranacuranze. Harimo izitarasakaye cyane, ariko zihimbitse. Turakomoza no ku byivugo, imigani miremire, ibihozo, indirimbo zirata inka n'amahigi. Ni bike cyane urebye ubukungu buri muri Muzika yacu, ariko ubusabusa buruta ubusa!

Amagambo n'injyano by'ingenzi dusanga byagaruwe mu ruhando n'ubuhanzi bwa Muzika mu ngero zigiye gutangwa byanditse *biberamye:*

- Indirimbo z'amajwi yonyine:9
- Indirimbo zicuranze: 6, zirimo n'umugani muremure uherekejwe n'inanga.
- Imbyino: 2
- Amahamba: 1
- Amahigi: 1

Ingero enye zisoza urutonde nagiye nzumvira mu bitaramo n'ibirori by'umuryango mbere ya 1960.

### 3.1. TURAGUSHIMA, MUGISHA UDAKAMA ( MUSWAHILI P.)

Ganza, shimwa, ratwa, kundwa Nyagasani.
Komerwa yombi n'ibiremwa iteka ryose
Mana y'imitima, turakurata *Mugisha udakama.*
Soko y'ubwiza n'ubutungane
Riba ry'ubumenyi n'ububasha
Nyanja y'ubukire n'*ibambe*
Zuba dukesha *ubuhangange*
Muriro *utokombeza ubusembwa*…
Kundwa Rurema, Mana y'ubuzima
Kundwa Rurema soko y'amahoro.
Singizwa Bwiza dukundira *ishya.*
Soko y'imbaraga n'urukundo,
Wowe uhuza amahanga adasa,
Wowe utanga *umutima urenze inzu n'urugo,*
Wowe uhuza abatandukanywa n'isi,
Juru *rirema abatabazi intege*,
Wowe wahaye Rwanda *kutandavura*
Turakurata, turagushima, turagusingiza…
Mana *itudabagiza itikanyiza*,
Ganza Nyagasani. Rurema Nyiringoma,
Wowe uha *ukuri kudaheranwa,*
Yobokwa hose iteka ryose,
Soko y'urukundo, Mugisha udakama.
(19 Nyakanga-03 Kanama 1965)

Muri iyi ndirimbo y'amajwi ane umuhimbyi ararata Imana y'ubuhangare, ubwenge n'ubugenga. Ni isoko y'ibyiza byose birimo ubwiza, ubuntu, ubutungane, ubutwari, ukuri, urukundo n'amahoro. Iyi "Te Deum nyarwanda"irashimira Rurema Rwanda ikesha guhorana isheja akanayifuriza kuganza ubuziraherezo.

**Ikeshamvugo:** Ikikiramvugo/inziguro, ihwanisha, itizabumuntu, isubirajwi, isubirajambo n'irondora.

### 3.2. NGWINO RWANDA (KALIBUSHI L.)

1.Ngwino Rwanda rwatubyaye
Ngwino Rwanda rwaduhetse
Mutegarugori rw'ababyeyi
Rwanda ruhire nyagukundwa.
Wowe wadutoje umuco w'abantu
Hamwe n'ingendo ikwiye *inkubito*
Tuzaguteza imbere kuko waduhaye
Kuba intwari n'*indatwa*!

Inyikirizo: Rwanda nziza, gahore ukundwa.
Dore ingabo ubyiruye, Rwanda
*Ganza* urabikwiye.
Tuzagukunda*, tutijana*
Tuzakwamamaza hose!

2.Ngwino Rwanda rwadukujije
Wiyereke abo ukunda
Tukurirmbe Rwanda yacu
Tugutaramire wishime.
Reba urubyiruko n'aba babyeyi
Wumve imihigo ibuje umutima.
Tuzaguteza imbere ku murimo
Ubyara umukiro no mu mahoro.

3.Ngwino Rwanda rwasagambye
*Ukagwira ukanaberwa*
Amahanga ni wowe asanga
Huriro ry'imiryango, sangwa.
Wowe Imana yasendereje ubwiza
Ukarangwa n'*itoto* n'ishema.
Uragahorana ishya, ubumwe n'ituze, n'umugisha wa Rurema!
(Nyakibanda, 15 Mata 1967)

Iyi ndirimbo y'amajwi ane irarata Igihugu cyacu Rugwizamiryango: Ni umubyeyi mukuru ubyara abandi babyeyi, akaba ashimirwa n'abana be ibyiza byose bamukesha. Baramusezeranya kuzamunyura iteka no kudahwema kumumenyekanisha.

**Ikeshamvugo:** Itizabumuntu, ikikiramvugo/inziguro, ihwanisha, isubirajwi n'isubirajambo, insumbya zibumbatiye isesekaza ryiganjemo ubwuzu.

### 3.3. RUTAGAMBURURA RUHINANYE (KARANGWA C.)

Bigirumwami uyu munsi ni uwawe, Bigirumwami uyu munsi ni uwacu.
Twishime, *dutarake, impundu zihobere impanda, zikunyure,*
Mubyeyi ukwiye u Rwanda ukanatubera *Imberamana.*
*Ibisagajana* twibuka none tuzabirata n'ubuvivi buzakomeze
Ramba mu bawe iwawe, habwa *impundu zitazi imbibi n'iminsi.* Ahiii!

Nshubije amaso inyuma, *ntaha ku museke w'iri jana rikiri kane*
Numva *umurishyo usumira* kuri Zaza, ari Ivanjiri ibyirukanye i Rwanda n'Umuhamya
Nsanga Igihugu cyuzuye amizero, igana ijuru ihindutse nyabagendwa.

Bigirumwami turakurata, abahizi n'abahanzi warabashobeye
Abasizi bakuburiye inganzo. Icyivugo jye nguhaye:
Uri *Rutagamburura ruhinanye*, Rutagamburura ruhinanye, uri Rwuzuzamihigo!
Abo mutabaranye bati: "Aduhanikiye mu *bitatu by'ibanze n'iby'intambwe azabidutebya*!"
*Umuheto wawe w'inkare impembe ni ukwemera ukizera, uruti ni urukundo, umurya Rumuri rwera*!
Rwanda ririrmba, Nyundo shimagiza *Umutahira ukereye ingoma*
Umutware wanogeye ingabo, akazima *guhubukwa.*
Intwari iboneka *rurinze*:wakubuye inzira tugenda umudendezo
Utinyura *ingungizi, imbaga ikwiga inkubito; n'iyo ruterwa inkingi*
Wabaye Rugaragara, u Rwanda ruramenywa!

Impuhwe wonse ku Uwaguhetse wazinywanyije n'ubutwari ukomora kuri Rukamba
*Rukambirizankuku*. Uri Rutagamburura ruhinanye!
*Warakoze byanga umuzenguruko byose ubyenda ari ijuri.*
Reka nigerezeho *ndondozemo* bimwe! Uri Rutagamburura ruhinanye!
Amatorero y'ingabo nyinshi, *amaramiro y'abatagira kivurira*
Amasaniro y'ubuzima n'ababembe *ntiwabahanye.* Uri Rutagamburura ruhinanye!
Kubwiriza no kujijura *ni kamere*. N'utakuzi ukundi *azasome anacurure*
Ku bituzuruka waduterekeye n'ahazaza. Uri Rutagamburura ruhinanye!
Ubusaseridoti bw'Imana utwerekera ishusho, twabukwitiye Merikisedeki Munyarwanda
*Uyu munani uzatugeze ku wundi, Nyenyeri ntugahonge*, Uri Rutagamburura ruhinanye!

Inyiturano *yatubereye ingume*, tukwituye tunagutura kuzanyura iyo uvuga.
Ntukandure, ntukanduze, ntukanduzwe.
Horana iwawe *igisage,* horana iwawe *igisomero*, horana igicaniro cy'imbyeyi
Horana inama ibyagira inema. Hora ubereye iwacu *i Butangatuze*
Ni ahataba *inyange, aho inyange* ihore inywana n'inyana.

Nitugera mu ijuru kwa Mana mu nkera ya *Sebyose*
Duhiga n'ab'ahandi n'ab'ubundi tuzivuga, tuti:
"Turi bamwe na Bigirumwami, uzatubera *Indangagihe.*"
*Induamur, komeza urimbe; Arma, gumana inkindi; Lucis,*
*Murikira bose,* hose iteka. Rambaaa!
(17 Nzeri 1984)

Iyi ndirimbo y'amajwi ane ni imbwirwaruhame nyabusizi. Musenyeri Aloyizi Bigirumwami wujuje imyaka mirongo inani nta gihe atabaye intwari yuje urugwiro, ari iwabo, ari mu mashuri, ari no mu mirimo ye ya gisaseridoti. Ni Indashyikirwa mu guharanira amajyambere ya roho n'ay'umubiri, ni umushumba witangiye ubushyo bwe: arabuhagurukira, araburinda, arabujijura, arabuyobora. Ni umutoni w'Imana tuzaboneraho ijambo mu ijuru, gukomeza imihigo, gukomera ku ntego ye no mu yindi myaka ijana!

**Ikeshamvugo:** Iyungikanya, isubirajwi, isubirajambo, ishushanya, igereranya, umubangikanyo, irondora, izinura n'ihwanisha, impirike, umubangikanyo -n'uw'amasaku- ihindura n'itebeza. Harimo n'isesekaza ryeruye ryuguruwe n'impundu!

### 3.4 URUNANA (KAMALI Alphonse)

Abanyarwanda twese, Abanyarwanda twese,
Twimitse ubumwe nyabwo *budatibagana*
Ubumwe ku mutima, ubumwe no mu ngiro
Ubumwe iteka!
Kwitesha icyubahiro ntibizasubira!
*Kwikora mu nda,* kwiroha dutyo mu cyunamo,
Ntibizasubira!
Bararenganye abakambwe hamwe n'abakecuru
Byararenganye ibibondo, barayishe amajigija.
Byarishwe ibikwerere, barishwe abasore
Abangavu n'ingimbi.
*Ni ishyano*, ni ishyano, ntibizasubire!

Ariko Imana yuje impuhwe *yatugoboreye Indatsimburwa*
*Zituma icumu ubwo ryunamuka!*
Ziti: "*Witebera ,* Rwanda ntiwatubyariye ubusa:
Tuguciyemo ubugome n'intebe y'ikinyoma
Maze twese,twese, *intoki mu zindi*!"

Tubahaye impundu twese, dore *murarwunamuye*
*Nimuberwe n'imidende, muzihete impotore*
*Nimujya gucana uruti urubyiruko rubakire*
Rwitangire amahoro, rukomeze umuhigo w'Indatsimburwa.

Abadukuye ahagoye tubashimira Intsinzi
Tubarata ubutwari, muri *Ndebunyurwe*
Muragwize iyo myato, tubasengeye ishya.

Urunana, Banyarwanda ni ukubahana twese
Ni ukutikubira, tugaterana inkunga
Tukarwanya abadutanya, tugakunda ubutabera
Tugacika ku buryarya, tugatsinda ubuhemu
*Tugacinyira* Urwatubyaye.

Rwanda nziza, Rwanda dukunda
Uragahorana isheja, ishema rihore *rikurabagiranaho.*
*Kunda* witurirwe n'ukuri, usobeke urunana
*Wagagaze* imigisha.
Urunana iwacu, urunana twese. Urunana!
(Kanama 1996)

Indirimbo y'amajwi ane yishimira urunana rw'Abanyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994, igahamya yivuye inyuma ko iryo shyano ritazasubira. Irashimira Indatsimburwa zayihagaritse, yifuriza Igihugu ukuri n'imigisha dukesha urunana rwacu.

**Ikeshamvugo:** Isubirajwi, isubirajambo, ikurikiranya, umubirinduro, ikomora, izinura, irondora, ihwanisha, ikurikiranya nkomeza.

### 3.5. AMAREMBO Y'U RWANDA (MUZUNGU B.)

Amarembo y'u Rwanda yaragutse
Mwubure amaso, Bavukarwanda
Murebe *icyoko kitureteye imigisha*.
Gihanga ayo marembo yarayahanze
*Ruhanga rwuje impundu ayaboneza ijuru.*
Nimuze natwe tuyacyure amajyambere
Twizihire Rugira utwambariye ikamba
*Ku mukondo w'u Rwanda.*
Urunana, urunana, Bavukarwanda
Twirinde *ubutati,* duterane inkunga
Dukenyere *dukubire* amajyambere akomere
*Ndetse azabe urushyana abe urwoga mu Rwanda*.
(Muzika: G. MBONIMANA, 1957)

Indirimbo y'amajwi atatu yahimbiwe Yubire y'Umwami Mutara III Rudahigwa. Amagambo yuzuyemo ikizere gikomeye cy'ahazaza heza h'Igihugu twarazwe na Gihanga, Umwami akagitura Imana. Duhagurukire amajyambere dushyize hamwe maze yiyongere ubutaretsa i Rwanda.

**Ikeshamvugo:** Umubirinduro, iyungikanya, icurika, isubirajwi n'isubirajambo, umubangikanyo, igereranya, itizabumuntu, ihwanisha n'ikabya.

### 1.6. IKIREZI KIRESE IBYIZA! (NDUWUMWE C.)

Baca umugani mu Kinyarwanda ngo: "*Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera*". Hmm!

Rwanda nziza rwa Gasabo ni ikirezi kirese ibyiza. Nararubonye sinarubwiwe ngera n'ahandi ngira ngo ndebe niba ntaruvuga birurenze. Nsanga ahubwo nararudondoje, nararwimye umwanya warwo! Erega iyo ntagira ORTPN ngo inkubite agashyi itume mpuguka, nari kuryama ngasinzira, maze icyo kirezi kizira *icyasha* kikambera ntabigishima ngo nagishimagize mu bandi, ngo nakiratire abatakizi. Ngufatira umuhanda Kigali- Rusumo, dore na ho ko ari icyiza mu bigize u Rwanda. Manuka Akagera kose Akagera k'*igisuri* ngo kanshyikirize Akagera k'*igikumba*. Umugenzi twari kumwe ati: " Ugende witonze, tuze kuhava amahoro dutahe twishimye."

Akimara kubivuga *Rwabwiga* iti: "Ba! Hm!" *Yisirisimba* aho ngaho *irasuma irisihinga*, nanjye aho nari ndi nti: "Urwo narindiriye ruraje!" Wa mugenzi twari kumwe ati: "Humura, humura! Ni ko yakira abashyitsi Rwabwiga ndayizi, buriya ni *ukwikangarira byo kwanga kuvogerwa*!"
Dore icyo *gisakara* cy'inyamaswa, gitendeje *ibikomo n'ibikinga*, dore icyo *cyusa*, dore ubwo *bwema*, dore iryo jisho n'imirya isobetse; nti: "Genda koko uri umwami w'ishyamba!"
Ubwo ingeragere, impala n'imparage zakinagiraga, zica ikibungo! Wareba uko zikimbagira muri uwo mu kenke nk'izikinira, uti: "Mbese iyo Mana yaciye iki u Rwanda gituma irutonesha *bigeze aha*?"
Ubwo mu mazi y'Ikiyaga Ihema umubyigano w'imvubu ungarura ku isi. Ubwo imbogo *Rwarikamavubi* yari ikutse yuza munsi y'umunyinya *w'inganzamarumbu*. Ndeba aho *kirumbaraye* kijunditse umujinya nti: "Nti genda wa si we *urikoreye pe"!*
Akagera kose turakajagajaga. Tubona indonyi, inimba, inkende, tubona impongo yo n'inkoronko,

tubona isatura n'amasirabo, na zo impyisi n'ingwe biraduhunga!
Inzovu iti: "Ndaje munyikuze, ntimundenganye ko natinze nari nkikurura *ikimero* cyanjye!"
Ubwo mu biti aho ngaho urusaku rwari rwose, inyoni z'amoko yose *zabigize uruyange*. Dore iyo misambi, sakabaka n'inyange n'izindi nyinshi ntaziye amazina! Nti: "Burya ba bazungu baturuka *ikantarange* baje mu Rwanda ntabwo bata igihe!"
Ijoro riragwa turara i Gabiro, bucya tugafata iya Ruhengeri. Hari uwandahiye yuko Ibirunga na byo *bireshya* nk'ibifite rukuruzi! Nti: "Reka ntazavaho mbibarirwa kandi byitwa yuko mbituriye!"
Ku gasusuruko twari hasi yabyo tubireba nk'abarora iminara. Uretse ko iyo ubiri imbere usanga uri ubusa bizira urugero! Hari ishyamba *ribihwanya* imbago rituma na bwa busa buba ubusabusa! Twaryiyahuyemo turarituririra, ariko ubwoba bwatugize *ibihuhwa*! Ariko akanyabugabo kazamo turakomeza turaricengera.

Mu kanya tubona ibiti birabyina ibihuru na byo biranyeganyega! Nuko hasohokamo ikigabo cy'*inkokwe* gisa n'icyambaye ikote ry'umukara, mbanza kugira ngo ni umurinzi w'ishyamba, ariko ndebye neza mbura aho mpungira! Mugenzi wanjye ati: "Iriya ni ingagi, nikwegera uze *kuyikigakiga*, uyereke ko utaje kuyisembura. Ndeba uko cyurira n'ukuntu kingana, ndeba uko kiruka muri ibyo bihuru, numva ndashobewe, nsingiza Rurema!"
Dukomeza inzira tugera ku isonga, twicara nk'abicaye ku gasongero. U Rwanda rutwiyereka rwose uko rungana n'ubwiza bwose uko bwari butwihishe. Tuti: "Nyagasani gahore ushimirwa kuduha Igihugu cy'*uruhehemure*, turagushimiye Mubyeyi mwiza."
Dore Gisenyi, Cyangugu na Kibuye, turabirebera mu Nyanja y'Ikivu. Inzara, inyota, *umwuma* se bizaca he, ko Nyiransibura yabikomesheje? Bizanyura se iriya ku Gikongoro? Nta nzira byabona Nyungwe *ntigoheka*. Niyo bigize ngo *biyibe umugono* Huye iba ibibona ikavuza impuruza.
Ubwo Saruheshyi na Kanyarira bigatuma kuri Jali i Kigali, ngo ibwire Muhazi na Mugesera ko *ibintu byayobye*, ubwo bikagemura. Kibuye ishozaho Urutare rwa Ndaba, washaka amashyuza ukajya i Cyangugu, washaka Makwaza ukajya i Butare, naho i Gitarama hari Bihongori.
Rwanda rwacu we waratoneshejwe, Rusumo rw'i Kibungo irakubereye na Burera, Ruhondo mu Ruhengeri. Rwanda nziza kukurata ni *ukugenekereza*, uwakuvuga uko bikwiye ni uwakuremye gusa. Uwazambaza Paradizo aho iherereye ku isi, namuzana iwawe *nta shiti*. Komera!

Iyi ndirimbo ya Yubire y'imyaka mirongo itanu ya Pariki irarondora ibyiza bitatse Igihugu cyacu umuhimbyi yatahuye afashijwe na ORTPN. Ni inkuru ngufi iteye amatsiko. Umukinankuru mukuru ni umuhimbyi ubwe, akabugankuru kakaba Pariki z'Akagera n'Ibirunga. Mu ibarankuru rireba urugendo Kigali-Pariki y'Akagera na Pariki y'Ibirunga hagwiriyemo ngenga ya mbere rero, nubwo n'izindi zigenda ziziramo zireba abo bari kumwe n'ibyo yagiye abona. Byiganjemo amashyamba, inyamaswa, inyoni, ingagi, ibirunga, ibiyaga, imisozi n'ibindi byiza bitagira ingano.

**Ikeshamvugo:** Isubirajwi, isubirajambo, irondora n'izinura, umubirinduro, ihwanisha ikikiramvugo/ inziguro, itizabumuntu. Ibarankuru rivangiyemo uduka tw'imvugoshusho turimo igereranya n'iyitirira ndetse n'ikabya.

## 3.7. INTWARI ZACU (KAMALI A.)

Mwebwe Manzi, baziraguhigwa
Namwe Mena, menerabahizi
Kimwe n'Ingenzi imbonezamihigo
Umunsi mwiza Ntwari zacu
Impundu kandi Urwatubyaye.
*Muri irebero ry'abatunyura*
Mwuje ubupfura n'ubwitange
Ibigwi byanyu ni indahinyuka
Mwanze *amareshya n'amananiza.*
Mwaranzwe no gushyira mu kuri
Mwanga icyatanya bene Kanyarwanda
Icyabangamira ishema ryabo
Cyabatera no *kwiha ibara*
*Nk'imburagihana zibica hehe?*
Umurage w'ubumwe mwubahirije
Abanyarwanda tuzakomeza
Ni urunana rw'*impingane*
Ubwubahane *busesuye*
Ni gira amahoro nanjye nyagire!

Ntabwo *muta inyuma ya Huye*
Tuzirinda kuba *ibishagasha*
*Ntituzagungira byakomeye*
Igihugu cyacu *turagicinyira*
*Ngo kibe Mpunga igaba amahundo.*
Mufite ikamba no mu mateka
Mwese Imanzi, Imena n'Ingenzi
Murakurikirwa nta kabuza
N'*abanyakarusho* b'ingeri nyinshi
Batadohoka ku budahemuka!

(Muzika: RUBAYITA T., 21 Mutarama 2002)

Iyi ndirimbo y'amajwi ane yaririmbwe ku munsi w'Intwari z'Igihugu ku wa 01 Gashyantare 2002.

Umuhimbyi arashima Intwari zaranzwe no gukunda Igihugu zishyize imbere ubumwe n'amahoro. Indangagaciro z'ubumwe, ishyaka n'ubudahemuka zizakomeza zimurikire abato n'abakuru.

**Ikeshamvugo:** Irondora, iyungikanya, ikomora, isubirajwi n'isubirajambo, umubangikanyo, ibaza, itizabumuntu, ishushanya. Injyana yegereye iya Bikungero y'utubeshuro 12.

### 3.8. AMARARO

Ushoza: Mugira amararo.
Bose: Amararo!
-Iyo twataramye na *Minega imenera intore* baranshima, *Rubimbura rw'itangwe*.
Bati : "Akira ingabo yawe ntwari uze uhige!"
-Iyo twataramye na Mihigo itikuye *isuri* uwarobanura ingenzi yambanza jye nyamibwa.
*Ingeri itayoberana aho rwamye.*
Yeehe. Amararo!
-Iyo twataramye na Nkubito idakubana impuruzwa y'impezamihigo
Ingorabahizi nkesha inkera.
-Iyo twataramye na Rutayoberana *Rusakarana inkubito ntwara Rubibi, Rugerikirari ndayibana*.
Yeehe. Amararo!

-Iki gitaramo cy'*Intwaza* barakirata iwacu, ga ye!
-Ni urukerereza.
-Barakiratamo Rukeramihigo *Umurenzi wo ku Rwanamiza*. Jye nsanzwe ndi icyamamare.
Yeehe.Amararo!
-Barakiratamo *Rwamukinuzi Inkuba yo mu Ndengabaganizi. Nkusi y'iminega,*
*mbarusha kwasa imirera*.
-Barakiratamo *Umwigimbarugamba wa Rudakumirwa*
Ndi inkuba yo mu makombe iyo ndangamiye igitero ngitera kwiheba
*Hakavugwa amacumu* y'indahangarwa.
Yeehe. Amararo!
-Iki gitaramo cy'intwaza ni umuco turakimenye
- Ubumwe, ubutwari, umurimo, umurava, ngiyo imihigo!
- Erega *Ntagaramba, rumaze guhama!*
- *Ruhariwe amasonga y'ingabo nziza*.
-*Nimuririkize mu rwunge rw'Inkundirwakurusha*.
- *Ducyuye Inyamibwa Rwihatiramihigo*.
-*Intaguranura ntimujabukwa n'imitima*
- Nitugwize imyato. Yeehe.Amararo!

(Kongera amagambo no guhuza amajwi byakozwe na KAMALI A. muri Nyakanga 1999).

Iyi ni indirimbo yigana izo mu bitaramo by'ingabo. Abataramye barahiga. Buri wese bamushoza mu cyivugo cye gihamya ko ari ingabo ikwiye agakomerezaho. Mbere yo gusoza bose bikiririza icyarimwe ko bahuje intego yo guharanira kongera ibikorwa by'ubutwari.
Amararo agira umuririmbo urenze umwe. Uyu wari wiganje mu Bwanacyambwe, mu Buganza, mu Rukarryi no mu Gisaka ahagana mu wa 1950.

Intego rusange ni ikiganiro kiririmbye.

**Ikeshamvugo:** Iyungikanya, isubirajwi, isubirajambo, umubangikanyo, ihwanisha n'ikabya.

### 3.9. IHUMURE (RUGAMBA C.)

1. Humura Juru ry'inyange
*Marembo ataha inyamibwa*
Nyamamare yabasumbye.

Inyikirizo : Jye nzaza nseka, uhumure ejo nzaza.

2. Cyo humura *Rugwiro*
*Ruteze nka Rugwiza*
Ntukihebe ejo nzaza.

3. Urampishire za *nkesha*
Dore nkwambariye *inkindi*
Ndi inkingi wegamiye..

4. Urasige se cya *gisage*
Umariremo *isimbo*
Njye nsingiza ubengerana!

5. Niba umutima utera
Ntuhame mu gitereko
Nzawuhoza nkikubona.

6. Niba mu maso yombi
Hitetsemo *amasonza*
Nzayakamya nkikubona!

7. Ninkugera iruhande
*Uzanjye mu ruhando*
Nkwiringire nkureba.

8. Nzakuhagira umwanda
Nkwirukaneho umwanzi
Nguhe umwambaro ugukwiye.

9. Uzajye uvuza impundu
Uririmbe urenze impinga
Uvuze *impanda* ngo: "Ngo so yaje!"

(Butare, 1979)

Iyi ndirimbo twatoranyijemo ibitero byinshi byikirizwa mu rwunge ni Igihozo, n'izina ryayo rirabyerekana. Umubyeyi arizeza ikibondo cye ko bucya amugeraho kandi anezerewe, akazakirwa n'umucyo n'umunezero by'uwo yibarutse.

Abanyarubuga ni umwana ugenewe ubutumwa na se ubwohereje! Ni yo mpamvu ngenga ya mbere n'iya kabiri ziganje mu bitero no mu nyikirizo.

**Ikeshamvugo:** Ihwanisha, isubirajwi, isubirajambo, umubangikanyo n'ikabya.

**3.10. KARAME NANONE (MUYANGO J.M.V.)**

Inyikirizo:*Karame nanone*!
Karame Mushumba uragiye u Rwanda
*Inyangamutsindo* tubahe impundu we!
Barambe mu Rwanda.

1. *Ngobokarugamba Urugangazi*
Yee, Ntwari we!
Ruberwa n'*inganj*i uri Ingabo ikeye
Narambe mu Rwanda.
*Ntwari y'icyaga atinyirwa icyusa*
Yee, Ntwari we!
*Intwazabafoz*i ntahusha umwanzi
Narambe mu Rwanda.

2. Nyiri umuheto wananiye abandi
Yee, Ntwari we!
Uretse urugamba *arahangara*
Narambe mu Rwanda.
*Imparirwamahina* tumuhe impundu
Yee, Ntwari we!
*Impambanacyuma yacyuye inganji*
Narambe mu Rwanda.

3. *Shengera usheje Umushirabwoba*
Yee, Ntwari we!
*Shengura ababisha* shema ry'u Rwanda
Narambe mu Rwanda.
Yaciye mu Rwanda *za ntavumera*
Yee, Ntwari we!
Ababyeyi *basubiza ingobyi imugongo*
Narambe mu Rwanda.

4. Inkerarugamba, *Intwazamakenga*
Yee, Ntwari we!
Ya mfura y'umukingo akingiye u Rwanda
Narambe mu Rwanda.
(YouTube)

Iyi ndirimbo icuranze ni icyivugo umuhimbyi ageneye Umukuru w'Igihugu, anashimira ko Ingabo zuje ubutwari abereye Umugaba. Aramwifuriza kurambana ishya. Abanyarwanda tumukesha umutekano n'uburumbuke. Izina ry'indirimbo rinagaruka mu nyikirizo riri mu buryo bw'inyifuzo y'ubugira kenshi.

**Ikeshamvugo:** Ikikiramvugo, iyungikanya, ihwanisha, isubirajwi n'isubirajambo, isesekaza rikungahaye ririmo insumbya.

### 3.11. RWANDA RWA KANYARWANDA ( MASABO NYANGEZI)

Rwanda, ngobyi yaduhetse, reka tukuririmbe.
Tukuratire abatakuzi, uri *igitego.*
Tuje kukuvuga ibigwi mu ruhame rw'amahanga. (bis)
Oh,oh,oh! Rwanda rwa Kanyarwanda. (bis)
Mvuka ni wowe nasanze, nsanga uri igitego.
Nsanga uri *Rwema* uteye neza
Rwanda rwa Kanyarwanda.
Komeza, komeza utere imbere mu ruhame rw'amahanga. (bis)
Oh,oh,oh! Rwanda rwa Kanyarwanda.

Mvuze ubwiza bwawe, Rwanda nziza, *bwakwira bugacya.*
Imisozi yawe rudasumbwa yaramamaye hose.
Imirambi, ibibaya n'imigezi ndetse n'ibiyaga
Kivu, Burera na Ruhondo, Cyohoha, Muhazi,
Oh, oh,oh! Rwanda rwa Kanyarwanda. (bis)

Amashyamba yawe, Rwanda nziza *yahogoje amahanga*
Nyungwe, Gishwati na Mukura, ndetse no ku birunga
Imikenke y'u Bugesera, Amayaga, Umutara
Inyamaswa zigutatse, Rwanda, *nta hanga twahiga*.
Oh,oh,oh!Rwanda rwa Kanyarwanda!

Ni nde utazi ibirunga byawe, Rwanda, *juru rikeye*
Muhabura, Gahinga, Sabyinyo, Bisoke, Karisimbi?
Iminara y'akarusho, koko uri igitego!
Natwe abawe turagukunda, tuzakwitangira.
Oh,oh,oh, Rwanda rwa Kanyarwanda!
Ayi,la,la…
Natwe abawe turagukunda, tuzakwitangira. (bis)
Oh,oh,oh! Rwanda rwa Kanyarwanda! (bis)
( Ibirunga, Vol.1, 1984)

Umuhimbyi ararata ubwiza karemano buhebuje bw'u Rwanda. Umugambi duhuriyeho ni ukurukunda iteka, iteka.

**Ikeshamvugo:** Imigemo y'izina ry'indirimbo yihariwe n'inyajwi /a/. Uretse isubirajwi n'isubirajambo, hanakoreshejwe ikikiramvugo, ihwanisha, itizabumuntu, iyitirira, ibaza, irondora n'isesekaza ririmo amagambo y'insumbya.

### 3.12. MBATEZE IGITEGO (KAYIREBWA C.)

Ahiiiii, Ahiiiii, Ahiiiii!
Mbateze igitego!

Naramubonye nshira agahinda
Umutima utangira *kuvumera*
Ari urukundo ruwuvugisha
Nsanze akabije *kuba urugwiro*
Igihe *rihundagaye* rirenga
Nanjye nigaba mu nganzo
*Nkabya umugambi* wo kumuhimba.

Ni bwo muhereye ku mutwe iheru
Ngira ngo *ndengure* ku birenge
Nti: "Umusatsi wose ni *umusana*
Ni *urugege* ruzira ingingo
Ni *urugeregere rw'uburanga*
Ni *igisingo* cy'ubudasumbwa!"
Ahiiiii,Ahiiiii, Ahiiiii!
Mbateze igitego!
Ahiiiii, Ahiiiii,Ahiiiii!
Gukunda ugukunda.

Agira *uruhanga rw'uruhebuza*
*Nturuhanga ngo urushye uhumbya*
Niyo uhungiwe n'amahindu
Ahubwo uremera akaguhonda!
Asa n'akabande ko mu mpeshyi
Imbyeyi ishima *igashira icyusa*
Asa n'amarembo ataha amariza
*Yakebye imongi* ziramukwira
*Imbugu zimwoga mu rwambariro*.
*Asa na Kiberinka y'umukwira*
Izuba ryinaze rijya mu bicu.

Inyikirizo: Ahiiii, Ahiiiii, Ahiiiii!
Mbateze igitego!
Ahiiiii, Ahiiiii, Ahiiiii!
Gukunda ugukunda!

Amenyo ni *inono izira inenge*
*Ni amasimbi y'urubugurizo*
Indoro ye ni *uruhogoza mbyeyi*
Indeshyo ni *ijuru ry'umurere* (bis)
Umubiri wose ni ndeba unyurwe!
Ahiiiii !(ter) Mbateze igitego!
Ahiiiii!(ter) Gukunda ugukunda.
Ahiiiii, Ahiiiii, Ahiiiii!
Mbateze igitego…
Gukunda ugukunda!
(YouTube, *Urukumbuzi*, 2016)

Umuhimbyi abonye umukunzi umunyuze amugira mu nganzo, maze amuhimbira umuvugo w'imvugoshusho umutaka kandi ucuranze.

**Ikeshamvugo:** Isubirajwi, isubirajambo, ihwanisha, umubangikanyo, iyungikanya, ikabya, igereranya.

Isesekaza ribimburiwe n'insumbya n'impundu.

Ibitero byegereye injyana ya Bikungero y'utubeshuro 12.

### 3.13. WIRIWEHO MUBYEYI? (KABENGERA G.)

Bwiza bw'Imana se wiriweho?
Nsanze umubyeyi wampaye byinshi.
Mama wambyaye nzakwitura iki?
Ko wanyikundiye nkiri muto!

*Ca inkoni izamba* mubyeyi we!
Ko wamenyereje impuhwe nyinshi!
Mama wambyaye nzakwitura iki?
Uri umubyeyi ukwiye impundu.
Nsanze umubyeyi anyihoreze
Ko nakubereye *mfura mbi*!
*Nkagutetereza* ijoro n'umunsi
Mbabarira sinzongera!

Mfite agahinda *intimba irishe*
Ubura amaso undore nkurore
Ninza ngusanga unyihoreze
Mama wambyaye nzakwitura iki?
Uri umubyeyi uri urukundo! (bis)
(YouTube)

Umuhimbyi aracurangira nyina atangarira ibyiza yamugiriye kubera urukundo amukunda, ariko we akarenga akamuhemukira. None aje kumusaba imbabazi amurahira ko atazabisubira. Isesekaza ni ryose!

**Ikeshamvugo:** Ihwanisha, ikabya, ibaza, isubirajwi n'isubirajambo, umubangikanyo.

### 3.14. NTUGASAZE (IMPALA)

Inyikirizo: Ntugasaze *uw'ishema rishengura*
Ntugasaze *Rushegeshabishanga*
Ntabwo wigeraga *uganira*
Intwari witwaje *Rugori!*

1. Ntugasaze *Rudakangwikigunda*

Ikibunda cyabuditse
Kuva kera ntiwigeze ukangwa
N'ibikanga nka *Ruzagayura.*

2. Uranze urarenze we wangize umwana
None iminsi *irakwanzuranya*
*Birateye!*
*Wowe utarantabye mu nama*
Ubonye maze *gutaguza.*

3. Iyo udahari *turasuherwa*
Waba utashye tugasusuruka
Nta kidukanga iyo tuzi ko uhari
Kuko n'ubundi *uri imyugariro.*

4. Reka unasaze shema ry'ababyeyi
Imitsi yawe yarangaburiye
Ntugashavure *urarenga mpinguka*
Aho ugeze *sinzagutenguha!*
(YouTube)

Muri iyi ndirimbo umwana arasingiza se w'umuhinzi, akanamushimira urukundo n'ubwitange. Asazanye ishema kandi umwana we azakomeza kumwubahiriza no kumukomeraho mu mutima.
**Ikeshamvugo:** Iyungikanya, isubirajwi, isubirajambo, igereranya, ikikiramvugo, ihwanisha, umubangikanyo, iyitirira n'impirike.

### 3.15. UMUGANI WA NYAKWEZI

Habayeho umugabo akitwa Ntakirande w'i Kazuba ashaka umugore babyarana abana barimo umwana w'umukobwa witwa Nyakwezi. Se aramubwira ati: "Umva rero mwana wanjye uramenye ntihakagire ugushuka ari ejo ari ejobundi ngo uzajye mu ishyamba rya Bugera na Bugina: Bugina *igina abagore abagabo bigaramiye*! Dore nishe Makunda ya Sekimya. Abitwa Segitindi Segihene na mwene nyina Nyirimbuga ni abahungu be, bakaba ba *nyamuhora* abagore abagabo *bigaramiye*; none ntihakagire umukobwa ugushuka!"

Ntibiteye kabiri, abakobwa b'urungano rwa Nyakwezi barikora, baramubwira bati: "Ngwino tujye kwahira." Arabahakanira. Bukeye abakobwa baragaruka, arongera arabahakanira. Nyuma haza abandi bati: "Ariko ko utikoza urungano ma? Ngwino tujyane, guca imigano y'agatangaza mu ishyamba rya Bugera na Bugina!" Nyakwezi aremera baragenda. Reka rero bagereyo, maze batangire gutema imigano. Nyakwezi agize ngo aratema uwa mbere uba uvuye amaraso! Atema uwa kabiri uba uvuye amata! Akubise uwa gatatu uturumbukamo igikeri nyamabondo. Atemye uwa kane maze haza inzoka butugu! Abwira bagenzi be *iryo abonye*, barumirwa; biyemeza kumutemera. Iyabo ikaza ntakiyirimo kindi! Bamaze kugwiza, bahambirira Nyakwezi umutwaro. Batangira kwikorera. Nyakwezi agize ngo arikorera imigano iramunanira. Barayigabanya biba kwa kundi; nuko biyemeza kuyigabagabana.

Bageze hino Nyakwezi ati: "Nimwongere munsubize imigano yanjye." Barahambura, ariko igihe bagihambira ngo yikorere babona Segihene Segitindi na mwene nyina Nyirimbuga bituye aho. Nyakwezi ati: "Ayii, data wambyaye warabimbwiye! Uwanze kumva agomba kubona! Ibyo wambwiye ndabibonye. Nimungire uko mushaka, ni njye wabyiteye!" Abakobwa bandi barataha. Ubwo Nyakwezi baramufata bajya kumwica bahorera se.

Arabyumva Nyirimbuga, aramwitegereza, asanga *amaboko ni uruyego, inda ni umuhihi, umurundi ni inyundo, na ryo ijosi ni umuhunde!* Abwira mwene nyina ati: "Mwana wa mama, Segihene, Nyakwezi simfite kumwica, ahubwo nzamugira umugore! Azabyare *umuhozi,* anasubizeho amatunda ya Sekimya n'ibindi byose!" Ajyana Nyakwezi iwabo kwa Ntakirande i Kazuba aramurongora. Nyakwezi ati: "Umva rero, mugabo mwiza, dore urandongoye mbaye umugore wawe, tunywane!" Nyirimbuga arabyemera. Nyakwezi ati: "Ninkurenza ngashaka undi mugabo, nzicwe n'igihango." Nyirimbuga na we akora indahiro nk'iyo. Ati: "*Ninkurenza* nkagushakiraho undi mugore wa kabiri nzicwe n'igihango. Segihene kandi aramuka akwishe singuhorere nabwo nzicwe n'igihango!" Nyirimbuga abanye na Nyakwezi. Asamye inda ya mbere ajya kwa sebukwe, ajya kwa Ntakirande i Kazuba, kubahumuriza ko Nyakwezi atapfuye, ahubwo ko amutunze bakaba babanye neza.

*Akaga* ka Nyakwezi rero: Segitindi Segihene yahengereye Nyirimbuga yaragiye kwa sebukwe, araza aramwica. Ndetse aranamubaga, amukuramo umwana, amurambika iruhande rwe, amworosa *urwamba* rw'amaraso! Nyirimbuga arota ko *iryo shyano ryaguye*, *ntiyagoheka,* arabaduka muri icyo gicuku, ati : "Nyakwezi arampamagaye, Segitindi Segihene aramwishe!" Ahita agenda, barafata arabananira. Ngo agere mu rugo arahamagara abura umwitaba, akinguye asanga umurambo wa Nyakwezi n'uruhinja rumurambitse iruhande, ari amaraso masa! Araboneza no kwa Segitindi Segihene asanga yabaze ihene yo *gukura amacumu*, yokeje inyama z'ibitare. Aramuhamagara, undi ngo ajye kubanza kwatsa mu ziko, Nyirimbuga akura inkota ayimukubita ku gikanu kitura mu ziko, araboneza no ku buriri asatura umugore n'abana, iwabo araharimbura, maze koko *ntiyatatira igihango* yagiranye na Nyakwezi!
Asubira kwa sebukwe ati: "Nyakwezi Segihene yaramwishe, ariko nanjye namuhoreye, nabarangije rwose!" Bati: "Twabimenye! Nguwo *Gituza cy'umunihiro* turamuguhaye, Nyirimbuga w'urugwiro, asimbure Nyakwezi! Nuko baragenda, barabana, baratunga, baratunganirwa. Si njye wahera hahera Segitindi Segihene!

(Umugani ucuranze wose: SEBATUNZI, YouTube)

Uyu mugani rero ujya ucibwa n'ukundi ukagira ibice biririmbye. Nawanditse uko nawumvise mu muryango ahagana mu wa 1955.Wubahirije imbata y'umugani muremure: Kera habayeho; bukeye; none… Amakabyankuru ni yose, ishyerezo ikiza gitsinze ikibi! Interuro isoza ni rusange muri iyi ngeri.
**Ikeshamvugo:** Ihwanisha, isubirajwi, isubirajambo, ihinduranya, iyitirira n'ikabya.

### 3.16. INYAMANZA

1. Inyamanza (bis), Inyamamare *rwem*a. Yee,yehee!
2. Inyamanza (bis), inyamanza iraramba.Yee, yehee!
3. Kanyamanza gasa gate? Ku mugongo *kararabye*
   Ku murizo gasa n'ingwe. Yee, yehee!
4. Inyamanza (bis), inyamanza izi ubwenge.Yee, yehee!
5. Inyamanza irakundwa. Inyamanza iratuza. Yee,Yehee!
6. Inyamanza iranyaruka. Inyamanza iratumika. Yee,Yehee!
7. Iyo ubonye inyamanza, urajye usasa bugari. Yee, Yehee!
8. Iyo uhaye Inyamanza witwa *Nzahumunyurwa*. Yee, Yehee!
9. Iwacu ku Itetero, iwacu ku *Ihanika*,
   Ku *Itetero ry'ingenzi*. Yee,yehee!
10. Iwacu barahinga, barahinga bakeza
    Baza *Basominzage*. Yee, Yehee!
11. Kagire iyo waraye, ngabo inyurana n'*impunga*. Yee, Yehee!
12. Yewe Juru ry'imihigo, komeza *weze Imana*. Yee, Yehee!
13. Yemwe bagwaneza, yemwe *bazirabwiko*
    Murakagwira i Rwanda. Yee, yehee!

Iyi mbyino yari yogeye ahagana mu wa 1950. Ifite ibice bibiri: icya mbere ni imvugoshusho ishimagiza inyamanza, icya kabiri ni ibitero binyuranyije ingingo bikaryoshya umuririrmbo.

**Ikeshamvugo:**Isubirajwi n'isubirajambo, irondora, ihwanisha, itizabumuntu, iyungikanya n'ikabya.

### 3.17. BURAKEYE

- Burakeye bene ingabo, burakeye bene ingoma. Inaho!
*Burakeye ga Ndahunga*
*Ndahumana ya Rwasa. Inaho! Serukarara we, Rukarangirinkera. Inaho!*
*Iyacu Ndebunyurwe, Ndebunyurwe y'ingangare. Inaho! Iyacu Ndebunyurwe*
*iyayo ni Indabukiramihigo.*
Inaho re wararaye, aho re wararaye nanone!

- Inka zirarara, wazireba ukizihirwa. Inaho!
*Inka zirarara kera zikabira zose. Inaho!*
*Nguteze Rutamarinkoni inka y'Indengerabagabo. Inaho! Nguteze Impakabatoni, yatonesheje*
*Mpabuka. Inaho! Na Rubanzamumbuga iyo n'Imbizi zihuje nyina.*
Inaho re wararaye, aho re wararaye nanone!
- Cyose Nyiramaribori uze uri umusangirangendo. Inaho!
*Seruhimbana we, Migabo ya Ruhimbana. Inaho! Seruhatana we uhatanira mu ikobe. Inaho! Naho iyacu Indaheranyuma ko yanze guheranwa n'umwuma. Inaho! Rero Seruhiga, Seruhigira zihinduye.*

Inaho re wararaye, aho re wararaye nanone!

- Aho nari ye mu Nkungu yari Ngabo *ibambye umwimirizi*. Inaho!

*Nari ye mu Nkungu, ni Rukara na Rwatangugu. Inaho! Nari ye mu Nkungu, Kibandwa bukeye turayigira. Runyemera na Rwangampuhwe zibyarwa na Rwangaguhinyuka. Inaho! Ese Nyiramudasumbwa we masimbi ko wambutse amazi.*

Inaho re wararaye, aho re wararaye nanone!

- Ko naraye i Kibayi, kigabiro cy'Umwami *ari amatamu*. Inaho!

*Ko naraye Ruharagu we, Ruharagu ruharaze umusengo. Inaho! Ndara i Gihuke, inzira ijya iyo hirya ari amatamu.*

*Inaho! Seruhatana we, uhate iyo hirya ni amatamu. Maze usezere inkomere, bucye ubyutse inkubiri.*

Inaho re wararaye, aho re wararaye nanone!

- Naho iyacu ni Mugeri, irusha umukenke kwererana irasa n'inyana za Ruhundisha. Inaho!

*Na yo Ijigija y'igihame, yari igihame Ruhamiriza. Inaho!*

*Iyacu Rusanga, Masimbi inka zagize*

*Myasiro.* Inaho! *Cya kitayegayega, Rutanyampunzi rwa Mpabuka*.

*Maze usezere inkomere uze ukenyere inkindi nka Mugabo.*

Inaho re wararaye, aho re wararaye nanone!

- Burakeye mwa ngeri mwe, burakeye *Ntagishyika*. Inaho!

Ngo *Rubanguririnkiko, rwa Mirindi ihorana ingoga. Inaho! (I) hora ari uruhehemure, ntiyoberana mu z'imbere*. *Inaho!*

*Rugogomerabigarama, (i)sa n'inyange ku mubiri. Iminyura ya Rwantanga, Gisa cya Ndahindagana*.

Inaho re wararaye, aho re wararaye nanone!

Iyi mbyino yari yogeye ahagana mu wa 1950. Bayitera binyuranye mu Gihugu, ariko mu Bwanacyambwe no mu Burasirazuba bakunze kuyita *Inka ya Gacinya.* Itangira igaragaza ko bagiye gucutsa igitaramo, bagasingiza inka nyinshi mu bushyo, zinasanganywe amazina asa n'ibyivugo by'ingabo, dore ko n'amahembe yazo ahinduka amacumu! Yikirizwa n'itsinda ry'amagambo yuzuye isesekaza aryoshya injyana.

**Ikeshamvugo:** Ikomora, isubirajwi, isubirajambo, iyungikanya, iyitirira, ihwanisha, ikabya.

### 3.18. AMAHAMBA

-Iyo ni Imbizi y'ikibamba yibarutse ikibondo inka zubuye ikibira na Muzirangegera.

- Iyo ni Imbizi *izishinga ibikuba ku rukori* bya Muzirangegera.
- Iyo ni Imbizi *ivana ingongo mu ngoro na majanja ingamba bashinze mu mariba.*
- Iyo ni Imbizi yo mu *Mbungiramihigo zihinduye ndabarusha, reka tujye i Rukonya rigiriye na Rukandirangabo.*
- Iyo ni Imbizi *iryama urugazi mu rugangazi, igira urugo yerejeho Imana mu Rugarama rwa Ngiga,* tujye *i Rukonya na Rukandirangabo.*
- Iyo ni Imbizi mama ndende yo mu Mbungiramihigo. Imbizi izikingira amashahi ngo zitarindagira imbere mu Bisika na Nyakariro.
- Iyo ni Imbizi *y'ikibibi* mwumva yigize icyomanzi, Kigenza iramamaye ku Muyumbu, iya Ruhogo

rwa Rucyahangungizi.
- Iyo ni Imbizi ndende turayigira, witonde undatire abahizi za Rwihatiramihigo ye!
- Iyo ni Imbizi *idasarikwa n'imisagara* Imisugi zihinduye iya Migagano, abatayitunze *mukayitungira ko Cyarudevura inzovu.*
- Iyo ni Imbizi *izitengatiye umutavu ku mutambagiro wa Rwima, mpore Njyarugamba uvunyije imihigo.*
- Iyo ni Imbizi *izigendera amabega amabere akayibana ingongo, iya Rukara rw'Indatirwabahizi.*
- Iyo ni Imbizi y'ikibamba ku mubiri nsanze yibarutse ikibondo, ijigija y'inka yibarutse ikibondo inka *zuburukiye na Muzirangegera, twegereze inka umubiri.*
- Iyo ni Imbizi itema isi n'ijuru *igaheraheza ibigembe, igituma yuzura n'imigongo itwara migogo, yanga inganizi iryo rikaba Ingangare ikarigira.*
- Iyo ni Imbizi *itakira inyana inyuma y'ibiraro nk'inyamugomba, iya Rusengo rwa Rwanyonga, uze twige urugendo kabiri.*
- Iyo ni Imbizi yehee, bakora *ku mukondo amabere akayibana amabenga, Mbamburimana ya Rwigema ye!*
- *Iyo ni Intamati ibumbatiye amakaba ngo ibibugu bitayikora mu mpembwe igasangura.*
- *Iyo* ni Intamati *yigize ngari mu Ngaju, uraze urebe Ingangare irasanganye.*
- Iyo ni Intamati ibumbatiye amakaba mu bibero, abakarani baziringa amakaramu mu bitabo, *iya Rusengo rwa Semurima iba mu Rusizana.*
- Iyo ni Intamati y'*igikaka*, igira igikundiro mu ndangamirwa, iza Rwinka ya Makombe.
- Intamati izitengatiye umutavu ku mutambagiro wa Rwima ye, aho Ruhirikamitumbi *Abanyagakanga ntimushoza murongorerana !*
- *Iyo ni Mugabo irakajwe n'ikobe* Inyambo ziri mu mihigo.
- Iyo ni Mugabo izitegeye urugori ngo zitarindagira mu rugarama rwa Mimuri, mpore *Njyarugamba rigiriye na Rukandirangabo.*

- Iyo ni Mugabo izitegeye urugori mu rugarama rw'abangamugayo, ahubwo igira n'umugenderano i Mbuye.
- Iyo ni *Impanzi iseka impunzi mu karibagiza ka Rwiza,* iya Rwinka ya Makombe.
- Iyo ni Impanzi *ntiganira mu ntambara, umurenzi ntiyomba zihinduye i Byimana bya Ruvomo.*
- Impanzi y'imigabo ya Migamba. Igituma yuzura n'imigamba *itwara migogo, yanga inganizi*, iryo rikaba Ingangare ikarigira.
- Iyo ni Impanzi izitegeye urugori ngo zitarindagira mu rugabano rwa Murehe mbambure Imana *rimeze ibiyogi.*
- Iyo ni Impanzi y'igikaka, Kigeri kigenza yamamaye i Kibanda, iza Rwinka ya Makombe.
- *Ngoro yogana ingabo kabiri mu cyambu cy'amasangano ya Rugwengeri rwa Nyambo.*
- *Ngango inywana ingoga ingamba bazishinze mu mariba iya Rusengo rwa Rwanyonga.*
- *Inshongore yishimye amaguru mu rubanga rwa Ngiga ibidudu biragimiranya bya Ngiga.*
- *Rwangango bambe iri mu Ngaju, Rwangarambe iri mu Ngaju, Ngabo ihiritse n'Abahizi iri mu ngangare i Kibanda, Mbamburimana rigiriye na Rukandirangabo.*
- Ingangare ishokana ingoga, *ingamba zashinzwe mu mariba* ya Rutare rwa Rutebezambuga, ubwo *umbambura* turagenda.
- Iyo ni Ingangare ishokana ingoga bwacya ikazana ibondo mu Byimana bya Ruvomo.
- *Umutengatenge mama ni Impakabarasi, Umutetabikwiye ni Impashyabahizi*, iza Rwinka ya Makombe, *sinziganya* ndaziragiye !

Amahamba ni bumwe mu bwoko bw'indirimbo z'abashumba zisingiza inka buzwi mu Gihugu hose. Asa n'ibyivugo, akaziranga ubwiza, akanazitirira ibikorwa by'ubutwari ! Uyu muririmbo wari wiganje

mu Bwanacyambwe, mu Rukaryi, mu Buganza, mu Gisaka no mu gace k'u Bugesera ahagana mu myaka ya 1950. Yaririmbwaga mu igishuka, igihe cy'ibangurira no mu mataha.
Mu nkera baririmba Amahamba bakuranwa kandi basa n'abarushanwa.

**Ikeshamvugo:** Isubirajwi, isubirajambo, iyungikanya, ihwanisha, ikabya, itizabumuntu, igereranya, iyitirira, umubangikanyo, ikosora, ihuzamvugo.

### 3.19. UMWASIRO

- Yehee! Burakeye *burenuy*e, nyamuherekeza inzira zanga nkanga kugaruka!
- *Urwintanga*, yehee! *Burakeye Rukorabishungo rwa Bikungero!*
- Yehee, yehee! *Vuga Rwamambo,* yehee ya! Ntaho ntakujyanye, nakujyanye *iduhaduha ya nyarumanga.*
- Yee, yehee! Agati gasura abahisi n'abagenzi ni ako kwa *Nubaha aya amagambo.*
- Yehee! Amashyo Rukorabishungo we! Yehee! Amashongore Rwabikungero.
Yohoo, abatabikora birabatonda, ababikoraga twabikomeje!
- Yehee! Nabaye *nyamihogo ihora ihogomba* nk'umukobwa washatse inzu kure cyane!
- Yehee , yeheee, yehee! *Niba ari Ruharamirundi nzayigukurira amanubi!*
- Yewe ga *urwirungu ye, urwirungu rwa Ruhiga. Uruhigamisambi,Urwintanga ntangaza abagenzi.*
- Yehee, yehee, ntimugire ngo natinze. Yoo*, nasaraye, nasaze, ndasa n'impara yataye umudage ku ishyamba!*

- Yehee, yehee , yeeya! Yehee, *indamba yarazambye, inzira yaraziguye, ubutare bwatonganye n'amakombe!*
- Ngushubije Gako ndende we, yoo! Akame kakintonda ku nkweto , *ndemereje* ba mugenzi.
- *Yehee, urwintangarwamu, mureke iduha dusezerera impinga. Ruti rw'inyange nitwa Inyambarabagenzi.*
- Yoo! Nsubiye Gishore y'amakombe. Yoo! Gihuke y'imirindangwe, Karama ka ruguru. Yooo !
*Ndi kumwe n' iyesa uruhanga ya rubumbarugari nzigaruye nari umugenzi!*
- Yoo! Gishore y'Amakombe. Gihuke y'imirindangwe, yehee! *Nta gasozi ntasasiye agakori; Nta kigarama ntarenganye imijunga!*

Aya mahigi y'abanyamuheto arareba ikiciro cyo kwasira kibanziriza kwirahira k'Urubambyingwe rwa Gasogi, Jurwe, Mukuyu na Nkuzuzu ho mu Bwanacyambwe mu myaka ya 1950-1960. Abahigi baratahutse biyibutsa aho bari bagiye n'aho banyuze, mu misozi ya Rukaryi n'iy'u Bugesera, n'uko umuhigo wagenze, bakaririmba bakuranwa. Barishimira ko bahashye, bakanasingirizako bagenzi babo babikwiye (Nkurikiyinka, 1993). Imvugo irihariye rwose kubera umwuga w'abahigi utanaburamo ibyivugo byambaye isesekaza.

**Ikeshamvugo:** Iyungikanya, isubirajwi, isubirajambo, umubangikanyo, igereranya, iyunguruza irondora n'ikabya.

## 3. AMUGA YA MUZIKA MU KINYARWANDA

Mu wa 1987, Inama y'Igihugu y'Urutonde yatangaje amagambo 413 ya Muzika mu Kinyarwanda areba izi ngingo:
- Ibimenyetso by'ibanze byo kwandika Muzika: Muhundwanota imfunguzo, amanota igipimo.
- Urwego rw'amanota n'intera.
- Ibipimo byuzuye n'ibituzuye, umutsikiro n'igitego …
- Ibimenyetso byerekana impumeko, ingendo… Ibimenyetso mpinduzo n'ingenajwi.
-Ibipimo n'injyana.
- Ihuzamajwi: Ibyimbo, imvugirarimwe, uruhumekero, inama zo kunoza ihuzamajwi, impinduramisusire.
- Amahame rusange y'umuseruko.

Yagize akamaro mu kwandika mu Kinyarwanda Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho by'Inyigisho ya Muzika n'inyandiko ziyerekeye. Amagambo n'injyano bishya bigendeye ahanini ku igereranya, imvugoshusho, ihwanisha, isobanura, igenekereza, itira…

Urugero rw'amagambo areba umugendo n'impumeko y'umuhimbyi: N'ibinezaneza, kabaganya, akarusho, nogereza, n'umutima, n'impambara, n'umucyo, ugoshya…

Urugero rw'amagambo yo gucinya cyangwa koroshya ijwi: Ukikimba, utsindagira, katakata, fatanya, wongera cyangwa ugabanya ijwi, oroshya…

Urugero rw'amagambo atuma umuririmbo uzamo impinduka no gukina n'ijwi: Agatirimutso, diridiri, uruhundagaro, impine (insubizamo n'insubizayo…)

Urugero rw'amagambo y'imvugirarimwe: Insabane, insobane, indakemwa, iy'umuhito, itubye, itubuwe, icuritse, isanzwe…

## 4. UMWANZURO

Muzika n'ururimi bivira inda imwe mu bwonko. Ni uturango dukomeye tw'umuco wa Muntu kandi dukungahaye. Byifitemo byombi injyana, umuririmbo, ijwi, kuryongera no kurigabanya no kwitsa. Byombi bifite uruhare rukomeye mu kwisanzura uhereye no kugutanga ubutumwa.

Ubushakashatsi buhuriza ku guhamya ko kuririmba, kubyina no gukina ari inzira zikomeye abana baboneramo ubumenyi n'ubushobozi muri byinshi uhereye ku rurimi, imibanire no gukoresha imbamutima. Ukwitoza Muzika kare rero bishobora kuzamura ubushobozi bwo gutahura amajwi ukwayo mu magambo no kuyavanga, maze bigategura gusoma no kwandika no kudatondwa n'iyigamajwi n'iyigamvugo; bigashyigikira kuvuga udategwa, gusesengura no gufata mu mutwe. (Oxford University 2006 na Justus Liebig University, 2011).

Muzika yagurira urubuga Ikinyarwanda gisanzwe kinawifitemo cyane cyane mu butinde n'amasaku no mu buvanganzo byacyo. Ikomereza itoto n'umwimerere amagambo akoreshwa mu ndirimbo n'imbyino - byagaragaye mu ngero - ikanakomeza kuyasakaza, na yo akayizamurira icyanga n'isesekaza.
Muzika yongereye urutonde rw'Ikinyarwanda icyongerera amuga kandi n'isomo rya Muzika mu burezi bwacu ribona amagambo akwiye akoreshwa mu nteganyanyigisho n'imfashanyigisho byaryo zirimo n'ibitabo.

Izo nyigisho zombi zungura uburere n'uburezi nizigishwe neza mu mashuri abanza n'ayisumbuye, zitsindagire indangagaciro yo kurushaho kuba umuntu no kwisanzura bikwiye.

Abahimbyi babyiruka bafashwe mu bumenyi no mu buryo maze bazamure impano bifitemo. Ingeri za Muzika zigaburira inganzo zabo zoye kuyongobeza umwimerere nyarwanda, uburanga n'ubusugire by'ururimi rwacu ubu rwambutse amazi. Bubahirize umuco kandi batange ubutumwa bufite ireme, maze inganzo nyarwanda zo hambere n'iz'ubu zirongorotse zinjirane umucyo mu nganda ndangamuco zamamaye cyane mu kinyejana giherutse.

Uhimbye neza mu Kinyarwanda akakiririmbamo binyuze aba agikungahaje kabiri akaba yunze mu rya J. Dutourd agira ati: "Nkunda Igihugu cyambyaye kuko nkunda ururimi rwacyo nkanakunda gukarishya ubuhanzi."

**INDANGASOKO**


BECKER, H.S. (1988). *Les mondes de l'art*. Paris: Editions Flammarion.

BIGIRUMWAMI, A. (2004). *Imihango n'Imigenzo n'Imizilirizo mu Rwanda*, Nyundo. Icapiro rya kane.

CHERBULIEZ, V. (1865). *L'aventure de Ladislas Boski*.

CIOBANU, G. (1979). *The relationship between the rhythm of dances and carols*, C.U.P.

C.S.P. Nyakibanda. (1958). *Tulilimbe,* Kabgayi.

DANHAUSER, A. (1929). *Théorie de la musique*. Paris: Editions Henri Lemoine.

DUTOURD, J. (1965-1966). *Le petit journal*.

FRANZESKA, D., SCHWAZER, G. (2011). *The effect of a Music Program on Phonological Awareness in Prescholars*, Justus Liebig University.

GANSENMANS, J. (1988). *Les instruments de musique du Rwanda. Etude ethnomusicologique.* Tervuren: MRAC.

GOLDMAN, N. (1988). *Langages de l'art*. Editions Fayard.

ISOHELL, P. (2018). *Apprendre la musique*. Edition Odile Jacob.

JANKELEVITCH, V. (1995). *La musique et l'ineffable*. Paris: Editions du Seuil.

KAMALI, A. (2020). *Indirimbo z'Insanganyamatsiko zinyuranye* (Inédit).

Kigali Institute of Education. (2012). *Inkoranyamuga ndimeshatu n'Ubuvanganzo.* Kigali.

LEVINSON, J. (2006). *Found, Gesture, Space and The Expression of Emotions in Music in Contemplating Art,* Oxford University Press.

MARMONTEL, A. (1934). *La deuxième année de Musique, Solfège et Chants*. Armand Colin.

MBONIMANA, G. (1971). *Musique rwandaise traditionnelle*, Butare (Rwanda)

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, (1983). *Urutonde rw'Amuga, Ikinyarwanda-Igifaransa,* Kamena.

# URUHARE RW'IBYIVUGO MURI IKI GIHE MU GUKUNGAHAZA IKINYARWANDA

**NGARAMBE Sylvestre**
*Umwarimu w'Ikinyarwanda/ UTAB*

**Incamake**

Iyo usuzumye ingeri y'ibyivugo mu migendekere yabyo mu mateka, ushobora kubishyira mu bihe bikuru bikurikira: Igihe k'ibyivugo by'intambara, igihe cy'amayingabyivugo, igihe k'ihwekera n'ishakishanzira n'igihe k'iyumbura. Ibi bihe byose uko byagiye bisimburana kugeza ubu byagiye bigena imigendekere y'ibyivugo mu miterere no mu kivugwa. Nubwo inkingi y'intambara ibyivugo byari bijisheho mbere y'umwaduko w'Abazungu yaranduwe, umuco wo kwivuga wakomeje kubaho ariko utigaragaza ku buryo buhamye.
Hari n'igihe cyabayeho guhimba ibyivugo bisa n'ibihagaze abantu basigara bivuga ibyivugo batoye byahimbwe n'abandi ndetse inganzo bayerekeza ahandi. Uku gucwendekera no guhindura icyerekezo byatumye Abanyarwanda bamwe bibaza niba inganzo itazagera aho igakendera ndetse ikaba yazima burundu. Twasanze muri iki gihe cya none hari agashashi kagaragaza ko imihimbire y'ibyivugo irimo kumbura binyuze mu Itorero ry'Igihugu. Nanone ariko hari impungenge z'uko ako gashashi kadahembewe ngo kake akamuri kazimirira mu kamuga. Cyakora hari ikizere gihamye cy'uko inganzo y'ibyivugo ishobora gusasirwa kuko ntawe uyobewe ko ibyivugo ari imwe mu ngeri zifatwa nk'ikigega cy'ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda nko gukunda igihugu, ubutwari, ubuvandimwe, ubufatanye n'izindi nyinshi.
Muri iki gihe bimaze kugaragara ko ubukoramutima n'ubutwari biratwa mu byivugo byogeza ingabo mu ntambara za kera, bishobora kwinjizwa mu mibereho y'ubu hashyirwa imbere gukunda igihugu no kugikorera, hagamijwe iterambere mu nzego zitandukanye z'imibereho y'Abanyarwanda. Muri iyi nyandiko turashaka kuranga ko guhimba ibyivugo mu mwimerere wabyo biriho tugaragaza uruhare bifite mu kwimakaza, gukungahaza Ikinyarwanda nk'ururimi n'umuco no kubaka iterambere rirambye bijyanye n'icyerekezo gishya n'intumbero Abanyarwanda bafite. Tugamije kandi kwerekana uburyo iyo nganzo yakongerwamo ikibatsi, ikanozwa, igatezwa imbere kugira ngo irusheho kwamamara no kubaka muri beneyo indangagaciro ntayegayezwa z'umuco wabo.

**Amagambo fatizo**: *Ikinyarwanda, kwivuga, kuumbuura, gukungahaza, indangagaciro z'umuco.*

**Abstract**

The history of epic poetry can be subdivided into four main periods: epic poems/epic eulogies period, very long poems and simile epic poems period, latency and confusion period, and finally awakening period. Each of these periods has specifically influenced/ marked the structure and the themes of the poems produced in it.
Though colonialists have eradicated interregional wars which were the main pillar of heroic poetry, hence put an end the existence of epic poems, the culture of self-praise did not disappear from the spirit of Rwandan citizens. However, at a certain period, the composition of epic poems stopped to give room to the composition of poems on various new themes imitating the structure of epic poems. Thereafter, there came a time when composition of epic poems stopped and people stated to use the existing epic poems composed by previous authors, orient by then their creative arts in other literary genres. This regression and change of orientation in composition of poems, incited the Rwandans to wonder if heroic poetry will not ending by disappearing forever, because nothing justifies their reason to continue to exist.

Fortunately, since the creation of Itorero National Commission, there is a glimmer of hope, but if nothing is done to actively revive this spark of light, it will blow out by itself without leaving out any trace of existence.
Given that everybody is aware of the important role played by heroic poetry in conservation and transmission of the language and socio-cultural values, including: patriotism, heroism, fraternity, just to mention a few, we can safely affirm that the culture of self-praise will be jealously watched over.
Nowadays, there is possibility to adapt the moral values contained in the antic epic poems to the new way of living of our society and the aspirations of a Rwandan of these days, by giving favour to values aiming at promoting integral/holistic development.
This work intends to put in light the idea that the Rwandese heroic poetry in fact exists, and has a great role to play in enriching Kinyarwanda language and Rwandan culture which are the foundation of sustainable development. In addition, if this poetry is judiciously/wisely used, will be without any doubt, a good transition to the strong foundation of the process of sustainable development in which Rwandese people are already engaged.

**Key words**: *Kinyarwanda, declaim one's great deeds, be born, enrich, socio-cultural values*

## Intangiriro

Mu Rwanda rwo hambere mbere y'umwaduko w'abazungu, ubuvanganzo nyarwanda bwari nyemvugo kandi bwubakiye ku nkingi enye ari zo: umwami n'ingoma, ingabo, inka na rubanda. Aho abamisiyoneri n'abakoroni bamariye kugera mu Rwanda izi nkingi zose zarajegejwe bikomeye ndetse zimwe zigenda zikurwa buhoro buhoro. Uku ni ko byagendekeye ibyivugo byaratagaubutwari bw'ingabo ku rugamba. Nyuma y'uko hashyirwaho imipaka ihamye u Rwanda rutashoboraga kurenga ntibyashobokaga ko rwongera kugaba ibitero byo kurwagurira hirya y'izo mbibi. Bityo no guhimba ibyivugo bijyanye n'ubutwari bwo ku rugamba nta shingiro byari bigifite kandi nta n'ukuri byari gushingiraho. Cyakora iyo usomye ibyashyizwe ahagaragara na Kayumba (2009) utahura ko, na nyuma gato y'umwaduko w'Abazungu, hari ibyivugo bivuga ubutwari bwo ku rugamba.

Ibi byivugo ntibikomoka ku bitero byagabwe bigamije kwagura Igihugu ahubwo byari ibyo guhashya bamwe mu Banyarwanda barimo Ndungutse na Basebya, bari bigometse ku butegetsi bw'Abadage n'Umwami Musinga hagati ya 1911 na 1912. Abarwanye intambara icyo gihe k'igoma ry'abo bagabo, bahimbye ibyivugo bibarata ubutwari bagaragaje. Nka Rukemampunzi wa Rubuga rwa Nyamashara ya Gahindiro warwanye iyo ntambara, mu byivugo bye nk'uko tubisanga kwa Rugamba (1984) agaruka ku butwari yagaragaje mu rugamba rwo guhashya abo bagabo. Nyuma yaho ariko, ibyo kwirata abantu wishe ntibyamaze igihe kuko no mu itorero ritaravaho, abatoza b'intore babuzaga intore guhimba bene ibyo byivugo ari na yo mpamvu byageze aho bigacwekera kuko bitari bikijyanye n'ibihe bishya bagendaga binjiramo.

Uko ibihe byagiye bisimburana rero Abanyarwanda bakomeje kugenda bivuga ibyivugo batoye bumvanye ababanjirije ariko nyuma ubutwari bwo ku rugamba buza kubererekera indi nsanganyamatsiko ivuga ku butwari bw'ibintu byagendaga byaduka, inzara n'inyamaswa. Bahimbye

ku mwaduko w'Abazungu n'ibikoresho byabo nk'imbunda, imodoka, ndetse n'inzara zagendaga ziyogoza igihugu muri ibyo bihe. Banahimbye kandi ku nyamaswa nk'impyisi, ku matungo magufi nk'ihene n'ibindi. Ibi nubwo hari ababyita ibyivugo ndetse n'ababihimbye akaba ari ko babyita, iyo ubisuzumye usanga atari ibyivugo nyirizina ahubwo bifite uturango tw'ibyivugo akaba ari yo mpamvu byitwa amayingabyivugo. Nyuma y'aho haje igihe cy'ihwekera n'ishakishanzira kugeza ubwo haje igihe cy'iyumbura gitangirana n'ishyirwaho ry'Urwego rw'Igihugu rushinzwe ibikorwa by'Itorero (Task Force y'Itorero) mu wa 2007 rwaje gusimburwa na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero mu wa 2013 ari yo tariki ya 6 Kanama 2020, yashyize ahagaragara inyandiko ivuga ku kwimakaza ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda ari na ho dusanga ibyivugo by'intore, dushingiraho inyigo yacu.

**1. Ibihe bikuru by'amateka y'ibyivugo mu Rwanda**

1.1. **Igihe cy'ibyivugo by'intambara**

Iki ni igihe cya mbere y'umwaduko w'Abazungu kirangwa n'ibyivugo bivuga ubutwari bwo ku rugamba byigaragaza mu byiciro bitatu by'ingenzi bitewe n'imiterere yabyo. Ibyo byiciro ni ibyivugo bigufi byitwa iningwa, ibyivugo birebire bifite ibika byitwa imyato n'ibyivugo byitwa ibihuturano (Kagame, 1969; Kayumba, 2009). Uretse ibi byivugo birata ubutwari bw'ingabo ku rugamba tumaze kuvuga, hari n'ibindi bigufi byitwa ibyivugo by'amahomvu byo muri rubanda bitavugaga ibyo ku rugamba ahubwo byashyiraga imbere gusetsa.

**1.2. Igihe cy'amayingabyivugo**

Iki gihe gihurirana n'umuzo w'abamisiyoneri n'abakoroni aho tubanza kubona ibyivugo bivuga iby'intambara mu mizo ya mbere ariko nyuma bigasa n'ibicwekera. Aho insanganyamatsiko y'urugamba itereye agaciro n'itorero rigatembagazwa rigahirimana n'ibyakorerwagamo byose, abahimbyi b'ibyivugo bahinduye umuvuno berekeza amaso n'ubuhanga byabo ku bikoresho by'inzaduka, ku nyamaswa no ku bindi bintu byagenda byaduka mu gihe cya gikoroni n'icyakurikiriyeho. Ubutwari bwuje ubwema, ijabo n'ubukaka Umunyarwanda yiyaturiragaho akabugaragaza ahangana n'umubisha w'ishyanga yarabwiyambuye atabigendereye abwegurira ibikoresho yabonaga agatangarira amageza byifitemo nk'imodoka, imbunda n'indege. Ahandi ndetse bwa bukoramutima bubyara "ubutwari nzirabugwari (Kayumba, 2009)" abuharira inyamaswa nk'impyisi igera n'aho imusuzugura ikamwambura ihene ikayimwicira mu maso abireba akamanjirwa (Sibomana, 1984). Wa Munyarwanda warangwaga no guhashya umwanzi akivuga ibigwi, yageze aho abyegurira imbeba urwa Gituza igituna k'ifigi maze yamara kumutebeza imikaka mu kirenge k'ibumoso akaba ari yo yihuta kumwivuga hejuru igira iti: "Uw'inkuba ya Rufigi muraze murore ntagitera umugeri nimusanga adaciye sintahe mu muheno" (MINEPRISEC, 1982).

Twibwira ko iyi mitekerereze yo gufata ubutwari bujyana n'ishema n'isheja Umunyarwanda yirataga akabuhindura ubutwari bw'ikintu giciye bugufi rimwe na rimwe atahaga agaciro cyangwa

se atatinyaga byaba biterwa n'impamvu eshatu z'ingenzi. Iya mbere abahimbyi ntibashakaga ko inganzo yo kurata ubutwari izima mu Banyarwanda maze bayerekeza ku zindi nsanganyamatsiko. Icya kabiri nkeka ko bwari uburyo bwo kugaragaza ubuzima bari barimo bwo kutagira ikindi gikorwa kitari icyo ku rugamba bagaragarizamo ubutwari bwabo muri icyo gihe. Icya nyuma ni uko kuva ku nsanganyamatsiko ikakaye ukayihindura insanganyamatsiko nterabitwenge isingiza ibintu ubusanzwe bisuzuguritse bitanatinyitse nk'imbeba cyangwa se ibintu by'inzaduka atangarira, byaba ari uburyo bwo kwerekana ko nubwo Umunyarwanda yahonze imbere y'Umuzungu ya nyota yo kurata ubutwari ikimurimo.

**1.3. Igihe cy'ihwekera n'ishakishanzira**

Iki gihe wagihera nyuma y'umwaka wa 1950 kugeza mu mwaka wa 2007 ubwo hatangizwa Gahunda y'Itorero. Muri iki gihe**,** imihimbire y'amayingabyivugo yarakomeje nkuko igihangano cya Ntagengwa (Kayumba, 2009, p. 173) kitwa *Ikivugo k'Indege Impala,* kibigaragaza. Dore inkuro yacyo:

"Ndi impala y'imanzi
Ndi imparirwagutebuka
Ndi imparirwa gushyika
[…]"

Usanga ariko muri iki gihe ari bwo hongeye kubyuka inganzo yo kwirata ubutwari ariko itavuga ubutwari bwo ku rugamba. Hashobora kuba hari ibihangano nk'ibyo birenze ibyo dutekereza ariko ubushakashatsi bwakozwe na Kayumba (2009) twahereyeho, bugaragaza ibyivugo bitatu mu myaka itandukanye.

Hari ikitwa *Imihigo yo kugurira imodoka Bigirumwami*. Ni umuvugo wahimbwe n'umwana wo mu mashuri abanza ugaragaramo kwirata ubutwari mu buzima bwa kinyeshuri. Dore inkuro y'uwo muvugo:

"Rutagwabira ngana ishuri rwa semakaramu ingenzi
Nshimirwa ko mpora imbere impamvu ari ukudasiba na rimwe
Rujyanwayo no kutarangara rwa semwanditsi
Ibyo kuraranganya amaso ndora inyuma
Nabihariye abatagira disipurini…" (Kinyamateka n$^0$ 234, 1952: p. 5).

Hari igihangano cyahimbwe n'umwana witwa Rusagara mu wa 1999 hagaragaramo kwirata kuba indakemwa mu mibanire ye na bagenzi be (Kayumba, 2009: p. 179)

"Rudatinda kubyuka
Igitondo gitangaje
Rwa mugabo w'imbaraga
Ndi umuhungu w'ingirakamaro
Abandi bana barankunda
Kuko ntasiba kubashimisha
Simbabeshye igihe turi kumwe
Simabshore mu bidakwiye
[…]"

Hari kandi igihangano cy'umunyeshuri wo muri Kaminuza witwa Bagambake mu wa 2002 (Kayumba, 2009: p. 178) aho yirata ubukoramutima bwe nk'umukobwa w'Umunyandarwakazi mu byo ahamagarirwa gukora byose:

"Nyamushishikarira kuba ingenzi
Ndi umwari muziramwanda
Sinjya ntangwa gufata umweyo
Ndi umukobwa ubereye u Rwanda
Sinijana mu mirimo y'imuhira
[…]
No mu majyambere sinatanzwe
No mu matorero ya kizungu
No mu tanga mashuri atanga ubwenge
Ubuhanga ndetse n'ubuhanzi
Gushakashaka ndetse no gushungura
Byose mbigirana umwete […]"

Izi ngero tumaze gutanga zirerekana neza ko mu by'ukuri inganzo y'ibivugo yo kwirata ubutwari bujyana n'ikerekezo cy'ubuzima umuntu arimo, itigeze izimira burundu mu Banyarwanda nubwo nta matorero yari akiriho bwose.

**1.4. Igihe cy'iyumbura**

Ubwo twaterezaga gukora ubushakashatsi ku byivugo muri iki gihe, abantu benshi twaganiriye batubwiye ko nta byivugo biriho. Bavuga ko nta byivugo by'umwimerere biriho uretse gusubira mu bya kera abantu bakagenda bahinduramo utuntu duke bagerageza kubihuza n'ubuzima bw'iki gihe abandi bakemeza ko niba binariho ari amayingabyivugo atari ibyivugo nyirizina. Twe turemeza ko ibyivugo biriho tudashingiye ku byagaragajwe na Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu (2020), ahubwo turanashingira no ku miterere yabyo n'ikivugwa bifite aho bitandukaniye n'ibyo mu mayingabyivugo.

Nubwo ibyivugo byo muri iki gihe ari bigufi bwose ndetse no kurusha mayingabyivugo, si byo bibigira amayingabyivugo ahubwo ni ibyivugo by'iningwa kuko biri mu bwoko by'ibyivugo dusanga mu Kinyarwanda (Kagame, 1969).

Ikindi kandi igituma ikivugo kitwa gito si uko kiba kivuga ku nsanganyamatsiko ikakaye nk'intambara ahubwo tureba imiterere n'uburyo iyo miterere isobanura ingingo y'ubutwari bw'umuntu ibyivugo byubakiyeho.

Dore urugero rw'ikivugo cyo muri iki gihe cy'umutwe w'intore witwa **Imbamburiramihigo** ugizwe n'abayobozi b'amashami mu nzego z'imirimo ya Leta.

"Ndi Imbamburiramihigo
Nsizanira kuba ku isonga mu kerekezo cy'u Rwanda
Ndi rudacogora ku rugamba ruharanira ineza y'Abanyarwanda
Ndi umutoza w'umurimo unoze

Ndi nkore neza bandebereho
Nkaba ku isonga ryo kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020, p. 10).

Iyo usomye imihimbire y'iki kivugo usanga ntaho itaniye n'ibyo hambere kubera ko iki kivugo gitangirana n'interuro y'ikivugo ari ryo izina ry'umutwe w'intore nk'uko mu byivugo byo hambere byari bimeze. Impamvu ya kabiri ni uko iki kivugo kibutsa imihimbire y'ibyivugo byo mu ntangiriro y'ikinyejana cya XX ikunze "kurema isubirajambo ikoresha urucucike rwa za **Ndi** zikurikiwe na za ruhamya na zo zikurikiwe n'ibyuzuzo bisingiza ariko nta bikorwa byo ku rugamba bivugwa (Kayumba, 2009, p. 96)".

Imiterere y'ikivugo tumaze kuvuga, ntaho itaniye n'iki kivugo cya Nyagatare ya Rwabigwi cyo mu ntangiriro y'ikinyejana cya XX:
"Ndi ruboneka kuba imena
Ndi rubimbura kuba imanzi
Ndi rukabya kumenera izi nkuba
Ndi ruboneka mu mihigo yazo
Ndi munyarugamba utageruka baruhariye abahizi" (Kayumba, 2009: p. 97)

Ikindi kemeza ko kiriya kivugo ari ikivugo nyirizina ni uko iyi miterere yacyo yashoboraga no kuboneka mu byivugo bike bya kera cyane nk'uko tubibona mu kivugo k'imyato cya Muvubyi wa Mutemura wo ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro (Kagame, 1969, p. 63).
"Ndi inkura ya Nkwaya
Ndi inkuba ya Nkombe
Ndi inyamaswa y'inkaka ya Nkanika
Ndi ingwe y'amarere
Ndi imbogo mpirima mu rugamba abamforera ntibampamye imyambi
Ndi inzovu y'i Munyaga
[…]" (Kagame, 1969: p. 63)

Izi ngero zose tumaze gutanga ziratwereka neza ko ibihangano dufite ubu byashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2020) ari ibyivugo byuzuye bifite uturango tw'iyo ngeri.

1. **Uruhando rw'inyigo**

Ibyivugo ni bumwe mu buvanganzo bwasakaye mu Banyarwanda b'ingeri zose kandi byanditsweho n'abantu banyuranye barimo cyane cyane Kagame (1951, 1957, 1969), Coupez na Kamanzi (1962), Bugingo (1966), Kampayana (1984), Kayumba (2009) n'abandi. Izi nyigo zose n'izindi tutavuze zagiye zivuga ku byivugo bigusha ku butwari bw'ingabo ku rugamba mu byerekezo bitandukanye.

Muri iki gihe rero hari ibibazo byinshi abantu bibaza bijyanye no kumenya niba uretse ibyo byivugo abantu bagenda basubiramo uko byakabaye cyangwa bakagenda bahinduramo utuntu duke, ibyivugo ubu bihimbwa, uko bihimbwa, ababihimba, imiterere yabyo n'ikivugwamo. Nk'uko twigeze kubivuga

hari aberura bakavuga ko nta byivugo biriho muri iki gihe. Abandi bakavuga bati: “Ese niba ibyivugo biriho muri iki gihe bihuriye he cyangwa bitaniye n’ibya kera mu miterere no mu kivugwa?” Ibi bibazo byibazwa birerekana ko abantu benshi batazi ko muri iki ibyivugo biriho kandi bihimbwa mu mwimerere wabyo, mu miterere n’ikivugwa. Ario magingo aya nta nyigo n’imwe tuzi itugaragariza ku buryo buhamye ko muri iki gihe cya none ibyivugo bihimbwa, aho bihimbirwa, uko bihimbwa, imiterere yabyo n’ikivugwa.

Ibibazo byose byibazwa hamwe n’ibindi bibishamikiyeho tutarondoye aha, turagerageza kugenda tubisubiza bituganisha ku ntego ituraje ishinga yo kugaragaza uruhare rw’ibyivugo mu kwimakaza no gukungahaza Ikinyarwanda nk’ururimi n’umuco. Turasoza inyigo yacu twerekana bimwe mu byakorwa kugira ngo iyi nganzo y’ibyivugo irusheho gusigasirwa no gutezwa imbere. Kugira ngo dushobore gusobanura no kuboneza inyigo yacu, turagenda tunaga akajisho ku nyigo z’abatubanjirije ariko cyanecyane dushinga agati ku nyandiko ebyiri za Komisiyo y’Igihugu y’Itorero (2018; 2020). Inyandiko ya mbere yitwa *Itorero ry’Umudugudu* yo mu Gushyingo 2018 naho iya kabiri yitwa *Imfashanyigisho yo kwimakaza Ikinyarwanda* yo ku wa 6 Kanama 2020.

Insanganyamatsiko yacu turayitazura twubakiye ku ngingo z’ingenzi dukurikiranya dusesengura kuri ubu buryo: Itorero n’inganzo y’ibyivugo, ibyivugo n’ubushakashatsi, ibyivugo n’imikoreshereze y’ururimi, ibyivugo mu gusigasira no kwagura umuco. Izi ngingo nitumara kuzihetura, turavuga ku cyakorwa ngo iyi nganzo y’ibyivugo itangiye kumbura itazahona ikiri umwumba.

## 2. Ibyivugo mu kwimakaza Ikinyarwanda nk’ururimi n’umuco

### 3.1. Itorero n’inganzo y’ibyivugo

Ntidushobora kuvuga ibyivugo twirengagije aho byahimbirwaga n’aho bihimbirwa muri iki gihe. Mu Rwanda rwa mbere y’umwaduko w’Abazungu na nyuma y’aho gato ibyivugo byahimbirwaga mu itorero.

Mu Rwanda rwa mbere y’umuzo w’Abazungu, ibipimo ngenderwaho by’umuntu uzi Ikinyarwanda byari kumenya kumva no kuvuga neza. Mu itorero Umunyarwanda yatozwaga imikino njyarugamba nko kurasa intego, gukinga ingabo, guhashurana, kurwanisha inkota n’ibindi, akigishwa imyitozo ngororamubiri nko gukirana no gusiganwa. Uretse ibyo ariko yatozwaga gutega amatwi akumva, kuvuga neza adategwa no guhimba ibyivugo. Yatozwaga kandi indangagaciro z’umuco nyarwanda nk’ubupfura, ubudahemuka, guhinganwa, ubwangamugayo n’ibindi. Mu by’ukuri Umunyarwanda wabaga asohotse muri iri shuri kaminuza ryo hambere yagombaga kuba ari “intajorwa mu kurwanisha inkota, umukaburacumu udahusha, umukinzi w’icyaga ukinga ingabo neza n’intyoza mu Kinyarwanda ururimi n’umuco by’Igihugu (Karani, 1983, p. 10)[53].

53 Le lauréat de l’itorero devait pouvoir manier avec la même dextérité aussi bien l’épée, la lance et le bouclier que le Kinyarwanda langue et culture nationales.

Kumenya Ikinyarwanda nk'ururimi n'umuco n'izindi nshoza zishamikiyeho ni byo kumenya Ikinyarwanda by'ukuri nk'uko Munyarugerero (1982)[54] abisobanura avuga ko "intyoza mu ijambo" ari umweshi uzi neza ururimi akoresha asobanura igitekerezo ke, uzi amateka y'Igihugu cye n'ay'isi, ubumenyi bw'isi, ufite ubugeni bwo kureshya no kwemeza, uzi kwitsinda, kwihesha agaciro, ufite ubumuntu n'ibindi".

Nyuma y'igihe kirekire nta shweshwe ku birebana n'itorero n'imihimbire y'ibyivugo, mu wa 2007 habayeho igitekerezo cyo kugarura Itorero ry'Igihugu. Kuva mu wa 2007, hatojwe intore mu byiciro bitandukanye: mu mashuri, mu nzego z'ibanze, mu nzego z'imirimo, intore ku rugerero, urubyiruko rwiga mu mahanga, abaganga, abashinzwe ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi, abikorera n'abo mu miryango itari iya Leta n'abandi. Buri rwego rwatojwe "rufite izina ry'ubutore, ikivugo n'imihigo biruranga mu Itorero ry'u Rwanda (Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu, 2018, p. 14)"

Muri gahunda y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST1, 2018-2024), Itorero ry'Igihugu ryubakiyeho, mu mirongo migari yo mu ngingo ya 77 hateganijwe "Gushyigikira umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo nk'ishingiro ry'amahoro n'ubumwe". Iyi ngingo ivuga neza ko bizakorwa binyuze mu "Kwimakaza ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'ubupfura, ubudahemuka […] mu Banyarwanda no mu muryango, mu nteganyanyigisho z'amashuri no mu rubyiruko (Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu, 2018, p. 15)".

Iyi ngingo yo kwimakaza Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco mu ntore z'u Rwanda igarukwaho ku buryo bweruye aho bavuga ko "Itorero ribona ari ngombwa ko hajyaho inyandiko itanga umurongo wo gutoza intore Ikinyarwanda nyacyo, gukoresha imvugo iboneye, binyuze mu kibonezamvugo […] kumenya amagambo akoreshwa mu Itorero, kimwe n'ururimi mbonezamubano (Komisiyo y'Igihugu, 2020, p. 1)". Bakomeza bagira bati: "Ururimi ni rwo rugaragariramo ubuhanga rw'abaruvuga bigaragarira mu bisigo, ibyivugo, indirimbo n'ibindi." (ibidem)".

Ikinyarwanda ni cyo tunyuzamo ibitekerezo n'imyumvire byacu bigaragaza abo turi bo kikaba n'inzira nziza yo gusigasira no guhererekanya umuco wacu n'indangagaciro zawo. Umuco w'ubutore rero Abanyarwanda batorezwa mu itorero ubafasha guhuza imvugo n'ingiro kandi kuba bahuriye ku rurimi rumwe bituma bagira imyifatire, imitekerereze n'imikorere biri mu cyerekezo kimwe.

### 3.2. Umuco w'ubutore no kwimakaza Ikinyarwanda

Ibyivugo si ishami ry'impagu kuko rishibuka ku gishyitsi cy'igiti cy'inganzamarumbo kitwa umuco w'ubutore ugamije kubaka Umunyarwanda wuzuye ukunda igihugu cye na benecyo, ururimi n'umuco bye. Mu nyandiko za Komisiyo y'Itorero (2018; 2020) hari amagambo n'imvugo bikoreshwa tubona bikwiye gukorwaho ubushakashatsi. Amwe muri ayo magambo ni ayakoreshwaga mu itorero no mu byivugo byo hambere. Kuba agaruka agakoreshwa mu itorero ryo muri iki gihe ni bumwe mu buryo

54 "Le maître de la parole" est conçu comme érudit connaissant tout aussi bien le véhicule de pensée (la langue) que l'histoire de son pays et du "monde", la géographie, l'art de séduire et de convaincre, la maîtrise de soi, le sens de l'honneur, l'humanisme…

bwo kuyasigasira ngo atazibagirana. Hari n'andi agenda acurwa bitewe n'inshoza babona ikenewe mu muco w'ubutore bashaka gusobanura. Hari ndetse n'ayari asanzwe yongererwa inyito nshya. Amwe muri ayo magambo ni nk'aya akurikira:

**Korandebe**: umukoro uba ugamije guha urubuga abatozwa gushyira mu bikorwa mu buzima busanzwe, bigamije kwereka intore ko zitozwa guhinduka, no guhindura abandi, mu myumvire no mu mikorere.

**Igitekerezoshusho**: igitekerezo kifashishwa mu gutoza intore kwimenya, kumenya amateka y'u Rwanda, gusesengura ibibazo bahura na byo mu buzima, mu nshingano n'imibereho byabo bya buri munsi n'uko byabonerwa ibisubizo.

**Ukwezi kw'indangagaciro**: ukwezi intore zivuga ibigwi by'umwaka urangiye, zimurika imihigo y'umwaka ukurikiyeho, mu kwimakaza n'umuco w'ubutore mu Banyarwanda, hagatoranywa indashyikirwa, zikamurikirwa inzego zizikuriye.

**Amahame y'intore**: amabwiriza agenga kandi akaranga intore.

**Gutora ishyaka ry'u Rwanda:** guhora wifuza ikiza ku Rwanda, ukagira ishyaka ryo kubiharanira no kwirinda icyo ari cyo cyose cyarugayisha.

Biroroshye ko aya magambo n'andi tutavuze yakwira mu Banyarwanda benshi kandi vuba binyuze mu itorero kuko batozwa bimwe mu gihugu hose kandi buri wese mu Mudugudu akaba afite isibo abarizwamo.

Mu yindi nyandiko yitwa Itorero ry'Umudugudu na ho dusangamo amagambo avuga ku Itorero n'ibiberamo akwiye kwitabwaho by'umwihariko kuko ari mu yakuza ururimi rw'Ikinyarwanda igihe Itorero ry'Umudugudu rizaba rikora neza. Turabizi neza ko ubuzima bw'Umunyarwanda bushingiye aho atuye, akorera, abana n'abandi. Kubera ko buri Munyarwanda afite isibo abarizwamo kandi hakaba hakoreshwa kenshi ayo magambo ntidushidikanya ko ayo magambo azaba gikwira maze akajya akoreshwa mu buzima bwe bwa buri munsi. Amwe muri ayo magambo ni aya akurikira:

**Ibirezi**: ingamba igizwe n'abana bafite imyaka y'ubukure iri hagti ya 0 n'imyaka 5.
**Imbuto**: ingamba igizwe n'abana bafite imyaka y'ubukure iri hagati ya 6 na 12.
**Indirirarugamba**: ingamba igizwe n'abafite imyaka y'ubukure iri hagati ya 13 na 18.
**Indahangarwa**: ingamba igizwe n'abafite imyaka y'ubukure iri hagati ya 19 na 35.
**Ingobokarugamba**: ingamba igizwe n'abafite imyaka y'ubukure iri hagati ya 36 na 55.
**Inararibonye**: ingamba igizwe n'abafite imyaka y'ubukure iri hejuru ya 56.
**Intebe y'Ibirezi**: umutoza w'ingamba y'Ibirezi.
**Intebe y'Imbuto**: umutoza w'ingamba y'Imbuto.
**Intebe y'Indirira**: umutoza w'ingamba y'Indirira.
**Intebe y'Indahangarwa**: umutoza w'ingamba y'Indahangarwa.
**Intebe y'Ingobokarugamba**: umutoza w'ingamba y'Ingobokarugamba.
**Intebe y'Inararibonye**: umutoza w'ingamba y'Inararibonye.

Twibwira ko mu gihe Itorero ry'Umudugudu rizaba rikora neza aya magambo azagenda arushaho kumenyekana, gusakara no gukoreshwa mu batuye Umudugudu.
Kwegeranya ayo magambo ubwabyo no kuyasobanura byungura Ikinyarwanda kuko ku ruhande rumwe birinda amwe muri ayo magambo yari asanzwe kwibagirana no kuba yazimira burundu, ku rundi ruhande bituma andi mashya avuka amenyekana akaba yakwinjira mu mikoreshereze y'ururimi ya buri minsi**.**

Uretse amagambo tumaze gutangaho ingero hari kandi n'imvugo zisobanura amahame y'intore zigenda ziba gikwira nka:

- Intore ntiganya ishaka ibisubizo;
- Intore ntiyoba no mu ishyamba ry'inzitane yishakira inzira;
- Intore si nange binyobere ni nkore neza bandebereho ;
- Intore ntigambana kirazira gutatira igihango;
- Intore ikemura ibibazo byayo ntibyimurira ku bandi.

Izi mvugo zigenda zirushaho kwamamara kubera Abanyarwanda benshi bagenda batozwa mu byiciro bitandukanye. Dusanga akari kera aya magambo azashyirwa mu cyiciro cy'imigani migufi mishya y'Ikinyarwanda.

### 3.3. Uruhare rw'ibyivugo nyirizina

#### 3.3.1. Ibyivugo n'imikoreshereze y'ururimi

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2020) yegeranyije ibyivugo makumyabiri na bibiri (22) by'imitwe y'intore makumyabiri n'ibiri (22). Iki ni ikimenyetso kidashidikanywaho kigaragaza ko muri iki gihe ibyivugo biriho kandi ko Itorero rifite uruhare runini mu mihimbire yabyo nk'uko byari bimeze kera.

Iyo usuzumye imiterere y'ibyo byivugo usanga byifitemo ubwiza bugaragazwa n'imikoreshereze y'ururimi buremburiza abashakashatsi kubisesengura no gushyira ahagaragara ubuhanga bukubiyemo. Ururimi rwakozwemo ubushakashatsi nka Nkejabahizi (2019, p. 56) ruraguka kuko "rwunguka amagambo n'inshoza bishya rutari rusanganywe n'umuco w'abaruvuga ukaboneraho kwivugurura no gukura". Gukora ubushakashatsi ku byivugo mu Kinyarwanda kandi bukaba bwatangazwa byakungahaza Abanyarwanda n'ururimi rwabo kuko bituma "ubwenge bwabo bufunguka, ubumenyi bwabo bukaguka bikaba byatuma buri wese agira uruhare kuri ubwo bumenyi, agatanga igitekerezo cye mu mvugo cyangwa mu nyandiko, yumva adahejwe, yisanzuye kandi nta pfunwe" (Nkejabahizi, ibidem).

Ibyivugo kimwe nk'izindi ngeri z'ubuvanganzo ni ikigega cy'ururimi. Uburyo byubakitse, amagambo akoreshwa, inozamvugo ririmo n'ibindi bigaragaza ubukungu bw'Ikinyarwanda. Turebye imiterere y'ibyivugo byo hambere dusangamo amagambo yihariye adakunze gukoreshwa mu rurimi rusanzwe

avuga cyane cyane intwaro z'intambara nk'icumu, imyambi n'ingabo. Ayo magambo nk'uko Kayumba (2009) abivuga tunayasanga no mu mazina y'inka n'ubundi buvanganzo bwigana ibyivugo. Kubera uko kudakoreshwa cyane, ibyo bihangano mvanganzo birinda ayo magambo kwibagirana, bityo n'abahanzi babyiruka ubu bakaba bayifashisha mu guhanga ibishya. Muri ibyo byivugo icumu ryitwa kandi amakuza, iminega, injunga, ibigoondo; mu gihe umuheto witwa inkwaya, umuronko, umurego; naho imyambi ikaba imisakura, intanage, imitimba, inkurazo; ingabo ikitwa imfuruta, isuri, impenzi cyangwa inkuku.

Ubu bushobozi ibyivugo byo hambere byari byifitemo bwo kubumbatira no gutuma amagambo y'Ikinyarwanda atazimira n'ibyivugo by'uyu munsi birabufite. Mu kugaragaza uburyo ibyivugo muri iki gihe bisigasira Ikinyarwanda nk'ururimi turabisuzuma tugendeye ku itoranywa n'ikoreshwa ry'amagambo, imyubakire y'interuro n'inozamvugo.

### 3.0.2. Ihitamo n'ikoreshwa ry'amagambo

Mu byivugo twashoboye gushyikira, hari byinshi bikoresha amagambo yari asanzwe mu rurimi ariko ubu akaba afite inyito nshya. Twifashishije ingero nke turerekana uburyo uwakora ubushakashatsi ku muga akoreshwa mu byivugo muri iki gihe yagaragaza inyito nshya ziyongera ku nyito ayo magambo yari asanganywe mu Kinyarwanda.

| N° | Izina risanzwe | Icyo rivuga ubu mu muco w'ubutore |
|---|---|---|
| 1. | Indemyabigwi | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abarezi b'u Rwanda<br>2. Interuro y'ikivugo cy'uwo mutwe |
| 2. | Inkomezamihigo | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'urubyiruko rw'u Rwanda<br>2. Interuro y'ikivugo cy'uwo mutwe |
| 3. | Inkomezabigwi | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'intore ku rugerero<br>2. Interuro y'ikivugo cy'uwo mutwe |
| 4. | Intagamburuzwa | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abanyeshuri ba Kaminuza n'amashuri makuru<br>2. Interuro y'ikivugo cy'uwo mutwe |
| 5. | Inkerabigwi | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abarimu ba Kaminuza n'amashuri makuru<br>2. Interuro y'ikivugo cy'uwo mutwe |
| 6. | Abashingwangerero | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'Abayobozi b'Utugari<br>2. Interuro y'ikivugo cy'izo ntore |
| 7. | Indatabigwi | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abahanzi<br>2. Interuro y'ikivugo cy'izo ntore |
| 8. | Impamyabigwi | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abanyamakuru<br>2. Interuro y'ikivugo cy'izo ntore |
| 9. | Imbonezamihigo | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abayobozi b'inzego z'ibanze<br>2. Interuro y'ikivugo cy'izo ntore |

Uretse aya mazina yari asanzwe afite icyo asobanura mu Kinyarwanda yungutse ibindi bisobanuro bishya, mu byivugo by'iki gihe dusangamo amazina mashya atari asanzwe. Ayo mazina mashya yaracuzwe hafatiwe ku magambo asanzwe mu Kinyarwanda hakoreshejwe uburyo busanzwe bukoreshwa bwo guhuza amagambo abiri akabyara izina rimwe ry'inyunge.

Amwe muri aya magambo y'igisingizo:

| Nº | Izina risanzwe | Izina rishya ry'igisingizo | Inyito |
|---|---|---|---|
| 1. | Abakozi ba REG | Indemyabusugire | 1. Umutwe ugizwe n'abakozi ba REG<br>2. Interuro y'ikivugo cy'izo ntore |
| 2. | Abaganga | 1. Impeshakurama<br>2. Imbangukiragutabara | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abakora mu rwego rw'ubuzima<br>2.Interuro y'ikivugo cy'uwo mutwe |
| 3. | Abashinzwe umutungo kamere, ibidukikije, iteganyagihe, imiturire | Imbonezamurage | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abashinzwe umutungo kamere, ibidukikije, iteganyagihe, imitunganyirize y'imiturire<br>2. Interuro y'ikivugo cy'uwo mutwe |
| 4. | Ba perezida b'amakoperative | Indemyabukungu | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abayobozi b'amakoperative<br>2. Interuro y'ikivugo cy'uwo mutwe |
| 5. | Aagoronome n'abaveterineri | Ingamburuzabukene | 1. Umutwe w'intore ugizwe n'abagoronome n'abaveterineri<br>2. Interuro y'ikivugo cy'izo ntore |

Usibye ayo magambo tumaze kuvuga muri ibi bika byombi, hari n'andi magambo dusanga mu byivugo muri iki gihe bigaragara ko ari aya vuba cyane. Ayo magambo ntiyahozeho haba mu byivugo byo hambere haba no mu mvugo isanzwe imenyerewe n'Abanyarwanda. Mu byivugo by'imitwe itandukanye y'intore dusangamo amagambo nka: iterambere, ikoranabuhanga, kwigira no kwihesha agaciro, impinduramatwara, u Rwanda rushya, umusemburo w'ubutore, umurinzi w'ibyagezweho, umurinzi w'umurage wa Gihanga, nkore neza bandebereho, iterambere rirambye n'andi**.**

### 3.0.3. **Imyubakire y'interuro n'inozamvugo**

Ibyivugo byo muri iki gihe birangwa no kuba bigizwe n'interuro ngufi kandi na byo ubwabyo bikaba bigufi cyane. Ibi byibutsa ibyivugo byo hambere byitwa iningwa biboneka cyane cyane mu ntangiriro z'ikinyejana cya XX bitavuga ibikorwa by'ubutwari bwo ku rugamba ahubwo bigizwe n'ibisingizo gusa nk'uko tubibona muri iki kivugo cya Kanamugire ka Munana cyahimbwe ku ngoma ya Musinga:

"Ndi rubungo rumenera ingabo n'ingoga
Ndi ruhotorambuga
Ndi ubukombe bwiharira ababisha simbatinya mbicamo
Ndi rutabaza ikibaye
Ndi rushenguza amakuza
Ndi rubazwa aho bicika intwari sinikanga
Ndi ruti ruboneka mu b'imbere rutigunga mu b'inyuma" (Kayumba, 2009, p. 145)

Iki kivugo cyubatse kimwe n'ikivugo k'Indemyabigwi (abarezi b'u Rwanda) cyo muri iki gihe:
"Ndi Indemyabigwi mu Nkomezamihigo
Ndi umurezi w'Intagamburuzwa
Ndi umutoza w'umurage wa Gihanga
Ndi umurezi ubereye u Rwanda

Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020, p. 7).

Imihimbire y'iki kivugo cy'Indemyabigwi yibutsa imihimbire y'ibyivugo byo hambere. Ibi byivugo byombi bitangirana n'urukurikirane rwa **Ndi** ikurikiwe n'amagambo asingiza.

Interuro zigize ibi byivugo byombi ni ngufi. Ikindi ni uko iki kivugo k'Indemyabigwi na cyo gitangirana interuro y'ikivugo, ni ukuvuga ijambo risingiza intore zose zigize umutwe zihuriraho hagakurikiraho se w'interuro ari byo byuzuzo bigizwe n'amagambo asingiza buri ntore yihariye nk'uko byari bimeze mu byivugo byo hambere. Igishya mu byivugo by'ubu ni uko ari interuro y'ikivugo, ari se w'interuro, intore zose zibihuriyeho.

Muri iki kivugo cy'Indemyabigwi, intore zose zigize uyu mutwe zihuriye ku nteruro y'ikivugo ndetse no kuri se w'ikivugo kuko Indemyabigwi zose zifite ikivugo kimwe zihuriraho. Ibyivugo hafi ya byose twashoboye gushyikira interuro yabyo ni izina ry'umutwe w'intore.

Ikivugo kimwe cy'intore z'urubyiruko zigize umutwe w'intore witwa *Urunana rw'Urungano* ni cyo cyonyine mu byivugo makumyabiri na bibiri kidafite interuro ihuye n'izina ry'uwo mutwe. Gitangirana n'izina ry'umutwe w'intore witwa Inkomezamihigo ugizwe n'urubyiruko rw'u Rwanda uyu mutwe wubakiyeho. N'ikivugo cyabo ni kimwe n'icy'umutwe w'Inkomezamihigo kuko imihigo yabo ari imwe:

"Ndi Inkomezamihigo
Ndi indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga
Ndi umurinzi w'ibyagezweho
Mparanira kwigira no kwihesha agaciro
Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020, p. 9).

Ikindi ni uko muri rusange muri ibi byivugo ntaho usanga ijambo ry'imfabusa kandi nta vangandimi ribonekamo. Ivangandimi ni kimwe mu byonnyi bigenda bimunga ururimi rw'Ikinyarwanda muri iki gihe.

### 3.0.4. Ibyivugo mu gusigasira umuco n'indangagaciro zawo

Ntibyoroshye kugota no gusobanura ku buryo bwuzuye inshoza y'umuco nyarwanda ariko twumva ari akaranga rukomatanyo k'Abanyarwanda kagaragarira mu ngingo mboneshwamaso cyangwa mboneshwabwenge zirimo ururimi, imitekerereze, imyumvire, imyemerere, imigenzo n'imiziririzo, imihango, imibanire n'imyifatire ku bantu n'ibidukikije, agaciro k'umuryango n'uko ugomba kuyoborwa, indangagaciro na nyirantarengwa cyangwa kirazira, uburyo bwo kuboneza ubuzima n'imibereho bya buri munsi, imirire, imyambarire, ubumenyi ( ubuvanganzo, ubuvuzi n'ubuhaanzi mberajisho), imyuga n'ibindi.

Muri make twavuga ko umuco ukubiyemo amahame shingiro agenga ubuzima, imitekerereze, imibereho n'ibikorwa bya buri munsi abagize urubumbambaga bahuriyeho. Ibi ni byo bivugwa mu gitero cya kabiri cy'indirimbo yubariza Igihugu cyacu, babivuga neza bagira bati:

"Horana Imana murage mwiza
Ibyo tugukesha ntibishyikirwa
Umuco dusingiye uraturanga
Ururimi rwacu rukaduhuza"

Kuba Abanyarwanda bahuriye ku rurimi rumwe bakarangwa n'umuco umwe, binatuma muri rusange bagira imyumvire imwe ku iterambere ry'igihugu cyabo. Ibigize umuco mu miterere yawo y'ibanze abahanga bemeza ko ari ibi bikurikira: umurage, ibihangano n'ibihahano.

Uko bigoye kuvuga umuco icyo ari cyo mu magambo make ni na ko bitoroshye gusobanura ijambo indangagaciro z'umuco. Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2020, p. 1) isobanura indangagaciro z'umuco nyarwanda "nk'imyumvire, imitekerereze, imyifatire n'imigirire iranga abenegihugu, bemera kandi barata ibahesha agaciro, bifuza ko byayobora, bikanabitiririrwa uko ibihe biha ibindi, bityo bikaba amahame y'uburere atozwa abana b'umuryango runaka".

Iyi myumvire n'imitekerereze Umunyarwanda agomba gushingiraho ibikorwa biyobora imibereho ye muri iki gihe bijyanye n'icyerekezo u Rwanda rufite bisobanuye mu byivugo bitandukanye by'imitwe y'intore.

Ntushobora gusesengura umuco ngo uwutandukanye n'ururimi rukoreshwa mu gusakaza umuco kuko umuco ubona mu rurimi inzira yo kwisanzuriramo, kumenyekana no gukwira. Ururimi na rwo mu gushakisha uburyo rusobanura umuco ugenda uhinduka, ukura, rugenda rwiyungura rushaka amagambo mashya asobanura inshoza nshya zinjinjwe mu muco kuko ibigize umuco mu miterere yawo y'ibanze nk'uko abahanga babivuga harimo umurage, ibihangano n'ibihahano. Ni byo Nkejabahizi (2019, p. 40) ashimangira avuga ko "ururimi ari nk'indorerwamo y'urubumbambaga, aho abantu babona ishusho y'umuco wabo".

Ibi bisobanuye ko ururimi n'umuco ari nk'umurunga w'inyabubiri nk'uko byemezwa na Whorf bisubiwemo na Nkejabahizi (2019, p. 40) avuga ko "amagambo ururimi rukoresha agaragaza imibereho mu rubumbambaga n'umuco bafite". Ibi bitwereka neza ko impinduka mu mibereho y'abantu zijyana n'impinduka mu miterere n'ibisobanurwa mu rurimi rugomba kuvugwamo izo mpinduka. Bityo rero, imvugo ikoreshwa mu byivugo by'Abanyarwanda uyu munsi igaragaza umuco wabo ujyana n'ibyo bashyize imbere mu mibereho yabo muri iki gihe.

Iyo dusesenguye ibyivugo muri iki gihe dusanga hasobanurwamo ingingo nyinshi zijyana n'umuco nyarwanda, zaba izo dukomora ku muco twarazwe n'abakurambere bacu dusabwa gusigasira cyangwa se ingingo nshya tugenda twunguka uko ibihe biha ibindi. Uko rero umuco nyarwanda

ugenda ukura n'ururimi rusobanurwamo uwo muco na rwo ruriyungura kuko rukenera kurema amagambo avuga inshoza nshya zisobanura ya ngingo y'umuco Abanyarwanda bungutse. Aha ni ho hagaragarira uruhare rw'ibyivugo mu gukuza Ikinyarwanda nk'umuco. Ikinyarwanda rero ni umuyoboro w'umuco nyarwanda.

Mu byivugo byo hambere ubutwari bwari imwe mu ngingo fatizo z'umuco w'Abanyarwanda izindi zishamikiyeho, wagaragaririaga mu gukunda igihugu wiyemeza kukitangira, kukirengera, kukirinda no kucyagura nk'uko Kayumba (2009, p. 120) abyemeza avuga ko "mu byivugo habamo insanganyamatsiko zinyuranye, ariko zose zikaba zishamikiye kuri imwe rusange yitwa ubutwari. Ubu butwari ni bwo butuma ingabo yuzuza inshingano zayo zo kurengera igihugu".

N'ibyivugo byo muri iki gihe byubakiye ku ndangagaciro remezo imwe ivuga ubutwari bugaragarira mu gukunda Igihugu. Iyi nsanganyamatsiko ishamikiyeho ingingo nyinshi nko kubaka u Rwanda rushya, kwagura amarembo no kuranga u Rwanda, ubumwe, gusigasira umurage wa Gihanga no kurinda ibyagezweho, umugore wivuga, ubumenyi n'ikoranabuhanga, umurimo unoze n'izindi.

**3.3.4.1. Kubaka u Rwanda rushya**

Iyi ngingo igaruka hafi mu byivugo byose dufite, ikubiye mu mazina y'ubutore ya buri Karere agusha ku butwari bugomba kugaragarira mu mihigo y'iterambere baba bagomba kwesa buri mwaka. Aha twibuke yuma yo gutozwa ni ho zisubira kujya gufatanyiriza hamwe kwesa imihigo izingiye muri rya zina ry'ubuhizi rya buri Karere no muri bya byivugo bya buri mutwe w'intore. Ndetse ubwo Itorero ry'Umudugudu rizaba rimaze kwiyubaka bihamye mu nzego zose, umuco w'ubutore no gutora ishyaka ry'u Rwanda bizoroha kandi byihutishe iyi ntego yo kubaka u Rwanda rushya.

Amazina nka: Indengabaganizi za Gasabo, Inkomezamihigo za Gatsibo, Imbazarugamba za Kicukiro, Inyezamihigo za Gicumbi, Impagurukiramihigo za Muhanga, Indatwa mu mihigo za Rusizi n'andi mazina y'ubuhizi y'utundi Turere tutavuze, abumbatiye ingingo y'ubutwari buzagaragarira mu kubaka u Rwanda rushya bishingiye ku cyerekezo Igihugu kihaye.

Iyi nsanganyamatsiko tutari dusanganywe yo kubaka Rwanda rushya ifatanye n'iyo kubaka iterambere rya Afurika na yo itabagaho mu byivugo byo mu Rwanda rwo hambere. Mu gihe cyo hambere imwe mu ndangagaciro Abanyarwanda bari bashyize imbere harimo kurwanira igihugu no kucyagura binyuze mu ntambara. N'ikimenyimenyi ibi byari mu nshingano z'ibanze za buri mwami wimye ingoma ariko hakaba n'abami nka Kigeri na Mibambwe bahabwaga by'umwihariko inshingano zirebana n'intambara no kwagura Igihugu. Muri iki gihe icyo cyerekezo cyarahindutse. Urugamba Abanyarwanda bahamagarirwa kurwana ni urwo kwikura mu bukene, mu bujiji, gukora umurimo unoze, kwigira no kwihesha agaciro, kwagura amarembo no kubana neza n'andi mahanga, kwitabira ubumenyi n'ikoranabuhanga n'ibindi bifasha kwihutisha iterambere ry'u Rwanda. Intwari iratwa muri iki gihe si iyagaritse ingogo ahubwo ni iharanira guhashya umwanzi ujisha Umunyarwanda

mu bukene, mu bujiji, mu kwisuzugura, kudaha agaciro ibye n'ibindi bimubuza kugera ku mibereho myiza mu nzego zose. Intwari ku rugamba rw'iki gihe ni ho itandukanira n'intwari yo ku rugamba rwa kera. Ibi ni byo uwitwa Kabuta (2013, p. 8)[55] asobanura agira ati: "Itandukaniro hagati y'intwari yo hambere n'intwari muri iki gihe, ni uko intwari y'ubu itarwana n'umwanzi w'ishyanga cyangwa ibinyamaswa n'ibindi biremwa biteye ubwoba, ahubwo ararwana n'imyumvire itamuha icyizere cyo kubaho, inzara, ubukene n'ubujyahabi".

Ibyivugo cumi n'icyenda (19) kuri makumyabiri na bibiri (22) by'imitwe y'intore itandukanye nk'uko tubisoma mu nyandiko ya Komisiyo y'Igihugu y'Itorero (2020, p. 6-11) bisoza kimwe byose bigira biti:
"Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika" .

Iyo dusesenguye iyi nteruro dusanga ijyana n'icyerekezo u Rwanda rwihaye rwo kwiyubaka ruvuye mu icuraburindi ry'imiyoborere mibi yarugejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. U Rwanda nk'Igihugu gifite imipaka izwi n'abaturage bagituye bitwa Abanyarwanda ntabwo cyahindutse. N'amagambo yakoreshejwe muri iyi nteruro arasanzwe mu rurimi rwcu. Icyahindutse gisobanurwa hano ni imyumvire, imitekerereze n'icyerekezo bishya Abanyarwanda bafite mu kuboneza imibereho iganisha ku iterambere bifuza.
Uku kubaka u Rwanda rushya birajyana no kwagura imyumvire n'imitekerereze y'uko bigomba gukorwa. U Rwanda nk'Igihugu gifite umugabane kibarizwaho kimwe n'ibindi bihugu. Ntabwo ari akarwa kigunze konyine ahatagira ikinjira n'igisohoka. Gutera imbere kwacyo kujyana byanga bikunda n'iterambere by'ibihugu bibarizwa mu mugabane wa Afurika u Rwanda rubarizwamo. N'ibyivugo bibiri bitavuga ku buryo bweruye iyi ndangagaciro yo kubaka u Rwanda rushya biragusha ku nsanganyamatsiko yo kuranga u Rwanda, kwagura amarembo bijyana no kurushakira imbuto n'amaboko.

Ubu na bwo ni uburyo bwo kubaka u Rwanda rushya kuko rutatera imbere ruri mu bwigunge. Ibyo tubisanga mu byivugo bibiri kimwe cy'umutwe w'intore witwa Indangamirwa ugizwe n'abanyeshuri biga hanze y'u Rwanda n'undi witwa Imparirwakurusha ugizwe n'abakora siporo bisoza byombi bigusha kuri iyo ntego bigira biti:
"Nkaba ku isonga mu kurushakira imbuto n'amaboko" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero 2020, p. 7, 10).

Indi ndangagaciro ikomeye igomba gusigasirwa no kurindwa mu kubaka u Rwanda rushya ni ubumwe bw'Abanyarwanda. Iyo usesenguye ibyivugo byose muri iki gihe usanga byukakiye kuri iyi ndangagaciro y'ubumwe bw'Abanyarwanda. Ibi ndabinshingira ku mpamvu ebyiri z'ingenzi:

55 La différence entre le héros traditionnel et le héros moderne c'est que ce dernier ne lutte plus contre les guerriers, monstres ou autres êtres surnaturels mais contre le fatalisme, la faim, la pauvreté et la misère, bref la souffrance.

- Ingingo ya mbere ni uko intore zose zigize umutwe w'intore umwe zisangiye ikivugo. Ni ukuvuga ko zisangiye n'imihigo ikubiyemo kandi zose zihamagariwe gusenyera umugozi umwe mu kuyesa.
- Ingingo ya kabiri ni uko buri ntore yivuga icyo kivugo itangiza izina ry'umutwe w'intore bose bahuriyeho ntaho yivuga ikoresheje izina ryayo. Ni ukuvuga ko uwivuga atitandukanya n'umutwe w'intore abarizwamo bisobanuye ko abagize umutwe w'intore bose ari bamwe.

### 3.3.4.2. Gusigasira umurage wa Gihanga

Turemeza tudashikanya ko umwe mu murage wa Gihanga ugomba gusigasirwa ari Igihugu cyacu u Rwanda, akaba ari na yo mpamvu nk'uko tumaze kubyerekana; intore zose zihigira kurwubaka mu nzego zose z'ubuzima buri muntu mu kiciro abarizwamo. U Rwanda si ubutaka gusa ahubwo ni n'Abanyarwanda barutuye n'ibyabo bigomba gusigasirwa, kurindwa no gutezwa imbere.

Ibyivugo byose by'imitwe y'intore inyuranye bigaruka kuri iyi ngingo, byerekana ko n'ubu Umunyarwanda ayikomeyeho kugira ngo akomeze abeho afite ijambo mu ruhando rw'amahanga. Ibikubiye mu mvugo intore iba yiyaturiraho iba igomba guharanira kubisohoza bityo imvugo ikaba ingiro, izina ry'ubutore intore ifite rikaba muntu koko nk'uko Nkusi, bisubiwemo na Kayumba(2009, p. 8), abisobanura avuga ko "Izina ry'umuntu ubwaryo rishobora kugira ingufu rigatuma uryitwa ashobora kwiyumvamo icyo rivuga; nk'uwitwa Bugabo akiyumvamo cyangwa akishyiramo ubugabo, uwitwa Ntwari na we akiyumvamo ubutwari cyangwa akicengezamo ubutwari, bityo umugani baca ngo " Izina ni ryo muntu" ukagana akariho". Turatanga inkuro z'ibyivugo bike byerekana bimwe mu bigomba gusigasirwa.

Inkuro y'ikivugo cy'Imbonezamurage zigizwe n'abashinzwe umutungo kamere, ibidukikije, iteganyagihe, imitunganyirize y'imiturire iragira iti:
"Ndi Imbonezamurage mu Nkomezamihigo
Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga Mparanira gusigasira ishingiro ry'iterambere rirambye" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020, p. 8). Iri terambere rirambye ryagerwaho ari uko Abanyarwanda bafite ubuzima buzira umuze nk'uko Impeshakurama, umutwe w'intore ugizwe n'abaganga zibihamya:
"Ndi Impeshakurama
Ndi umurinzi w'umurage wa Gihanga
Ndi Imbangukiragutabara
Mparanira ubuzima buzira umuze" (Komisiyo y'Itorero, 2020, p. 8).

Mu byivugo biriho iki gihe, ntibihagije kurata ubutwari bwo gusigasira umurage wa Gihanga gusa ahubwo ni no kurinda ibyagezweho. Ibi bisobanuye ko hari ibyo umuco wagiye wunguka bigomba na byo gusigasirwa no kurindwa. Uko umuco wunguka ni ko ururimi na rwo rugenda rwiyubaka bushya ngo rubashe gusobanura inshoza nshya zigenda zivuka. Ibi byagezweho bikwiriye gusigasirwa birimo ibihangano n'ibihahano bijyana n'ubumenyi n'ikoranabuhanga kandi bigomba kurindwa no kwigishwa cyane cyane urubyiruko binyuze mu burezi. Dore inkuro z'ibyivugo by'imwe mu mitwe y'intore yiyemeje kurinda ibyagezweho:

Inkuro y'ikivugo cy'Intagamburuzwa (umutwe w'intore ugizwe n'abanyeshuri biga muri Kaminuza mu Rwanda):
"Ndi Intagamburuzwa mu Nkomezamihigo
Ndi umurinzi w'ibyagezweho
Ndi indashyikirwa mu bumenyi" (Komisiyo y'Itorero, 2020, p. 8).

Inkuro y'ikivugo cy'Inkomezabigwi (umutwe w'intore ugizwe n'intore ziri ku rugerero):
"Ndi Inkomezabigwi mu Nkomezamihigo
Ndi intore ku rugerero rw'umurage wa Gihanga
Ndi umurinzi w'ibyagezweho" (Komisiyo y'Itorero, 2020, p. 7).

Kurinda uyu murage wa Gihanga bijyana no kuwutoza nk'uko tubibona mu kivugo by'Indemyabigwi n'Inkerabigwi (imitwe y'intore igizwe n'abarezi b'u Rwanda), ik'Impamyabigwi (umutwe w'intore ugizwe n'abanyamakuru) n'icy'Inkeramihigo umutwe ugizwe n'abakorera imiryango itari iya Leta. Ikivugo cy'Indemyabigwi kiragira kiti:
"Ndi indemyabigwi mu Nkomezamihigo
Ndi intagamburuzwa
Ndi umutoza w'umurage wa Gihanga" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020, p. 7).

Mu kivugo cy'Impamyabigwi bakagira bati:
"Ndi Impamyabigwi mu Nkomezamihigo
Ndi umutoza w'umurage wa Gihanga" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020, p. 9).

#### 1.1.1.3. **Ubumenyi n'ikoranabuhanga**

Ikivugo cy'Inkomezamihigo, umutwe w'intore z'urubyiruko rw'u Rwanda n'icy'Urunana rw'Urungano, umutwe w'intore rwubakiye ku rubyiruko rw'u Rwanda kirabivuga neza:
"Ndi Inkomezamihigo
Ndi indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga
Ndi umurinzi w'ibyagezweho".
Hari kandi ikivugo cy'Intagamburuzwa umutwe ugizwe n'abanyeshuri biga mu mashuri makuru na Kaminuza gishimangira ibirebana n'ubumenyi:
"Ndi Intagamburuzwa mu Nkomezamihigo
Ndi umurinzi w'ibyagezweho
Ndi indashyikirwa mu bumenyi
Ndi nkore neza bandebereho
Nkaba ku isonga mu kubaka u Rwanda rushya n'iterambere rya Afurika" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020, p. 7).

Kugira ngo iyi ndangagaciro nshya ishobore kwihutishwa no gusakara mu Banyarwanda ni ngombwa kuyitoza mbere na mbere urubyiruko rwo mbaraga zo kubaka u Rwanda dufite uyu munsi n'u Rwanda rw'ejo hazaza. Ni yo mpamvu iyi ndangagaciro ikubiye mu byivugo by'imitwe y'intore igizwe n'urubyiruko rw'u Rwanda ari yo Intagamburuzwa, Inkomezamihigo n'Urunana rw'Urungano nk'uko tumaze kubyerekana.

#### 1.1.1.4. Umugore yirata ubutwari

Mu Rwanda rwo hambere iyi ndangagaciro yo guha umwanya umugore akavuga ibigwi bye ntiyari izwi, kuko umugore atari yemerewe kwivuga ahubwo abagabo barivugaga agatanga impundu. Uretse no kwivuga no kuvuga mu ruhame byari nk'ikizira. Muri iki gihe umugore yahawe ijambo atari asanganywe kuko na we ahamagarirwa kugira uruhare rugaragara mu kubaka igihugu cye. Ibi abigaragariza mu bukoramutima bwo mu kubaka umuryango nyarwanda wo shingiro ry'ubuzima bw'Igihugu. Bagize umutwe w'intore witwa Mutimawurugo kandi bafite ikivugo kigira kiti:
"Ndi Mutimawurugo
Ndi Nyampinga
Ndi umugore ubereye u Rwanda
Sinzatesha agaciro uwakanshubije" (Komisiyo y'Itorero, 2020, p. 8).

Iki kivugo cya Mutimawurugo kiributsa ikindi gihangano gisa n'ikivugo cy'Umunyarwandakazi Bagambake Marie Grâce twigeze gukomozaho cyitwa *Nyamushishikara kuba ingenzi* (Kayumba, 2009). Uku guseruka k'uyu muhimbyi ntigukwiye kudutangaza ariko kuko yatorejwe mu rugerero ruciye ingando.

Niba ubu byemewe ko Umunyarwandakazi yivuga, ni ikimenyetso gikomeye cy'impinduka zabaye mu muco ugomba gutozwa Umunyarwanda. Buri Munyarwanda wese ahamagariwe kubaka Igihugu cye mu rwego abarizwamo urwo ari rwo rwose kandi uruhare rwe rugomba kugaragarira mu bikorwa. Birashoboka ko n'abagore bakwirata ubutwari bujyanye n'imibereho muri iki gihe bitababujije gukomeza kugira ubukoramutima bw'Umunyarwandakazi.

#### 1.1.1.5. Umurimo unoze

Iyi ngingo ni nshyashya mu muco w'Abanyarwanda kandi yubakiye ku ihame rivuga ngo "Intore si nange binyobere ni nkore neza bandebereho". Uyu murimo unoze uvugwa ugomba kuba uganisha mu cyerekezo cy'u Rwanda ku neza y'Abanyarwanda nk'uko Imbamburiramihigo zibivuga:
"Ndi Imbamburiramihigo
Nsizanira kuba ku isonga mu cyerekezo cy'u Rwanda
Ndi rudacogora ku rugamba ruharanira ineza y'Abanyarwanda
Ndi umutoza w'umurimo unoze
Ndi nkore neza bandebereho
Nkaba ku isonga ryo kubaka u Rwanda rushya n'iterambere ry'Afurika" (Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, 2020, p. 10).

Muri iki gika dushoje twari tugendereye kwerekana uburyo ururimi rw'Ikinyarwanda rufasha mu gusobanura indangagaciro z'umuco nyarwanda binyuze mu byivugo. Ntabwo ingingo zose twazivuye imuzi n'imuzingo, twaseruye kuko duteganya ko mu gihe cya vuba hari ubushakashatsi burambuye buzakorwa bukava inyuma ibikubiye byose mu byivugo muri iki gihe.

**Umwanzuro**

Muri iyi nyandiko twari turajwe ishinga no kwerekana ko no muri iki gihe cya none ibyivugo bikiriho mu mwimerere wabyo haba mu miterere n'ikivugwa. Twabanje kwerekana ibihe bikuru tubona biranga amateka y'ibyivugo mu Rwanda dukurikije ibyagiye bikorwa ku mihimbire yabyo.

Twagerageje kwerekana uburyo, nyuma y'igihe kinini itorero ryo hambere rivuyeho, muri iki gihe Itorero ry'Igihugu rifite uruhare rukomeye mu kubungabunga inganzo y'ibyivugo no kwimakaza ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda zaba izo dukomora ku murage w'abakurambere zaba n'izo tugenda twunguka.

Nubwo Komisiyo y'Igihugu y'Itorero yakoze umurimo munini cyane mu kwimakaza Ikinyarwanda nk'ururimi n'umuco, inzira iracyari ndende. Itorero ni irerero rikomeye aho Abanyarwanda bitoreza indangagaciro z'umuco nyarwanda zirimo no gusigasira ururimi rwabo rw'Ikinyarwanda. Bimwe muri ibi bikurikira bikwiye kwitabwaho:

- Ibi byivugo bimaze gushyirwa ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero bikwiriye kunozwa aho bikenewe ndetse hakongerwamo ibindi nk'iby'abafite ubumuga, abacungamutungo, abashinzwe gutwara abantu n'ibintu, abanyamyuga n'ubukorikori n'ibindi, maze bikigishwa mu mashuri kugira ngo birusheho kumenyekana kandi bicengeze mu bakiri bato umuco w'ubutore ukenewe muri iki gihe hakiri kare kandi banabatoze inganzo y'ubuhanzi.

Mu Rwanda rwo hambere ibyivugo byamamaraga kubera ko abajyaga mu matorero babaga baturutse hirya no hino maze bataha bagakwiza ibyivugo iwabo babinyujije mu bitaramo. Ni byiza ko muri iki gihe hifashishwa ibitangazamakuru n'ikoranabuhanga mu gusakaza ibi byivugo kugira ngo binamenyekane no mu Banyarwanda bari mu mahanga bafite inyota yo gusigasira Ikinyarwanda ururimi n'umuco byabo.

- Hakwiye gukorwa ubushakashatsi bwimbitse maze hakeranywa amuga yose n'imvugo bigusha ku muco w'ubutore bwo hambere nubwo muri iki gihe maze hakazandikwa inkoranya yihariye yabyo.

Imvugo zimaze kugenda zogera zikwiriye gukomeza gusakazwa binyuze mu bitangazamakuru no mu mashuri ku buryo zakwinjizwa mu mvugo ya buri munsi y'Abanyarwanda.

- Byaba byiza imihimbire y'ibyivugo ishoboye kwaguka ikagera no ku muturage mu mibereho ya buri munsi akirata ibikorwa by'ubutwari mu byo akora nko guhinga no korora kijyambere, gutura heza, kuzigama, kwitabira gahunda ziteza imbere Igihugu n'ibindi. Ibi bizashoboka ari uko Itorero ryo ku Mudugudu rimaze kwiyubaka bihamye aho abatuye Umudugudu, mu masibo yabo bazatozwa guhiganwa no kurata mu byivugo ubutwari n'ishyaka mu bikorwa bibateza imbere tumaze kuvuga.

Dusanga bitaba ari uburyo bwiza bwo gusigasira ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda gusa ahubwo ni n'uburyo bwo kubaka iterambere rirambye rishingiye ku bikorwa bifatika atari amagambo. Ntawatinyuka kwivuga ibitari ukuri ngo abeshye abo baturanye bamuzi neza kuko bamukwena akaba urw'amenyo bakamunyomoza akiri aho agakorwa n'isoni.

Ibi nibishyirwa mu bikorwa ntidushidikanya ko azaba ari umusanzu ukomeye wo gusigasira, gukuza no kwimakaza ururimi rw'Ikinyarwanda n'indangagaciro z'umuco nyarwanda bijyanye n'intumbero n'imyumvire Abanyarwanda bafite mu kugena no kuboneza imibereho yabo mu iki gihe cya none n'ikizaza.

Byaba byiza Abanyarwanda bakomeje gukora ubushakashatsi ku byivugo mu byerekezo bitandukanye by'ubumenyi kuko birimo ubukungu bwinshi nibwira ko butaracukumburwa ngo bushyirwe ahagaragara bwose.

## INDANGASOKO


Kagame, A. (1969). *Introduction aux grands genres lyriques de l'ancien Rwanda*. Butare: Editions Universitaires du Rwanda,.

Kabuta, N.S. (2013). *Atelier Kasala: Manuel de l'animateur.*

Karani, J.B. (1986). *Situation de l'enseignement du Kinyarwanda à l'école secondaire* in Séminaire sur l'ensegnement du Kinyarwanda à l'école secondaire, Kigali du 27 au 29 juin 1983, Direction des Programmes de l'Enseignement Secondaire.

Kayumba, M.K. (2009). *Ibyîivugo: ingeri y'ûbusizi bunyarwaanda bwô haambere*. Huye: IRST.

Maniragaba Baributsa. (1987). *Umuco mwiza mu bantu ni ishingiro ry'amjyambere nyayo.* Kigali: Imprimerie Nationale du Rwanda.

Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye. (1982). *Ikinyarwanda: Urwunge rw'imyandiko mfashanyigisho, umwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye, igitabo cy'umunyeshuri*. Kigali.

Mukama, E. na Nkusi, L. Eds (2019). *Ubushakashatsi mu bumenyi nyamuntu n'imibanire y'abantu,* African Minds, Cape Town: 4 Ecclesto Place, Sommerset West 7130

Rugamba, C. (1984). *Abambari b'inganzo ngari*. Butare: Institut National de Recherche Scientifique.

# URUHARE RW'UBWANDITSI MU RUBYIRUKO NO GUKUNGAHAZA IKINYARWANDA

**SEKAMANA Abdoul-Khaliq**
*Umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda*

**Incamake**
Muri iyi nyandiko turibanda cyane ku kugaragaza isano ritaziguye riri hagati y'iterambere ry'ururimi n'ubwanditsi muri rusange, turerekana ubwiza Ikinyarwanda kifitemo, ubwanditsi bwashingiraho bumurikira urubyiruko kugira ngo rufatireho mu gusigasira Ikinyarwanda. Iyi nyandiko iribanda cyane ku kwerekana icyakorwa mu rubyiruko kugira ngo Ikinyarwanda binyuze mu nzira y'ubwanditsi gitere imbere mu ruhando rw'indimi zemewe mu gihugu. Turagaragaza imbogamizi ubwanditsi bwo mu Rwanda buhura na bwo by'umwihariko ubwanditsi bw'urubyiruko ku buryo gutekereza izo mbogamizi no kuzishakira umuti byaba bimwe mu bizafasha gusigasira ubwanditsi mu rubyiruko; ibyo ubwabyo bigafasha Ikinyarwanda kudatsikira ngo kizimire mu rubyiruko rwo shingiro n'iremezo by'u Rwanda rw'ejo hazaza. Kwibaza uko ubwanditsi bwafasha urubyiruko mu rugamba rwo gusigasira no gukungahaza Ikinyarwanda bireba nanone umwihariko w'iyi nyandiko.

**Amagambo fatizo:** *ubwanditsi mu Rwanda, ubwanditsi mu rubyiruko, ubukungahare bw'Ikinyarwanda*.

**Abstract**

This study mainly focuses on the direct relationship between language development and writing in general. It highlights how creative Kinyarwanda is that can be the base on which writing can take a stand to sensitize the youth to promote Kinyarwanda. The study emphasizes on showing what should be done to promote writing in Kinyarwanda among young people via writing. It illustrates the challenges of writing in Rwanda especially, writing done by the youth and finding solutions to those challenges which should be one of the ways of protecting writing performed by the youth. This will help Kinyarwanda to survive among young people who are the knot of Rwanda's future. Thinking on how writing can help the youth through promoting and enhancing Kinyarwanda, is also its specificicity.

**Key words:** *creative writing in Rwanda, youth literature, Kinyawanda richness*.

## Intangiriro

Amateka y'ubwanditsi mu Rwanda agaragaza ko Ikinyarwanda ubwacyo kifitemo umutungo nk'ururimi ushobora kwifashishwa mu kugisigasira no gusigasira umuco w'abanyarwanda byo shingiro ry'ubumwe bwabo. Ikinyarwanda kimwe n'indimi zindi, kirakura, ndetse hakaba n'amagambo yacyo agenda akura; akageza ubwo azimira, hakaba n'andi avuka mashya. Ariko kandi Ikinyarwanda by'umwihariko nk'ururimi kikagira ikibazo kihariye cy'uko umutungo kifitemo ushobora kuzimira hatagizwe igikorwa mu maguru mashya; ikibazo ahanini giterwa n'uko Abanyarwanda bimakaje ikoreshwa ry'indimi nyinshi mu gihugu aho usanga Icyongereza n'Igifaransa bigenda birya isataburenge Ikinyarwanda mu rubyiruko rw'u Rwanda.

Muri iyi nyandiko turibanda cyane ku kugaragaza isano ritaziguye riri hagati y'iterambere ry'ururimi n'ubwanditsi muri rusange tugamije kwerekana ubwiza Ikinyarwanda kifitemo; ubwanditsi bwashingiraho bwifashisha mu bihangano by'urubyiruko kugira ngo na rwo rutange umusanzu warwo mu rugamba rwo gusigasira Ikinyarwanda. Inzira y'ubwanditsi ni imwe mu nkingi fatizo zisigasira ururimi kuko tuzi neza ko inyandiko ari irage rihoraho. Nta gushidikanya ko rero iyi nyandiko isubiza ikibazo cyakwibazwa cy'uburyo ubwanditsi bwafasha urubyiruko mu gusigasira no gukungahaza Ikinyarwanda.

Iyo bavuga gukungahaza Ikinyarwanda bamwe bumva iterambere rishingiye ku kibonezamvugo, abandi bakabiganisha ku mvugo inoze ifasha Abanyarwanda guhuza ubwumvane. Gusa gukungahaza ikinyarwanda muri iyi nyandiko birashingira ku buryo bwakoreshwa hagambiriwe gushishikariza urubyiruko kwita no gukoresha ibihangano nk'uburyo buhoraho ururimi runyuramo ruhuza ba nyirarwo, ubwo buryo bugatuma babasha kurusigasira. Bwa buryo buzakoreshwa hagambiriwe gusigasira cya kibonezamvugo, bwa buryo buzakoreshwa hagambiriwe kuvuga ibisobanurwa n'Ikinyarwanda birimo umuco, imibereho, ubukungu n'iterambere, imyemerere n'imyizerere, ikoranabunga, imitekerereze igaragazwa n'imvugo cyangwa inyandiko nibyo bizafatwa nk'inzira yo gukungahaza Ikinyarwanda.

Gukungahaza Ikinyarwanda muri iyi nyandiko nanone birashingira ku bushobozi ubwanditsi bwaha urubyiruko mu kunoza imvugo, mu gukesha imvugo, mu gukoresha imvugo yitaruye urufefeko rushobora kuba icyonnyi k'Ikinyarwanda mu rubyiruko, mu gutekereza no kumva isi mu Kinyarwanda, mu guhanga kinyarwanda ndetse no kubaho kinyarwanda. Muri iyi minsi, haribazwa icyakorwa ngo urubyiruko rw'u Rwanda rwite ku Kinyarwanda, rugikoreshe mu mibereho yarwo, rugisigasire; ariho hatekerezwa ko inzira y'ubwanditsi yaba imwe mu miti ishoboka yafasha urwo rubyiruko gukomeza kwita ku Kinyarwanda. Iyi nyandiko iragaruka nanone ku cyakorwa kugira ngo Ikinyarwanda binyuze mu nzira y'ubwanditsi gitere imbere mu ruhando rw'indimi zemewe mu gihugu. Nta gushidikanya ko ubwanditsi mu rubyiruko butitaweho Ikinyarwanda cyahungabana kugeza ubwo kizimira. Bityo kwita ku byandikwa mu Kinyarwanda, byaba ibyanditswe n'urubyiruko byaba ibyandikiwe urubyiruko, uko bikorwa ubu n'uko byakorwamo mu gihe kiri imbere biraba umwihariko w'iyi nyandiko mu kugaragaza uruhare n'umumaro wabyo mu gukungahaza Ikinyarwanda. Iyi nyandiko nta shiti ko igomba kugaragaza imbogamizi ziriho mu bwanditsi bw'urubyiruko ndetse inasubize ikibazo kibazwa niba koko ubwo bwanditsi buriho ku buryo bwafasha Ikinyarwanda gukomeza gukungahara.

## 1. Inshoza

### 1.1. Ubwanditsi

Tutitaye ku nshoza rusange y'ubwanditsi, muri iyi nyandiko ubwanditsi turabufata kandi tubutware nk'uburyo bufasha umuhanzi akoresha agaragaza mu nyandiko ibitekerezo byuje ubuhanga agamije ko byagera ku musomyi. Ubwanditsi bunyarwanda rero turabuvuga dushaka kubuhuza na bya bindi

Umunyarwanda ahimba yaba umukuru cyangwa urubyiruko yemwe n'abana bato agira ngo agire icyo ageza ku bandi. Icyo yanditse gishobora kuba kigusha ku mibereho ya muntu isanzwe, ku iyobokamana, ku bumenyi, ku ikoranabuhanga, ku bidukikikije, ku mateka n'izindi ngeri z'ubuzima zitandukanye.

Ni yo mpamvu nubwo uyu murimo wibanda cyane ku bihangano byifitemo ubwiza biri mu nyandiko, aribyo buvanganzo, tudashobora gukumira ubwanditsi butagusha ku buvanganzo kuko imyumvire ya benshi yumva ko ubwanditsi ari ubuvuga gusa kuri ibyo bihangano byifitemo ubwiza. Aha wakwibaza uko abaganisha kuri ibyo bitekerezo basobanura ku gihangano cy'ubumenyi runaka buganisha wenda ku bumenyi n'ikoranabunga. Kuri twe, ibyo byose ni ubwanditsi kuko buba bwasabye ibitekerezo by'umwanditsi, akabyandika agamije kubisangiza abandi, nyuma bikaza kwamamara binyuze muri ubwo bwanditsi.

## 1.2. **Urubyiruko**

Muri iyi nyandiko, turagerageza guhuza ijambo urubyiruko n'ibyumviro dufite ku rubyiruko ariko tudatandukira ibisobanuro byahawe urubyiruko muri rusange yaba mu muco cyangwa mu butegetsi bwite bwa Leta. Mu gihugu cyacu biteganywa ko urubyiruko ari umuntu wese utarageza ku myaka y'ubukure 30. Ariko urebye mu mibereho yacu n'amateka y'Abanyarwanda rwo hambere iyi nyito "Urubyiruko" ntiyagiraka ikigero k'imyaka ifatiraho kuko umwana warengaga ubugimbi cyangwa ubwangavu hagati y'imyaka 12 na 15 yinjiraga mu kiciro cy'abasore cyangwa inkumi. Uyu rero wamaze kuba umusore cyangwa inkumi yabaga muri iki kiciro kugeza ubwo ageze igihe cyo gushaka. Gushaka na byo mu Rwanda rwo hambere bikaba bitarateganyaga imyaka ngenderwaho, kuko umusore wese wabaga amaze kumva ko ubugaramakirambi butakimubereye yegeraga ababyeyi bakamushakira cyangwa se ababyeyi be akaba ari bo bamutegurira icyo gikorwa cyo kubaka umuryango. Igihe cyo gushaka ahanini cyagenderaga ku muco w'uturere cyangwa icyerekezo k'imiryango y'Abanyarwanda bo hambere.

Muri rusange Abanyarwanda bagaragazaga ko igihe cy'ubwana ndetse n'igihe cy'urubyiruko byarangiranaga no gushinga urugo, Abanyarwanda bakabyemeza mu mugani wari uzwi hose ko "Ahavuye ubwana hajya ubwanwa" kandi burya mu Kinyarwanda bikaba byari amahano kuba umusore yamera ubwanwa ntatangire gutekereza gushaka. Ahenshi ababyeyi bashushubikanaga abana babo b'abasore batangiye kumera ubwanwa babumvisha ko bidashoboka ko babangikana na bo mu nzu, ko bagomba gushaka urwabo. Ku rundi ruhande kandi inkumi na zo ba nyirasenge bakaba batangiye kuziranga.

Guhamya rero umuntu twita urubyiruko mu bwanditsi bisaba kwita ku muco n'imibereho y'abantu runaka. Mu bwanditsi ubwabwo hagaragaye inyito y'ubwanditsi bw'abana n'ubwanditsi bw'urubyiruko. Mu gusesengura ubwanditsi bw'abana dusanga ubwanditsi ubwabwo bwakagabanyijwemo ibyiciro

bine: Ikiciro cya mbere kikabarizwamo abana bari mu kigero cy'abana bo mu mashuri y'inshuke mbese bari hagati y'imyaka 3 n'imyaka 6. Ikiciro cya kabiri kikabamo abana bo mu myaka 7 kugera kuri 12, hakaza ikiciro cya gatatu kirimo abana bari mu myaka 12 kugera 15 mbese ba bana bo mu mashuri yisumbuye. Ikiciro gisoza rero ni igihuza abana b'imyaka 16 kugera ku myaka 21, harimo n'ababa bageze muri kaminuza.

Mu guhuza ibi byiciro dufite mu byumviro byacu n'ukuri gushingiye ku gihugu cyacu, tutirengagije n'ibigenderwaho mu gutandukanya ubwanditsi bw'abana n'urubyiruko, turagena ko "urubyiruko" muri iyi nyandiko ari umwana wese ufite ubushobozi bwo kwandika ibitekerezo bye, akabiha umurongo mu rwego rw'inyandiko yafasha rubanda. Urubyiruko kandi rurafatwa nk'umwana wese ufite ubushobozi bwo kwisomera ibyakozwe n'ubwanditsi bikaba byamufasha guhinduka no kugambirira kubyifashisha ahindura umuryango w'abantu muri rusange. Kugena iyi nshoza birahura cyane n'intego y'iyi nyandiko aho dushaka kugaragaza uruhare rw'ubwanditsi ku rubyiruko mu gukungahaza Ikinyarwanda.

1. **Incamake ku mateka y'ubwanditsi mu Rwanda**

Nk'uko abahanga benshi bagiye babigarukaho ku bijyanye n'ubwanditsi mu Rwanda, abenshi bahuriza ku kuba aya mateka atangirana neza n'igihe abazungu ba mbere binjiraga mu Rwanda. Nkejabahizi na Mbonimana (2011) mu gitabo cyabo banditse babishimangira muri iyi mvugo:
"Ibyo bikatwibutsa ko Abanyarwanda babimburiye abandi mu kumenya kwandika babyigishijwe n'Abazungu b'abamisiyoneri b'abakirisitu (Abapadiri bera guhera mu mwaka wa 1900.mbere y'uwo mwaka, ibihangano byose by'ururimi rw'Ikinyarwanda byahangwaga kandi bigatorwa bitiyambaje inyandiko".

Birumvikana rero ko kwandika bitari iby'Umunyarwanda wa mbere yo kuza kw'abazungu mu Rwanda, kuko mbere y'umwaduko w'abazungu mu Rwanda, Abanyarwanda bakoreshaga imvugo ngo igaragaze ubuhanga bwabo mu byo guhanga. Imvugo ni yo yakoreshwaga mu kugaragaza uko Abanyarwanda kimwe n'abandi Banyafurika benshi bagaragaza ikiri ku mutima, igakoreshwa bagaragaza uko babona isi, uko bakora, uko bemera. Ururimi rushingiye ku mvugo mu Rwanda rwo hambere rwari ikirango cy'umuco, rukaba umuyoboro wifashishwa ngo utoze umuco uranga abanyarwanda. Ururimi rwari rubumbatiye bwa buzima bwa rubanda yemwe n'ubw'abatware hamwe n'ingoma. Mu buhanzi bunyuze muri urwo rurimi bugahora bubumbatiye ishema ryo kumenya Ikinyarwanda no kugikoresha neza mu bandi.

Aho kwandika bigereye mu Rwanda, wa muco wo gutora mu mutwe ibyavuzwe yaba mu rwego rw'ubuhanzi yaba no mu rwego rw'ubuzima busanzwe wasimbujwe kwandika. Ururimi rwagura ubushobozi, kuko ibyavugwaga byashoboraga kubikwa imyaka n'imyaniko mu nyandiko ku buryo uzabisoma azabasha kubyumva nk'uwabibwiwe imbona nkubone.

Cyokoze kwandika byo kungura ibitekerezo no gusoma byo kwiyungura ubumenyi birenze imitekerereze y'umwanditsi cyangwa umusomyi w'Umunyarwanda ntibyashobotse mu ntangiriro, bitewe ahanini n'uko abatuzaniye ubwo buhanga batifuzaga ko tumenya, tukarenza urwego batashakaga ko turenga. Ibi ni byo Mbonimana na Nkejabahizi (op.cit) bashimangira:
"Bigaragara ko mu myigishirize yabo, Ababiligi birindaga ko ahuguka akamenya ubwenge, bikaba byatuma yigenga. Kuri bo ngo ubwenge bwo mu bitabo buhindura umwirabura, maze aho kumuzamura bukamusinza. Ni yo mpamvu mu nama bagiraga abanyeshuri bo muri Groupe Scolaire d'Astrida harimo: Kumenya gusoma no gukoresha ibyo wasomye ni ingenzi, itegeko rya mbere rero: mujye musoma bike. Mugomba gusomana ubwenge, nta gutwarwa ngo usome byinshi…" Ibi bikaba ari gihamya igaragaza ko itangiriro y'ubwanditsi mu Rwanda kimwe n'ahandi ku isi hari hamaze kwakira inyandiko mu muco waho; ubwanditsi butahise buba nk'umuhanda umanuka aho umunyonzi w'igare adasabwa guhagurukira cyangwa kunyonga.

Abanyarwanda byabasabaga kwigengesera ngo hato batagwa mu kiswe icyaha cyangwa kirazira cyashyizweho n'umuzungu wari waje kubacengezamo ubusirimu buca umuco wabo wari ushingiye ahanini ku mvugo. Iki kibazo akaba ari cyo cyatumye mu Rwanda hataboneka ku ikubitiro ubwanditsi bwafasha rubanda mu buzima bwabo busanzwe bwa buri munsi, abagerageje kwandika mu mizo ya mbere bitaye kuri ayo mabwiriza yashyizweho n'abazungu; maze batana n'ubwanditsi bwose butari gufasha Abanyarwanda ngo bubagarure mu gutekereza no guhimba, ngo bubafashe kwizihirwa n'ibihangano bituruka mu bwanditsi. Byasabye gutegereza mu myaka ya 1950 kuko ari ho hari hamaze kuboneka Abanyarwanda bafite ubushake mu kwandika, ariko nanone bakomwa mu nkokora n'uko amacapiro ndetse n'amazu atunganya inyandiko ndetse akanazisohora byari bikiri mu maboko y'abazungu, bityo bakagomba gukomeza kwita ku kigwa barazwe. Ni muri urwo rwego umwanditsi washatse kurenga iyo nyirantarengwa ari Nayigiziki S. wanditse igitabo yise *Escapade rwandaise* cyari mu ngeri y'inkuru ndende; iki gitabo mu kuri abazungu ntibemeye ko gisohoka uko cyakabaye ahubwo bahisemo igice gito kivuga neza abazungu aba ari cyo basohora.

Ubwanditsi rero nyirizina, busohora imbamutima z'Abanyarwanda, usanga bwarategereje kwigenga kw'ibihugu byinshi by'Afurika kuko usanga ari ho abenshi babyukije umutwe babasha gusohora imbamutima zabo. Gusa ntiwavuga ko na byo byaboroheye kuko ahenshi inzu zitunganya inyandiko zikanazisohora zari zikiri ikibazo, ahenshi bisaba kubicisha mu maboko y'abazungu ngo bibone gusohoka muri rubanda, ahandi bikaba ikibazo cy'ubushobozi, kuko ntawakwihandagaza ngo avuge ko abanditse icyo gihe ari uko ari bo bari barenze abandi mu gutekereza no guhimba yemwe no guhanga. Gusa ibitarabakomeretsaga byatangiye gusohoka.

Nubwo ubwanditsi bwari bwinjiye mu Rwanda ariko, muri rubanda twavuga ko iyi nzira yitabiriwe n'Abanyarwanda mbarwa kuko yasabaga abari hafi y'abo bazungu, babanaga na bo, abize mu mashuri yabo n'abandi birwanyeho bake bakamenya gusoma no kwandika. Wa muco wagombaga kwimurirwa mu nyandiko wagumye mu mvugo, ibihangano bene byo bakomeza kubihererekanya nubwo batari bakisanzuye nka mbere, kugeza aho n'uyu munsi tubona ibihangano byatowe mu mutwe n'ibindi byatowe mu nyandiko.

Inkomoko y'ubwanditsi mu Rwanda nk'uko twabigaragaje ntiwayitandukanya n'ibintu bibiri by'ingenzi: Iyinjira ry'abazungu mu Rwanda ndetse n'itangizwa ry'amashuri mu Rwanda. Nkuko abahanga mu by'amateka babihurizaho, abazungu ba mbere binjiye mu Rwanda bari abihaye Imana, baza bafite umugambi nyamukuru wo kumenyekanisha iyobokamana rishya; ibintu bitabanje kwakirwa neza mu benegihugu hafi ya bose, ariko buhoro buhoro bagiye bazibukira, bagera aho baha ikaze rya yobokamana ry'umuzungu. Baje gukurikirwa na benewabo, bo bari bazanywe no kwigarurira u Rwanda. Aba bose birumvikana ko byabasabye ku ikubitiro gushaka uko bashobora kumvikana n'Abanyarwanda. Inkwakuzi niho zatoye indimi nshya zaje zikoreshwa na bo, Abanyarwanda bashoboye, batangira ubwo kwiga inyandiko ngo ibahuze na ba shebuja b'abazungu. Ibi byaje gukurikirwa n'ishingwa ry'amashuri mu Rwanda ryayobotswe ahanini n'urubyiruko rwagombaga gufasha cyane izo gahunda z'ivugabutumwa rishingiye ku myemerere ya Gikirisitu ndetse na gahunda z'ubutegetsi.

2. **Ishusho y'ubwanditsi mu rubyiruko rwo mu Rwanda**

Uyu munsi tuvuga kujijuka gushingiye ku gusoma no kwandika ni ho tuvuga uruhare rutaziguye amashuri yamize wa muco urubyiruko rwakuranaga wo kwita ku mvugo, bakayiha agaciro, bagatekereza ikivugwa n'uwo bakibwira, bagatozwa guhanga mu mutwe, bagatozwa gutekereza mu mutwe maze uyu muco mushya ubagabiza inyandiko. Ariko igitangaje ni uko muri urwo rubyiruko mbarwa nako bake bishoboka ari bo bagerageza inzira y'ubwanditsi. Akaba ari yo mpamvu usanga ahanini ibyanditswe n'urubyiruko kugeza magingo aya bikiri bike cyane.

Nk'uko amateka y'ubwanditsi abigaragaza, urubyiruko rwo mu Rwanda hageze igihe rusa n'urwikumira mu bwanditsi, ahubwo rusigara rugendera cyane cyane ku byo bandikiwe. Mu rwego rwo guhangana n'iki kibazo, ibigo bimwe byagiye bivuka, aho tuvuga ibigo byagiye byigaragaza cyane mu gusohora ibihangano byinshi byageneye urubyiruko. Aha ni ngombwa gushima uruhare Editions Bakame yagize nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu gusohora ibihangano biri mu rwego rw'ubuvanganzo bigamije gufasha abana gukuza umuco wo gusoma no kubinjiza muri bwa buryohe bwo kumva ibivanganzo no kubibakundisha.

Mbere y'aho turagaruka ku ruhare rw'umuryango IBARWA washinzwe mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi, na wo ikaba wari ufite intego y'ibanze yo guteza imbere ibuvanganzo n'ubuhanzi. Iyi miryango iri mu yo twavuga yigaragaje muri rwa rwego rwo gukungahaza Ikinyarwanda binyuze mu bwanditsi bw'urubyiruko.

Mu mwaka wa 2003, ubwo twakoraga inyandiko isoza amashuri y'ikiciro cya kabiri cya Kaminuza, nabashije kurondora ibihangano bya Editions Bakame 17 byanditse mu Kinyarwanda n'ibindi bitatu byanditswe mu ndimi z'amahanga. Muri ibyo bitabo harimo imigani 3 n'inkuru z'abana 17. Nyuma y'uyu mwaka Edition Bakame yarakataje ubu ikaba igeze ku rwego rw'uko ushobora gusanga ibihangano byayo kuri murandasi.

Mbere y'iyi miryango ariko, urubyiruko rwari mu mashuri abanza mbere ya Jenocide yakorewe Abatutsi, bibuka uruhare rukomeye *Kinyamateka* yagize mu kwimakaza umuco wo gusoma mu rubyiruko ibicishije mu kanyamakuru k'abana kabaye rurangiranwa mu Rwanda hose kitwaga *Hobe*. Muri ibyo bihe, abana bo mu mashuri abanza binyuze muri aka kanyamakuru babashije kujya babona udukuru tw'abana n'ibindi bihangano bigenewe abana bo muri icyo kigero. Gusoma byaritabiriwe ndetse bitanga umusaruro kuko ntaho wabonaga umwana utabasha kwisomera inkuru cyangwa ngo abashe kwiyandikira agakuru gato.

Mu ntangiro rero y'ubwanditsi, twakwemeza ko amashuri yaremyemo ubushobozi urubyiruko mu bijyanye no kwandika dore ko bari no mu b'ikubitiro babashije kugaragaza uburyohe bw'ubwanditsi mu Banyarwanda. Uyu munsi, ntawe uyobewe ko inkuru ngufi ya mbere mu Rwanda ari *Matabaro ajya i Buraya*, igihangano cya A. Kagame yasohoye muri *Kinyamateka* guhera mu wa 1938. Ukurikije itariki y'amavuko ya A. Kagame usanga yarasohoye iyi nkuru ye akibarirwa mu rubyiruko kuko bigaragara ko yandika iyi nkuru yari mu myaka 26. A. Kagame kandi muri iki gihe yari umukozi wa *Kinyamateka* aho byumvikana ko iby'ubwanditsi yari umurimo akora.

Uhereye mu mwaka wa 1913, umwaka amashuri yisumbuye yaboneyeho izuba mu Rwanda, ari na wo mwaka uwashaka kumenya itangiriro ry'ubwanditsi mu rubyiruko rwo mu Rwanda yashakiramo, kuko nubwo aya mashuri mu ntangiriro abanyeshuri batari bemerewe kwishora mu bwanditsi baje nyuma kugaragara bandika inyandiko ngufi bashyiraga ku misoto, igikorwa cyaje gukurikirwa n'ubwanditsi bwakorwaga binyuze mu tunyamakuru tw'amashuri atandukanye. Nta gushidikanya rero ko imizi y'ubwanditsi mu Rwanda tuyisanga mu rubyiruko aho nyuma ubwanditsi bwaje kuyobokwa n'abakuze biza kugeza aho urubyiruko rwagombaga gutera intambwe yisumbuyeho, rwaje gusa n'urwiheje mu bwanditsi; ikibazo kigoye kumenya impamvu yacyo ariko ahanini usanga gifitanye isano n'uburyo isi muri rusange igenda yihunza gusoma no kwandika aho iterambere mu by'ikoranabuhanga ryinjiranye uburyo buha umwanya inzira nyinshi zo kugera ku makuru no guhuza urubyiruko rimwe na rimwe.

Uyu munsi aho gusoma, usanga urubyiruko rwibereye muri za sinema, mu mikino yo kuri za terefoni ngendanwa kimwe na za mudasobwa. Ibyo kuba ubu bwanditsi tuvuga none mu Rwanda bwaraboneye izuba mu kwinjira kw'abazungu mu Rwanda bukaza ariko kwirema binyuze mu itangizwa ry'amashuri yari arimo urubyiruko icyo gihe, Mbonimana na Nkejabahizi (op.cit) babigarukaho muri aya magambo:
"Kuva aho abazungu baziye, ibintu byarahindutse, amajyambere yo kwandika n'amashuri bishyiraho akabyo. Nsabimana, Munyarugerero ndetse na Kabasha bavuga ko ari igihe cy'urwiganwa. Ni igihe ku ishuri berekanaga udukino tw'Igifaransa cyangwa Ikinyarwanda bahinduye, bakadukinira imbere y'abarimu na bagenzi babo. Abakuru bo, berekanaga za *Le Cid* ya Koruneyi, *Le malade imaginaire,* cyangwa *L'Avare* ya Moliyeri. Amaseminari, aho bitaga cyane cyane ku kwigisha indimi, ngo ni zo zari ku isonga".

Ku rundi ruhande kandi ntitwabura kugaragaza uruhare rw'ibinyamakuru, byashyigikiye ubwanditsi bw'urwo rubyiruko birimo Kinyamateka twavuzeho, *Echo du séminaire*, *Hobe* nb. Ibi bikaba ari ibinyamakuru byagaragaye ku ikubitiro mu rwego rwo kwimakaza wa muco wo kwandika no gusoma mu rubyiruko.

Nyuma ibinyamakuru byakomeje kuvuka mu mashuri yemwe kugeza n'ubu mu mashuri yisumbuye ndetse na Kaminuza biracyavuka. Ibyo twabashije kumenya twavuga harimo: *Ingoma* y'abanyeshuri b'i Rulindo, *Rayon* y'abanyeshuri bo ku Rwesero, *Echo from Ruhande*, *Diapason*, *La Muse* by'abanyeshuri bo mu cyahoze ari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (UNR), *La Source* na *Périscope* y'abayeshuri b'ishuri rikuru ry'icyahoze ari IPN.

Biragaragara ko mu mashuri ari ho umwana yakuraga urukundo rwo gusoma no kwandika, akaba ari ho bahuriraga n'udukuru tubashimisha ndetse tubamara irungu; udukuru twanditse ku buryo abana bifuza kudusoma bataragera ku isomo ryo gusoma. Izo nkuru wasangaga zihujwe n'amashusho yahamagaririraga abana gushaka kumenya ibiri mu nkuru. Abanyeshuri bize mu gihe cya gahunda y'umwaka wa munani cya reforume (réforme) ya nyuma bibuka neza inkuru y'*Abana babi*, *Petero Nzukira*, *Cacana*, *Ngunda*, *Joriji Baneti*, *Karyamyenda*, nb. Bitavanaho ko n'ubu mu mashuri twagerageje kugeramo n'ibitabo twabonye birimo inkuru nziza ariko bikaba bihura n'ikibazo ko ibitabo byo gusoma bihora bihindurwa mu mashuri abanza, ahandi abana ntibahabwe umwanya uhagije wo gusabana n'inyandiko.

Ubwanditsi mu rubyiruko rero ntitwakwemeza ko bwashinze imizi mu Rwanda kuko usibye mu mashuri, ubundi bigoye kubona urubyiruko mu bwanditsi bidaturutse ku marushanwa ategurirwa urubyiruko cyangwa afunguriwe bose (abakuru n'abato) mu bihe bitandukanye ndetse n'ibigo bitandukanye. Amarushanwa yabaye uburyo fatizo ku gukurura urubyiruko rw'ubu mu bwanditsi. Ni muri urwo rwego Editions Bakame n'IBARWA byafashije urubyiruko kongera kugaruka mu bwanditsi aho wasangaga urubyiruko rwarahunze gusoma no guhimba bishyira ku bwanditsi. Nubwo tuvuga Editions Bakame n'IBARWA ntitwabura kugaruka ku ruhare rukomeye rw'icyahoze ari ORINFOR ubu yabaye RBA (Ikigo k'Igihugu k'Itangazamakuru) mu gutegura amarushanwa mu bihe binyuranye yaba mbere cyangwa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994. Amarushanwa ahenshi yanyuzwaga kuri Radiyo Rwanda mu kiganiro cyahariwe ikinamico cyamenyekanye ku izina ry'*Indamutsa*. Urubyiruko nanone rwagaragaye mu marushanwa yateguwe na ARBEF ndetse na CICR.

Magingo aya rero, biragoye kuvuga ubwanditsi mu rubyiruko rw'u Rwanda mu gihe nta rushanwa ryateguwe. Icyuho kiriho ubu ntiwavuga ngo cyazibwa na nde gusa inzira zakoreshwa mu gusiba icyuho zo zirahari. Hasabwa guhindura icyerekezo turi guha imikoreshereze y'Ikinyarwanda, tugashyira imbere umuco wo gusoma duhereye mu mashuri abanza. Abana bagatozwa guhanga bakiri bato ari na ko bakomeza gufashwa ku bijyanye no gusoma no kwandika, yaba mu miryango no ku mashuri.

Leta binyuze muri Minisiteri y'Uburezi yashyiraho gahunda zituma abana bakunda gusoma no kwandika cyane cyane bakabifashwamo n'abigisha indimi. Biratangaza kandi bikababaza iyo wumva umwana ava mu mashuri yisumbuye akubwira ko nta gitabo na kimwe yasomye ngo akirangize, adashobora kukubwira inkuru byibuze nziza yamusigaye mu mutwe mu zo yakuye mu ishuri. Umuco w'amasomero ugomba kandi gushyigikirwa ndetse amashuri agashyigikira gahunda yo gukundisha abana gusoma niba koko twifuza ko urubyiruko ruzaba abarinzi b'ururimi rw'Ikinyarwanda.

## 3. Ikinyarwanda mu rubyiruko rw'u Rwanda

### 3.1. Ikinyarwanda mu rubyiruko rwa kera

Ikinyarwanda mu Rwanda rwa kera nk'uko bizwi, cyari inzira n'uburyo Abanyarwanda bo hambere bakoreshaga ngo basobanure imibereho yabo. Ikinyarwanda muri rusange cyari ubuzima bw'Umunyarwanda wo hambere kuko cyahurizaga hamwe ibitekerezo, imigenzo, imico, imyumvire, ubutegetsi, imibanire, mbese muri rusange cyafataga imibereho kikayiha umurongo. Gukomera ku Kinyarwanda byari irage Umunyarwanda yaragwaga na se bikaba uruhererekane. Ikinyarwanda cyo hambere kandi nticyatandukanaga n'ubuvanganzo kuko ubuvanganzo ubwabwo bwasobanuraga bya bice byose by'ubuzima.

Kuva umwana avutse: Umwana mu muryango yatangiraga gukurikiranwa n'umubyeyi we cyane cyane umubyeyi w'umugore, byagera mu kigero cy'imyaka ibiri n'itatu akamutoza kubaha no kuvuga imvugo iboneye y'umwana wiga kuvuga, akamuremamo urukundo rw'umwana n'umubyeyi. Muri iyo myaka, umubyeyi yamufasha gukosora amwe mu makosa y'imivugire rimwe na rimwe akamushima aho akoze neza ubundi akamucyaha.

Mu kigero cy'imyaka itatu kugera kuri itandatu mbese cya kigero bavugaga ko umwana akurikira abandi mu nyana, umwana yatangiraga gusobanurirwa bimwe mu bintu, agatozwa kuvuga neza Ikinyarwanda no kwita ku kumenya inyito z'imirimo imwe n'imwe. Birumvikana ko nanone uruhare rukomeye rwari rukiri ku mubyeyi w'umugore. Muri iki kigero nyina w'umwana yarwanaga no kwigisha umwana amasano ya hafi y'abagize umuryango, akamutoza kubaha abakuru no kumenya uko abitwaramo. Umwana yatozwaga kandi indamutso ikwiye buri kiciro, nb.

Mu kigero cy'Imyaka 7 kugera kuri 11, umwana yashoboraga kuba yakwiragirira inyana wenyine. Aha noneho se yinjiraga mu burere agatangira gukurikirana umwana afatanyije na nyina umubyara. Iki gihe umwana yatangiraga kwakira imvugo zo hanze y'umuryango we, agatangira kumva ibivugwa n'abandi bana bo mu kigero cye. Ababyeyi bakarwana no kugorora rimwe na rimwe imvugo yabaga yatoye ikocamye ari na ko barushaho kumufasha gukoresha Ikinyarwanda gikwiye. Bakarushaho kumwerekera ibikorwa bikwiye mu bantu, ari nako bamusobanurira ibidakwiye. Ni muri iki kigero rero umwana w'umuhungu yatangiraga kwiga kwivuga utwivugo duto tw'amahomvu. Umukobwa

wo muri iki kigero na we agahora iruhande rwa nyina yiga uturimo dutandukanye twa gikobwa ari na ko nyina agenda amusobanurira ibikwiye kwitabwaho n'uko iyo mirimo ikorwa. Kwigishwa muri iki kigero ''ntibavuga bavuga" byabaga ishingiro kuko abana bo muri iki kigero babaga batangiye guhura n'ibindi bintu bitandukanye n'ibyo bari basanzwemo. Ikeshamvugo rikongerwamo ikibatsi ku buryo abo bana bo muri icyo kiciro batangira kwitwararika mu mvugo bakoresha. Muri iki kigero kandi abana barangwaga no gusobanuza cyane bagamije kumenya ibikwiye.

Hejuru y'iki kigero hatagaho ikiciro cy'imyaka 12 kugera kuri 15. Mu by'ukuri, cyari ikigero cy'abana bamaze guca akenge; ikigero umwana w'umuhungu noneho yashoboraga gukurikirana ibiganiro by'abakuru rimwe na rimwe mu biganiro byateguwe mu buryo bwo guteza imbere umuryango, agahabwa umwanya hagamijwe kugira ngo barebe urwego agezeho akoresha imvugo inoze, uko arema interuro n'uburyo akoresha icengerangingo mu mivugire ye. Ku ruhande rw'abakobwa, umukobwa agatangira gutozwa no kwerekwa imirimo y'umutegarugori, agakurikiranwa mu migenzereze kandi agatozwa kuvuga atuje, adasukiranya amagambo nka gasuku, akamenya aho agomba kuvuga n'aho agomba kumira ijambo. Kuri uru rwego, iby'inozamvugo n'ikeshamvugo byabaga bimaze kugera ku rwego rushimishije.

Hejuru y'iki kiciro rero ni ho twavuga ko umuntu yabaga amaze kumenya iby'Ikinyarwanda. Umusore n'inkumi bo muri icyo kiciro barangwaga no kunoza imvugo. Bakamenya aho kuvuga n'aho guceceka. Bari bazi neza ko imvugo isobanura nyirayo ko kandi ukuri kose kutavugwa kuko bakuraga barabwiwe kenshi ko nyiri akarimi kabi yatanze umurozi gupfa. Bityo bagahora baharanira kuvuga ukuri, ibikwiye, kumenya icyo bavuga n'uwo bakibwira.

Birumvikana ko rero mu Rwanda rwo hambere imikoreshereze y'Ikinyarwanda yari ifite integuro kuko umwana kuva atangiye kwiga kuvuga kugeza ageze mu kigero cy'ubusore yabaga yaratojwe imvugo iboneye. Umuco yakuriragamo ubwawo ntiwamwemereraga kujya kure y'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda. Kuvuga neza Ikinyarwanda byari ishema ndetse n'umutungo buri Munyarwanda yifuzaga gutunga. Kuganira mu bandi byagiraga umwihariko wabyo, gusangira n'abandi bikagira umwihariko wabyo, gutebya mu rungano bikagira uko bikorwa.

### 4.2. Ikinyarwanda mu rubyiruko rw'iki gihe

Kuvuga ku Kinyarwanda mu rubyiruko rw'iki gihe mu nyandiko nk'iyi ni uburyo dushaka guhuza inzira zanyurwamo ngo urubyiruko rw'u Rwanda rubashe kubona ko ari rwo mizero y'Ikinyarwanda cy'ejo hazaza. Ni uburyo bwo kugaragaza uruhare rwabo mu iterambere ry'umuco wo ngobyi ihetse ururimi rw'Ikinyarwanda. Ni inzira ikwiye yo kugaragaza aho urubyiruko rw'ubu ruherereye mu mikoreshereze y'Ikinyarwanda.

Ikinyarwanda mu rubyiruko rw'ubu gisa n'aho ari ntacyo kuko iyo ukurikiranye urubyiruko rusohoka mu mashuri, ukumva imvugo biyubatsemo usanga Ikinyarwanda kigomba gushakirwa undi muvuno mu rubyiruko rw'u Rwanda. Urubyiruko rw'ubu rurakura rwumva ko kuvuga Ikinyarwanda kivangiye ari ishema; gukoresha urufefeko n'imvugo nyandagazi byabaye umuco mu rubyiruko. Iyo wumva indirimbo abahanzi benshi barimo guhimba, ukumva Ikinyarwanda kiri gukoreshwa muri icyo kiciro wibaza amaherezo y'Ikinyarwanda mu rubyiruko rw'u Rwanda ukayabura. Gushyoma no gukoresha imvugo ikocamye byabaye ingeso mu rubyiruko rumwe na rumwe ku buryo usanga ibi kubikosora bigomba ingufu zirenze iz'abigisha urubyiruko mu mashuri. Iyo ukurikirana ibitangazamakuru, ukumva radiyo hafi ya zose yemwe na Radiyo y'Igihugu, ugakurikira amatereviziyo akorera mu gihugu harimo na Televiziyo y'Igihugu (TVR) ahanini mu biganiro by'urubyiruko n'imyidagaduro wibaza uko uru rubyiruko rwafasha gukungahaza Ikinyarwanda ukabura igisubizo.

Nonese ko radiyo na tereviziyo biri mu bigomba gufasha ya politiki yo gukungahaza Ikinyarwanda, uyu munsi abahabwa akazi ko kuvuga Ikinyarwanda kuri ibyo bitangazamakuru ugasanga ari bo bibasiye Ikinyarwanda, bakakica ku bwende kuko usanga nta mahame cyangwa amabwiriza ngenderwaho mu kubahiriza umuco w'ururimi rw'Ikinyarwanda muri iki kiciro twavuze. Umwana w'Umunyarwanda ukurikira ibyo biganiro cyane se ntashobora kuzahangirikira hashingiwe ko ashobora kuzigana umuco wa wa munyamakuru rurangiranwa wica Ikinyarwanda.

Muri iyi minsi hateye indwara mu rubyiruko yo kwiyumvisha ko kuvuga Ikinyarwanda ukanoza imvugo ugaragara nk'umuswa. Bamwe mu rubyiruko bigaragara ko bishyizemo imyumvire ishingiye ku gupfobya Ikinyarwanda ku bwende aho kuvuga neza Ikinyarwanda no kutakivuga neza atari ikibazo cyabo.

Gusa, muri rusange, iyo witegereje usanga impamvu z'amakosa yo kuvuga nabi Ikinyarwanda zishingiye ku ngingo zitandukanye, ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira:

- Dufatiye ku mateka yaranze igihugu cyacu mu bihe bitandukanye; amateka yari afite imizi mu butegetsi bwariho mu Rwanda. Ayo mateka ahanini yatumye mu Rwanda haboneka umubare munini w'impunzi zahungiye mu bihugu bitandukanye, maze bamwe mu Banyarwanda bakurira mu mico y'amahanga itandukanye, bayoboka indimi z'aho. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu wa 1994, iyo mbaga y'Abanyarwanda yari yaravukijwe uburenganzira bwo kuba mu gihugu yagombaga gutahuka. Birumvikana ko mu Rwanda hahuriwemo imico y'Abanyarwanda itandukanye aho bamwe bari baribagiwe Ikinyarwanda, abandi baravukiye muri izo ndimi z'amahanga. Kuvuga Ikinyarwanda kinoze rero ntibyari gushobokera buri wese muri icyo gihe ku bw'impamvu zumvikana.

- Kutamenya amagambo ahagije y'Ikinyarwanda: Iyi ngingo ahanini ishingira ku kutagira umuhate wo kuvuga Ikinyarwanda. Rimwe na rimwe usanga abari muri iki kiciro baravukiye mu Rwanda, bagakurira mu Rwanda ndetse bakiga mu Rwanda, ariko kubera ko Ikinyarwanda batagihaye umwanya kuva bakiri bato, usanga ibibazo byo kutita ku Kinyarwanda bigaruka no muvigire yabo, aho iyo bibaye ngombwa ko bakoresha Ikinyarwanda bisanga babuze amagambo yo gukoresha. Ikindi nanone ni uko urubyiruko rwo muri iki kiciro usanga ahanini ababyeyi babo barabafashije kutita ku Kinyarwanda ndetse akenshi ugasanga no mu kwiga bize mu mashuri atagaragaramo Ikinyarwanda. Ni muri urwo rwego usanga ababashije kuvuga Ikinyarwanda utabatandukanya n'umuzungu uri kwiga Ikinyarwanda.

- Kumva ko kuvanga Ikinyarwanda n'izindi ndimi ari ubusirimu: Urubyiruko rwinshi rusigaye rwumva ko gukoresha Ikinyarwanda cy'umwimerere ari iby'abanyacyaro. Utavanga indimi rimwe na rimwe akagaragara nk'utarize cyangwa umuntu udasobanutse. Mu by'ukuri nta busirimu bushingiye ku kuvangira ururimi.

- Kuvanga intego z'izindi ndimi n'iyitiranyanyito rishingiye kuri izo ndimi: urubyiruko yemwe n'abakuru, iri kosa bakunze kurigwamo. Bagafata amagambo bavanye mu bisobanuro by'indimi zindi bakayakoresha uko yakabaye mu Kinyarwanda. Birumvikana ko kuvuga *umuntu ubana n'ubumuga* cyangwa *umuntu ubana n'ubwandu* byamamaye bivuye mu ndimi z'amahanga (vivant avec, living with); aho kuvuga umuntu ufite ubumuga cyangwa ubwandu; Ikinyarwanda kikagorekwa muri buriya buryo.

- Kutita ku mikoreshereze y'amuga yahanzwe mu Kinyarwanda: Kubera kutita ahanini ku Kinyarwanda, usanga n'amuga ahangwa urubyiruko rutayamenya, maze mu mvugo zabo kenshi ugasangamo inyito z'amagambo mvamahanga.

- Kutanoza nanone imivugire y'amwe mu majwi shingiro y'Ikinyarwanda ugamije kugaragaza ko wasirimutse bidaturutse ku burimi umuntu yaba yaravukanye: Aha usanga amagambo menshi arimo ijwi /k/ cyangwa /g/ zikurikiwe n'inyajwi /i/ cyangwa /e/ bazisirimura. Yavuga Kigali, kugenda, ukumva si ya majwi asanzwe mu majwi shingiro y'Ikinyarwanda.

- Mu rubyiruko kandi hateye uturemajambo **"nata"** aho urubyiruko rwinshi rwamaze kuganzwa n'uburimi bwo mu bwana bushingiye ku kutabasha gukoresha impakanyi **nta** byihuse mu nteruro, ukumva umuntu w'inkumi cyangwa w'umusore mu bantu arateruye ati: " Natariye, natize, natakoze, natakureba…".

Mu by'ukuri impamvu ni nyinshi ariko izi ni zo twabonye usanga zifite uruhare runini ku kibazo twavuze cy'imikoreshereze idahwitse y'Ikinyarwanda mu rubyiruko.

Hamwe n'izi mpamvu ariko ntitwabura kugaruka ku rubyiruko rugikomeye kuri wa muco ushingiye ku ikoreshwa ry'Ikinyarwanda kinoza imvugo, gikesha imvugo, nubwo atari benshi ariko abo bake ntibabura gushimirwa. Birumvikana ko ubu abagikomeye kuri uwo muco bakiboneka, ariko hatagize igikorwa, ngo urubyiruko rugaruke ku mikoreshereze inoze y'Ikinyarwanda, abavuka ubu bashobora kuzahura n'ikibazo cy'Ikinyarwanda kivangiye aho byazaba ngombwa ko uwumva Ikinyarwanda, yaba ari uwaba ufite n'ubuhanga mu ndimi z'amahanga.

Birakwiye ko urubyiruko rw'u Rwanda rwihatira kumenya indimi z'amahanga, bakazihugukirwamo, ariko kandi ni ishema ku Rwanda kumva umwana warwo avuga adategwa mu Kinyarwanda kandi kinoze. Ukoresheje Igifaransa cyangwa Icyongereza akiyumvisha ko agomba kubikoresha neza nk'uko agomba gukoresha Ikinyarwanda neza mu mwanya wacyo.

Ni ngombwa ko kugira ngo Ikinyarwanda kibashe gutera imbere ari uko hajyaho ingamba zafasha mbere na mbere itangazamakuru ku mikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda n'abagikoresha mu kazi k'itangazamakuru. Ibi bizafasha ko uzakora itangazamakuru avuga neza Ikinyarwanda urubyiruko rumukurikiye kandi rumwishimira ruzatora imigenzereze ye maze Ikinyarwanda kihungukire. Ariko kandi nibikomeza kureberwa, ntihagire igikorwa bizaba akaga gakomeye ku Kinyarwanda kuko ba bana batabona umwanya w'itorero, n'ibindi bishyira ku muco nyarwanda bazatora cya Kinyarwanda kirwaye maze usange ni cyo kiganje mu rubyiruko.

Abahanzi na bo ni ngombwa kwita ku muco w'ururimi, bakumva ko inyuma yabo hari urubyiruko rukurikira ibihangano byabo, kandi rushobora no kuba rukunda injyana zabo, maze bakihatira gukoresha Ikinyarwanda kinoze, bakirinda imvugo zidakwiye mu ruhame bityo na bo bakumva ko imikoreshereze myiza y'Ikinyarwanda kuri bo ari umuganda baba bateye u Rwanda n'urubyiruko muri rusange.

Amashuri na yo akwiriye kwita ku myigishirize ishingiye nanone ku kurera Umunyarwanda uvuga Ikinyarwanda gikwiye, wandika Ikinyarwanda adasobwa. Abanyeshuri bagenerwa umwanya uhagije wo kwita ku rurimi rwabo batibagiwe n'ubundi bumenyi kuko byose bigomba kuzuzanya. Amashuri abanza yafasha kandi abana kwitoza kuvuga neza Ikinyarwanda, bagakura babasha guhanga no kwandika mu Kinyarwanda. Ibyo bizaba bimwe mu bikungahaza Ikinyarwanda, bikazatuma haboneka n'urubyiruko rwandika neza mu Kinyarwanda.

**5. Ibyo ubwanditsi mu rubyiruko bugomba kwitaho kugira ngo bufashe gukungahaza Ikinyarwanda**

Muri iki gihe, u Rwanda rwashyize imbere politiki yo gushyigikira ikoreshwa ry'indimi nyinshi, aho Ikinyarwanda kigomba guhangana n'indimi zindi eshatu z'amahanga zirimo Igifaransa, Igiswayire n'Icyongereza. Birasaba rero kunoza neza politiki y'imikoreshereze y'izi ndimi kugira ngo ejo

hatazagira ururimi rubangamira izindi. Ni yo mpamvu Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire ari rwo rufite ubushobozi bwo kwitwa rwonyine ururimi rw'Igihugu, izindi zisigaye zikaba zifite ubushobozi bwo kwitwa indimi zemewe, zikoreshwa mu butegetsi harimo nanone Ikinyarwanda. Ibi bishimangira ko Ikinyarwanda ari umwihariko w'Abanyarwanda, mu gihe ziriya ndimi eshatu zindi zigomba gufasha Abanyarwanda guhangana n'iterambere isi iganishamo u Rwanda. Kwita ku Kinyarwanda kimwe n'izo ndimi z'amahanga rero ni ishingiro ry'iterambere, ni amahirwe Abanyarwanda bafite bagomba kubyaza umusaruro. Ariko by'umwihariko Ikinyarwanda kigomba guhabwa iya mbere.

Ikinyarwanda kigomba kwitabwaho uhereye mu muryango, mu mashuri, ndetse no mu buzima busanzwe bw'igihugu kugira ngo gikomeze kuba irage rya ba sogokuru rihatse bwa budasa bw'Abanyarwanda bwo bubumbatiye bwa bumwe bwacu. Imikoreshereze y'Ikinyarwanda igomba kongerwamo ikibatsi, Abanyarwanda bakimakaza umuco wo kuvuga Ikinyarwanda kinoze, bakirinda kukivanga no kukivangira. Ufashe ijambo akita ku gukesha imvugo no kuyikoresha binyuze umwumva. Abato bagakomezwa kwerekerwa no kugarurwa mu nzira aho batannye. Abahanga mu nyandiko bakita ku myandikire inoze y'Ikinyarwanda, bakita kuri wa muco gakondo, bagasobanura iby'ubuhanzi bwabo mu Kinyarwanda, abandika ibitabo by'ubuhanga n'ikoranabuhanga, ibidukikije, ubutabire, amateka, nb. bakabishyira mu Kinyarwanda. Ibyo byose bizatuma ururimi rudacika ahubwo rwongera inyunguramagambo mu mikoreshereze yarwo. Birumvikana neza ko ubwanditsi nibwita ku Kinyarwanda mu by'ubumenyi runaka bizasaba gukoresha amagambo aboneye mu rurimi rw'Ikinyarwanda ndetse rimwe na rimwe ihangamuga rifashe gucengeza umwimerere w'Ikinyarwanda mu bwanditsi.

Uko Abanyarwanda bazitabira gusoma ndetse no kwandika mu Kinyarwanda ni byo bizaha agaciro Ikinyarwanda. Kera byari byoroshye ko ubuvanganzo bwafashaga Abanyarwanda kugumana umwimerere w'Ikinyarwanda ndetse n'umuco wabo. Uwahangaga igihangano nta rundi rurimi cyari gusohokamo rutari Ikinyarwanda. Ubwiza bw'ibyo bihangano bwumvikaniraga muri ya mvugo inogeye amatwi ituma uteze amatwi agira ubushake bwo gushaka gukomeza kumva. Kuvuga muri uwo muco wo gusohora akari ku mutima kagasesekara ku munwa ntibyari bihagije kuko kuvuga byajyanaga n'igihangano runaka n'aho ukivugira, bikajyana n'abo ukibwira. Bivuga ko imvugo yo guca umugani yari itandukanye n'iyo kwivuga cyangwa iy'ibihozo. Imvugo yo mu guterekera ikitarura iy'imisango cyangwa iy'amazina y'inka. Amazina y'inka nubwo ari mu ngeri ziranga ubusizi agatandukana n'ibisigo bisanzwe.

Ubuhanzi bushingiye ku buvanganzo nyarwanda bwari umuco winjiye muri rubanda kuko imibereho y'Abanyarwanda b'icyo gihe yabafashaga gushyigikira no guha intebe ubuvanganzo. Ntibitangaje rero ko umuco wisangaga usobanurwa na rwa rurimi binyuze mu bihangano, iby'ubuzima busanzwe n'imyemerere bikisanga mu buvanganzo gakondo. Ubu bushobozi ibi bihangano byari bifite n'ubu buracyariho, ikibura ni ukumenya inzira ikwiye yo kubucishamo ngo bisigasire iterambere ry'Ikinyarwanda kuko Ikinyarwanda ubwacyo dusanga atari ya mvugo gusa. Ikinyarwanda ni wa

muco, ni bwa buzima busanzwe butekerejwe mu Kinyarwanda, ni bya bitekerezo birema ingingo zubatse neza zisobanurwa n'ururimi. Ikinyarwanda si imvugo gusa ahubwo ni ibishobora kugaragazwa n'imvugo cyangwa inyandiko mu Kinyarwanda.

Iyo tuvuga Ikinyarwanda, abenshi bumva uru rurimi tuvuga nk'Abanyarwanda n'ubwo baba batibeshye, iyi nsobanuro ishimangirwa n'ishingiye ku bisobanuro dusanga mu Nkoranya y'Ikinyarwanda (2001). Mu buryo rero bwagutse Ikinyarwanda turakivuga nk'ururimi n'ibindi byose biranga umuco w'Abanyarwanda. Nkusi (2007) agerageza gusobanura Ikinyarwanda agira ati:
"... Kuko niyo tuvuga Ikinyarwanda tuba tuvuga ururimi n'ibindi byose biranga umuco. Kumenya Ikinyarwanda si ukuba uzi insobanuro y'amagambo, kuba wita ku mategeko y'ikeshamvugo n'ikibonezamvugo, ahubwo ni no kuba ufite n'ikinyabupfura kandi uzi kubana n'abantu. Mu ijambo Ikinyarwanda hakubiyemo ururimi n'umuco. Ariko ibyo byo guhanga no guhimba bifite uruhare runini…"

Ibyandikwa mu Kinyarwanda ni Ikinyarwanda, ni na yo mpamvu kubicengeza mu bato bakabigira ibyabo ari ko gusigasira cya Kinyarwanda. Ubushobozi umwana muto azabyirukana bwo gutekereza mu Kinyarwanda agahanga mu Kinyarwanda, akandika mu Kinyarwanda bizaba imwe mu ntambwe zo gusigasira Ikinyarwanda no kugikungahaza kuko wa muco wa kera Ikinyarwanda cyavukiyemo wabererekeye ushingiye ku nyandiko.

Ubwanditsi mu Rwanda, bwaba ubukozwe n'abakuru bugakorwa mu nyungu z'urubyiruko, bwaba ubukozwe n'urubyiruko ubwarwo ni ngombwa ko bwita ku bihangano urubyiruko rwisangamo. Abandika bagombye guhera ku byo urubyiruko rwibonamo, ntibumve ko ubwanditsi bufite umumaro ari ubuvuga gusa ku buvanganzo. Abanditsi nibinjire mu rubyiruko bamenye ibyo batekereza, bumve ko imitekerereze y'urubyiruko rwa none ifite icyerekezo gihabanye n'icya kera, bafatire ibihangano mu biri guhuza urubyiruko, babikoremo inkuru ndende mu Kinyarwanda, bakoremo ikinamico, bakore imivugo irwinjiza mu byerekezo barimo, bahange bafatiye mu isi urubyiruko rutekereza. Ku rundi ruhande, abanditsi nibashishikare bandike ibijyanye n'iterambere mu by'ubuhanga mu ngeri z'ubumenyi zitandukanye aho urubyiruko rwinshi rwisanga kuko ubu mu Rwanda urubyiruko rwinshi ruri ku intebe y'ishuri. Bandike ibitabo mu ngeri zose z'ubuzima cyane cyane iby'ubumenyi n'ikoranabuhanga, hakoreshwe amuga ajyanye n'ubwo bumenyi maze urebe ngo mu gihe gito indwara yari iri mu rubyiruko yo kutita ku byanditswe mu Kinyarwanda ngo iracika. Aha kandi Ikinyarwanda kizahungukira kuko ayo muga aziyongera yaba ari acurwa mashya cyangwa se asanzweho akamenyerwa mu mikoreshereze y'ururimi.

Gukuhangahaza Ikinyarwanda bivuye mu rubyiruko rw'u Rwanda birasaba ingufu zishingiye ku ihinduramatwara ryaturuka ku bushake bw'urubyiruko no kuri gahunda yashyirwaho ishingiye kuri politiki y'Ikinyarwanda n'imikoreshereze yacyo mu Rwanda. Ubusanzwe Ikinyarwanda ni ururimi rukungahaye muri byose, yaba mu kibonezamvugo cyacyo, yaba mu buvanganzo bwacyo yemwe no

mu magambo y'ururimi ubwayo. Ururimi rutera imbere ruvugwa, rukoreshwa, rutozwa abakiri bato ngo barukurane, rubakuriremo maze na bo bazarurage abazabakomokaho.

Dukurikije ibyo twagaragaje ku ngingo isobanura ururimi n'icyo rwisanzuriramo turasanga nta ngeri yihariye izafasha ururimi gukungahara kurusha izindi nubwo abenshi iyo havuzwe gukungahaza ururimi bumva gusa amategeko ashingiye ku kibonezamvugo n'ikoreshwa ry'ingeri z'ubuvanganzo. Izi ngingo ni ingenzi mu gukungahaza Ikinyarwanda nk'ururimi kuko buri rurimi ruvoma mu kibonezamvugo cyarwo, rukiyubaka mu miterere yarwo hanyuma rukisanzurira neza mu buvanganzo. Ku Kinyarwanda bikaba akarusho ko kuva kera na rindi ubuvanganzo bwari muri rubanda uhereye mu muryango remezo bukinjira mu mabanga no mu mitegekere y'ubwami. Ubuvanganzo muri rusange bwari ukuri ku buzima bw'Abanyarwanda, bukabafasha gusobanura ubuzima n'ibibugize bwose.

Muri iyi minsi ariko, ubwanditsi ntibwashingira ku buvanganzo n'ikibonezamvugo gusa ngo byiharire umurimo wo gukungahaza Ikinyarwanda kuko hari urubyiruko rutaboneka muri ibyo byiciro by'ururimi kandi na bo mu Rwanda ntibagomba gusigara inyuma mu rugamba rwo gusigasira no gukungahaza Ikinyarwanda. Ntabwo kuzandika igitabo k'iyigandimi, iyiganyito, kwivuga, inkuru ndende, imigani, ibisigo, nb. byazaba intwaro yonyine yakwifashishwa muri uru Rwanda mu rugamba rwo gukungahaza Ikinyarwanda. Ku rwego rwo gukungahaza Ikinyarwanda binyuze mu bwanditsi bw'urubyiruko birasaba ko urwo rubyiruko ruhagurukira kwiga mbere na mbere Ikinyarwanda, rugafashwa gukunda Ikinyarwanda no gushaka kukivuga mu bandi, rugahagurukira kwandika mu Kinyarwanda, rugasoma ibyanditswe mu Kinyarwanda byaba iby'amateka, iby'ubuvanganzo, iby'ubukungu, ibya politiki, iby'ubuzima, iby'ubumenyi se cyangwa ikoranabuhanga, nb. Ibi byose kubasha kubishyira mu nyandiko ya gihanga iri mu Kinyarwanda ku buryo ubwanditsi mu Kinyarwanda bwatangira kubamo ibihangano by'urubyiruko biri mu ngeri zitandukanye z'ubuzima ni ko gukungahaza Ikinyarwanda mu rubyiruko no gutera imbere kw'Ikinyarwanda.

Ururimi, nk'uko twabibonye, ni ishingiro ry'imibereho ya muntu kuko ari rwo rubasha gucishwamo ibitekerezo bye bisobanura imibereho ye ndetse n'umuco we. Umuco w'abantu ugaragazwa n'ururimi rwabo kuko ari rwo ruwusobanura mu magambo cyangwa mu nyandiko. Aho akaba ari ho dushingira tuvuga ko Ikinyarwanda ubwacyo kiri mu muco w'Abanyarwanda n'umuco w'Abanyarwanda ukababamo. Umuco n'imibereho by'Abanyarwanda bisobanurwa na rwa rurimi rwabo rwitwa Ikinyarwanda. Bityo rero, ibiranga umuco w'abantu byakabaye bifasha ururimi gukungahara igihe byaremye ingingo ubwanditsi bushingiraho busangiza isi ibyo batekerereza kuri uwo muco. Mu guhuza ibyafasha urubyiruko mu rugamba rwo gukungahaza Ikinyarwanda, twakwisunga Nkusi L. (twavuzeho) aho asobanura ingingo ziranga umuco nk'uko yazitondetse muri ubu buryo:

- *Ururimi, ubuhanzi n'ubuvanganzo;*
- *Iyobokamana, ibyo abantu bemera, imihango, imiziririzo, uburyo bwo kwambaza no gusenga;*
- *Imyifatire, imibanire, imibereho, imigirire y'abantu, mu bihe bisanzwe, mu mahoro, mu ntambara no mu mage;*

- *Imitekerereze n'uburyo bwo kubaho;*
- *Ubuhanga, ubugeni n'ikoranabunga (Uburyo bwo kubaka, kuvura n'ibindi);*
- *Ubugeni n'imyidagaduro;*
- *Amateka y'igihugu n'imbaga yacyo, ndetse n'imiyoborere yacyo; ibitekerezo ku nkomoko y'abantu, n'ibimenyetso ndangamurage;*
- *Ubukungu, guhaha ibintu no kubisaranganya, ndetse n'uburyo bwo kwita ku bidukikije.*

Niba koko twemeranya ko Ikinyarwanda ari umuyoboro Abanyarwanda banyuzamo uko babona ibikubiye muri izi ngingo umunani zashyizwe ahagaragara n'impuguke, twakwemeranya ko ururimi rw'Ikinyarwanda rushingiye ku muco w'Abanyarwanda winjira mu buzima bwabo bwa buri munsi. Bityo rero, ubwanditsi bwashingira kuri izi ngingo, twakwemeranya ko bwaba buri mu cyerekezo cyo gukungahaza Ikinyarwanda kuko bihagije kwandika kuri izi ngingo mu Kinyarwanda bikagufasha gucengera Ikinyarwanda. Uko ubasha gusobanura, kurondora, kwemeza, no kugaragaza ibikubiye mu nyandiko yawe ni ko ubushobozi bw'imikoreshereze y'Ikinyarwanda bukomeza kwiyongera. Uko wandika ibijyanye n'ubuhanga runaka ukagera aho ugomba gukoresha ijambo mvamahanga ridasanzwe mu Kinyarwanda ukabasha kurishakira iryuga riboneye ryacuzwe cyangwa rifatiweho ni ko gukungahaza Ikinyarwanda. Nyuma y'igihe gito uwanditse inyandiko imwe, akarenzaho zikaba ebyiri cyangwa eshatu, nta kabuza ubuhanga azaba afite ku mikoreshereze y'Ikinyarwanda, inyunguramagambo zizaba zakoreshejwe mu nyandiko ye, nta gushidikanya ko bizaba biri mu rwego rwo gufasha Ikinyarwanda.

Abagize urubyiruko by'umwihariko nibahabwa rugari, bakemera kwinjira mu bwanditsi n'amaguru yombi, bakemera kwandika mu Kinyarwanda ibibakikije, ibiri mu buzima bwabo, nta kabuza bazaba bari mu nzira zo gusigasira Ikinyarwanda no kukibungabunga kuko uko bandika hari ururimi rubasigaramo, uko basoma kenshi ibyanditswe mu Kinyarwanda ni ko bahugukirwa n'imvugo Ikinyarwanda gikoresha. Nibahabwa umwanya ukwiye wo kwandika mu Kinyarwanda bagasoma mu Kinyarwanda kuri za ngingo zose zarondowe, nta kabuza ko Ikinyarwanda kizaba kiri gusigasirwa no gukungahara.

### 6. Imbogamizi z'ubwanditsi mu rubyiruko rw'u Rwanda

Zimwe mu mbogamizi ubwanditsi mu rubyiruko buhura na zo ni izishingiye ku mikoro, kuko ubwanditsi bw'ibitabo muri rusange burahenda. Ahanini usanga abanditsi birwariza mu kwandika ibihangano byabo kuva batangira kwandika kugera aho basohoreye ibihangano byabo bigatangazwa. Mu by'ukuri ntibishobora benshi n'ababishobora birumvikana ko baba bafite aho bakura. Mu gihe nta cyari cyakorwa ngo ubwanditsi bw'urubyiruko buterwe ingabo mu bitugu, ngo abanditsi bandike bafite ikizere ko ibyo bandika bishobora kuzasohoka bikagera muri rubanda, hazaguma icyuho mu bwanditsi bw'urubyiruko.

Indi mbogamizi ubwanditsi buhura na yo ni ishingiye ku marushanwa ategurwa mu rwego rw'ubwanditsi. Nk'uko twabivuzeho, urubyiruko rugaragara cyane mu bwanditsi igihe cy'amarushanwa, bigaca intege rero igihe abategura amarushanwa bakigenera abatsindiye muri ayo marushanwa ibihembo by'intica ntikize. Kuva aya marushanwa yabaho mu Rwanda usanga ibihembo bigenerwa abatsinda mu marushanwa y'ubwanditsi bica intege abayitabira, rimwe na rimwe ibyo bihembo ntibibe byaba bimwe mu bituma urundi rubyiruko rugira ubushake bwo kuzitabira mu bindi bihe. Kuba amarushanwa ategurwa ni byiza, no kuba yitabirwa na byo ni byiza, ariko nihongerwa agahimbazabahanzi n'abanditsi, abarushanwa, baziyongera ndetse n'ubwiza bw'ibihangano bburushirize.

Indi mbogamizi ishingiye ahanini ku myumvire y'urubyiruko kuko biturutse mu muco rukuriramo wo kudatozwa gusoma bakiri bato no kwandika, bakura ubwanditsi butari mu bibashishikaza. Kuba rero urubyiruko rudakunda kwandika no gusoma bigahurirana no kuba mu bwanditsi nyirizina bwo mu Rwanda nta mafaranga arimo agaragara, na byo bidindiza umurego w'ubwanditsi mu rubyiruko. Ahandi bizwi neza ko ubwanditsi butunga nyirabwo, mu gihe mu Rwanda bigoye kubona uwo bwakijije. Gusa hari bake bufasha gusunika iminsi. Ibi rero ugasanga bidahura n'imyumvire ya rwa rubyiruko ishaka ibizana amafaranga byihuse.

Indi mbogamizi ikomeye ubwanditsi buhura na yo mu rubyiruko rwo mu Rwanda ni uko usanga hari ikibazo cyugarije isi aho ikoranabuhanga riri gukoreshwa nabi mu rubyiruko. Urubyiruko rwa none ruri kurangazwa cyane n'ikoranabuhanga, aho abenshi terefoni, Ipad, mudasobwa byabaye inshuti koya z'urubyiruko. Ibi bikoresho by'ikoranabuhanga ubundi byakabaye bifasha urubyiruko gutera imbere mu by'ubwenge ariko usanga abenshi bibaganisha cyane mu mikino n'imyidagaduro, hakwiyongeraho ikibazo cya benshi cyo kwibera muri firime z'urukozasoni n'ibindi bitababafasha kuzamuka bigaragazwa na murandasi. Umwana wakuriye muri iri terambere rero biragoye kumwumvisha iby'ubwanditsi noneho bushingiye ku Kinyarwanda. Gusa birashoboka ko iryo terambere mu ikoranabuhanga risobanuwe neza ari ryo ryafasha urubyiruko kumva no kugaragara mu bwanditsi.

Ikindi kibazo gikomereye ubwanditsi, ni uko ababasha gukomera bagashikama, bakajya mu bwanditsi, bahura n'ikibazo cyo kubura amazu yakira kandi agatunganya ibitabo. Ahandi aya mazu agira uruhare rukomeye mu iterambere ry'ubwanditsi, agafasha abanditsi kwandika no kumenyekanisha ibihangano byabo. Ntibitangaje rero ko abanditsi benshi mu Rwanda bakomwa mu nkokora n'iki kibazo.

Indi mbogamizi ubwanditsi buhura na yo ni politiki y'imikoreshereze y'indimi mu mashuri aho usanga abana batagenerwa igihe gikwiye cyo kugaragaza ubushobozi buturuka mu guhanga no guhimba, n'aho bakanyakanya usanga ari ubushake bw'ubuyobozi bw'ibigo bitewe n'uko bukunda guhanga. Birumvikana ko umwana utatojwe neza gusoma no kwandika akiri hasi ngo abikurane mu mashuri yisumbuye atabasha gupfa gukunda iby'ubwanditsi.

Hejuru y'ibi bibazo, hiyongeraho kutanoza mu buryo buhamye politiki y'ururimi rwigishwamo mu mashuri yacu, kuko uyu munsi hemezwa Ikinyarwanda, ubundi kikaba Icyongereza, ubutaha kikaba Igifaransa. Muri iki gihe hemejwe Icyongereza ariko na cyo bishoboka ko mu gihe kiza cyakongera kigahigamira urundi rurimi. Ubusanzwe byari bihagije ko indimi zigishwa kuva mu mashuri abanza, ariko kandi kugira ngo habashe gusigasirwa rwa rurimi ruhuje umuco w'Abanyarwanda, Ikinyarwanda cyagombye kuba gihabwa inda ya bukuru, kikaba ururimi rwigishwamo mu mashuri abanza, indimi zindi na zo zikigishwa nk'amasomo. Mu mashuri yisumbuye akaba ari ho abana bashobora kwigishwa mu rundi rurimi ariko n'izindi zikitabwaho nk'amasomo.

**Umwanzuro**

Iyi nyandiko yari igamije kwerekana uruhare rw'ubwanditsi ku gukungahaza Ikinyarwanda. Yagaragaje isano ritaziguye riri hagati y'iterambere ry'ururimi n'ubwanditsi muri rusange. Twagarutse ku bwiza umuco n'Ikinyarwanda byifitemo ubwanditsi bwashingiraho bumurikira urubyiruko kugira ngo rufatireho mu gusigasira Ikinyarwanda. Iyi nyandiko kandi yerekanye ko hagomba kugira igikorwa ku rubyiruko kugira ngo Ikinyarwanda, binyuze mu nzira y'ubwanditsi bw'urubyiruko, gitere imbere mu ruhando rw'indimi zemewe mu gihugu.

Hagaragajwe kandi imbogamizi ubwanditsi bwo mu Rwanda buhura na zo by'umwihariko ubwanditsi bw'urubyiruko, ku buryo twizeye ko gutekereza kuri izo mbogamizi byazaba impamvu yo kuzishakira umuti wafasha gukomeza gusigasira Ikinyarwanda binyuze mu bwanditsi bw'urubyiruko; ibyo ubwabyo bikagaragaza ko byafasha Ikinyarwanda kudatsikira ngo kizimire mu rubyiruko rwo shingiro n'iremezo by'u Rwanda rw'ejo hazaza. Ubwanditsi mu Rwanda ni nk'agati kashibutse kakaza guhura n'ikibazo cyo kubura ifumbire n'amazi, aho kari kabikeneye ngo kabashe kwigira hejuru; bityo kwizera ko ako gati kazarenga ikigero kazahariyemo hatabanje kugafasha kongera gutoha byaba nk'ushaka gukama ikimasa. Bikanaba byagorana rero mu gihe ubwanditsi butarakangurwa ngo urubyiruko rubanze rubwisangemo ko hari umusanzu ufatika bwatanga wo gukungahaza Ikinyarwanda. Ubwanditsi buteye imbere bwafasha Ikinyarwanda gukungahara, ntibwaboneka mu gihe umuco wo gusoma no kwandika no guhanga utarahabwa umurongo uhamye mu burezi bw'u Rwanda.

Twasoza twifuza ko ubushake Leta y'u Rwanda idahwema kugaragaza ku isigasirwa ry'Ikinyarwanda, mu guha umwanya ukwiye Ikinyarwanda mu buzima bw'Abanyarwanda, byakunganirwa n'abafite uruhare mu guteza imbere Ikinyarwanda uhereye kuri minisiteri zifite aho zihuriye n'imikoreshereze y'Ikinyarwanda, Inteko y'Umuco, ibigo byunganira minisiteri mu guteza imbere uburezi by'umwihariko ibifite aho bihuriye n'ikoreshwa ry'Ikinyarwanda mu mashuri, maze iterambere ry'Ikinyarwanda mu rubyiruko rikigirwa hamwe ndetse hakanagenwa politiki ngenderwaho y'imikoreshereze y'indimi mu mashuri, no mu bitangazamakuru. Twashishikariza amashuri kwita ku muco wo gusoma no kwandika ndetse no gukurikirana abana ku mashuri bashishikarizwa cyane gukoresha Ikinyarwanda; aho kera

bambikaga abana ingufuri cyangwa umunyururu nk'igihano cyo kutavuga ururimi rw'amahanga bigasimbuzwa kwita ku Kinyarwanda.

Umuco wo guhanga binyuze mu bushake bw'abanyeshuri wagombye kongerwamo ikibatsi; amakarabu (Clubs) agahabwa umwanya aho atari, aho ari agaterwa ingabo mu bitugu n'ubuyobozi bw'ibigo. Amarushanwa yo guhanga akongera akagaruka mu bigo, kandi abayatsinda bakajya bahabwa agashimishamuhanzi. Ibihangano byahanzwe kandi bikaba imfashanyigisho ku bandi, aho bishoboka bikaba byamurikirwa abandi banyeshuri. Birakwiye ko ababyeyi bagaruka ku ndangagaciro zo gusigasira no guteza imbere Ikinyarwanda biturutse mu muryango, abana bagashishikarizwa gukoresha Ikinyarwanda mu ngo aho bataha ari na ko babatoza indangagaciro z'Ikinyarwanda.

**INDANGASOKO**

BIGIRUMWAMI, A. (1984). *Imihango n'imigenzo n'imiziririzo mu Rwanda*. Nyundo

KAMANZI, T., (2007). *Uruhare rw'Ururimi n'amateka mu ruhererekane rw'umuco* in *Uruhare rw'umuco mu kubaka Umuryango nyarwanda*, Butare: Editions de l'Université Nationale du Rwanda. pp.12-17

NKEJABAHIZI, J.C. (2013). *Ubuvanganzo nyarwanda*: *Inkuru ndende n'ikinamico*. Butare: Editions de l'Université Nationale du Rwanda

NKUSI, L. (2007). *Uruhare rw'Inzego za Leta mu guteza imbere umuco*" in Uruhare rw'umuco mu kubaka umuryango nyarwanda. Butare: Editions de l'Université Nationale du Rwanda. pp. 86-96

NYANDWI, K. (2005). *Amarushanwa y'ubwanditsi mu Rwanda: Amateka, imiterere n'uruhare rwayo mu guteza imbere ubuvanganzo nyarwanda*. Umurimo umurikiwe guharanira Impamyabumenyi ihanitse mu Ndimi n'Ubuvanganzo Nyafurika. Butare: UNR

MBONIMANA, G & NKEJABAHIZI, J.C. (2011). *Amateka y'ubuvanganzo nyarwanda: Kuva mu kinyejana cya XVII kugeza magingo aya*. Butare: Editions de l'Université Nationale du Rwanda

SEKAMANA, A. (2003). *La littérature rwandaise enfantine: Son rôle dans l'éducation juvénile.* Mémoire de Licence. Butare: UNR.

INTEKO Y'UMUCO
Huye, SH1 RD2
Agasanduku k'Iposita: 6397 Kigali
Inteko y'Umuco: